


INYANDIKO Z'IBANZE



IBIRIMO

INYANDIKO Z'IBANZE	1
IBIRIMO	2
IRIBURIRO.....	6
IRIBURIRO KU NGERI YA MBERE Y'“IMIBEREHO N'IBITEKEREZO”	8
IJAMBO RY'IBANZE RIGARAGAZA AMATEKA.....	9
Gukangukira gutegereza mu buryo bukomeye	10
Kwegereza kw'ibihe by'ubuhanuzi	10
Kudasohora kw'ibyari byitezwe n'igihe cyakurikiyeho	14
Elina Harumoni ahabwa iyerekwa	15
Amatsinda abiri y'Abadiventisiti	15
Umuseke urasira ku buturo	16
Ukuri kwahamijwe n'iyerekwa	17
Isabato itangira kubahirizwa	17
Ihishurwa ry'ubusobanuro bw'Isabato	18
Ibiganiro by'ingenzi ku nsanganyamatsiko y'Isabato	19
Abakurambere b'itorero batangira kwandika	20
Itangira ry'Urwibutso n'Integuza	21
Umurimo wo kwandika ukura	21
Urugi rukinzwe n'urugi rukinguye	22
Haboneka inzira ebyiri kubera urujijo	23
Hasabwa gushyiraho itorero	24
Iyerekwa ry'Intambara Ikomeye	25
IBITEKEREZO BYA ELLEN G. WHITE N'IBYO YANYUZEMO MU MIBEREHO YA GIKRISTO	26
IBYO ELLEN WHITE YANYUZEMO N'IBITEKEREZO BYE	26
IYEREKWA RYANJYE RYA MBERE 29	28
Amasomo Ellen G. White Yavuze Ko Yaherewe Mu Iyerekwa	34

AMAYEREKWA YAKURIKIYEHO	40
Gushyirwaho ikimenyetso	42
Urukundo Imana ikunda ubwoko bwayo	43
Kunyeganyega kw'imbaraga zo mu ijuru	45
Urugi rukinguye n'urukinze	45
Kugeragezwa k'ukwizera kwacu	47
Ku mukumbi muto	49
Ibyago by'imperuka n'urubanza	51
Iherezo ry'imyaka 2300	52
Inshingano yacu mu gihe dutegereje igihe cy'akaga	53
Gutwarwa intekerezo mu buryo bw'amayobera	55
Abatwaye ubutumwa	56
Ikimenyetso cy'inyamaswa	58
Impumyi zirandase izindi	60
Kwitegura imperuka	61
Isengesho no kwizera	63
Igihe cyo guteranyirizwa hamwe	64
Inzosi za madamu Ellen G. White	67
Inzosi za Wiliyamu Mileri	69
INYONGERA Ubusobanuro	70
Gahunda mu ivugabutumwa bwiza	78
Ingorane z'itorero 53	82
Ibyiringiro by'itorero 54	84
Kwitegura kugaruka kwa Yesu Kristo	86
Ubudahemuka mu materaniro y'ubusabane	88
Ku badafite uburambe	91
Kwizinukwa	93
Kutubaha	93
Abashumba gito	93
Impano Imana yahaye umuntu	95

IJAMBO RY'IBANZE 61	96
IMPANO ZA MWUKA	104
Gucumura kwa Satani	104
Gucumura k'umuntu	105
Inama y'agakiza	106
Kuza kwa Kristo kwa mbere	109
Umurimo wa Kristo	112
Ukurabagirana kwa Yesu	114
Kristo agambanirwa	116
Kristo acirwa urubanza	118
Kubambwa kwa Kristo	122
Kuzuka kwa Kristo	126
Kristo ajya mu ijuru	131
Abigishwa ba Kristo	132
Urupfu rwa Sitefano	135
Ihinduka rya Sawuli	136
Abayuda biyemeza kwica Pawulo	137
Pawulo asura i Yerusalemu 67	140
Ubuhakanyi bukomeye	142
Amayobera y'ubugome	144
Urupfu si ukubaho by'iteka ryose mu mubabaro ukomeye	147
Ivugurura	149
Itorerero ryunga ubumwe n'isi	152
Wiliyamu Mileri 68	153
Ubutumwa bwa marayika wa mbere 69	155
Ubutumwa bwa marayika wa kabiri	159
Itsinda ry'abategereje ryerekanwa	160
Ukundi kwerekanwa	163
Ubuturo bwera	166

Ubutumwa bwa marayika wa gatatu	168
Urufatiro rutajegajega	171
Kwizera imyuka y’abapfuye.....	173
Gukunda no kurarikira ubutunzi	176
Ishungura	178
Ibyaha bya Babuloni.....	180
Ijwi rirenga	182
Ubutumwa bwa marayika wa gatatu busozwa	184
Igihe cy’akaga	186
Gutabarwa kw’abera.....	187
Isi ihinduka umusaka	190
Umuzuko wa kabiri	191
Urupfu rwa kabiri.....	192

IRIBURIRO

Ni gake cyane muri ibi bihe bihindagurika kubona hariho igitabo kibayeho ibinyejana byinshi gikunzwe kandi kiri mu bitabo bikunze gusomwa muri iki gihe bivuga ibintu bigezweho. Nyamara uko niko bimeze ku Nyandiko z'Ibanze zanditswe na Ellen G. White zifuzwa cyane. Uko imyaka yagiye ihita, hagiye hasohoka ingeri nyinshi z'iki gitabo mu rurimi rw'Icyongereza. Iki gitabo usoma ubu cyasobanuwe mu Kinyarwanda nyamara yari ingeri ya gatanu yacyo mu Cyongereza. [IZ 8.1](#)

Iki gitabo gito cyamamaye cyahawe izina mu buryo bukwiriye kuko ari ingeri yakomotse ku bitabo bitatu bya mbere bya Ellen G. White ari byo [1](#): “Imibereho ya Gikristo n'ibitekerezo bya Madamu Ellen G. White” cyasohotse mu 1851; “Inyongera ku mibereho n'ibitekerezo bya Ellen G. White” cyasohotse mu 1854; “n'Impano za Mwuka”, umuzingo wa 1 cyashyizwe ahagaragara mu 1858.” [IZ 8.2](#)

Kwamamara cyane kw'“Inyandiko z'Ibanze” bishobora kuba bituruka ku cyifuzo kidahwema cyo gutunga no kwiga ubutumwa bumenyeshya kandi butera umwete bwageze mu itorero mbere binyuze mu mpano y'ubuhanuzi. [IZ 8.3](#)

Ingeri ya kabiri y'iki gitabo mu rurimi rw'Icyongereza yasohotse mu mwaka wa 1882, iza iri mu dutabo tubiri duto cyane. Aka mbere kitwaga “Imibereho n'ibitekerezo n'Inyongera” naho aka kabiri ko kitwaga “Impano za Mwuka.” [2](#) Ku byerekeye ibintu bike byongewe kuri izo nyandiko z'umwimerere zabanje ndetse na bike cyane mu myandikire byahinduwe muri icyo gihe, ubwanditsi bwabigaragaje mu gice cy'iriburiro muri aya magambo: “Indangamirongo zigaragaza amatariki n'ubusobanuro, ndetse n'umugereka urimo inzosi zishimishije z'uburyo bubiri zavuzweho nyamara ntizandukurwe mu gitabo cy'umwimerere, bizongera agaciro k'iyi ngeri. Uretse ibyo byonyine, iyi ngeri ntacyo yahinduwe ugereranyije n'igitabo cy'umwimerere, uretse ahantu hamwe na hamwe hagiye hakorehwa ijamba rishya, cyangwa guhindura uko interuro zubatswe kugira ngo igitekerezo cyumvikane neza, nta gace na gato k'igitabo cy'umwimerere kigeze gakurwaho. Nta no kugerageza na gato guhindura igitekerezo cyangwa amarangamutima byo mu nyandiko y'umwimerere, kandi n'imvugo yahindutse umwanditsi Ellen G. White abanje kubisuzuma kandi abyemera nta ngingimira.” [IZ 8.4](#)

Ibyo bitabo bibiri byari bibangikanye byongeye gusohorwa mu mwaka wa 1882 byafatanyirijwe mu muzingiro umwe bifite umutwe uvuga ngo: “Inyandiko z'Ibanze. [3](#)”

Mu mwaka wa 1906, imiterere y'icyo gitabo yaranogejwe maze kiba ingeri ya gatatu (mu Cyongereza) yakwirakwijwe cyane, kandi igakundwa bikomeye. Uko ubutumwa buri ku mpapuro muri iyi ngeri nibyo byabaye icyitegererezo ku nyandiko zose za Ellen G. White ndetse n'imigereka yose yakurikiyeho. [IZ 9.1](#)

Ingeri ya kane (mu Cyongereza) y'Inyandiko z'Ibanze [4](#) yashyizwe ahagaragara mu 1945. Imyaka mirongo ine icyo gitabo cyamaze gisohoka mu icapiro yatumye biba ngombwa ko amagambo yacyo ashirwa ku bikoresho by'icapiro bishya. Ubwo hongeraga kubaho gusubiramo iyo ngeri, buri paji yose yagiye isubirwamo hakurikijwe ingeri yayibanjirije. Imyandikire n'utwatuzo bigezweho byagiye bikoreshwa, kandi iriburiro rishya ryavugaga amateka y'icyo gitabo mu magambo make naryo rishyirwamo. [IZ 9.2](#)

Iyi ngeri ya gatanu y'Icyongereza dusobanuye mu Kinyarwanda ikubiyemo n'umusogongerero ku mateka wongeweho kugira ngo utume umusomyi amenya ibihe n'ibyabaye bijyana n'iyandikwa ry'ibice binyuranye by'iki gitabo. Hari n'ubusobanuro buto bwinshi bwatanzwe kugira ngo hasobanurwe imvugo n'ibyariho bitumvikana neza muri iki gihe nk'uko byari biri igihe iki gitabo cyandikwaga. Ibyo Ellen G. White yanditse ntibyigeze bihinduka haba no mu myandikire y'ingeri ya kane y'Icyongereza yabanjirije iyi ya gatanu dusobanuye mu Kinyarwanda. Kubw'ibyo rero, iki gitabo cyasobanuwe gihuje n'umugereka usobanutse neza w'inyandiko za Ellen G. White. [IZ 9.3](#)

Mu gice kivuga iby'Imibereho n'Ibitekerezo, havugwa amagambo y'ibanze ku mibereho yihariye ya Ellen G. White, hakerekana muri make imibereho ye mu bihe by'Itsinda ryari ritegereje kugaruka kwa Yesu ryariho mu myaka ya 1840-1844. Nyuma y'ibyo, hakurikiraho amayerekwa ya mbere Ellen G. White yagize, amenshi muri yo akaba yarasohowe yanditswe ku mpapuro cyangwa mu tunyamakuru. [IZ 9.4](#)

Igice cy'Inyongera gisobanura imvugo zimwe na zimwe zakoreshejwe mu nyandiko z'Ibanze zitumvikanye neza cyangwa zitari zakoreshejwe uko bikwiye, kandi zigatanga inama z'inyongera zigenewe itorero. Ishyirwa ahagaragara kw'izi nyandiko z'Inyongera kwabanjirije ho umwaka umwe iyandikwa ry'agatabo gato kari gafite umutwe uvuga ngo "Ibihamba by'Itorero." [IZ 9.5](#)

Kuba "Impano za Mwuka", umuzingo wa 1, ari cyo gitabo cya mbere cyasohotse cyavugaga iby'intambara y'igihe kirekire iri hagati ya Kristo n'abamarayika be na Satani n'abamarayika be, bituma iki gitabo gikundwa kubera uko gisobanura neza, ibigikubiyemo ndetse n'uko bikora ku mutima w'ubisomye kubera ingingo zikomeye zirimo. Mu myaka yakurikiyeho, iki gitekerezo gihinnye cy'intambara hagati ya Kristo na Satani cyasobanuwe neza mu mizingo ine y'Umwuka w'ubuhanuzi [5](#) yashyizwe ahagaragara mu myaka ya 1870-1884. [IZ 9.6](#)

Nyuma yo gukwirakwizwa ahantu henshi, icyo gitabo kigizwe n'imizingo ine cyasimbujwe ikindi cyamenyekanye cyane kandi kigasomwa na benshi cyiswe

Intambara y'ibihe byose, cyerekana mu buryo burambuye imiterere y'iyi ntambara nk'uko Madamu Ellen G. White yayeretswe mu mahishurirwa menshi. Nubwo ibyo bitabo byuzuye (ari byo Abakurambere n'Abahanuzi, Abahanuzi n'Abami, Uwifuzwa Ibihe Byose, Ibyakozwe n'Intumwa, n'Intambara Ikomeye) bigaragaza igitekerezo cy'iyi ntambara mu buryo bwuzuye, inyandiko fatizo y'icyo gitekerezo nk'uko igaragazwa muri iki gitabo mu buryo bw'incamake, bwahuranyije kandi bworoheje, ndetse ikomatanye n'Imibereho n'Ibitekerezo, izahora iteka ikenewe cyane. [IZ 10.1](#)

ABASHINZWE KURINDA INYANDIKO ZA ELLEN G. WHITE
SILVER SPRING, MARYLAND
Werurwe 2000

IRIBURIRO KU NGERI YA MBERE Y'"IMIBEREHO N'IBITEKEREZO"

Tuzi neza ko abantu benshi bashaka ukuri bakiranuka kandi bagashaka ubutungane buvugwa na Bibiliya bavugwaho nabi ko berekwa. Hari impamvu ebyiri zikomeye zateye uko gufatwa uko batari. Iya mbere ni uko ubwaka, bujyanirana n'amayerekwa n'ibikorwa by'ibinyoma, bwagiye bukunda kuboneka kenshi hafi y'ahantu hose. Ibi byateye abantu benshi bataryarya gutangira gushidikanya ikintu cyose giteye gityo. Impamvu ya kabiri ni ukwigaragaza kw'abavuga ko bafatwa n'umwuka, ndetse n'ibikunze kwitwa "gutwarwa mu buryo bw'indengakamere," ibyo byose byateguwe neza ngo biyobye benshi, kandi bitume habaho kutizera ibijyanye n'impano n'imikorere ya Mwuka w'Imana. [IZ 10.2](#)

Nyamara Imana ntihinduka. Ibyo yakoze ibinyujije muri Mose ubwo yari imbere ya Farawo byari bitunganye nubwo Yani na Yambure babashishijwe n'imbaraga ya Satani gukora ibitangaza byasaga n'ibyo Mose yakoze. Na none kandi ibyo byiganano byongeye kugaragara mu gihe cy'intumwa, nyamara impano za Mwuka zagaragariye mu bayoboke ba Kristo. Nta nubwo ari umugambi w'Imana wo kureka ubwoko bwayo muri iki gihe cyuzuyemo ubushukanyi ngo bubeho budafite impano za Mwuka no kwigaragaza kwe. [IZ 11.1](#)

Umugambi w'icyiganano ni uwo kwigana ukuri kuriho. Kubw'ibyo rero, ukwigaragaza k'umwuka w'ikinyoma muri iki gihe ni igihamba cy'uko Imana yiyereka abana bayo kubw'imbaraga za Mwuka Muziranenge, kandi ko igiye gusohoza ijambo ryayo mu ikuzo rihebuje. [IZ 11.2](#)

'Kandi Imana iravuze iti: "Uku ni ko bizaba mu minsi y'imperuka, nzasuka Mwuka wanjye ku bantu bose, kandi abahungu n'abakobwa banyu bazahanura, n'abasore banyu bazerekwa, n'abakambwe babarimo bazarota." Ibyakozwe n'Intumwa 2:17 (Reba Yoweli 2:28). [IZ 11.3](#)

Ku byerekeye abavuga ko babonekerwa cyangwa bajya mu mwuka, twakomeje kubibona nk'ibiteje akaga, bityo rero tukaba ntacyo twabikoraho. Ntitwigeze tubona umuntu uri mu ibonekerwa ngo tugire icyo tumenya kuri ibyo gifatika. [IZ 11.4](#)

Dushyize ahagaragara aka gatabo gato twiringiye ko kazakomeza intore z’Imana. [IZ 11.5](#)

James White.
SARATOGA SPRINGS, NEW YORK,
Kanama, 1851.

IJAMBO RY’IBANZE RIGARAGAZA AMATEKA

Ku Badiventisiti b’Umunsi wa Karindwi Inyandiko z’Ibanze ni igitabo gishimisha cyane kandi mu buryo budasanzwe, kuko gikubiyemo ibitabo bya mbere Ellen G. White yanditse. Ibyo bitabo byanditswe kandi bishyirwa ahagaragara bwa mbere mu myaka ya 1850 kugira ngo bikomeze kandi byigishe abantu bafatanyije n’umwanditsi kunyura mu byabaye ku Badiventisiti bubahirizaga Isabato guhera itangira ry’umwaka wa 1840 no mu ntangiriro z’umwaka wa 1850. Mu gukora atyo, umwanditsi yari azi ko umusomyi asanzwe azi amateka y’Ikanguka ryo gutegereza ndetse n’iterambere ry’itsinda ry’Abadiventisiti b’Umunsi wa Karindwi ryigaragaje mu mwaka wa 1844. Kubw’ibyo rero ibyabayeho uko byumvikanaga neza muri icyo gihe bigenda bivugwaho hamwe na hamwe, kandi kugira ngo byumvikane neza, hari imvugo zikoreshwa zigomba gutekerezwaho mu rwego rw’amateka y’Abadiventisiti bubahirizaga Isabato muri iyo myaka yabanje. [IZ 12.1](#)

Mu 1858, ubwo handikwaga ibyo kwamamaza ubutumwa bw’Abamarayika batatu buboneka mu Byahishuwe 14, Ellen White yerekanye ibyo abagize uruhare muri uwo murimo bahuye nabyo kandi akabivanamo ibyigisho, aho gutanga incamake y’imiterere y’ubwo butumwa nk’uko bamwe bashoboraga kubyitega. Hari aho kandi akoresha kenshi amagambo atamenyerewe ubu “nk’Abadiventisiti ku izina,” “urugi rukinzwe,” “urugi rukinguwe,” n’ayandi. [IZ 12.2](#)

Muri iki gihe hashize imyaka isaga ijana idutandukanya n’ibyo bihe byaranzwemo ubutwari. Umusomyi agomba kuzirikana ibi neza. Ubu tugiye gusubiramo amateka yari azwi neza n’abo mu gihe cya Ellen White, tuvuge ku ngingo z’ingenzi cyane zerekana imibereho y’Abadiventisiti bubahirizaga Isabato mu gihe cy’imyaka cumi cyangwa makumyabiri yabanjirije ishyirwa ahagaragara rya mbere ry’inyandiko ubona aha. [IZ 12.3](#)

Mu bika bibanza, Ellen G. White avuga mu ncamake ku guhinduka kwe n’imibereho ye ya Gikristo ya mbere. Anavuga kandi uko yumvise ibyigisho ku ihame rya Bibiliya rivuga kugaruka kwa Kristo ubwe kwari kwitezwe, uko abantu batekerezagako kwegereje cyane. Ikanguka rikomeye riganisha ku kugaruka kwa Yesu ryavuzweho mu ncamake aha, ryari inyigisho ikwiriye hose ku isi. Ku ruhande rwa benshi, iryo kanguka ryatangiyeye ari umusaruro wo kwigana ubushishozi ibyanditswe ku buhanuzi, ndetse no kwemera inkuru nziza yo kugaruka kwa Yesu byabaye ku mubare munini w’abantu batuye ku isi. [IZ 12.4](#)

Gukangukira gutegereza mu buryo bukomeye


Nyamara muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika niho ubutumwa bwo gutegereza kugaruka kwa Yesu bwamamajwe cyane kandi bwakirwa na benshi. Ubwo ubuhanuzi bwa Bibiliya bwerekeye kugaruka kwa Yesu bwakirwaga n’abagabo n’abagore bo mu matorero afite imyizerere inyuranye, umusaruro wavuyemo wabaye umubare munini w’abizera b’Abadiventisiti. Nyamara abantu bakwiriye kuzirikana ko nta torero ryashinzwe icyo gihe. Ibyiringiro by’abari bategereje kugaruka kwa Yesu byatumye habaho ububyutse bwimbitse mu by’idini bwagiriye umumaro amatorero yose y’Abaporotesitanti kandi butuma abahinyura n’abatizera bose baturira ku mugaragaro ko bizera Bibiliya kandi ko bizera Imana. [IZ 13.1](#)

Igihe iryo tsinda ryari riri hafi kugera ku rwego rwo hejuru mu myaka ya 1840, ababwiriza amagana menshi baje kwinjira mu murimo wo kwamamaza ubwo butumwa. Wiliyamu Mileri (William Miller) niwe wari ku ruhembe rw’imbere, akaba yari atuye mu nkengeri z’Iburasirazuba bw’Umujyi wa New York. Yari umugabo wubashywe aho yari atuye kandi akaba yarakoraga umwuga w’ubuhinzi. Aho kuba yari yaranzwe n’iby’idini mu buryo bukomeye, mu busore bwe yari umuntu uhinyura. Yari yaranze kwizera Ijambo ry’Imana maze yemera ibitekerezo by’uko Imana ititaye ku isi yaremye. Umunsi umwe ubwo hari mu gitondo cyo ku wa mbere w’Isabato ari gusoma ikibwirizwa mu itoreri ry’Ababatisita, Mwuka Muziranenge yakoze ku mutima wa Miller bituma yemera Yesu Kristo nk’Umukiza we. Miller yahereye ubwo atangira kwiga Ijambo ry’Imana, kandi agambirira gushakira muri Bibiliya igisubizo kibasha kumunyura ku bibazo byose yari afite ndetse no kwiyigisha ukuri kwanditswe muri yo. [IZ 13.2](#)

Yamaze imyaka ibiri yihatira gusoma Ibyanditswe umurongo ku wundi. Yiyemeje ko atagomba gusoma umurongo ukurikiyeho atabanje gusobanukirwa bihagije n’uwo yabaga ari kwiga. Imbere ye yabaga ahafite gusa Bibiliya n’igitabo cy’amashakiro. Muri icyo gihe ubwo yigaga yageze ku buhanuzi buvuga ibyo kugaruka kwa Kristo yiyiziye ubwe imbona nkubone. Yakiranye kandi n’inyigisho zivuga ubuhanuzi bw’ibihe bikomeye, ariko by’umwihariko ubuhanuzi bw’iminsi 2300 yo muri Daniyeli igice cya 8 n’icya 9, aribwo yaje guhuza n’ubuhanuzi bwo mu gitabo cy’Ibyahishuwe 14 n’ubutumwa bwa marayika buvuga iby’igihe cy’Imana cyo guca urubanza (Ibyahishuwe 14:6,7). Ku rupapuro rumwe rw’iki gitabo, Ellen G. White avuga ko “Imana yohereje marayika wayo ngo agenderere umutima” wa William Miller, “ngo amuyobore mu gucukumbura ubuhanuzi.” [IZ 13.3](#)

Akiri umukobwa muto, Ellen White yumvise Miller incuro ebyiri ubwo yigishirizaga mu mujyi wa Maine ho muri Porutilandi (Portland). Ellen White yumvise akozwe ku mutima cyane. Muri iki gitabo Ellen White azatugaragariza ubuhanuzi nk’uko William Miller yabwigishaga abamwumvaga. Kubw’ibyo rero, reka tugaruke ku gitabo giheruka Ellen G. White yanditse ari cyo, Intambara ikomeye.

Kwegereza kw’ibihe by’ubuhanuzi

“Ubuhanuzi kwasaga n’ubuhishura byimazeyo igihe cyo kugaruka kwa Kristo, bwari ubwo muri Daniyeli 8:14 bugira buti: ‘Bizageza iminsi ibihumbi bibiri na magana atatu uko bukeye bukira, nyuma ubuturo bwera buzabone kwezwa.’ Wiliyamu Mileri agendeye ku ihame yakurikizaga rivuga ko lbyanditswe byisobanura ubwabyo, yasanze ko mu buryo bwa gihanuzi, umunsi ugereranya umwaka (Kubara 14:34; Ezekiyeli 4:6); yabonye ko igihe cy’iminsi 2300 ya gihanuzi, cyangwa imyaka isanzwe 2300 cyagombaga kuzatinda kikarenza iherezo ry’igihe Abayuda bari barahawe ngo bihane kandi bagaragarize Imana andi mahanga. Bityo iyo minsi ikaba ntaho yari ihuriye n’ubuturo bwo muri icyo gihe. Mileri yemeye igitekerezo cyari cyarakiriwe muri rusange cyavugaga ko mu gihe cya Gikristo isi ari yo buturo, maze kubw’ibyo yumva ko ukwezwa k’ubuturo kwavuzwe muri Daniyeli 8:14 kwerekezaga ku kwezwa kw’isi yejeshwa umuriro igihe Kristo azaba agarutse. Niba rero barashoboraga kubona igihe nyakuri baheragaho babara iminsi 2300, byatumye Mileri afata umwanzuro ko igihe cyo kugaruka kwa Kristo gishobora guhamywa nta shiti. Bityo, hashoboraga guhishurwa igihe cy’iryo herezo, ubwo ibiriho byose, “kwishyira hejuru n’ubushobozi, ubutware n’ubwibone, ubugome n’ikandamiza byose bizarangira;’ igihe umuvumo uzakurwa ku isi, urupfu rugatsembyaho burundu, abagaragu b’Imana, abahanuzi n’abera ndetse n’abubaha izina ryayo bose bagahabwa ingororano; naho abarimbura isi bagatsembwa burundu.’  IZ 14.1

“Miller yakomeje kwiga ubuhanuzi afite ubwuzu n’umwete mwinshi, akamara iminsi n’amajoro yiga ibyo yavumburaga ko ari ingenzi kandi bikwiriye kwitabwaho. Ariko mu gice cya munani cy’igitabo cya Daniyeli ntiyashoboye kuhabona urufunguzo rumwereka itangiriro ry’iminsi 2 300; nubwo marayika Gaburiyeli yatumwe gusobanurira Daniyeli iby’izo nzoz, yamuhaye ubusobanuro butuzuye. Ubwo umuhanuzi yerekwaga itotezwa rikomeye ryagombaga kugwira itorero, yacitse intege. Ntiyashobora kwihangana igihe kirekire mu iyerekwa, maze marayika aba amuvuye hafi. Daniyeli “yacitse intege amara iminsi arwaye.” Yaravuze ati: “Natangajwe n’ibyo neretswe; nyamara nta muntu wabimenye.” IZ 14.2

Ariko Imana yari yabwiye intumwa yayo iti: “Sobanurira uwo muntu ibyo yeretswe.” Iryo tegeko ryagombaga kubahirizwa. Kubwo kumvira iryo tegeko, marayika yagarutse kuri Daniyeli nyuma y’igihe runaka maze aramubwira ati: “Ubu nzanywe no kungura ubwenge bwawe. . . Nuko iryo jambo uritekereze cyane, umenye n’ibyo weretswe.” (Daniyeli 8:27, 16; 9:22,23, 25-27). Mu iyerekwa ryo mu gice cya 8 harimo ingingo imwe itarasobanuwe, ari yo yerekeranye n’igihe cy’iminsi 2 300. Bityo, ubwo marayika yasubukuraga ubusobanuro yamuhaga, yatinze cyane ku ngingo y’igihe: IZ 14.3

“Ibyumweru mirongo irindwi bitegekewe ubwoko bwawe n’umurwa wera . . .Nuko ubimenye, ubyitegereze yuko uhereye igihe bazategekera kubaka i Yerusalemu bayisana kugeza kuri Mesiya Umutware, hazabaho ibyumweru birindwi; maze habeho ibindi byumweru mirongo itandatu na bibiri, bahubake basubizeho imiharuro n’impavu; ndetse bizakorwa mu bihe biruhije. Ibyo byumweru uko ari mirongo itandatu na bibiri nibishira, Mesiya azakurwaho, kandi ntacyo azaba asigaranye. . . Uwo mutware azasezerana na benshi isezerano rikomeye, rimare icyumweru kimwe. Nikigera hagati: azabuzanya ibitambo n’amaturu.” IZ 15.1

Umumarayika yoherejwe Daniyeli kubw'umugambi udasanzwe wo kumusobanurira icyo atari yasobanukiwe mu iyerekwa ryo mu gice cya munani, ari cyo: Ibyavuzwe byerekeranye n'igihe, "kigeza ku minsi 2 300 uko bukeye bukira, nyuma ubuturo bwera bukabona kwezwa." Marayika amaze kubwira Daniyeli ati: "Umva yewe mwana w'umuntu ibyo weretswe," amagambo ya mbere yavuze ni aya ngo: "Ibyumweru mirongo irindwi bitegekewe ubwoko bwawe n'umurwa wera." Ijambo ryasobanuwe aha ngaha ngo "byagenewe" cyangwa "bitegekewe" risobanura mu by'ukuri ngo, "byakuwe." Marayika avuga ko ibyumweru mirongo irindwi, bihwanye n'igihe cy'imyaka 490, bigomba gukurwaho, kubwo kugenerwa Abayuda by'umwihariko. Ariko se byagombaga gukurwa kuki? Kubera ko iminsi 2300 ari cyo gihe cyonyine kivugwa mu gice cya munani, kigomba kuba ari cyo gihe ibyumweru mirongo irindwi byakuweho. Bityo rero ibyumweru mirongo irindwi bigomba kuba ari umugabane umwe w'iminsi 2300, kandi ibyo bihe byombi bigomba gutangirira hamwe. Marayika yavuze ko ibyumweru mirongo irindwi byagombaga gutangirira igihe itegeko ryo gusana no kubaka Yerusalemu ryashyirweho. Iyo tariki niba ishobora kuboneka, bityo rero kumenya itangiriro ry'icyo gihe cy'iminsi 2 300 byarashobokaga. [IZ 15.2](#)

Iryo tegeko riboneka mu gice cya karindwi cy'igitabo cya Ezira. (Ezira 7:12-26). Ryatanzwe uko ryakabaye n'umwami Aritazerusi w'Ubuperesi mu mwaka wa 457 mbere ya Yesu-Kristo. Ariko muri Ezira 6:14 havuga ko inzu y'Uwiteka i Yerusalemu yubatswe "kubw'itegeko rya Kuro na Dariyo ndetse n'irya Aritazerusi umwami w'Ubuperesi." Abo bami batatu, mu gushyiraho, kwemeza no kunonosora iryo tegeko, bahuje n'ibyo ubuhanuzi bwari bwaravuze maze riba itangiriro ry'imyaka 2300. Iyo ufashe umwaka wa 457 mbere ya Yesu-Kristo, ari cyo gihe iryo tegeko ryanonosowe rigashyirwaga mu bikorwa nk'itariki yo gutanga iryo tegeko, usanga ko ikintu cyose cyavuzwe cyerekeranye n'ubuhanuzi bw'ibyumweru mirongo irindwi cyarasohoye. [IZ 15.3](#)

"Kuva igihe itegeko ryo gusana no kubaka Yerusalemu ryatangiwe kugeza kuri Mesiya Umutware hagombaga kuba ibyumweru birindwi n'ibyumweru mirongo itandatu na bibiri," ni ukuvuga ibyumweru mirongo itandatu n'icyenda cyangwa imyaka 483. Itegeko rya Aritazerusi ryashyizwe mu bikorwa mu gihe cy'umuhindo w'umwaka wa 457 mbere ya Yesu-Kristo. Uhereye kuri iyo tariki, igihe cy'imyaka 483 kirangira mu mwaka wa 27 nyuma ya Yesu-Kristo. Icyo gihe rero nibwo ubu buhanuzi bwashyirwe. Ijambo, "Mesiya" risobanura "Uwasizwe." Mu muhindo w'umwaka wa 27 mu gihe cya Kristo, niho Kristo yabatijwe na Yohana kandi asigwa na Mwuka Muziranenge. Intumwa Petero ahamya ko; "Imana yasize Yesu w'i Nazareti imuha Mwuka Muziranenge n'imbaraga." [7](#) Kandi n'Umukiza ubwe yarivugiyeye ati: "Umwuka w'Uwiteka ari muri jye, ni cyo cyatumye ansigira kugira ngo mbwirize abakene ubutumwa bwiza." [8](#) Amaze kubatizwa, Yesu yagiye i Galilaya, "avuga ubutumwa bwiza bw'Imana, ati: 'Igihe kirasohoye.'" [9](#) [IZ 16.1](#)

“Azasezerana na benshi isezerano rikomeye rimare icyumweru kimwe.” “Icyumweru” kivugwa ahangaha, ni cyo giheruka ibyumweru mirongo irindwi; ni ukuvuga imyaka irindwi iheruka igihe cyahawe Abayuda by’umwihariko. Muri iki gihe, uherye muri 27 kugeza muri 34 nyuma ya Yesu-Kristo, bwabaye ubwa mbere Kristo ubwe atanga irarika ry’ubutumwa bwiza yohereje Abayuda by’umwihariko kandi nyuma yaho akurikirwa n’abigishwa be. Ubwo abigishwa bagendaga bajyanye inkuru nziza y’ubwami, amabwiriza Umukiza yabahaye ni aya ngo: “Ntimuzajye mu bapagani cyangwa mu midugudu y’Abasamariya, ahubwo mujye mu ntama zazimiye z’umuryango wa Isirayeli.” **10** IZ 16.2

“Icyumweru nikigera hagati: azabuzanya ibitambo n’amaturu.” Mu mwaka wa 31, imyaka itatu n’igice nyuma y’umubatizo we, Umukiza wacu yarabambwe. Gahunda y’ibitambo yari imaze imyaka ibihumbi bine yerekeza kuri Ntama w’Imana yarangiranye n’igitambo gihebuje ibindi cyatangiye i Karuvali. Uwashushanywaga mu bigereranyo yari abonetse, bityo ibitambo byose n’amaturu byatangwaga muri gahunda y’imihango byagombaga guhagararira aho. IZ 16.3

“Nk’uko twabibonye, ibyumweru mirongo irindwi cyangwa imyaka 490, byahariwe ubwoko bw’Abayuda byarangiye mu mwaka wa 34 w’igihe turimo. Muri uwo mwaka, binyuze mu gikorwa cy’urukiko rukuru rw’Abayuda, ubwo bwoko bwahamije ko bwanze burundu ubutumwa bwiza bubinyujije mu kwicisha Sitefano amabuye no kurenganya abayoboke ba Kristo. Bityo, ubutumwa bw’agakiza ntibwaba bukigenewe ubwoko bwatoranyijwe gusa, ahubwo buhabwa abatuye isi yose. Abigishwa bahunze bakava muri Yerusalemu bitewe n’itotezwa “bagiye hirya no hino bagenda bamamaza ijambo ry’Imana.” “Filipo aramanuka ajya mu mudugudu w’i Samariya, ababwiriza ibya Kristo.” **11** Petero ayobowe n’Imana, yabwirije ubutumwa bwiza umusirikare utegeka abandi ijana w’i Kayisariya witwaga Koruneliyo kandi wubahaga Imana. Kandi na Pawulo wakoranaga umwete, nyuma akaza kwizera Kristo, yatumwe kujyana ubutumwa bwiza bw’agakiza “kure mu banyamahanga.” IZ 16.4

“Uko ni ko ikintu cyose cyavuzwe n’ubuhanuzi cyasohoye, kandi intangiriro y’ibyumweru mirongo irindwi igaragara ko yabayeho rwose mu mwaka 457 mbere ya Yesu-Kristo kandi ko byarangiye mu mwaka wa 34 nyuma ya Kristo. Iyo ibyo bishingiweho, nta ngorane zindi ziboneka mu kubona iherezo ry’iminsi 2300. Ibyumweru mirongo irindwi, cyangwa iminsi 490, byavanwe ku minsi 2300 bityo hasigara iminsi 1810. Nyuma y’iherezo ry’iminsi 490 hari hasigaye iminsi 1810 igomba nayo gusohora. Iyo ubaze imyaka 1810 uherye mu mwaka wa 34 nyuma ya Kristo, usanga irangira mu mwaka wa 1844. Kubw’ibyo rero, iminsi 2300 yo muri Daniyeli 8:14 irangira mu mwaka wa 1844. Dukurikije ibyavuzwe na marayika w’Imana, ku iherezo ry’iki gihe kirekire cy’ubuhanuzi “ubuturo bwera bwagombaga kwezwa.” Bityo rero igihe cyo kwezwa k’ubuturo bwera — cyemerwaga hafi na bese ko kizabaho Kristo agarutse — cyagaragajwe nta shiti. IZ 17.1

“Miller n’abo bari bafatanyije babanje kwizera ko iminsi 2300 izarangira mu itumba ryo mu mwaka wa 1844, mu gihe ubuhanuzi bushyira iherezo ry’icyo gihe mu muhindo

w'uwo mwaka. Ikosa ryakozwe kuri iyo ngingo ryateje gucika intege no guhangayika no kwiheba ku bari barashyize igihe cyo kugaruka kwa Kristo ku itariki ya mbere. Nyamara ibyo ntibyadohoye igitekerezo cyerekanaga ko iminsi 2300 yarangiye mu mwaka wa 1844, kandi ko igikorwa gikomeye cyagereranyijwe no kwezwa k'ubuturo bwera kigomba kubaho. [IZ 17.2](#)

“Miller yagiye kwiga lbyanditswe Byera nk'uko yari yarabikoze, afite umugambi wo kumenya ko byahishuwe n'Imana koko. Agitangira Miller ntiyari yiteze na gato kugera ku mwanzuro yagezeho. Nawe ubwe kwizera ibyo agezeho byaramugoye. Ariko igihamba cy'byanditswe byera cyarumvikanaga cyane kandi gifite imbaraga ku buryo kitakwiringagizwa. [IZ 17.3](#)

“Yari amaze imyaka ibiri yiga Bibiliya, ubwo mu mwaka wa 1818 yageraga ku mwanzuro ukomeye ko hafi mu myaka makumyabiri n'itanu, Kristo yagombaga kuza gucungura ubwoko bwe.” 12

Kudasohora kw'ibyari byitezwe n'igihe cyakurikiyeho

Abizera bari bategereje kugaruka kwa Kristo begerezaga umunsi bari biteze kugaruka kwe bafite ubwuzu bwinshi. Babonye ko itumba ryo mu mwaka wa 1844 ari cyo gihe ubuhanuzi bwa Daniyeli bwerekejeho. Nyamara aba bizera bari bamaramaje bagombaga kubabazwa cyane no kudasohora kw'ibyo bari biteze. Nk'uko intumwa zo mu gihe cya kera zananiwe gusobanukirwa imiterere y'ibyendaga kubaho bijyanye no gusohora k'ubuhanuzi bwerekeye kuza kwa mbere kwa Kristo, bigatuma zibabazwa no kubura ibyo zari ziteze, ni ko mu mwaka wa 1844 Abadiventisiti babuze ibyo bari biteze byerekeye ubuhanuzi bujyanye no kugaruka kwa Kristo bari biteze. Muri iki gitabo Ellen White yagize icyo avuga kuri iyi ngingo ati: [IZ 18.1](#)

“Yesu ntiyaje ku isi nk'uko itsinda ry'abari bamutegerezanyije ibyishimo ryari ribyiteze ko azeza ubuturo binyuze mu kwejeshya isi umuriro. Nabonye ko bari bafite ukuri mu byo gukurikirana kwegera kw'ibihe by'ubuhanuzi. Igihe cy'ubuhanuzi cyarangiye mu 1844, kandi ku iherezo ry'iyi minsi yahanuwe Yesu yinjiye ahera cyane kugira ngo yeze ubuturo bwera. Ukwibeshya kwabo kwabayeye mu kudasobanukira neza ubuturo bwagombaga kwezwa ubwo ari bwo ndetse n'uko bwari kwezwa.” [IZ 18.2](#)

Nyuma gato yo kubura kw'ibyari byitezwe ku ya 22 Ukwakira 1844, abizera n'ababwiriza benshi bari barayobotse ubutumwa bwo kugaruka kwa Kristo, bahereyeko baracogora. Bamwe muri bo bari barifatanyije n'iri tsinda ahanini babitewe n'ubwoba, ariko ubwo igihe bari biteze cyahitaga, ibyiringiro byabo byarayoyotse maze barigendera. Abandi bo batwawe n'ubwoba baba ba nyamujya iyo bigiye. Hafi kimwe cya kabiri cy'itsinda ry'Abadiventisiti ni bo bashikamye ku byiringiro byabo by'uko bidatinze Kristo azaboneka ku bicu byo mu ijuru. Bamaze kubona ko isi yose ibakobye kandi ibakwennye, batekereje ko babonye ibimenyetso byerekana ko igihe cy'imbabazi ku batuye isi cyarangiye. Aba bantu bizeraga nta gushidikanya ko kugaruka k'Umwami kubegereye cyane. Ariko bamaze kubona iminsi igenda ihita kandi Umwami ntaze,

batangiye kugira imyumvire itandukanye maze bacikamo ibice. Igice kimwe kigizwe n’umubare munini cyasigaye cyizera ko ubuhanuzi butigeze busohora mu mwaka wa 1844, ko ahubwo hashobora kuba harabayeho kwibeshya mu kugenzura ibihe by’ubuhanuzi. Batangiye guhanga amaso yabo kuri amwe mu matariki runaka yari imbere yabo bibwira ko ari ho Umwami azagarukira. Hari irindi tsinda rito ry’abantu (ari ryo ryabaye abakurambere b’Itorero ry’Abadiventisiti b’umunsi wa karindwi), bari bazi neza ibihamya by’umurimo wa Mwuka w’Imana muri icyo gikorwa gihebuje cyo Gukanguka kw’abategereje kugaruka k’Umwami, bizeraga ko guhakana ko iryo kanguka ryabayeho kubera umurimo w’Imana byaba ari uguhinyura Mwuka utanga ubuntu. Bumvaga badashobora gukora ibyo.

Elina Harumoni ahabwa iyerekwa

Ibyabaye kuri iri tsinda ry’abizera n’umurimo ryagombaga gukora, basanze byaravuzwe mu mirongo iheruka y’igitabo cy’Ibyahishuwe igice cya cumi. Hagombaga kubaho ububuyutse mu gutegereza kugaruka k’Umwami Yesu. Imana ni yo yari yarabayoboye kandi yari ikibayoboye. Muri bo hari umukobwa muto witwaga Elina Harumoni maze hashize amezi abiri gusa habayeho kubura icyari cyitezwe, mu Kuboza 1844, Imana ihishurira Elina Harumoni iby’ubuhanuzi. Muri iryo yerekwa yagize, Imana yamweretse urugendo rw’abari bategereje berekeza muri Yerusalemu nshya. Nubwo iri yerekwa ritasobanuraga icyateye kwa kubura kw’ibyari byitezwe, kuko ubusobanuro bwashoboraga kuboneka gusa mu kwiga Bibiliya, ryabahaye ibyiringiro ko Imana ari yo ibayoboye kandi ko izakomeza kubayobora mu gihe bakomeje urugendo rugana mu murwa wo mu ijuru. [IZ 19.1](#)

Ku itangiriro ry’inzira Elina Harumoni yeretswe hari umucyo urabagirana, kandi marayika yavuze ko uwo mucyo ari urusaku rwa mu gicuku, ikaba yari imvugo ifitanye isano no kubwiriza gukomeye kwabaye mu itumba no mu mpeshyi byo mu mwaka wa 1844 kwavugaga ibyo kugaruka kudasubirwaho kwa Kristo. Muri iri yerekwa, yabonye Kristo ayoboye abantu bagana mu murwa w’Imana. Ikiganiro cyabo cyerekanaga ko urugendo ari rurerure kuruta uko babyibwiraga. Bamwe baretse guhanga Yesu amaso maze baragwa bava mu nzira, ariko abakomeje guhanga amaso yabo kuri Yesu no ku murwa, bageze aho bajya amahoro. Ibi ni byo byavuzwe mu gice cy’iki gitabo kivuga ngo: “Iyerekwa ryanjye rya mbere.”

Amatsinda abiri y’Abadiventisiti

Ku ikubitiro, bake gusa ni bo bari bari mu itsinda ryajyaga mbere ryamamaza umucyo. Ahagana mu mwaka wa 1846, umubare wabo wageraga ku bantu mirongo itanu. [IZ 19.3](#)

Itsinda rinini ry’abazibukiye ibyiringiro bari bafitiye gusohora k’ubuhanuzi bwo mu mwaka 1844, ryari rigizwe n’abantu bari hafi ibihumbi magana atatu. Abayobozi babo bahuriye hamwe mu mwaka wa 1845 mu nama yabereye ahitwa Albany ho mu muji wa New York kuva ku wa 29 Mata kugeza ku ya 1 Gicurasi. Muri iyo nama bongeye

kugenzurira hamwe uko bahagaze. Bafashe icyemezo bandika bihanangiriza abavuga ko babonye umucyo mushya, abigisha imigani mihimbano ya kiyuda ndetse n'abashyiraho ibindi bishya bibafasha mu "igenzura." 13 Uko ni ko bakinze urugi rw'umucyo w'Isabato n'Umwuka w'Ubuhanuzi. Bari bashimishijwe n'uko ubuhanuzi butasohoye mu 1844, maze bamwe bashyiraho amatariki mu gihe cyari imbere aho bibwiraga ko iminsi 2300 izarangirira. Bagiye bashyiraho ibihe binyuranye, ariko byagiye bihita bikurikiranye. Ku ikubitiro, aba bantu bari barinjiye muri uyu murongo ari benshi nyamara bari mu matsinda atomatanye rwose kandi afite ibintu bikomeye atandukanyeho ku ngingo zimwe na zimwe z'imyizerere. Nyamara bari bafite ingingo imwe ibahuje ari yo "Ibyiringiro byo kugaruka k'Umukiza." Bidatinze, amwe muri ayo matsinda yarazimangatanye. Itsinda ryabashije kurokoka ryahindutse Itorero ry'Abakristo bategereje. Bene abo ni bo bavugwa muri iki gitabo ko ari "Abadiventisiti b'umunsi wa mbere" cyangwa "Abadiventisiti ku izina."

Umuseke urasira ku buturo

Ariko noneho tugomba kugaruka ku bashikamye batajegajega ku byiringiro byabo by'uko ubuhanuzi bwashoye kuri 22 Ukwakira 1844, kandi bari bafite intekerezo n'imitima bikingutse maze bakomeza urugendo, bimbika mu kuri kw'Isabato n'uk'ubuturo igihe umucyo wo mu ijuru wamurikiraga inzira banyuragamo. Aba bantu nta na hamwe babarizwaga ahubwo bari abantu cyangwa amatsinda mato cyane yabaga ari hirya no hino mu duce two hagati, mu majyaruguru no mu majyaruguru y'uburasirazuba bwa Leta Zunze ubumwe za Amerika. [IZ 20.1](#)

Umwe muri iryo tsinda witwaga Hiramu Edisoni yari atuye ku nkengeri ya Gibson hagati mu mujyi wa New York. Yari umuyobozi w'Abadiventisiti muri ako gace. Ku wa 22 Ukwakira 1844, abizera bateraniye mu rugo iwe ngo bategereze kugaruka k'Umwami Yesu. Bategereje icyo gihe gikomeye batuje kandi bihanganye. Ariko ubwo isaha ya mu gicuku yageraga maze bakabona ko umunsi bari biteze urangiye, byagaragaye ko Yesu ataraza vuba nk'uko bari barabyibwiye. Cyari igihe cyo gukorwa n'isoni gukomeye. Mu masaha ya mu gitondo kare kare, Hiramu Edisoni hamwe n'abandi bake barasohotse bajya aho yahunikaga imyaka kugira ngo basenge, maze bagisenga, yumva yijejwe ko umucyo uzaza kubamurikira. [IZ 20.2](#)

Hashize akanya gato, igihe Edisoni n'incuti ye bambukaga umurima w'ibigori bajya gusura bagenzi babo b'Abadiventisiti, ukuboko kwabaye nk'ukumufashe ku rutugu. Yubuye amaso ngo arebe, nk'uri mu iyereka, abona ijuru rikinguwe, Kristo ari mu buturo bwo mu ijuru maze yinjira ahera cyane aho yari agiye gutangirira umurimo wo kuvuganira ubwoko bwe, mu cyimbo cyo kuva ahera cyane ngo aze kwejeshya isi umuriro nk'uko bari barigishije. Hiramu Edison, F.B. Hahn wari umuganga; na O.R.L. Frozier wari umwarimu, biganye Bibiliya ubushishozi maze bidatinze uko kwiga kubahishurira ko ubuturo bwagombaga kwezwa ku iherezo ry'imyaka 2300 atari isi, ko ahubwo ari ubuturo bwo mu ijuru, aho Kristo akorera ahera cyane ku bwacu. Uyu murimo wa Kristo wo kutubera umuhuza wabaye igisubizo ku ihamagara ry'" igihe cyo guca urubanza" ryumvikanye mu butumwa bwa marayika wa mbere (Ibyahishuwe 14:6,7). Bwana Frozier wari umwarimu, yanditse ibyo bavumbuye byose mu itsinda

igihe bigiraga hamwe. Ibyo bavumbuye byaje gucapirwa hafi aho, maze hanyuma bicapwa mu buryo bwuzuye mu kinyamakuru cy'Abadiventisiti cyitwaga "Inyenyeri ya nimunsi" **14**, cyandikirwaga ahitwa Cincinnatti ho muri Leta ya Ohio. Ku itariki ya 7 Gashyantare 1846, umubare udasanze w'abantu wiyeguriye byimazeyo kwiga Bibiliya ku ngingo y'ubuturo bwera.

Ukuri kwahamijwe n'iyerekwa

Igihe kwiga Bibiliya byari bikomeje, kandi mbere y'uko umurimo wabo umenyekana, mu burasirazuba bwa Leta ya Maine, Elina Harumoni yagize iyerekwa aho muri ryo yeretswe ko ku iherezo ry'iminsi 2300 umurimo wa Kristo wimuwe aho wakorerwaga akava ahera akajya gukorera ahera cyane. Iri yerekwa tukaba turisanga muri iki gitabo cy'Inyandiko z'Ibanze. [IZ 21.1](#)

Nyuma gato y'iri yerekwa, Madamu White (witwaga Elina Harumoni akiri umukobwa) yagize irindi yerekwa yanditseho mu nyandiko yanditswe muri Mata 1847 agira ati: 'Hashize umwaka Imana yaranyeretse ko umuvandimwe Crozier yari afite umucyo nyakuri ku byerekeye iyezwa ry'ubuturo, n'ibindi; kandi ko bwari ubushake bwayo ko Crozier yandika ibyo yaduhaye byanditswe muri cya kinyamakuru cyitwaga "Inyenyeri ya nimunsi" cyanditswe ku wa 7 Gashyantare 1846. Ndumva ntashidikanya mbwirijwe n'Imana ko abizera bose bakwiye gusoma izo nyandiko." **15** Uko ni ko ibyo abajamburaga muri Bibiliya bavumbuye byahamijwe n'amayerekwa y'intumwa y'Imana. [IZ 21.2](#)

Mu myaka yakurikiyeho, Ellen White yanditse byinshi bivuga ku kuri k'ubuturo bwera n'ubusobanuro bwabyo kuri twe, kandi hari ahantu henshi avuga kuri ibi muri iki gitabo cy'Inyandiko z'Ibanze. Aha twavugaga nk'urugero rw'igice gifite umutwe uvugaga ngo "Ubuturo bwera." Gusobanukirwa umurimo Kristo akorera mu buturo bwo mu ijuru byabaye urufunguzo rufungura iyobera ryo kubura ibyari byitezwe kwabyeho mu 1844. Abatubanjirije babonye neza ko ubuhanuzi buvugaga iby'igihe cy'Imana cyo guca urubanza cyari cyegereje cyasohoye mu byabaye mu mwaka wa 1844, ariko ko hari umurimo wagombaga gukorerwa ahera cyane h'ubuturo bwo mu ijuru mbere y'uko Yesu agaruka ku isi. [IZ 21.3](#)

Ubutumwa bwa marayika wa mbere n'ubw'uwa kabiri bwari bwatumvikanye mu kwamamazwa k'ubutumwa bwo gutegereza kugaruka kwa Kristo mu 1844, none ubu butumwa bwa marayika wa gatatu bwari butangiye kumvikana. Binyuze muri ubu butumwa, ubusobanuro bw'Isabato y'umunsi wa karindwi bwatangiye kumvikana.

Isabato itangira kubahirizwa

Mu gihe twerekana igitekerezo cy'uko Isabato yatangiye kugenda yubahirizwa n'Abadiventisiti ba mbere, turibanda ku itorero rito ryo mu mujyi wa Washington hagati muri New Hampshire, iyi ikaba ari Leta ihereye mu burasirazuba bwa Maine kandi

igahana urubibi na Leta ya New York mu gice cy'iburengerazuba nko mu birometero mirongo icyenda na bitanu. Ahangaha ni ho mu mwaka wa 1843 abizera bo mu itorero rya Gikristo ryigenga bumvise kandi bemera ubutumwa bwo kwitegura kugaruka kwa Yesu. Ryari itsinda ryamaramaje. Muri ryo hadutse uwitwa Rasheli Okesi (Rachel Oakes) wari Umubatisita w'umunsi wa karindwi, maze abakwizamo inyandiko zivuga ibyo itegeko rya kane rivuga. Mu 1844, bamwe babonye kandi bakira uko kuri kwa Bibiliya. Muri gahunda yo ku cyumweru mu gitondo, umwe muri abo witwaga Wiliyamu Fansiworufu (William Farnsworth) yahagaze yemye maze ahabya ko ashaka kubahiriza Isabato y'Imana iboneka mu itegeko rya kane. N'abandi benshi bifatanyije na we, maze bashikama ku mategeko yose y'Imana. Abo ni bo babaye Abadiventisiti b'Umunsi wa karindwi ba mbere. [IZ 22.1](#)

Bidatinze, umupasitoro witwaga Feredariko Wileri (Frederick Wheeler) witaga kuri iryo tsinda, yemeye Isabato y'umunsi wa karindwi kandi ni we mupasitoro wa mbere w'Umudiventisiti wakoze ibyo. Undi witwa T. M. Preble wo mu babwirizaga bigishaga ubutumwa bwo kugaruka kwa Kristo, yari atuye muri Leta imwe na Wheeler, nawe yemeye ukuri kw'Isabato maze muri Gashyantare 1845 ashya ahagaragara inyandiko yasohotse muri kimwe mu binyamakuru by'Abadiventisiti cyitwaga Ibyiringiro bya Isiraheli. Iyo nyandiko yagaragazaga ibisabwa n'itegeko rya kane. Umupasitoro w'ikimenyabose w'Abadiventisiti witwaga Joseph Bates wari utuye ahitwa Fairhaven ho muri Leta ya Masashiseti (Massachusetts), yasomye inyandiko ya Preble maze yemera Isabato y'umunsi wa karindwi. Nyuma y'aho gato, Bates yerekeje i Washington ahitwa New Hampshire, kugira ngo yigane n'Abadiventisiti bubahirizaga Isabato iby'uko kuri gushya bari bavumbuye. Ubwo yari agarutse iwabo, yari yamaze kwemera bidasubirwaho ukuri kw'Isabato. Muri icyo gihe, Bates yagambiriye gushyira ahagaragara inyandiko ivuga ibyo itegeko rya kane risaba. Muri Kanama 1846, yashyize ahagaragara agatabo ke gato kavugaga iby'Isabato kari kagizwe n'amapaji 48. Kopi y'ako gatabo yageze kuri James na Ellen White bari hafi gushyingiranwa mu mpera z'ukwezi kwa Kanama. Bahereye ku bihamya by'Ibyanditswe byari bikubiye muri ako gatabo, bemeye kandi batangira kubahiriza Isabato y'umunsi wa karindwi. Nyuma y'aho Ellen White yanditse kuri ibi avuga ati: "Mu muhindo w'umwaka wa 1846, twatangiyeye kubahiriza Isabato yo muri Bibiliya, dutangira kuyigisha no kuyisobanurira abandi." 16

Ihishurwa ry'ubusobanuro bw'Isabato

James na Ellen White bishingikirije ku bihamya biva mu byanditswe, ari byo intekerezo zabo zari zerekejweho mu nyandiko za Bates. Nyuma y'aho, ubwo hari hashize amezi arindwi batangiyeye kuruhuka ndetse banigisha Isabato y'umunsi wa karindwi, ku Isabato ya mbere y'ukwezi kwa Mata 1847, ubwo bari ahitwa Topsham ho muri Leta ya Maine, Madamu White yagize iyerekwa riturutse ku Mwami Imana, kandi muri ryo akamaro k'Isabato karashimangirwa cyane. Yabonye ibisate by'amabuye byanditsweho amategeko biri mu isanduku mu buturo bwera bwo mu ijuru, kandi abona umucyo urabagirana uzengurutse itegeko rya kane. Umwanzuro wari wafashwe mbere y'aho igihe bigaga ijamba ry'Imana warashimangiwe. Iryo yerekwa kandi ryafashije mu

kwagura imyumvire y'abizera ku byerekeye kubahiriza Isabato. Muri uko guhishurirwa, Madamu White yeretswe ibyo mu bihe biheruka maze abona ko Isabato izaba ari yo kuri gukomeye ngenderwaho abantu bazagenzurirwaho ngo bigaragare ko bahitamo gukorera Imana cyangwa ubutware buhakana Imana. Asubije amaso inyuma ku byabaye mu mwaka wa 1874, Ellen White yaranditse ati: [IZ 23.1](#)

'Mbere y'uko ngira icyo mbona mu iyerekwa ku byerekeye Isabato, nizeraga ukuri kurebana n'ikibazo cy'Isabato. Neretswe akamaro n'umwanya Isabato ifite mu butumwa bwa marayika wa gatatu nyuma y'amezi menshi yari ashize naratangiye kuyubahiriza." 17

Ibiganiro by'ingenzi ku nsanganyamatsiko y'Isabato

Ku bw'imbabazi z'Imana, abapasitoro benshi bubahirizaga Isabato kandi bakaba bari bari ku ruhembe rw'imbere mu kwigisha uko kuri gushya kwari kwaragaragaye, baherekejwe na benshi mu bayoboke babo, mu mwaka wa 1848 bahuriye mu biganiro bitanu byigaga ku nsanganyamatsiko y'Isabato. Bagize ibihe byo kwiyiriza ubusa no gusenga kandi biga Ijambo ry'Imana. Umukuru Bates, wari umwigishwa w'ukuri kw'Isabato, yafashe iya mbere mu guhamya iby'Isabato. Hiram Edison hamwe n'abo bari bafatanyije bari muri ayo materaniro, bari bafite imbaraga mu buryo bagaragazaga umucyo ku buturo bwera. James White, wiganaga ubuhanuzi ubushishozi, yibandaga cyane ku bigomba kubaho mbere yo kugaruka kwa Yesu. Muri ayo materaniro ni ho hakusanyirijwe amahame shingiro Abadiventisiti b'umunsi wa karindwi bagenderaho muri iki gihe. [IZ 23.3](#)

Ellen White asubije amaso inyuma ku byabaye icyo gihe yaranditse ati: [IZ 23.4](#)
Abantu bacu benshi ntibabona ukuntu urufatiro rushikamye rwo kwizera kwacu rwashyizweho. Umugabo wanjye, Umukuru Joseph Batey, Father Pierce* 18 Umukuru Hiram Edson n'abandi bari bafite ubushishozi, abanyacyubahiro n'abanyakuri bari muri aba bagabo, nyuma y'umwaka wa 1844, bashakishije ukuri nk'ubutunzi bwahishwe. Nahuye na bo, twigiye hamwe kandi dusengera hamwe mu mbaraga. Kenshi twabaga turi hamwe kugeza ijoro rijigije kandi rimwe na rimwe tukarikesha dusabira umucyo kandi twiga Ijambo ry'Imana. Aba bene data bakomeje guterana biga Bibiliya kugira ngo basobanukirwe; kandi ngo banitegure kuyigishanya imbaraga. Iyo bageraga ahantu bagacika intege baravugaga bati: "Nta kindi dushobora kongeraho." Umwuka w'Uwiteka yamanukiragaho; nkajyanwa mu iyerekwa nkaherako mpabwa ubusobanuro bw'imirongo twigagaho n'uburyo dukwiriye kugenza kandi twigisha neza. Nuko rero umucyo watugeragaho ukanadufasha gusobanukirwa n'Ibyanditswe bivuga kuri Kristo, ubutumwa bwe n'umurimo we w'ubutambyi. Nasobanukiwe n'ukuri kwariho icyo gihe kugeza ubwo tuzinjira mu murwa w'Imana, kandi nagejeje ku bandi ibyo Uwiteka yari yampaye. [IZ 23.5](#)

Muri iki gihe cyose sinashoboraga gusobanukirwa intekerezo za bene data. Intekerezo zanjye zarifunze, nk'uko byari bimeze, sinashoboraga gusobanukirwa

n'ibyanditswe twigaga. Aka kari agahinda gakomeye nagize mu mibereho yanjye. Nari meze ntya mu ntekerezo kugeza ubwo amahame y'ingenzi yo kwizera kwacu yari amaze kumvikana neza ahuye n'ijambo ry'Imana mu ntekerezo zacu. Bene data bahereye ko iyo hatabaho iyerekwa ntashoboraga gusobanukirwa ibyo twigaga, bemeraga ibyo nahishurirwaga nk'umucyo uvuye mu ijuru. [IZ 24.1](#)

Uko ni ko urufatiro rw'amahame y'Itorero ry'Abadiventisiti b'umunsi wa karindwi rwubakiwe ku kwigana Ijambo ry'Imana ubushishozi, kandi igihe abatubanjirije babaga badashobora kwatanyanga ngo bakomeze imbere, Ellen White yahawe umucyo wababashishije gusobanura ibyari byarabananiye kandi utuma inzira ifunguka kugira ngo bakomeze kwiga Ijambo ry'Imana. Amayerekwa kandi yashimangiraga ko Imana yemera imyanzuro itunganyeye yafashwe. Uko ni ko impano y'ubuhanuzi yabaye iyo gukosora amakosa no guhamya ukuri.

Abakurambere b'itorero batangira kwandika

Nyuma gato y'ikiganiro cya gatanu mu biganirwa byo mu mwaka wa 1848 byigaga kuby'Isabato, ni ho hongeye guhamagazwa irindi teranirwa ryabereye i Dorchester (hafi ya Boston) ho muri Leta ya Massachusetts, mu rugo rw'uwitwaga Otis Nichols. Abavandimwe mu kwizera bigaga kandi bagasengera ibyerekeye inshingano yabo yo gutwara umucyo Imana yari yaramurikiye mu nzira yabo. Igihe bigaga, Ellen White yajyanwe mu iyerekwa, maze muri iryo hishurirwa yerekwa inshingano abo bavandimwe mu kwizera bari bafite yo kwandika iby'uwo mucyo. Avugaga uko icyo gihe byagenze mu gatabo k'ibitekerezo by'ibyabaye mu mibereho ye agira ati: [IZ 24.3](#)

“Mvuye mu iyerekwa nabwiye umugabo wanjye nti: ‘Ngufitiye ubutumwa. Ukwiriye gutangira gucapa mpapuro nke maze ukazohereza abantu. Ku ikubitiro uzabanze ucape nkeya; ariko abantu nibasoma, bazakohereza ubufasha bwo gucapa nyinshi, bityo uhereye aho uzagera ku mugambi. Biherereye kuri uko gutangirira ku mpapuro nke, neretswe ko bizaba ari nk'ibishashi by'umucyo bizaba bikwiriye isi yose.” [19](#) [IZ 25.1](#)

Aha hari umurimo wasabwaga gukorwa. Mbese James White yajyaga gukora iki? Yari afite ubutunzi buke bwo mu iyi si. Nyamara iryo yerekwa ryari amabwiriza mvajuru maze yumva ahatirwa kujya mbere akagira icyo akora kubwo kwizera. Noneho James White yafashe Bibiliya ye yari yaraguze udufaranga duke, afata n'igitabo kiranga imirongo cyari cyaravuyeho ibifuniko byacyo byombi maze atangira gutegura inyandiko nto zivugaga ku kuri kw'Isabato ndetse n'izindi ngingo zishimishije zagombaga gucapwa ku mpapuro nto. Ibyo byose byamutwaye igihe ariko amaherezo aza gushyikiriza kopi umukozi w'icapiro w'i Middletown ho muri Connecticut wamugiriye icyizere kubw'umubare w'inyandiko yari amusabye kumucapira. Hanoganyijwe uko iyo nyandiko izaba iteye, habaho kongera gusoma izo nyandiko ngo hakosorwe amakosa yaba yarabonetsemo, maze ibyo byose birangiye hacapwa kopi igihumbi. James White yatwaye izo kopi azikuye Middletown azijyana Belden, aho we na Ellen White bari barabonye icumbi ry'igihe gito. Impapuro zari zigize ako gatabo gato zari zifite sentimetero cumi n'eshanu kuri makumyabiri n'ebiyiri kari kagizwe na paji munani. Ako

gatabo gato kari gafite umutwe uvuga ngo “Ukuri kw’iki gihe.” Kacapwe bwa mbere muri Nyakanga 1849. icyo kirundo gito cy’impapuro cyashyizwe hasi, maze abavandimwe mu kwizera barazikikiza bityo n’amarira menshi binginga Imana ngo izahire izo nyandiko nto igihe zizoherezwa hirya no hino. Barangije gusenga izo mpapuro zizingwa neza, zirapfunyikwa, zandikwaho aho zigomba koherezwa, maze James White azijyana ku biro by’iposita byari i Middletown ku birometero nka 12. Uko ni ko umurimo w’Abadiventisiti b’umunsi wa karindwi wo kwandika no gukwirakwiza inyandiko watangiye. [IZ 25.2](#)

Muri ubwo buryo, hoherejwe ibyiciro bine by’ingingo zanditswe kandi buri cyiciro cyarasengerwaga mbere y’uko impapuro zijyanwa ku biro by’iposita. Bidatinze, batangiye kubona inzandiko zibamenyesha ko hari abantu batangiye kubahiriza Isabato biturutse ku kuba barasomye izo mpapuro. Zimwe muri izo nzandiko bakiraga zabaga zirimo amafaranga, maze bituma mu kwezi kwa Nzeri James White abasha kwishyura icapiro ry’i Middletown amadolari mirongo itandatu n’atanu yari abarimo kubera kumucapira ibyiciro bine by’izo nyandiko.

Itangira ry’Urwibutso n’Integuza.

Ubwo James na Ellen White bagendagenda bava ahantu bajya ahandi, bakamara amezi make ahantu hamwe bakongera bakimuka, bakamara ayandi mezi make ahandi, bateguye uburyo bwo gushyira ahagaragara izindi ngingo nke zicapwe. Amaherezo, ingingo ya cumi n’imwe ari nayo iheruka yaje gucapirwa ahitwa Paris, muri Leta ya Maine mu Ugushyingo 1850. Madamu Ellen White yanditse ingingo nyinshi zashyizwe mu kinyamakuru cyiswe Ukuri kw’iki gihe. [IZ 26.1](#)

Nanone mu Ugushyingo inama yateraniye i Paris, maze abavandimwe mu kwizera biga iby’uwo murimo wo kwandika wakomezaga gukura. Bafashe icyemezo cyo kongera ingano y’impapuro zari zigize icyo kinyamakuru, kandi bahindura izina ryacyo riba Urwibutso rwo kugaruka kwa Yesu n’Integuza y’Isabato. Nyuma y’amezi make cyacapiwe i Paris uri Maine, cyongera gucapirwa i Saratoga Springs, n’i New York. Kuva uwo munsi cyagiye gicapwa nk’ikinyamakuru cy’itorero ry’Abadiventisiti b’Umunsi wa karindwi.

Umurimo wo kwandika ukura.

Igihe bari batuye i Saratoga Springs, muri Kanama 1851 James White yashatse uburyo yacapisha igitabo cya mbere cya Ellen White gifite umutwe uvuga ngo ‘Igiterekerezo cy’imibereho ya Gikristo n’ibitekerezo bya Ellen White.’ Kari agatabo gato gafite paji 64. [IZ 26.3](#)

Mu rugaryi rwo mu 1852, umuryango wa James White wimukiye i Rochester, ho muri New York, bagezeyo bahashinga ibiro bashoboraga gukoreramo imirimo yo gucapa ibitabo ku giti cyabo. Abavandimwe mu kwizera bitabiriye gutanga amafaranga yo kugura ibikoresho by’icapiro, maze haboneka amadolari magana atandatu yo kugura

ibikoresho. Mbega uko abizera ba mbere banezerewe igihe ibitabo byashoboraga gusohokera mu icapiro ry'abubahiriza Isabato! Bamaze igihe kiri hejuru y'imyaka itatu baba i Rochester kandi bahandikira ubutumwa bwinshi. Usibye ikinyamakuru cyitwa 'Urwibutso n'Integuza', n'agatabo kitwaga Umwigisha w'Abasore (katangijwe mu 1852 na James White), uko ibihe byahaga ibindi banditse n'izindi nyandiko zitandukanye. Akandi gatabo ka Madamu White kiswe 'Umugereka ku Mibereho ya Gikristo n'Ibitekerezo bya Ellen G. White' kacapiwe aho i Rochester muri Mutarama 1854. Ubutumwa bwari bukagize ubu bubarizwa muri iki gitabo cy'Inyandiko z'Ibanze. [IZ 26.4](#) Battle Creek ihinduka ikigo cy'icapiro [IZ 26.5](#)

Mu Ugushyingo 1855, James na Ellen White n'ababafashaga bimukiye i Battle Creek muri Michigan. Icapiro n'ibindi bikoresho byaryo byashyizwe mu nyubako yari yarubatswe n'abizera benshi b'Abadiventisiti bubahirizaga Isabato bari barakusanyije amafaranga kugira ngo biyubakire ibiro by'icapiro. Ubwo umurimo wabo wajyaga mbere muri uwo muji muto, Battle Creek yahindutse icyicaro cy'itorero ry'Abadiventisiti b'umunsi wa karindwi. Ariko James White yakomeje umurimo wo gucapa ibitabo bimugoye cyane. [IZ 26.6](#)

Igihe twiga amateka y'Inyandiko z'Ibanze, ni ngombwa kumenya ko Abadiventisiti ba mbere bubahirizaga Isabato babanje kugira umutwaro wo kugeza ukuri kw'Isabato ku bo bari barigeze gusangira kwizera muri cya gihe cy'Ikangura rikomeye ryo gutegereza kugaruka kwa Kristo. Abo ni ba bandi bari kumwe mu gihe cy'ubutumwa bwa marayika wa mbere n'ubutumwa bwa marayika wa kabiri. Kubw'ibyo, hashize hafi imyaka ndwi nyuma y'umwaka wa 1844 umurimo wabo wibanda cyane ku Badiventisiti bari batarajya mu ruhande rw'ubutumwa bwa marayika wa gatatu. Ibi birumvikana cyane ku muntu umemyereye ibyabaye.

Urugi rukinzwe n'urugi rukunguye.

Mu muhati udasanze wakoreshejwe mu mpeshyi yo mu 1844 hamamazwa ubutumwa bwo kwitegura kugaruka kwa Kristo, abayobozi b'itsinda ryari ritwaye ubwo butumwa biboneye uburyo imibereho yabo igereranywa na wa mugani w'abakobwa cumi wanditswe muri Matayo 25. Habanje kubaho "igihe cyo gutinda" cyakurikiwe n'urusaku rwinshi ruvuga ngo "Dore umukwe araje; nimusohoke mumusanganire." Aya magambo yakunze kujya yitwa "urusaku rwa mu gicuku." Mu iyerekwa rye rya mbere, Madamu Ellen White yabyeretse nk'umucyo urabagirana wamurikaga inyuma y'Abadiventisiti ku itangira ry'urugendo. Basomye muri uriya mugani ko abari biteguye binjiranye n'umukwe mu bukwe, maze "urugi ruhita rukungwa." (Matayo 25:10). Nicyo cyatumye banzura ko ku itariki ya 22 Ukwakira 1844, urugi rw'imbabazi rwakinzwe ku banze kwakira ubutumwa bwari bwarabwirijwe hiryu no hino. Nyuma y'imyaka runaka Ellen White yanditse kuri ibyo agira ati: [IZ 27.1](#)

"Nyuma y'irangira ry'igihe bari biteze ko Umukiza yari kuziraho, bakomeje kwizera ko kuza kwe kwegereje; bari bazi ko bageze mu gihe cy'akaga gakomeye kandi ko umurimo wa Kristo nk'umuhuza w'abantu n'Imana wahagaze. Kuri bo, babonaga ko Bibiliya yigisha ko igihe cy'imbabazi cyahawe umuntu cyagombaga kurangira mbere

gato yo kuza k'Umukiza atungutse mu bicu. Ibyo byasaga n'ukuri ukurikije ibyanditswe bivuga iby'igihe abantu bazashakashaka, bagakomanga kandi bakaririra ku rugi rw'imbabazi, ariko ntibakingurirwe. Na none kandi bibazaga niba umunsi bari barategerejeho kugaruka kwa Kristo waba ahubwo utarabaye itangiriro ry'icyo gihe cyagombaga kubanziriza kugaruka kwe. Ubwo bari bamaze kuvuga ubutumwa bw'imbuze bwerekeye urubanza rwegereje, bibwiraga ko barangije umurimo bagomba gukorera abatuye isi, maze ntibaba bacyiyumvamo inshingano bafite yo kugira ikindi bakora kubw'agakiza k'abanyabyaha. Icyo gihe kandi amagambo y'ubwibone no gukerensa yasohokaga mu kanwa k'abatubaha Imana yababereye nk'ikindi gihamya cy'uko Umwuka w'Imana yakuwe mu bantu banze kwakira imbabazi zayo. Ibyo byose byabahaga gushikama mu kwizera ko igihe cy'imbabazi cyarangiyeye, cyangwa se, nk'uko babivugaga icyo gihe, "urugi rw'imbabazi rwari rwafunzwe." 20 IZ 27.2

Noneho Madamu White akomeza yerekana uko umucyo watangiye kumurika ngo icyo kibazo gisobanuke: IZ 27.3

"Ariko umucyo uruseho waje kumurika kubwo gusesengura ikibazo cyerekeye ubuturo bwera. Noneho baje kubona ko bari bafite ukuri mu myizerere yabo y'uko iherezo ry'iminsi 2300 (mu mwaka wa 1844) ryaranzwe n'akaga gakomeye. Nyamara nubwo byari ukuri yuko umuryango w'ibyiringiro n'ubuntu abantu bari bamaze imyaka igihumbi na magana inane banyuramo ngo begere ku Mana wari ukinzwe, urundi rugi rwarakinguwe kandi imbabazi z'ibyaha zahabwaga abanyabyaha binyuze mu murimo Kristo akorera ahera cyane [ho mu ijuru]. Umugabane umwe w'umurimo we wari umaze kurangira, kugira ngo ukurikirwe n'undi. Hari hakiriho "urugi rukinguye" ryekereza mu buturo bwo mu ijuru aho Kristo yakoreraga umurimo we kubw'umunyabyaha. IZ 28.1

"Noneho habonetse ubusobanuro bw'amagambo ari mu Byahishuwe, ayo Kristo yabwiye itorerero muri icyo gihe avuga ati: "Uwera kandi w'ukuri, ufite urufunguzo rwa Dawidi, ukingura ntihagire ukinga, kandi ukinga ntihagire ukingura, aravuga aya magambo ati: 'Nzi imirimo yawe: Dore nshyize imbere yawe urugi rukinguye kandi ntawe ubasha kurukinga.'" 21 IZ 28.2

Kubwo kwizera, abakurikira Yesu mu murimo we w'ingenzi wo guhongerera, ni bo gusa babona inyungu z'umurimo w'Ubuhuza Kristo akora ku bwabo, mu gihe abanga umucyo ugaragaza uyu murimo bo batagira icyo bunguka." 22

Haboneka inzira ebyiri kubera urujijo.

Hanyuma Madamu White avuga uko amatsinda abiri y'abizera b'Abadiventisiti yitwaye ku byabaye ku gihe cyo kubura icyari cyitezwe kwabaye ku wa 22 Ukwakira 1844. IZ 28.4

“Ukurangira kw’igihe cyo mu mwaka wa 1844 kwakurikiwe n’ikindi gihe cy’ikigeragezo gikomeye ku bantu bakomeje kwizera ibyo kugaruka kwa Kristo. Ku byerekeye gushyigikira uruhande rw’ukuri bari barimo, icyabahumurizaga cyonyine cyabaye umucyo waje kwerekeza intekerezo zabo ku buturo bwo mu ijuru. Bamwe baretse uko bari basanzwe bizera iby’imyaka y’ibihe by’ubuhanuzi maze imbaraga ikomeye ya Mwuka Muziranenge yari yarabanye n’itsinda ryamamazaga ubutumwa bwo kugaruka kwa Kristo bayitirira umuntu cyangwa Satani. Irindi tsinda ryakomeje gushikama ryizera rwose ko Uhoraho yari yarabayoboye mu byababayeho mu gihe cyashize; kandi uko bategerezaga ndetse bakaba maso basenga kugira ngo bemenye ubushake bw’Imana, baje kubona ko Umutambyi wabo Mukuru yari yarinjiye mu wundi murimo. Mu kumukurikira kubwo kwizera, baje no gusobanukirwa iby’umurimo uheruka itorero rigomba gukora. Basobanukiwe neza iby’ubutumwa bwa marayika wa mbere n’uwa kabiri, bityo bari biteguye kwakira no kubwira abatuye isi umuburo ukomeye uvugwa mu Byahishuwe 14, watanzwe na marayika wa gatatu.” 23 IZ 28.5

Muri iki gitabo hari impapuro zimwe zivuga ku by’urugi rukinze n’urugi rukinguye. Ibi byumvikana neza mu mucyo w’amateka y’ibyabaye ku bizera bagenzi bacu ba mbere. IZ 29.1

Hashize igihe gito habayeho kubura ibyari byitezwe mu 1844, abatangiye umurimo babonye ko nubwo hari abari bakinze urugi rubageza ku gakiza bitewe no kwanga umucyo bamaramaje, hari n’abandi benshi batari barigeze bumva ubutumwa ngo babone kubwanga, kandi abo bagombaga kugerwaho n’ako gakiza kabonewe inyokomuntu. Mu ntangiriro z’umwaka wa 1850, izo ngingo nizo zari zishyizwe imbere. Icyo gihe kandi hari hatangiye gukinguka inzira zo kwamamaza ubutumwa bw’abamarayika batatu. Urwikekwe rwari ruri kuyoyoka. Ellen White asubije amaso inyuma akareba ibyababayeho byakurikiye kubura ibyari byitezwe mu 1844 yanditse agira atya ati: IZ 29.2

“Icyo gihe kugera ku batizera byasaga n’ibidashoboka. Kubura ibyari byitezwe mu 1844 kwari kwarateye urujijo mu ntekerezo za benshi, bityo ntibashoboraga gutega amatwi ubusobanuro bw’iyo ngingo.” 24 IZ 29.3

Ariko mu 1851, James White yashoboye kwandika agira ati: “Ubu noneho ahantu hafi ya hose urugi rukinguriwe ukuri kw’iki gihe ngo kuvugwe, kandi abantu benshi batari barigeze bagira amatsiko yo gusesengura iby’inyandiko zacu biteguye kuzisoma.” 25

Hasabwa gushyiraho itorero.

Nyamara n’ubwo hari habonetse amahirwe mashya kandi hari abantu benshi bari kwakira ubutumwa, hagati muri bo habayemo ibintu bimwe na bimwe batumvikanyeho. Iyo ibyo bitaza gukomwa mu nkokora, umurimo wajyaga kuhazaharira bikomeye. Ariko

aha twongera kuhabona ubuntu bw’Imana buyobora ubwoko bwayo, kuko mu iyerekwa ryahawe Ellen White kuwa 24 Ukuboza 1850, agira ati: [IZ 29.5](#)

“Nabonye uko Imana ikomeye kandi yera. Umumarayika yaravuze ati: ‘Ugendere imbere yayo witonze, kuko ikomeye kandi ishyizwe hejuru, ndetse ikuzo ryayo ryuzuye urusengero.’ Nabonye ko mu ijuru ibintu byose byari biri kuri gahunda iboneye. Umumarayika yaravuze ati: ‘Itegereze, Kristo ni we mutwe, mugendere muri gahunda, mugendere muri gahunda. Musobanukirwe n’ikintu cyose. Umumarayika yaravuze ati: ‘Itegereze kandi umenye uko gahunda yo mu ijuru izira amakemwa kandi ari nziza; muyikurikize.’” [26](#) [IZ 29.6](#)

Byafashe igihe kirekire kugira ngo muri rusange abizera bemere ko hakenewe gahunda mu ivugabutumwa kandi ko iyo gahunda ifite agaciro. Ibyo bari baranyuzemo mu gihe cyashize bakiri mu matorero y’Abaporotesitanti bari baritandukanyije nayo byatumye bagira ubushishozi. Uretse ahantu byagaragaraga ko hari ubukene bufatika, gutinya kugira gahunda izwi ikurura abantu byateye abizera kwanga kugira gahunda y’itorero. Hashize nk’imyaka cumi nyuma y’iyerekwa ryo 1850, niho amaherezo imigambi ihamye yo gushyiraho gahunda y’itorero yubuwe. Nta gushidikanya, igikorwa cy’ibanze cyagize umumaro mu gutuma uwo muhati ugera ku musaruro cyari igice cy’inyandiko cyumvikanaga cyari gifite umutwe uvuga ngo “Gahunda y’ubutumwa bwiza,” wabonekaga mu nyandiko yiswe Inyongera ku Mibereho ya Gikristo n’Ibitekerezo bya Ellen G. White. Ubutumwa bugize iki gice buboneka muri iki gitabo. [IZ 29.7](#)

Mu 1860, bifatiye na gahunda y’umurimo w’iyandika ry’ibitabo, hatoranyijwe izina. Abantu bamwe batekereje ko izina “Itorero ry’Imana” ari ryo ryaba rikwiriye, ariko haza kugaragara igitekerezo cyiganza kivuga ko izina rikwiriye kwerekana inyigisho zihariye z’itorero. Bemeje ko izina ryabo riba ‘Abadiventisiti b’Umunsi wa karindwi.” Mu mwaka wakurikiyeho, inteko zimwe z’abizera zishyize hamwe ziba amatorero kandi amatorero yo muri Michigan akora Konferansi yo muri iyo Leta. Bidatinze hari hamaze kubaho za Konferansi nyinshi. Hanyuma muri Gicurasi mu 1863, hashyizweho Inteko Nkuru Rusange y’Abadiventisiti b’Umunsi wa Karindwi. Ibi byafashe imyaka irenga itanu nyuma y’iyandikwa ry’inyandiko z’ibanze.

Iyerekwa ry’Intambara Ikomeye.

Havuzwe iby’uko umurimo wo kwandika no gucapa wimuwe ugakurwa i Rochester, ho muri New York, ukimukira i Battle Creek ho muri Michigan mu Ugushyingo 1855. James White na Ellen White batuye i Battle Creek maze umurimo w’icapiro umaze gushinga imizi, babashije gukomeza ingendo zabo hirya no hino mu murimo. Ubwo bajyaga gusura Leta ya Ohio muri Gashyantare na Werurwe 1858 ni ho iyerekwa rikomeye ryerekeye Intambara Ikomeye ryahawe Madamu White ubwo yari mu ishuri rya Leta ry’i Lovett. Ibijyanye n’iri yerekwa ryamaze amasaha abiri tubisanga mu gatabo k’imibereho ya Ellen G. White.²⁷ Muri Nzeri 1858, ni ho hashyizwe ku mugaragaro igitabo kivuga Impano za Mwuka, Umuzingo wa mbere, ari nacyo cyitwaga, ‘Intambara

ikomeye hagati ya Kristo n'abamarayika be na Satani n'abamarayika be.' Ubutumwa buri muri iki gitabo cyari gito gifite paji 219 ni bwo bugize umugabane wa gatatu w'Inyandiko z'Ibanze. [IZ 30.2](#)

Inyandiko ntoya zasohotse mu myaka cumi n'itanu ibanza y'umurimo wa Madamu White zakurikiwe n'ibitabo binini byinshi byavugaga ingingo nyinshi z'ingenzi zireba abakurikiza amategeko y'Imana kandi bizera Yesu Kristo. Nubwo bimeze bityo, inyandiko z'ibanze zizakomeza kuba inkoramutima ku Badiventisiti b'umunsi wa karindwi bose. [IZ 30.3](#)

ABASHINZWE KURINDA INYANDIKO ZA ELLEN G. WHITE
WASHINGTON, D.C. WERURWE, 1963.

IBITEKEREZO BYA ELLEN G. WHITE N'IBYO YANYUZEMO MU MIBEREHO YA
GIKRISTO
IBYO ELLEN WHITE YANYUZEMO N'IBITEKEREZO BYE

Mbisabwe n'incuti zanjye magara, nemeye kubanyuriramo muri make ibyo nanyuzemo n'uko mbitekereza, niringira ko bizatera ubutwari kandi bigakomeza abana b'Imana bicisha bugufi kandi bakayiringira. [IZ 32.1](#)

Nahindutse mfite imyaka cumi n'umwe, mbatirizwa mu itorero ry'Abametodisiti mfite imyaka cumi n'ibiri y'ubukuru. Ubwo nari mfite imyaka cumi n'itatu y'ubukuru numvise Wiliyamu Mileri (William Miller) yigishiriza ubwa kabiri i Portland ho muri Leta ya Maine. 28 icyo gihe numvise ntatunganye, ntiteguye kureba Yesu. Igihe uwigishaga yararikaga abagize itorero n'abanyabyaha ngo baze imbere basengerwe, nagiyeye mu ba mbere kuko nari nzi ko hari umurimo ukomeye ngomba gukorerwa kugira ngo mbe nkwiye ijuru. Umutima wanjye wari ufite inyota yo kubona agakiza gashyitse kandi gatangirwa ubuntu ariko sinari nzi uko nakabona. [IZ 32.2](#)

Mu mwaka wa 1842, nakomeje kwitabira amateraniro yategurizaga abantu kugaruka kwa Kristo yaberaga i Portland ho muri Leta ya Maine, maze nizera ntashidikanya ko Kristo agiye kugaruka. Nari mfite inzara n'inyota byo kugira agakiza gashyitse, nshaka kugendera mu bushake bw'Imana mu buryo bwuzuye. Narwanaga intambara uko bukeye n'uko bwije kugira ngo ndonke ubwo butunzi butagira akagero butabasha kugurwa n'ibyo mu isi byose. Ubwo nari mfukamyeye imbere y'Imana nsaba guhabwa uwo mugisha, nahawe inshingano yo kugenda ngo nsengere hamwe n'abandi mu materaniro rusange. Sinari narigeze nsenga n'ijwi riranga ndi mu materaniro, maze iyo nshingano ndayihakana kuko natinyaga ko ndamutse ngerageje kubikora ntakumvikana. Igihe cyose najyaga imbere y'Imana mu masengesho yo mu rwiherero, iyo nshingano ntasohoye yangarukaga imbere kugeza ubwo ndekera aho gusenga bityo nicara mfite agahinda kenshi maze amaherezo ndiheba cyane. [IZ 32.3](#)

Muri ubwo bwihebe narimo, namaze ibyumweru bitatu nta mirasire y'umucyo yamurikaga mu gicu cy'umwijima w'icuraburindi cyari kibuditse ahanzengurutse.

Noneho nagize inzozu inshuro ebyiri zangejejeho imirasire yoroheje y'umucyo n'ibyiringiro. Nyuma y'ibyo naje kubwira ibyanjye byose mama wari umubyeyi wamaramaje. Yambwiye ko ntabaye impabe kandi angira inama yo kujya kureba umuvandimwe witwaga Stockman wabwiririzaga abategereje i Portland. Naramwiringiraga cyane kuko yari umugaragu ukundwa kandi wamaramaje wa Kristo. Amagambo ye yankoze ku mutima anera ibyiringiro. Nasubiye imuhira maze nongera kujya imbere y'Imana, nyisezeranya ko nzakora kandi nkihanganira ikintu cyose igihe Yesu azamwenyurira. Ya nshingano yongeye kungarukaho. Kuri uwo mugoroba hari kubaho amateraniro maze ndayitabira, kandi ubwo abandi bapfukamaga ngo basenge, napfukamanye nabo mpinda umushyitsi, maze ubwo abantu babiri cyangwa batatu bari bamaze gusenga, nabumbuye akanwa kanjye nsenga ntabizi, maze amasezerano y'Imana ansohoreraho nk'amasaro y'igiciro cyinshi nashoboraga guhabwa kubwo gusaba gusa. Ubwo nasengaga, numvise ntuye wa mutwari no kwiheba nari maranye igihe kirekire ku mutima wanjye, maze umugisha w'Imana uncuncumurwaho umeze nk'ikime. Nahaye Imana ikuzo kubwo ibyari bimbayeho, ariko nifuzaga ko uwo mugisha warushaho kwiyongera. Ntabwo nanyuzwe kugeza igihe numvise Imana yuzuye ubugingo bwanjye. Umutima wanjye wuzuye urukundo rutarondoreka nkunda Yesu. Imirasire y'ikuzo yarangose, kugeza ubwo umubiri wanjye uhinduka ikinya. Nta kindi kintu nashoboraga kubona uretse Yesu n'ikuzo rye, ibyo bituma ntashobora kumenya ibibera iruhande rwanjye. [IZ 32.4](#)

Umubiri wanjye n'intekerezo zanjye byamaze umwanya munini bimeze bityo, kandi ubwo namenyaga ibiri ahanzengurutse, ibintu byose byasaga n'ibyahindutse. Ikintu cyose cyari cyahindutse cyiza bihebuje kandi cyabaye gishya, bimeze nk'ibimwenyura bihimbaza Imana. Noneho numvise nshaka guhamya Yesu ahantu hose. Namaze amezi atandatu nta gicu cy'umwijima kibuditse mu ntekerezo zanjye. Umutima wanjye wanywaga buri muni ku masoko akungahaye y'agakiza. Nibwiye ko abakunda Yesu bagomba gukunda kugaruka kwe, noneho njya mu materaniro kubabwira ibyo Imana, ndetse no kumva nshitse byari byanteye umunezero kubwo kwizera ko Umwami ari hafi kuza. Umuyobozi w'iryo tsinda yanciye mu ijamba avuga ati: "Binyuze mu myizerere y'Abametodisiti." Nyamara sinashoboraga guha ikuzo imyemerere ya kimetodisiti igihe Kristo n'ibyiringiro byo kugaruka kwe kwegereje ari byo byari byampaye umudendezo. [IZ 33.1](#)

Abantu benshi bo mu muryango wa data bizeraga rwose kugaruka kwa Yesu, kandi kubwo guhamya izo nyigisho zihebuje, barindwi muri twe bahise bacibwa mu itorero ry'Abametodisiti. icyo gihe amagambo y'umuhanuzi yari ay'igiciro cyinshi kuri twe. Umuhanuzi yaravuze ati: "Bene wanyu babanze bakabaca babahora izina ryanjye baravuze bati: 'Ngaho Uwitwaga nahabwe icyubahiro turebe umunezero wanyu!'" (Yesaya 66:5). [IZ 33.2](#)

Guhera ubwo kugeza mu Kuboza 1844, ibyishimo byanjye, ibigeragezo no gucika intege kwanje byari bimeze nk'ibyo incuti zanjye z'Abategereje bari banzengurutse. Muri icyo gihe nasuye umwe mu bavandimwe twari dusangiye ibyiringiro byo kugaruka kwa Yesu, maze mu gitondo cya kare dupfukamana ku gicaniro cy'amasengesho y'umuryango. Nticyari igihe kinejeje, kuko hari abantu batanu gusa kandi nabo b'igitsina

gore. Igihe nasengaga, imbaraga y’Imana yanjeho birenze uko nari nsanzwe mbyumva. Nahise njanwa mu iyerekwa ry’ikuzo ry’Imana, mera nk’uzamuwe mvanwa ku isi buhoro buhoro, maze nereka ikimeze nk’urugendo rw’Abadiventisiti berekeza mu Murwa Wera, nk’uko mugiyeye kubibona mu magambo akurikiraho.

IYEREKWA RYANJYE RYA MBERE 29

Nk’uko Imana yanyeretse urugendo rw’abategereje Kristo berekeza mu Murwa Wera ikanyereka n’ingororano y’igiciro cyinshi izahabwa abategereje kugaruka k’Umwami wabo avuye mu bukwe, bishobora kuba ari inshingano yanjye kubatekerereza muri make ibyo Imana yampishuriye. Abera bakundwa bafite ibigeragezo byinshi bagomba kunyuramo. Ariko imibabaro yacu yoroheje, nubwo ari iy’akanya gato, izaturemera ubwiza burushaho gukomera kandi bw’iteka ryose — kuko tutareba ibigaragara, kubera ko ibigaragara ari iby’igihe gito, ariko ibitaragaragara bihoraho iteka ryose. Nagerageje kuzana inkuru nziza n’amahundo make yo muri Kanani yo mu ijuru, ari yo yatumye benshi bashaka kuntera amabuye nk’uko byabaye igihe iteraniro ryose ryashakaga gutera Yosua na Kalebu amabuye kubw’inkuru bari bazanye. (Kubara 14:10). Ariko benedata na bashiki banjye muri Kristo, ndabahamiriza ko ari igihugu cyiza, dushobora kuzamuka tukagihindura. [IZ 34.1](#)

Igihe nasengeraga ku gicaniro cy’umuryango, Umwuka Wera yanjeho, maze mera nk’uzamuwe hejuru, nkuwe ku isi y’umwijima. Mpindukirira kureba abategereje kugaruka kwa Yesu bari ku isi; ariko sinababona ari nabwo ijwi ryambiraga riti: “Ongera urebe, kandi urebe hejuru biruseho hatu.” Numvise ibyo nubura amaso, mbona inzira igororotse kandi ifunganye iturutse ku isi. Ako kayira ni ko abategereje banyuragamo berekeza mu murwa wari ku iherezo ry’iyo nzira. Inyuma yabo ku itangiriro ry’iyo nzira hari umucyo urabagirana ubamurikira, uwo mucyo marayika yambwiye ko ari wo rusaku rwa mu gicuku. Uyu mucyo warabagirana mu nzira yose kandi ukaboneshereza ibirenge byabo kugira ngo badasitara. Iyo bakomezaga guhanga amaso kuri Yesu wari uri imbere yabo abayobora ku murwa, babaga amahoro. Ariko bidatinze bamwe batangiyeye kunanirwa, maze bavuga yuko umurwa uri kure cyane, bibwira yuko bari bakwiriye kuba bamaze kuwinjiramo. Hanyuma Yesu abakomerasha gushyira hejuru ukuboko kwe kw’iburyo gukomeye, maze mu kuboko kwe havamo umucyo wamurikiraga iryo tsinda ry’abategereje, maze bararangurura bati: “Halleluya.” Abandi bihakana vuba wa mucyo wari inyuma yabo maze bavuga yuko Imana atariyo yabayoboye ngo ibageze aho. Wa mucyo wari inyuma yabo urazima, basigara bashyize ibirenge byabo mu mwijima w’icuraburindi, barasitara, babura icyapa cyo kubayobora kandi babura Yesu, bateshuka inzira bagwa mu mwijima no mu isi mbi byari hasi yabo.

Bidatinze twumva 30 ijwi ry’Imana rimeze nk’amazi menshi asuma, maze iryo jwi ritubwira umunsi n’isaha Yesu azagarukiraho. Abera bari bakiriho bagera ku bihumbi 144 bamenya kandi basobanukirwa n’iryo jwi, mu gihe abanyabibi bo bibwiye yuko ari uguhinda kw’inkuba n’igishitsi cy’isi. Ubwo Imana yavugaga iby’igihe cyo kugaruka kwa Yesu, yadusutseho Umwuka Wera, maze mu maso hacu hatangira kurabagiranyishwa n’ikuzo ry’Imana, nk’uko Mose yari ameze ubwo yamanukaga umusozi wa Sinayi. [IZ 34.2](#)

Ba bantu ibihumbi 144 bose bari bashyizweho ikimenyetso kandi bunze ubunze rwose. Ku ruhanga rwabo hari handitsweho, “Imana na Yerusalemu Nshya,” kandi hariho n’inyenyeri irabagirana iriho izina rishya rya Yesu. Igihe twari tunezerewe, turi mu mwanya wera ba banyabibi baraturakariye kandi bashakaga kudusumira ngo batujugunye mu nzu y’imbohe. Ubwo ni bwo natwe twazamuraga amaboko yacu mu izina ry’Uwiteka maze ababi bagwa hasi barambaraye batagira ubaramira. Ubwo ni bwo abo mu isinagogi ya Satani bamenye ko Imana yadukunze twebwe abashoboraga kozanya ibirenge kandi tukaramukanya na bene Data mu ndamutso yera, maze bikubita ku birenge byacu bararamya. [IZ 35.1](#)

Mu kanya gato twerekeza amaso yacu iburasirazuba, kuko twari tubonye agacu gatoya kirabura, kangana n’igice cy’ikiganza, maze twese tumenya ko ari ikimenyetso cy’Umwana w’umuntu. Twese dutumbira ako gacu dufite ituza cyane kuko uko karushagaho kwigira hafi ari na ko karushagaho kugira umucyo, gafite ubwiza, kandi kakarushaho kugira ubwiza kugeza ubwo kabaye igicu kinini cyera. Ku ruhande rwo hasi cyasaga n’umuriro; hejuru y’icyo gicu hari umukororombya, naho impande hari abamarayika ibihumbi cumi, baririmba indirimbo y’agahebuzo; kandi kuri icyo gicu ni ho Umwana w’umuntu yari yicaye. Umusatsi we wari umweru kandi utendera ku ntugu ze; ndetse ku mutwe we hari hatamirijwe amakamba menshi. Ibirenge bye byasaga n’umuriro; kandi mu kuboko kwe kw’iburyo yari afite umuhoro utyaye; mu kw’ibumoso afite impanda yacuzwe mu ifeza. Amaso ye yasaga n’ibirimi by’umuriro, yashakishaga abana be aho bari hose. Nuko mu maso yose haracya, naho mu ya ba bandi banze Imana hacura umwijima. Nuko twese turangururira icyarimwe tuti: “Ni nde ubasha guhagarara adatsinzwe? Mbese aho umwambaro wanjye uraho utagira ikizinga?” Hanyuma abamarayika bareka kuririmba, habaho umwanya wo guceceka guteye ubwoba, ubwo ni bwo Yesu yavugaga ati: “Abafite amaboko atanduye n’imitima iboneye ni bo bazabasha guhagarara badatsinzwe; Ubuntu bwanjye burabahagije.” Ibyo bituma mu maso hacu harabagirana, maze imitima yose isabwa n’umunezero. Ubwo igicu cyarushagaho kwegera isi, abamarayika bongeye guhanika indirimbo. [IZ 35.2](#)

Noneho igihe Yesu yamanukaga ku bicu agoswe n’ibirimi by’umuriro, ya mpanda ye y’ifeza yaravuze. Yerekeza amaso ye ku bituro by’abera basinziriye, nuko yubura amaso ye azamura n’amaboko ayatunga ku ijuru, ararangurura ati: “Nimukanguke! Nimukanguke! Yemwe abasinziriye mu mukungugu mwe, nimuve mu bituro.” Nuko habaho igishyitsi gikomeye, ibituro birakinguka abapfuye bavamo bambaye kudapfa. Ba bantu 144.000 babonye incuti zabo bari baratandukanyijwe n’urupfu maze batera hejuru bati: “Haleluya.” Muri ako kanya turahindurwa tujyananwa na bo gusanganirira Umwami mu kirere. [IZ 36.1](#)

Twese tujyanwa mu gicu, kandi tumara iminsi irindwi tuzamuka twerekeje iyo ku nyanja y’ibirahuri. Nuko Yesu azana amakamba, ayatamiriza ku mitwe yacu n’ukuboko kwe kw’iburyo. Aduhereza inanga z’izahabu n’imikindo yo kunesha. Kuri iyo nyanja y’ibirahuri ni ho ba bantu 144000 bahagaze bayikikije mu buryo bunogeye amaso. Bamwe muri bo bari bafite amakamba arabagirana cyane, abandi bafite atarabagirana cyane. Amakamba amwe yagaragaraga ko aremerejwe n’inyenyeri nyinshi zitatsweho,

naho andi ariho inyenyeri nke. Bose bari banyuzwe rwose n'amakamba yabo. Kandi bose bari bambaye igishura byera kuva ku ntugu kugera ku birenge. Ubwo twagendaga twerekeje ku nyanja y'ibirahuri tugana ku irembo ry'umurwa, abamarayika bari badushagaye. Yesu arambura ukuboko kwe gukomeye kw'ubwiza, afata kuri ya marembo arimbishijwe imaragarita, akingura urugi rwikaraga ku mapata yarwo arabagirana, maze arwigizayo araturwira ati: "Mwameshe ibishura byanyu mu maraso yanjye, mwahagarariye ukuri kwanjye mutajegajega, nimwinjire." Twese turinjira maze twiyumvamo uburenganzira busesuye muri uwo murwa. [IZ 36.2](#)

Muri uwo murwa twahabonye igiti cy'ubugingo n'intebe y'ubwami y'Imana. Ku ntebe y'Imana haturukaga uruzi ruboneye rw'amazi y'ubugingo, kandi hakurya no hakuno y'urwo ruzi hari igiti cy'ubugingo. Ku nkengero imwe y'urwo ruzi hari igiti cy'inganzamarumbo no ku yindi hari ikindi. Byombi byari byiza kandi bitatswe izahabu irabagirana. Ku ikubitiro nibwiye ko nabonye ubwoko bubiri bw'ibiti. Nongeye kwitegereza mbona ko ibyo biti bifataniye mu bushorishori bwabyo bikaba igiti kimwe. icyo cyari igiti cy'ubugingo cyari hakurya no hakuno y'uruzi rw'ubugingo. Amashami yacyo yari abogamiye aho twari duhagaze, kandi imbuto zacyo zari nziza cyane; zisa n'izahabu ivanze n'umuringa. [IZ 36.3](#)

Twese tujya muni y'icyo giti turicara kugira ngo turebe ubwiza bw'aho hantu. Muri icyo gihe abavandimwe bacu Fitch na Stockman 31 bari barabwirije ubutumwa bwiza bw'ubwami, kandi Imana ikaba yari yaremeye ko bipfira kugira ngo ibakize, baje kudasanga, batubaza ibyo twanyuzemo mu gihe bari basinziriye. Twagerageje kwibuka amakuba akomeye twanyuzemo ariko yari angana urwara agereranyijwe n'ikuzo rihoraho kandi ritarondoreka byari bituzengurutse ku buryo tutabasha kubivuga, maze twese turarangurura tuti: "Halleluya, ijuru ni iry'igiciro cyinshi." Maze inkomanizo z'imiryango y'ijuru ziranyeganyega. [IZ 37.1](#)

Yesu aturangaza imbere twese turamanuka tva mu murwa twerekeza kuri iyi si, ku musozi munini cyane kandi w'icyubahiro. Uwo musozi ntiwashoboye kwihanganira Yesu wari uwuhagazeho, maze usadukamo kabiri, haba ikibaya kinini cyane. Hanyuma turebye hejuru tubona ururembo runini, rufite imfatiro cumi n'ebiyiri, n'amarembo cumi n'abiri, atatu atatu kuri buri ruhande, kandi kuri buri rembo hari umumarayika. Twese turarangurura tuti: "Ururembo, ururembo rukomeye, ruraje, ruje ruturuka mu ijuru ku Mana." Maze ruraza, ruhagarara aho twari duhagaze. Nuko dutangira kwitegereza ibyiza byari hanze y'urwo rurembo. Muri rwo nahabonye amazu meza cyane yasaga n'ifeza, atewe inkingi enye zishyizweho imaragarita zifite ubwiza buhebuje bwo kurebwa. Muri yo ni ho abera bajyaga gutura. Mu nzu yose harimo ububiko busizwe zahabu. Nabonye benshi mu bera binjira muri ayo mazu, bakuramo amakamba yabo arabagirana, bayashyira kuri ubwo bubiko, nuko barasohoka bajya mu murima wari ukikije inzu kugira ngo bagire ibyo bakora ku butaka, bitari nk'uko dukora hano mu isi. Oya rwose! Umucyo utangaje warabagirana ku mitwe yabo bose, kandi bakomezaga kurangurura basingiza Imana. [IZ 37.2](#)

Nabonye undi murima wuzuyemo uburabyo bw'amoko yose, kandi ubwo nabucaga nararanguruye nti: « Ntibuzigera bwuma. » Hafi aho nahabonye umurima urimo ibyatsi

birebire binogeye amaso. Byahoraga bitoshye kandi uko byahungabanaga byitegeye ubwiza bw'Umwami Yesu, byavagaho umucyo usa n'ifeza n'izahabu. Hanyuma twinjira mu wundi murima urimo inyamaswa z'ubwoko bwose. Intare, umwana w'intama, ingwe, n'ikirura byose byari bibanye mu mutekano. Tuzinyura hagati, maze zidukurikira zituje. Hanyuma twinjira mu ishyamba ritari nk'ishyamba ricuze umwijima ryo muri iyi si; ahubwo ryari ishyamba ryuzuye umucyo n'ubwiza buhebuje. Amashami y'ibiti byo muri ryo yahungabaniraga hirya no hino, maze twese turarangurura tuvuga tuti: « Tuzigumira muri iri shyamba, twiryamire muri ibi bita. » Duca iryo shyamba, kuko twerekezaga ku musozi Siyoni. [IZ 38.1](#)

Ubwo twari mu rugendo, twahuye n'itsinda ry'abantu na bo batumbiriye ubwiza bw'aho hantu. Nuko mbona inshunda z'imyambaro yabo zitukura; amakamba yabo arabagirana; kandi amakanzu yabo yeraga nk'urubura. Tubaramukije mbaza Yesu abo ari bo. Ambwira yuko ari abishwe ari we bazira. Bari bari kumwe n'abana batagira ingano; nabo bari bafite inshunda zitukura ku myambaro yabo. Umusozi Siyoni wari imbere yacu, kandi kuri uwo musozi hari urusengeru rwiza cyane, kandi rwari rukikijwe n'indi misozi irindwi yari iriho indabo nziza za roza n'amaroma. Mbona twa twana duterera, cyangwa twashaka tukagurukisha utubaba twatwo, tukagwa mu mpinga z'iyi misozi maze tugaca ubwo burabyo budateze kuma na rimwe. Iruhande rw'urwo rusengeru, hari ibiti by'amoko yose birimbishije aho hantu, birimo imizabibu, imikomamanga, imyerayo, imitini n'imikindo. Ndetse amashami y'imitini yari acuramye hasi aremerewe n'imbutu zawo. Ibyo byose byatumaga aho hantu hose haba ah'igikundiro. Maze tugiye kwinjira mu rusengeru, Yesu arangurura ijwi rye ryiza cyane aravugaga ati: "Abinjira aha hantu ni abantu 144,000 gusa;" maze natwe turangurura tuvugaga tuti: "Halleluya." [IZ 38.2](#)

Urwo rusengeru rwari rufashwe n'inkingi ndwi, kandi zose ari izahabu irabagirana, zitatsweho imaragarita nziza cyane. Ibyo bintu bitangaje nahabonye sinashobora kubisobanura. Iyo mbasha kuvugaga ururimi rw'i Kanani, nari kubasha gusobanura bike mu byiza byaho. Nahabonye ibisate by'amabuye byanditsweho amazina ya ba bandi ibihumbi 144. Kandi yari yanditswe mu nyuguti z'izahabu. Tumaze kwitegereza ubwiza bw'urwo rusengeru, twarasohotse, maze Yesu aradusiga ajya mu rurembo. Bidatinze twongera kumva ijwi rye rinezeza rivugaga riti: "Bwoko bwanjye nimuze, mwavuye mu mubabaro ukomeye, kandi mwakoze ibyo nshaka; mubabazwa babampora, nimwinjire dusangire, kuko ngiye gukenyera, nkabahereza." Natwe turangururira rimwe tuti : "Halleluya! Ikuzo ribe iry'Imana!" Nuko twinjira mu rurembo. Maze mbona ameza akozwe mu ifeza nziza; yari afite uburebure bwa kilometero nyinshi, ariko amaso yacu yabashaga kuyareba akayaheza. Mbona imbuto z'igiti cy'ubugingo, manu, imbuto z'imitini, imizabibu, amakomamanga, amaseri y'imbutu n'andi moko menshi y'imbutu. Nasabye Yesu kunkundira kurya kuri izo mbuto. Yaramwiye ati: "Si ubu. Abariye kuri izi mbuto ntibababazwa bagisubirye mu isi ukundi. Ariko nuba umukiranutsi, hasigaye igihe gito ukazarya ku mbuto z'igiti cy'ubugingo kandi ukanywa ku mazi ya ya soko." "Kandi arambwira ati: "Ukwiriye kongera gusubira ku isi maze ukabwira abandi ibyo naguhishuriye." Nuko marayika angarurana ubwitonzi kuri iyi si y'umwijima. Rimwe na rimwe njya nibwira ko ntakwiriye kuguma kuri iyi si ukundi kuko ibyaho byose ari

umwaku. Kandi ndi mu bwigunge kuri iyi si bitewe n’uko nabonye igihugu kirushijeho kuba cyiza. Iyo ngira amababa nk’ay’inuma, mba ngurutse nkigira kwiruhukira! [IZ 38.3](#)

Nkimara kuva mu iyerekwa, nabonye ibintu byose byahindutse; umwijima wabuditse kubyo nabonaga. Mbega ukuntu nabonaga ko iyi si ari umwijima w’icuraburindi! Ubwo nibonaga kuri iyi si naraboroze, kandi numva mfite urukumbuzi. Nabonye isi irushaho kuba nziza, bityo yatumye iyi iba umwaku. Natekerereje ibyo nabonye rya tsinda rito ry’abo twasenganaga i Portland, maze bizera badashidikanya ko byavuye ku Mana. icyo cyari igihe gikomeye. Ubwiza bw’ibizahoraho bwakomeje kuba kuri twe. Hashize icyumweru mpawe iryo yerekwa, Umwami yongeye kumpa irindi yerekwa maze anyereka ibigeragezo ngomba kuzanyuramo, kandi ko ngomba kujya kubwira abandi ibyo yampishuriye, ndetse ko nzahura n’abandwanya bityo kubwo kugenda nkazagira umubabaro mu buryo bw’umwuka. Ariko marayika yarambwiye ati: ‘Ubuntu bw’Imana buraguhagije kuko izagukomeza.’ Nkimara kuva muri iryo yerekwa, nahuye n’akaga gakomeye. Ubuzima bwanjye ntibwari bumeze neza na hato kandi icyo gihe nari mfite imyaka cumi n’irindwi gusa. Nari nzi ko abantu benshi bagiye bagwa kubwo gushyirwa hejuru, bityo menya ko iyo nanjye njya gushyirwa hejuru mu buryo ubwo ari bwo bwose, Imana yajyaga kundeka maze nkazimira ntakabuza. Nasanze Imana nsenga maze nyisaba ko uwo mutwaro yawuha undi. Byasaga n’aho njye ntawushoboye. Nubitse umutwe igihe kirekire, ariko umucyo nashoboraga kubona wari uwambwiraga ngo: ‘Menyesha abandi ibyo naguhishuriye.’ [IZ 39.1](#)

Mu iyerekwa ryakurikiyeho nasabye Imana nkomeje ko niba ngomba kugenda nkavuga ibyo yanyeretse, ikwiriye kuzandinda kwishyira hejuru. Noneho inyereka ko isengesho ryanjye ryasubijwe, kandi ko ningwa mu kaga ko kwishyira hejuru, ukuboko kwayo kwari kunkoraho bigatuma ndwara. Marayika yarambwiye ati: “Nutanga ubutumwa nk’uko buri, kandi ukihanga ukageza ku iherezo, uzarya ku mbuto z’igiti cy’ubugingo kandi uzanywa no ku mazi y’uruzi rw’ubugingo.” [IZ 39.2](#)

Bidatinze, inkuru yasakaye hose ko ibyo neretswe ari ingaruka yo gutwarwa Intekerezo [32](#) kandi Abadiventisiti benshi bari biteguye kubyemera no gukwirakwiza iyo nkuru. Umuganga umwe wari icyamamare muri uko gutwara intekerezo z’abantu bakaba nk’abatewe ikinya yambwiye ko ibyo mvuga ari ingaruka yo gutakaza ubwenge, ko ndi umuntu woroheje cyane, ko nawe ashobora kungenza uko ashaka maze agatuma mpangwaho n’imyuka. Namubwiye ko Imana yanyeretse ko gutwara abantu ubwenge bakaba nk’abatewe ikinya bituruka kuri sekibi ikuzimu, kandi ko bidatinze azajugunyanwayo n’abakomeje gukoresha ubwo buryo. Namuhaye uburenganzira bwo kugerageza kuntwara intekerezo niba yabishobora. Yagerageje igihe gisaga igice cy’isaha, akoresha uburyo bunyuranye, nyuma biramunanira arazibukira. Kubwo kwizera Imana, nabashije guhagarara ntsinda imbaraga ze ku buryo zitashoboye kugira icyo zinkoraho na gito. [IZ 39.3](#)

Iyo mpererwa iyerekwa mu iteraniro, benshi bajyaga kuvuga ko ari ugutwarwa kandi ko hari umuntu wanyobeje ubwenge nk’uwanteye ikinya. Hanyuma nagiyeye njya mu ishyamba ahiherereye ndi nnyenyine, aho nta jisho ryabashaga kumbona cyangwa ngo hagire umuntu unyumva maze ngasenga bityo rimwe na rimwe Imana ikahampera

iyerekwa. icyo gihe narishimaga maze nkababwira ko Imana yambonekeye ndi jyenyine, aho nta muntu upfa washoboraga kugira icyo ankoraho. Ariko hari abantu bamwe bambwiye ko ari nje ubwanjye witesheje ubwenge maze nkihangishaho. Naratekereje nti: 'Mbese bigeze aho abasanga Imana bataryarya kugira ngo bayisabe kubasohoreza amasezerano n'agakiza kayo bashinjwa ko ibyo barimo ari ubupfapfa kandi ko batwawe n'imbaraga yo gutesha abantu ubwenge?' 'Mbese twaba dusaba umugati Data wa twese udukunda uri mu ijuru, maze akaduha ibuye cyangwa inzoka?' Ibyo bintu byakomerekeje intekerezo zanjye, bituma umutima wanjye ugira agahinda gasaze, uri hafi kwiheba mu gihe hari benshi banyizezaga ko nta Mwuka Muziranenge ubaho, kandi ko ibyabaye ku bera b'Imana byari uguta ubwenge gusa cyangwa bikaba byari ubushukanyi bwa Satani. [IZ 40.1](#)

Muri iki gihe, muri Maine hari ubwaka. Abantu bamwe baretse rwose gukora kandi bitandukanya n'abantu bese batemeye ibitekerezo byabo ku byerekeranye n'iyi ngingo ndetse n'ibindi bintu bafataga ko ari inshingano z'iby'iyobokamana. Ayo makosa yose Imana yayampishuriye mu iyerekwa maze irangije inyohereza ku bana bayo bayobye kugira ngo nyavuge. Nyamara benshi muri bo bamaganye ubwo butumwa bivuye inyuma, maze bashinje ko nisanisha n'ab'isi. Ku rundi ruhande, abari Abadiventisiti ku izina bashinje kuba umwaka maze abantu bamwe b'abanyabibi bamvuga ibinyoma ko ndi umuyobozi w'ubwo bwaka kandi mu by'ukuri narakoraga kugira ngo bukosorwe. Ibihe byinshi byagiye bishyirwaho bavuga ko Umwami azagaruka kandi babyemezaga abavandimwe bacu mu kwizera. Nyamara Umwami yanyeretse ko ibyo bihe byose bigomba guhita, kuko hagomba kubanza kubaho ibihe by'amakuba mbere yo kugaruka kwa Kristo, kandi ko igihe cyose cyashyizweho kigahita cyagombaga gusa gucogoza ukwizera k'ubwoko bw'Imana. Kubera ibyo, nashinjwe kuba nka wa mugaragu mubi wibwiye mu mutima we ati: 'Umwami wanjye atinze kugaruka.' Ibyo bintu byose byaremereye umutima wanjye cyane, maze muri urwo rujijo rimwe na rimwe nkageragereshwa gushidikanya kubyo nanyuzemo. Igitondo kimwe ubwo nari mu masengesho y'umuryango, imbaraga y'Imana yatangiye kunzaho, maze muri nje haza igitekerezo cy'uko byaba ari uguhangwaho birimo guta ubwenge bituma nyirwanya. Ako kanya nahise mpinduka ikiragi kandi mara akanya ntashobora kumenya ibiri iruhande rwanjye byose. Hanyuma mbona icyaha cyanjye cyo gushidikanya imbaraga y'Imana, kandi mbona ko kubw'uko gushidikanya nagizwe ikiragi ndetse ko ururimi rwanjye rutazagobodoka hatarashira amasaha makumyabiri n'ane. Nabonye imbere yanjye hari urupapuro ruriho amagambo yandikishijwe izahabu yo mu bice n'imirongo mirongo itanu [33](#) byo mu Byanditswe Byera. Mvuye muri iryo yerekwa, nasabye urubaho maze nandikaho ko nabaye ikiragi, ndetse nandika n'ibyo nabonye kandi ko nifuzaga Bibiliya nini. Nafashe Bibiliya maze mpita ndeba ya masomo yose nabonye ku rupapuro. Namaze umunsi wose ntashobora kuvuga. Mu gitondo cya kare cy'umunsi wakurikiyeho umutima wanjye wuzuye ibyishimo, maze ururimi rwanjye ruragobodoka mpimbaza Imana. Nyuma y'ibyo, sinongeye guhangara gushidikanya imbaraga z'Imana cyangwa ngo ngire n'akanya gato ndwanya imbaraga y'Imana kabone n'ubwo abandi bagira uko bantekereza. [IZ 40.2](#)

Mu 1846, ubwo nari ahitwa Fairhaven ho muri Leta ya Masashiseti (Massachusetts), murumuna wanjye (wakundaga kumperekeza aho ngiye hose), umuvandimwe A, na

musaza wanjye G., twese twafashe ubwato twerekeza mu kirwa cy'Uburengerazuba ngo dusure umwe mu miryango yaho. Igihe twatangiraga urugendo, hari mu gicuku. Ubwo umuraba wahagurukaga ukadutungura, twari tumaze kugenda urugendo rugufi. Warahoreye kandi imirabyo irarabya, maze imvura itangira kutunyagira imeze nk'amasoko adudubiza. Byagaragaraga neza ko tugomba kurohama keretse gusa turamutse dutabawe n'Imana. [IZ 41.1](#)

Napfukamyeye mu bwato maze ntangira gutakambira Imana ngo iturokore. Maze aho kuri icyo mivumba yadukozaga hirya no hino ubwo amazi yari yazamutse yenda kurengera ubwato twarimo, najyanwe mu iyerekwa maze mbona ko bidatinze agatonyanga kose kagiye gukama ntiturohame kuko ari bwo umurimo wanjye wari utangiye. Nkimara kuva mu iyerekwa, ubwoba bwose nari mfite bwarayoyotse maze turaririmba dusingiza Imana. Ka kato kacu gato kahindutse nk'urusengerero rw'abasare rurerebwa. Umwanditsi w'ikinyamakuru cyitwaga Integuza yo kugaruka kwa

Yesu [34](#) yavuze ko amayerekwa yanjye ari ayaturutse ku gukorerwaho gahunda zituma umuntu ata ubwenge. Ariko ndamubaza nti, "Ni ayahe mahirwe yariho yari gutuma hakorwa izo gahunda mu gihe cyari kimeze nka kuriya?" Umuvandimwe wanjye G. yari afite uburyo bwose bwo kwita kuri ubwo bwato. Yagerageje gutsika ubwato ariko birananirana. Igihe ka kato kacu gato kateraganwaga n'umuraba kandi kagatwarwa n'umuyaga hari hijimye ku buryo tutashoboraga kureba ku mpera z'ubwato. Bidatinze, igitsikabwato cyarafashe maze umuvandimwe G. aratabaza. Kuri icyo kirwa hari inzu ebyiri gusa, maze tubona turi hafi y'imwe muri zo nyamara siyo twifuzaga kugeraho. Ab'umuryango bose bari bagiye kuryama uretse ko kubw'amahirwe umwana muto yumvise ijwi ritabariza mu mazi. Bidatinze se yaje kudutabara, maze adushira mu kato gato atujyana ku nkombe. Twamaze hafi iryo joro ryose dushima Imana kandi tuyisingiriza ineza itarondoreka yatugiriye. [IZ 41.2](#)

Amasomo Ellen G. White Yavuze Ko Yaherewe Mu Iyerekwa

"Nuko dore uragobwa ururimi, kandi ntuzabasha kuvuga kugeza umunsi ibyo bizakuberaho, kuko utemeye ko amagambo yanjye azasohora mu gihe cyayo." Luka 1:20. [IZ 42.1](#)

Ibyo Data afite byose ni ibyanjye, ni cyo gitumye mvuga nti: 'Azenda ku byanjye abibabwire.' Yohana 16:15. [IZ 42.2](#)

Bose buzuzwa Umwuka Wera, batangira kuvuga izindi ndimi nk'uko Umwuka yabahaye kuzivuga. Ibyakozwe n'intumwa 2:4. [IZ 42.3](#)

Kandi none Mwami Mana, reba ibikangisho byabo, uhe abagaragu bawe kuvuga ijambo ryawe bashize amanga rwose, ukiramburira ukuboko kwawe kugira ngo gukize, gukore n'ibimenyetso n'ibitangaza mu izina ry'Umugaragu wawe wera Yesu." Bamaze gusenga, aho bari bateraniye haba umushyitsi, bese buzuzwa Umwuka Wera, bavuga ijambo ry'Imana bashize amanga. Ibyakozwe n'intumwa 4:29-31. [IZ 42.4](#)

“Ibyejejwe by’Imana ntimukabihe imbwa , kandi n’imaragarita zanyu ntimukazite imbere y’ingurube, kugira ngo zitaziribata maze zikabahindukirana zikabarya. “Musabe muzahabwa, mushake muzabona, Mukomange ku rugi muzakingurirwa. Kuko umuntu wese usaba ahabwa, ushatse abona, n’ukomanga agakingurirwa. Mbese muri mwe hari umuntu umwana we yasaba umutsima akamuha ibuye, cyangwa Yamusaba ifi akamuha inzoka? Ko muri babi kandi mukaba muzi guha abana banyu ibyiza, none So wo mu ijuru ntazarushaho guha ibyiza ababimusabye? “Nuko ibyo mushaka ko abantu Babagirira byose mube ari ko mubagirira namwe, kuko ayo ari yo mategeko n’ibyahanuwe. “Mwirinde abahanuzi b’ibinyoma baza aho muri basa n’intama, ariko imbere ari amasega aryana. Matayo 7:6-12,15. [IZ 43.1](#)

Kuko abiyita Kristo n’abahanuzi b’ibinyoma bazaduka bakora ibimenyetso bikomeye n’ibitangaza, kugira ngo babone uko bayobya n’intore niba bishoboka. Matayo 24:24.[IZ 43.2](#)

Nuko rero nk’uko mwakiriye Kristo Yesu Umwami wacu abe ari ko mugendera muri we, mushōreye imizi muri we kandi mwubatswe muri we, mukomejwe no kwizera nk’uko mwigishijwe, mufite ishimwe Ryinshi risesekaye. Mwirinde, hatagira umuntu ubanyagisha ubwenge bw’abantu n’ibihendo by’ubusa Bikurikiza imihango y’abantu, iyo bahawe na ba sekuruza ho akarande, kandi bigakurikiza imigenzereze ya mbere y’iby’isi bidakurikiza Kristo. Abakolosayi 2:6-8. [IZ 43.3](#)

Nuko rero ntimute ubushizi bw’ubwoba bwanyu bufite ingororano ikomeye. Kuko mukwiriye kwihangana kugira ngo nimumara gukora ibyo Imana ishaka, muzahabwe ibyasezeranijwe. “Haracyasigaye igihe kigufi cyane, Kandi uzaza ntazatinda. Ariko umukiranutsi wanjye azabeshwaho no kwizera. Nyamara nasubira inyuma, umutima wanjye ntuzamwishimira.” Ariko twebweho ntidufite Gusubira inyuma ngo turimbuke, ahubwo dufite kwizera kugira ngo tuzakize ubugingo bwacu. Abaheburayo 10:35-39.[IZ 43.4](#)

kuko uwinjiye mu buruhukiro bwayo na we aba aruhutse imirimo ye nk’uko Imana yaruhutse iyayo. Nuko tugire umwete wo kwinjira muri ubwo buruhukiro, kugira ngo hatagira umuntu ugwa akurikije icyitegererezo cya ba bandi cyo kutumvira. Kuko ijambo ry’Imana ari rizima, rifite imbaraga kandi rikagira ubugi buruta ubw’inkota zose, rigahinguranya ndetse kugeza ubwo rigabanya ubugingo n’umwuka, rikagabanya ingingo n’umusokōro kandi rikabangukira kugenzura ibyo umutima wibwira ukagambirira. Abaheburayo 4:10-12. [IZ 43.5](#)

Icyo nzi neza rwose ntashidikanya, ni uko lyatangiyeye umurimo mwiza muri mwe izawurangiza rwose, kugeza ku muni wa Yesu Kristo, Icyakora, ingeso zanyu zimere nk’uko bikwiriye ubutumwa bwiza bwa Kristo, kugira ngo ninza kubasura cyangwa nintaza, nzumve ibyanyu yuko mushikamye mu Mwuka umwe muhuje umutima, kandi murwanira hamwe ku bwo kwizera ubutumwa bwiza, mudakangwa n’ababisha bo mu buryo bwose. Ubwo butwari bwo kudatinyanya kwanyu kuri bo ni ikimenyetso cyo urimbuka kwabo, naho kuri mwe ni ikimenyetso cy’agakiza kanyu kava ku Mana. Kuko mutahawe kwizera Kristo gusa, ahubwo mwahawe no kubabazwa ku bwe. Abafilipi 1:6, 27-29. [IZ 43.6](#)

Kuko Imana ari yo ibatera gukunda no gukora ibyo yishimira. Mukore byose mutitotombana, mutagishanya impaka 15 kugira ngo mutabaho umugayo cyangwa uburyarya, mube abana b'Imana Batagira inenge hagati y'ab'igihe kigoramye cy'ubugoryi, abo mubonekeramo nk'amatabaza mu isi. Abafilipi 2:13-15. [IZ 44.1](#)

Ibisigaye mukomerere mu Mwami no mu mbaraga z'ubushobozi bwe bwinshi. 11 Mwambare intwaro zose z'Imana, kugira ngo mubashe guhagarara mudatsinzwe n'uburiganya bwa Satani. Kuko tudakirana n'abafite amaraso n'umubiri, ahubwo dukirana n'abatware n'abafite ubushobozi n'abatega iyi si y'umwijima, n'imyuka mibi y'ahantu ho mu ijuru. Nuko rero mutware intwaro zose z'Imana, kugira ngo mubashe gukomera ku munsu mubi, kandi murangije byose mubashe guhagarara mudatsinzwe. Muhagarare mushikamye mukenyeye ukuri, mwambaye gukiranuka nk'icyuma gikingira igituza, mukwese inkweto, ari zo butumwa bwiza bw'amahoro bubiteguza, kandi ikigeretse kuri byose mutware kwizera nk'ingabo, ari ko muzashoboza kuzimisha imyambi ya wa mubi yose yaka umuriro. Mwakire agakiza kabe ingofero, mwakire n'inkota y'Umwuka ari yo Jambo ry'Imana, 18 musengeshe Umwuka iteka mu buryo bwose bwo gusenga no kwinginga, kandi ku bw'ibyo mugumye rwose kuba maso, musabire abera bese. Abefeso 6:10-18. [IZ 44.2](#)

Mugirirane neza, mugirirane imbabazi, mubabarirane ibyaha nk'uko Imana yabababaririye muri Kristo. Abefeso 4:32. [IZ 44.3](#)

Nuko rero ubwo mwiyejesheje imitima kumvira ukuri kugira ngo mubone uko mukunda bene Data mutaryarya, mukundane cyane mu mitima. 1Petero 1:22. [IZ 44.4](#)
Ndabaha itegeko rishya ngo mukundane nk'uko nabakunze, mube ari ko namwe mukundana. Ibyo ni byo bese bazabamenyeraho ko muri abigishwa banjye, nimukundana." Yohana 13:34,35. [IZ 44.5](#)

Ngaho nimwisuzume ubwanyu, mumenye yuko mukiri mu byo twizera kandi mwigerageze. Mbese ntimwimenya kandi ntimuzi yuko Yesu Kristo ari muri mwe? Keretse ahari mubaye abagawa. 2Abakorinto 13:5. [IZ 44.6](#)

Nk'uko ubuntu bw'Imana nahawe bungana, nashyizeho urufatiro nk'umwubakisha mukuru w'ubwenge, undi yubakaho. Ariko umuntu wese yirinde uko yubakaho, 11 kuko nta rundi rufatiro umuntu abasha gushyiraho keretse urwashyizweho, ari rwo Yesu Kristo. Ariko umuntu niyuba ka kuri urwo rufatiro Izahabu cyangwa ifeza, cyangwa amabuye y'igiciro cyinshi cyangwa ibiti, cyangwa ibyatsi cyangwa ibikenyeri, umurimo w'umuntu wese uzerekanwa. Urya munsu ni wo uzawerekana kuko uzahishuzwa umuriro, akaba ari wo kandi uzagerageza umurimo w'umuntu wese. 1Abakorinto 3:10-13. [IZ 45.1](#)

Mwirinde ubwanyu, murinde n'umukumbi wose Umwuka Wera yabashyiriyeho kuba abarinzi, kugira Ngo muragire Itorero ry'Imana, iryo yaguze amaraso yayo. Nzi yuko nimara kuvaho, amasega aryana azabinjiramo ntababarire umukumbi. Kandi muri mwe

ubwanyu hazaduka abantu Bavugira ibigoramye, kugira ngo bakururire abigishwa inyuma yabo. Ibyakozwe n'Intumwa 20:28-30. [IZ 45.2](#)

Ndatangazwa n'uko mwimuye vuba mutyo, mukareka uwabahamagariye guhabwa ubuntu bwa Kristo Mukajya ku bundi butumwa, nyamara si ubundi ahubwo ni ikindi. Hariho abantu babahagarika imitima, Bagashaka kugoreka ubutumwa bwiza bwa Kristo. Ariko nihagira ubabwiriza ubutumwa butari ubwo twababwirije, ari twe cyangwa ndetse marayika uvuye mu ijuru, avumwe. Nk'uko twabanje kubivuga na none nongeye kubivuga nti "Niba umuntu ababwira ubutumwa budahura n'ubwo mwemeye mbere avumwe." Abagalatiya 1:6-9. [IZ 45.3](#)

Nuko ibyo mwavugiye mu mwijima byose bizumvikanira mu mucyo, n'icyo mwongoreraniye mu mazu Imbere kizavugirwa hejuru yayo. "Kandi ndababwira mwebwe ncuti zanjye nti 'Ntimugatinye abica umubiri, hanyuma ntibagire ikindi babatwara . Ahubwo ndabereka uwo mukwiriye gutinya: mutinye umara kwica umuntu agashobora kumujugunya muri Gehinomu. Ni koko, ndababwira abe ari we utinya.' "Mbese ibishwi bitanu ntibigurwa amakuta abiri ? Nyamara nta na kimwe muri byo cyibagirana mu maso y'Imana. Ndetse n'umusatsi wo ku mitwe yanyu wose warabazwe. Ntimutinye rero, kuko muruta ibishwi byinshi. Luka 12:3-7. [IZ 45.4](#)

Kuko handitswe ngo: 'Izagutegekera abamarayika bayo bakurinde', kandi ngo 'Bazakuramira mu maboko yabo ngo udakubita ikirenge ku ibuye.' " Luka 4:10,11. [IZ 45.5](#)

Imana yategetse umucyo kuva uturutse mu mwijima, ni yo yaviriye mu mitima yacu, kugira ngo Imurikishe ubwenge bwo kumenya ubwiza bw'Imana buri mu maso ha Yesu Kristo. Ariko dufite ubwo butunzi mu nzabya z'ibumba, kugira ngo imbaraga zisumba byose zibe iz'Imana zidaturutse kuri twe. Dufite amakuba impande zose ariko ntidukuka imitima, turashobewe ariko ntitwihebye, turarenganywa ariko ntiduhānwa, dukubitwa hasi ariko ntidutsindwa rwose. 2 Abakorinto 4:6-9. [IZ 45.6](#)

Kuko kubabazwa kwacu kw'igihwayihwayi kw'akanya ka none kwiyongeranya, kuturemera ubwiza bw'iteka ryose bukomeye. Natwe ntitureba ku biboneka, ahubwo tureba ku bitaboneka kuko ibiboneka ari iby'igihe gito, naho ibitaboneka bikaba iby'iteka ryose. 2 Abakorinto 4:17,18. [IZ 46.1](#)

Mwebwe abarindwa n'imbaraga z'Imana ku bwo kwizera, murindirwa agakiza kiteguwe kuzahishurwa mu gihe cy'imperuka. Ni cyo gituma mwishima, nubwo ahari mukwiriye kumara igihe gito mubabazwa n'ibibagerageza byinshi, kugira ngo kwizera kwanyu kugaragare ko kurusha izahabu igiciro cyinshi (kandi izahabu nubwo ishira igeragereshwa umuriro), kandi kugira ngo kwizera kwanyu kugaragare ko ari uk'ukuri, amaherezo kuzabahesha ishimwe n'ubwiza n'icyubahiro ubwo Yesu Kristo azahishurwa. 1 Petero 1:5-7. [IZ 46.2](#)

Kuko none turi bazima ubwo muhagaze mushikamye mu mwami. 1Abatesalonike 3:8. [IZ 46.3](#)

Uwizera akabatizwa azakizwa, ariko utizera azacirwaho iteka. Kandi ibimenyetso bizagumana n'abizera ngibi: bazirukana abadayimoni mu izina ryanjye, bazavuga indimi nshya. Mariko 16:17,18. [IZ 46.4](#)

Ababyeyi be barabasubiza bati: "Tuzi yuko uyu ari umwana wacu, kandi yavutse ari impumyi. None arareba ariko igituma areba ntitukizi, kandi n'uwamuhumūye ntitumuzi. Nimumwibarize namwe, ni Umugabo mukuru arivugira." Icyatumye ababyeyi be bavuga batyo ni uko batinyaga Abayuda, kuko Abayuda bari bamaze guhuza inama, yuko umuntu wese uzerura Yesu ko ari Kristo acibwa mu sinagogi. [IZ 46.5](#)

Ni cyo cyatumye ababyeyi be bavuga bati: "Ni umugabo mukuru nimumwibarize." Nuko rero uwari impumyi bamuhamagara ubwa kabiri, baramubwira bati "Shima Imana, twebwe tuzi yuko uwo muntu ari umunyabyaha." Na we arabasubiza ati: "Niba ari umunyabyaha simbizi, icyo nzi ni kimwe, ni uko nari impumyi none nkaba ndeba." Baramubaza bati "Yakugenjeje ate? Yaguhumūye ate?" Arabasubiza ati: "Maze kubibabwira ntimwabyumva. Icyo mushakira kubyumva ubwa kabiri ni iki? Mbese namwe murashaka kuba abigishwa be?" Yohana 9: 20-27. [IZ 46.6](#)

Kandi icyo muzasaba cyose mu izina ryanjye , nzagikorera kugira ngo Data yubahirizwe mu Mwana we. Nimugira icyo musaba cyose mu izina ryanjye nzagikora. "Nimunkunda muzitondera amategeko yanjye. Yohana 14:13-15. [IZ 46.7](#)

Nimuguma muri jye amagambo yanjye akaguma muri mwe , musabe icyo mushaka cyose muzagihabwa. Ibyo ni byo byubahisha Data, ni uko mwera imbuto nyinshi, mukaba abigishwa banjye. Yohana 15:7,8. [IZ 47.1](#)

Mu isinagogi yabo harimo umuntu utewe na dayimoni, arataka cyane ati: "Duhuriye he Yesu w'i Nazareti? Uje kuturimbura? Ndakuzi uri uwera w'Imana." Yesu aramucyaha ati: "Hora muvemo." Mariko 1:23-25. [IZ 47.2](#)

Kuko menye neza yuko naho rwaba urupfu cyangwa ubugingo, cyangwa abamarayika cyangwa abategeka, cyangwa ibiriho cyangwa ibizaba, cyangwa abafite ubushobozi, cyangwa uburebure bw'igihagararo, cyangwa uburebure bw'ikijyepfo, cyangwa ikindi cyaremwe cyose, bitazabasha kudutandukanya n'urukundo rw'Imana ruri muri Kristo Yesu Umwami wacu. Abaroma 8:38,39. [IZ 47.3](#)

"Wandikire marayika w'Itorero ry'i Filadelifiya uti: "Uwera kandi w'ukuri ufite urufunguzo rwa Dawidi, Ukingura ntihagire ukinga kandi ukinga ntihagire ukingura, aravuga aya magambo ati: 'Nzi imirimo yawe. Dore nshyize imbere yawe urugi rukinguye kandi nta wubasha kurukingira, kuko ufite imbaraga nke nyamara ukitondera ijambo ryanjye, ntiwihakane izina ryanjye. Dore nguhaye bamwe bo mu isinagogi ya Satani biyita Abayuda nyamara atari bo, ahubwo ari abanyabinyoma. Dore nzabahata kuza bikubite imbere y'ibirenge byawe, bamenye yuko nagukunze. Kuko witondeye ijambo ryo kwihangana kwanjye, nanjye nzakurinda igihe cyo kugerageza kigiye kuza mu bihugu byose kugerageza abari mu isi. Ndaza vuba , komeza ibyo ufite hatagira ugutwara ikamba ryawe.' "Unesha nzamugira inkingi yo mu rusengeru rw'Imana yanjye

kandi ntzasohoka ukundi, nanjye nzamwandikaho izina ry’Imana yanjye n’iry’ururembo rw’Imana yanjye ari rwo Yerusalemu nshya, izamanuka iva mu ijuru iturutse ku Mana yanjye, kandi nzamwandikaho izina ryanjye rishya. “Ufite ugutwi niyumve ibyo Umwuka abwira amatorero.” Ibyahishuwe 3:7-13. [IZ 47.4](#)

Abo ni bo batandujwe n’abagore kuko ari abāri. Abo ni bo bakurikira Umwana w’Intama aho ajya hose. Bacunguriwe mu bantu kugira ngo babe umuganura ku Mana no ku Mwana w’Intama. Mu kanwa kabo ntihabonetsemo ibinyoma, kuko ari abaziranenge. Ibyahishuwe 14:4,5. [IZ 47.5](#)

Naho twebweho iwacu ni mu ijuru, ni ho dutegereje Umukiza ko azava ari we Mwami Yesu Kristo. Abafilipi 3:20. [IZ 47.6](#)

Nuko bene Data, mwihangane mugeze aho Umwami Yesu azazira. Dore umuhinzi ategereza imyaka y’ubutaka y’igicro, ayirindira yihanganye kugeza aho azabonera imvura y’umuhindo n’iy’itumba. Mube ari ko namwe mwihangana, mwikomeze imitima kuko kuza k’Umwami Yesu kubegereye. Yakobo 5:7,8. [IZ 48.1](#)

Uzahindura uyu mubiri wo gucishwa bugufi kwacu akawushushanya n’umubiri w’ubwiza bwe, kuko afite Imbaraga zo kumubashisha kwigandurira byose. Abafilipi 3:21. [IZ 48.2](#)

Mbona igicu cyera, no ku gicu mbona uwicayeho usa n’Umwana w’umuntu, wambaye ikamba ry’izahabu ku mutwe kandi afite umuhoro utyaye mu intoki ze. Marayika wundi ava mu rusengeru arangurura ijwi riranga, abwira uwicaye kuri icyo gicu ati: “Ahuramo umuhoro wawe, usarure kuko isarura risohoye, kandi ibisarurwa byo mu isi byeze cyane.” Nuko uwicaye ku gicu yahura umuhoro we mu isi, isi irasarurwa. Marayika wundi ava muri rwa rusengeru rwo mu ijuru, na we afite umuhoro utyaye. Ibyahishuwe 14:14-17. [IZ 48.3](#)

Nuko rero, kubw’ibyo haracyariho uburuhukiro bw’isabato bubikiwe abantu b’Imana. Abaheburayo 4:9. [IZ 48.4](#)

Mbona ururembo rwera Yerusalemu nshya rumanuka ruva mu ijuru ku Mana, rwiteguwe nk’uko umugeni arimbishirizwa umugabo we. Ibyahishuwe 21:2 [IZ 48.5](#)

Nuko ngiye kubona mbona Umwana w’Intama ahagaze ku musozi wa Siyoni, ahagararanye n’abantu agahumbi n’inzovu enye n’ibihumbi bine, bafite izina rye n’izina rya Se yanditswe mu ruhanga rwabo. Ibyahishuwe 14:1. [IZ 48.6](#)

Anyereka uruzi rw’amazi y’ubugingo rubonerana nk’isarabwayi, ruva ku ntebe y’Imana n’Umwana w’Intama, rutembera mu nzira nyabagendwa hagati. Hakurya no hakuno y’urwo ruzi, hariho igiti cy’ubugingo cyera imbuto z’uburyo cumi na bubiri, cyera imbuto z’uburyo bumwe bumwe uko ukwezi gutashye. Ibibabi byacyo byari ibyo gukiza amahanga. Nta muvumo uzabaho ukundi, ahubwo intebe y’Imana n’Umwana w’Intama izaba muri urwo rurembo, kandi imbata zayo zizayikorera. Zizabona mu maso hayo izina ryayo ryanditswe mu ruhanga rwazo. Nta joro rizabaho ukundi kandi ntibazagomba kumurikirwa n’itabaza cyangwa kuvirwa n’izuba, kuko Umwami Imana izabavira kandi bazahora ku ngoma iteka ryose. Ibyahishuwe 22:1-5.

AMAYEREKWA YAKURIKIYEHO

Ubwo hari ku muni w'Isabato duteraniye hamwe n'abavandimwe bacu mu kwizera turi i Topsham ho muri Leta ya Maine, mu mwaka wa 1847, Umwami Imana yanyeretse ibi bikurikira: [IZ 49.1](#)

Twiyumvisemo umwuka udasanzwe wo gusenga. Kandi ubwo twasengaga, Mwuka Muziranenge yaratumanukiye. Twaranezerewe cyane. Bidatinze, sinongeye kubona ibyo ku isi maze nereka ikuzo ry'Imana. Nabonye umumarayika aguruka ansanga. Ankura ku isi bwangu anjyana mu Murwa Wera. Muri uwo murwa nahabonye urusengeru maze ninjiramo. Mbere yo kugera ku nyegamo ya mbere, nanyuze mu muryango. Iyo nyegamo yigijweyo maze ninjira ahera. Aho nahabonye urutambiro rwo kosezerezaho imibavu, mbona igitereko cy'amatabaza kiriho amatara arindwi, kandi mbona n'ameza yariho imitsima yo kumurikwa. Maze kwitegereza ubwiza bw'ahera, Yesu yakuyeho inyegamo ya kabiri maze ninjira ahera cyane. [IZ 49.2](#)

Aho hera cyane nahabonye isanduku; hejuru kuri yo no ku mpande yari isizwe izahabu nziza cyane. Kuri buri ruhande rw'isanduku hari abakerubi beza batwikirije iyo sanduku amababa yabo. Abo bakerubi bararebanaga, kandi bose barebaga hasi. Hagati y'abamarayika hari icyotero cy'izahabu. Hejuru y'isanduku aho abamarayika bari bahagaze hari umucyo w'ikuzo rihebuje ryari rimeze nk'intebe y'ubwami aho Imana iba. Yesu yari ahagaze iruhande rw'isanduku, maze ubwo amasengesho y'abera yazamukaga akamugeraho, umubavu wo ku cyotero waracumbaga, maze akageza kuri Se amasengesho yabo avanze n'umwotsi w'uwo mubavu. Muri ya sanduku harimo urwabya rw'izahabu rurimo manu, harimo inkoni ya Aroni yazanye uburabyo, n'ibisate by'amabuye bifatanyijwe neza nk'igitabo. Yesu arabibumbura maze mbona amategeko cumi yandikishijwe urutoki rw'Imana kuri ibyo bisate. Ku gisate kimwe hariho amategeko ane, no ku kindi hariho atandatu. Ayo mategeko ane yo ku gisate cya mbere yarabagiranaga kurusha ayo ku gisate cyariho atandatu. Ariko itegeko rya kane, itegeko rivuga Isabato ryarabagiranaga kurusha andi yose, kuko Isabato yarobanuriwe kugira ngo yubahirizwe mu rwego rwo kubaha izina ryera ry'Imana. Isabato yera yasaga n'ifite isumbwe kuko yari igoswe n'umucyo w'ikuzo. Nabonye ko itegeko ry'Isabato ritigeze ribambwa ku musaraba. Iyo riza kuba ryarabambwe ku musaraba, andi mategeko icyenda asigaye nayo yari kuba yarabambwe bityo tukaba dufite umudendezo wo kuyica yose, nk'uko irya kane ryakwicwa. Nabonye ko Imana itigeze ihindura Isabato, kuko Imana ubwayo itajya ihinduka. Nyamara papa we yahinduye Isabato ayikura ku muni wa karindwi ayishyira ku muni wa mbere w'icyumweru; kuko yagombaga guhindura ibihe n'amategeko. [IZ 49.3](#)

Nabonye kandi ko Imana ibaye arahinduye Isabato ikayikura ku muni wa karindwi ikayishyira ku wa mbere w'icyumweru, yari no kuba arahinduye inyandiko y'itegeko ry'Isabato ryanditswe ku bisate by'amabuye ubu biri mu isanduku, ahera cyane ho mu ngoro yo mu ijuru, bityo hakandikwa ngo: Umuni wa mbere ni wo Sabato y'Uwiteka Imana yawe. Nyamara nabonye ko ryanditswe nk'uko ryari riri mbere ryandikwa ku bisate by'amabuye n'urutoki rw'Imana maze ikabiha Mose ubwo yari ku musozi Sinayi.

Yanditse igira iti: “Ariko umunsi wa karindwi ni wo Sabato y’Uwiteka Imana yawe.” Nabonye ko Isabato yera ari urukuta, kandi izakomeza kuba urukuta rutandukanya Isirayeli nyakuri y’Imana n’abatizera; kandi ko Isabato ari ingingo ikomeye ihurizwaho imitima y’abera bakundwa n’Imana, abera bategereje kugaruka kwa Yesu. [IZ 49.4](#)

Nabonye ko Imana ifite abana batabona Isabato kandi batayubahiriza. Ntibigeze banga umucyo werekeye Isabato. Kandi ku itangira ry’igihe cy’akaga twujwe Mwuka Wera, ubwo twagendaga kandi tukamamaza Isabato tudakebakeba. Ibi byarakaje cyane amatorero n’Abadiventisiti ku izina [35](#), kuko batashoboraga kuvuguruzwa ukuri kw’Isabato. Ariko muri icyo gihe, abo Imana yatoranyije bese babonye neza ko dufite ukuri maze baraza bihanganyirwa natwe. Nabonye inkota, inzara, indwara z’ibyorezo n’urujijo rukomeye mu gihugu. Ababi bibwiraga ko twatumye bagibwaho n’urubanza, maze barahaguruka baja inama yo kuturimbura, bibwira ko ariho ibibi bishobora gushira. [IZ 50.1](#)

Mu gihe cy’akaga twese twarahunze tuva mu mijyi no mu midugudu, ariko ababi bakomeza kudukurikira kuko binjiraga mu mazu y’abera bitwaje inkota. Bakuye inkota ngo batwice, ariko inkota zabo zicikamo ibice zigwa hasi nk’ibikenyeri. Icyo gihe twatakambaga amanywa n’ijoro dusaba gutabarwa, maze gutaka kwacu kugera ku Mana. Izuba ryarashe kandi ukwezi kurahagarara. Amasoko y’amazi yaretse gutemba. Ibicu byijimye bya rukokoma byarabuditse birakubitana. Ariko hari akanya gato kagaragamo ubwiza budasanzwe. Muri ko humvikaniyemo ijwi ry’Imana rimeze nk’amazi menshi asuma maze ritigisa isi n’ijuru. Ijuru rirakinguka rirongera ririkinga maze riba umuvurungano. Imisozi inyeganyega nk’urubingo ruhungabanywa n’umuyaga maze ijugunya ibitare binini hirya no hino. Inyanja ibira nk’inkono itogota maze ijugunya ibitare ku isi. Maze ubwo Imana yavugaga umunsi n’isaha yo kugaruka kwa Yesu igaha ubwoko bwayo isezerano rihoraho, yavuze interuro imwe gusa, irekera aho mu gihe ayo magambo yirangiraga ku isi yose. Isirayeli y’Imana yahagaze ihanze amaso hejuru, itegeye amatwi ya magambo uko yavaga mu kanwa ka Yehova, agakwira ku isi ameze nk’amasaro ashoka asakuza nk’inkuba zihinda cyane. Byari ibintu biteye ubwoba cyane. Kandi uko harangiraga interuro imwe, abera bateraga hejuru bavuga bati: ‘Ikuzo! Haleluya!’ Mu maso habo harabagiranaga ikuzo ry’Imana, kandi barabagiranishwaga n’ubwiza nk’uko mu maso ha Mose hari hameze ubwo yari amanutse ku Musozi Sinayi. Kubera ikuzo bari bafite, ababi ntibashoboraga kubareba. Kandi ubwo imigisha ihoraho yahabwaga abari barubashye Imana bubahiriza Isabato yayo yera, habayeho urusaku rukomeye rw’uko inyamaswa n’igishushanyo cyayo byaneshejwe. [IZ 50.2](#)

Hanyuma hatangira ikomorerwa, igihe ubutaka bwagombaga kuruhuka guhingwa. Nabonye imbata zubaha Imana zizukana insinzi no kunesha kandi zica iminyururu yari iziboshye mu gihe ba shebuja b’abagome bari baheze mu rujijo batazi icyo bakora, kuko ababi batashoboraga gusobanukirwa n’amagambo y’ijwi ry’Imana. Bidatinze haboneka igicu kinini cyera. Cyari cyiza by’agahebuzo. Kuri cyo niho Umwana w’Umuntu yari yicaye. Ku ikubitiro, ntitwabonye Yesu ku bicu, ariko uko icyo gicu cyarushagaho kwegera isi, twashoboye kumubona mu bwiza bwe. Ubwo icyo gicu cyagaragaraga ubwa mbere mu kirere, cyari ikimenyetso cy’Umwana w’umuntu. Ijwi ry’Umwana w’Imana rihamagara abera basinziriyemo mu bituro, bazuka bambaye ukudapfa. Abera

bari bakiriho bahindurwa mu kanya gato maze bazamuranwa nabo mu igare rigoswe n'igicu. Ubwo ryazamukaga, ryarabagiranaga impande zose. Kuri buri ruhande rw'iryo gare hari amababa, kandi muni hari inziga ryikaragiraho. Uko iryo gare ryazamukaga, niko inziga zarangururaga ziti: "Uwera," bityo n'amababa nayo uko yagurukaga akarangurura ati: "Uwera," maze n'abamarayika bera bari bashagaye icyo gicu bakikiriza bati: "Urera, urera, urera, Mwami Imana Ishoborabyose!" Maze abera aho bagenderaga mu bicu nabo bakarangurura bati: "Ikuzo ni iryayo! Haleluya!" Maze rya gare rirazamuka ryerekeza mu Murwa Wera. Yesu akingura amarembo y'umurwa urimbishijwe izahabu maze aratinjiza. Tugezeyo baduha ikaze, kuko "twubahirije amategeko y'Imana," bityo twari dufite "uburenganzira bwo kurya ku giti cy'ubugingo." [IZ 51.1](#)

Gushyirwaho ikimenyetso

Mu gutangira Isabato yera ku wa 5 Mutarama 1859, twasenganye n'umuryango wa mwenedata Belden wari utuye Rocky Hill ho muri Leta ya Connecticut, maze Mwuka Wera aratumanukira. Najyanwe mu iyerekwa maze mbona ahera cyane. Nabonye Yesu akomeje umurimo wo gusabira Abisiraheli. Ku nshunda z'igishura cye hari inzogera n'ibimeze nk'imbutu z'amakomamanga. Noneho mbona ko Yesu adashobora kuva ahera cyane urubanza rwose rutamaze gufatirwa umwanzuro waba uw'agakiza cyangwa kurimbuka, mbona kandi ko umujinya w'Imana utazaza Yesu atarangije umurimo akorera ahera cyane ngo akuremo umwenda we w'ubutambyi maze yambare umwambaro wo guhora. Icyo gihe Yesu azareka guhagarara hagati y'Imana n'umuntu, maze Imana ireke guceceka ahubwo isuke umujinya wayo ku bantu banze ukuri kwayo. Nabonye ko igihe cy'uburakari bw'amahanga, icy'umujinya w'Imana, n'icyo gucira abapfuye urubanza bitandukanye kandi byihariye, ndetse ko kimwe gikurwa n'ikindi. Nabonye kandi ko Mikayeli atarahaguruka ndetse na cya gihe cy'akaga katigeze kubaho kitaratangira. Amahanga yari arakaye cyane, ariko ubwo Umutambyi wacu mukuru azaba arangije umurimo we mu buturo bwera, azahaguruka, yambare imyambaro yo guhora, maze noneho ibyago birindwi by'imperuka bisukwe. [IZ 52.1](#)

Neretswe ko abamarayika bane bari bafashe imiyaga yo mu birere bine kugeza igihe Yesu yarangirije umurimo we wo mu buturo bwera, maze noneho ibyago birindwi by'imperuka bibona gutera. Ibi byago byatumye ababi barakarira bikabije abakiranutsi. Batekereje ko dutumye Imana ibacira imanza kandi ko baramutse badutsembye ku isi ibyago nabyo byahagarara. Iteka ryo kwica abera riracibwa, maze bituma bataka amanywa n'ijoro basaba gutabarwa. Iki cyari igihe cy'amakuba ya Yakobo. Nuko abera bose batakana umubabaro maze ijwi ry'Imana rirabatabara. Ba bandi ibihumbi 144 baraneshya. Mu maso habo harabagiranishwaga n'ikuzo ry'Imana. Noneho nerekwaga itsinda ry'abantu bari bari mu mubabaro ukomeye. Imyambaro yabo yari yanditsweho n'inyuguti nini ngo: "Mwarapimwe musangwa mudashyitse." Nabajije abo bantu abo ari bo. Umumarayika yaransubije ati: "Aba ni abigeze kubahiriza Isabato hanyuma baradohoka barabireka." Maze numva bataka n'ijwi rirenga bati: "Twizeye ibyo kugaruka kwawe kandi tubyigishanya imbaraga nyinshi." Mu gihe bavugaga, barebaga ku myambaro yabo maze bakabona ibyanditsweho, maze bakarushaho kuboroga. Nabonye ko bari baranyoye ku mazi afutse, maze asigaye bayasiribangisha ibirenge

byabo (bakandagiriye Isabato muni y'ibirenge) iyo akaba ari yo mpamvu bapimwe basangwa badashyitse. [IZ 52.2](#)

Hanyuma marayika twari kumwe yongeye kunjyana mu murwa wera, aho nabonye abamarayika baguruka berekeza ku marembo yawo. Berekaga ikarita y'izahabu umumarayika wari uhagaze ku marembo ari nabwo nabonaga undi mumarayika aguruka bwangu aturuka ahera cyane, arangurura n'ijwi rirenga abwira abandi bamarayika, kandi afite ikintu mu kuboko kwe yazunguzaga impande zose. Nabajije umumarayika twari kumwe ubusobanuro bw'ibyo mbonye. Yansubije ko ntazongera kubibona ukundi, ariko ko muri make aranyereka icyo ibyo nabonye bisobanuye. [IZ 52.3](#)

Ku gicamunsi cyo ku Isabato, umwe muri twe yararwaye, maze asaba ko bamusengera kugira ngo akire. Twese dufatanyiriza hamwe gusaba Umuganga utajya unanirwa kuvura, kandi ubwo imbaraga ikiza yamanukaga maze wa umurwayi agakira, Mwuka Muziranenge yaramanukiye, nuko njyanwa mu iyerekwa. [IZ 53.1](#)

Nabonye abamarayika bane bahawe gukora umurimo mu isi, kandi bari bagiye kuwurangiza. Yesu yari yambaye imyambaro y'ubutambyi. Yitegerezanyaga impuhwe abasigaye, maze azamura amaboko ye, arangurura n'ijwi ry'imbabazi agira ati: "Amaraso yanjye Data, amaraso yanjye, amaraso yanjye, amaraso yanjye!" Hanyuma mbona umucyo mwinshi cyane uturutse ku Mana yari yicaye kuri iyo ntebe y'ubwami yera, maze umurika aho Yesu ari. Nuko mbona umumarayika woherejwe na Yesu, aguruka bwangu asanga ba bamarayika bane bahawe umurimo bagomba gukora ku isi, azunguza cya kintu yari afite mu kuboko kwe, kandi arangurura n'ijwi rirenga ati: "Mube muretse! Mube muretse! Mube muretse! Mube muretse! kugeza igihe abagaragu b'Imana barangirije gushyirwa ikimenyetso mu ruhanga!" [IZ 53.2](#)

Mbaza marayika twari kumwe kunsobanurira ibyo numvise, n'icyo abo bamarayika bane bari bagiye gukora. Yambwiye ko Imana ari yo yahagaritse izo mbaraga, kandi ko yahaye abamarayika bayo kurinda ibyo ku isi byose; ko abo bamarayika bane bahawe imbaraga n'Imana kugira ngo bafate imiyaga yo mu birere bine, kandi bakaba biteguye kurekura iyo miyaga; ariko ko ubwo amaboko yabo yiteguraga kurekura n'iyi miyaga igiye gutangira guhuha, ijisho rya Yesu ryuje impuhwe ryitegereje abasigaye batashyizweho ikimenyetso, maze yereka Se ibiganza amwiringa amubwira ko yasheshe amaraso ye ku bwabo. Hanyuma undi mumarayika aroherezwa ngo aguruke bwangu asange ba bamarayika bane ababwire gukomeza iyo miyaga kugeza igihe abagaragu b'Imana bamarira gushyirwaho ikimenyetso cy'Imana mu ruhanga rwabo. [IZ 53.3](#)

Urukundo Imana ikunda ubwoko bwayo

Nabonye urukundo rutarondoreka Imana ifitiye abantu bayo, kandi urwo rukundo rurakomeye cyane. Nabonye abamarayika barinze abera kandi babagotesheje amababa yabo. Buri wese yari afite umumarayika umurinda. Iyo abera bariraga kubera gucika intege cyangwa kuba mu ngorane, abamarayika babarinda bagurukaga bihuta bakajyana iyo nkuru mu ijuru, maze abamarayika bari mu murwa bakarekeraho

kuririmba. Nuko Yesu akohereza undi mumarayika ngo amanuke aje kubatera ubutwari, kubarinda no kugerageza kubafasha ngo batava mu nzira ifunganye. Ariko iyo batitaga kuri ubwo burinzi bw'abamarayika, ntibemere guhumurizwa nabo, ahubwo bagakomeza kuyoba, abamarayika bagiraga agahinda bakarira. Bajyanaga inkuru mu ijuru bigatuma abamarayika bose bari mu murwa bataka, ariko nyuma y'aho bavuga n'ijwi riranga bati: "Amen." Ariko iyo abera bakomezaga guhanga amaso yabo ingororano yari imbere yabo kandi bagahesha Imana ikuzo bayisingiza, abamarayika bajyanaga inkuru mu murwa banezerewe maze abamarayika bari mu murwa bakegura inanga zabo z'izahabu, bakaririmba n'ijwi riranga bagira bati: "Haleluya!" maze ijuru ryose rigasabwa n'indirimo z'umunezero. [IZ 53.4](#)

Mu Murwa Wera haba gahunda itunganye no kutanyuranya. Abamarayika bose batumwa gusura isi baba bafite ikarita isizwe izahabu. Bagomba kwereka iyo karita abamarayika bari ku marembo y'umurwa igihe binjiye cyangwa basohotse. Ijuru ni ahantu h'igikundiro. Nifuzwa cyane kujyayo ngo ndebe Yesu nkunda watanze ubugingo bwe ku bwanjye, no kugira ngo mpindurwe mpabwe ubwiza bwe buhebuje. Mbega uburyo mbuze ururimi rwasobanura iby'ubwiza bw'uwo murwa ugiye kuza! Mfite inyota y'amasoko y'ubugingo atuma umurwa w'Imana unezeza. [IZ 54.1](#)

Imana yanyeretse indi mibumbe. Nahawe amababa, maze umumarayika aranyobora ankura mu murwa ajyana ahantu harabagirana kandi heza bitangaje. Ibyatsi byaho byari bitoshye, kandi inyoni zaho zaririmbaga indirimo z'agahozo. Abaturage baho bose barashyaga; bari inziramakemwa, ari banini kandi ari ab'igikundiro. Basaga na Yesu, kandi mu maso habo harabagiranishwaga n'ibyishimo bizira inenge, ibyo bikerekana umudendezo n'umunezero biba aho hantu. Nabajije umwe muri bo impamvu ari ab'igikundiro cyane kuruta kure abatuye iyi si. Yaransubije ati: "Imibereho yacu yanzwe no kumvira amategeko y'Imana tudakebakeba, kandi ntitwigeze ducumura kubwo kutumvira nk'ibyo abari ku isi." Hanyuma mbona ibiti bibiri, kimwe cyasaga cyane n'igiti cy'ubugingo kiri mu murwa. Imbutu zabyo byombi zari nziza cyane, ariko ntibashoboraga kurya imbutu za kimwe muri byo. Bari bafite ubushobozi bwo kurya kuri ibyo bita byombi, ariko babuzwa kimwe gusa. Nuko umumarayika twari kumwe arambwira ati: "Nta n'umwe mu bari aha wigeze aya ku giti cyabuzanyijwe; ariko iyo baza kuryaho, bari gucumura." Hanyuma nyanwa ku mubumbe umurikirwa n'amezi [36](#) arindwi. Aho ni ho nabonye Enoki mwiza wa kera wari yarahinduwe. Mu kuboko kwe kw'iburyo yari afite umukindo w'igikundiro, kandi kuri buri kibabi cyawo hari handitsweho ngo: "Intsinzi." Mu ruhanga rwe yari atamirijwe igisingo gishashagirana, kandi hariho amababi no kuri buri kibabi handitsweho ngo: "Ukwera,' ndetse kuri icyo gisingo hariho amabuye y'amabara anyuranye, ayo mabuye yashashagirana kurusha inyenyeri, maze umucyo wayo ukamurika kuri za nyuguti bigatuma zirushaho kugaragara. Mu irugu rye hari ipfundo rifatanyije igisingo, kandi kuri iryo pfundo hari handitsweho ngo: "Ubutungane." Hejuru y'igisingo hari ikamba ryiza ryashashagirana kurusha izuba. Nabajije Enoki niba aho ari ho yajyanywe ubwo yavanwaga mu isi. Yarambwiye ati: "Oya; ntuye mu murwa, ahubwo naje gusura aha hantu." Yagendagendaga aho hantu nk'aho ari iwabo. Ninginze umumarayika twari kumwe ngo andeke nigumire aho hantu. Sinashoboraga gutekereza ibyo kongera kugaruka kuri iyi si y'umwijima. Hanyuma wa mumarayika arambwira ati: "Ugomba gusubirayo, kandi

nuba indahemuka, wowe na ba bandi ibihumbi 144 muzagira amahirwe yo gusura imibumbe yose maze mwirebere imirimo y'intoki z'Imana.”

Kunyeganyega kw'imbaraga zo mu ijuru

Ku wa 16 Ukuboza 1848, Umwami Imana yanyeretse iby'inyeganyezwa ry'imbaraga zo mu ijuru. Nabonye ko igihe Umwami Yesu yavugaga 'ijuru,' ubwo yatangaga ibimenyetso biboneka muri Matayo, Mariko na Luka, yavugaga "ijuru" koko kandi igihe yavugaga 'isi' ni isi koko yabaga avuze. Imbaraga zo mu ijuru ni izuba, ukwezi n'inyenyeri. Bifite ubutware mu kirere. Imbaraga z'isi ni izitegeka ku isi. Ijwi ry'Imana nirivuga imbaraga z'ijuru zizanyeganyezwa. Nuko rero, izuba, ukwezi n'inyenyeri bizakurwa ahabyo. Ntibizavaho burundu, ahubwo bizanyeganyezwa n'imbaraga y'Imana. [IZ 55.1](#)

Ibicu bya rukokoma kandi byijimye byaraje birakubitana. Ijuru riratumuruka rirazingwa; ibyo bituma ikirere cyeyuka tubona ahari urwunge rw'inyenyeri rwitwa Oriyoni, ari ho ijwi ry'Imana ryavugiyeye. Umurwa Wera uzaturuka aho hantu hatamuruwe. Nabonye ko ubu imbaraga zo ku isi ziri kunyeganyezwa kandi ko ibiri kubaho bikurikirana kuri gahunda. Intambara, impuha z'intambara, inkota, amapfa n'indwara z'ibyorezo ni byo bizabanza kunyeganyezwa imbaraga zo ku isi, hanyuma ijwi ry'Imana rihereko rinyeganyezwa izuba, ukwezi, inyenyeri ndetse n'iyi si ubwayo. NK'uko bamwe bigisha, nabonye inyeganyezwa ry'imbaraga zo mu bihugu by'Uburayi atari ryo nyeganyezwa ry'imbaraga zo mu ijuru. Ibiramambu ni inyeganyezwa ry'amahanga arakaye. [IZ 55.2](#)

INYANDIKO Z'IBANZ

Urugi rukinguye n'urukinze

Ku Isabato yo ku wa 24 Werurwe 1849, twagize amateranimo meza kandi ashimishije turi hamwe n'abavandimwe bacu i Topsham ho muri Leta ya Maine. Mwuka Wera yaje kuri twe maze mu mbaraga ya Mwuka njyanwa mu murwa w'Imana ihoraho. Neretswe ko amategeko y'Imana no guhamya kwa Yesu kwerekeye iby'urugi rukinze bitagomba gutandukanywa, kandi ko igihe amategeko y'Imana agomba kumurikisha ubwiza bwayo bwose, ndetse n'igihe ubwoko bw'Imana bugomba kugeragereshwa ukuri kw'Isabato, cyari igihe urugi rw'ahera cyane ho mu ijuru rwari rukinguye, ari ho hari isanduku y'isezerano irimo amategeko cumi. Uru rugi ntirwigeze rukingurwa kugeza igihe umurimo wa Yesu w'ubuhuza mu cyumba cy'ahera mu buturo bwera wari urangiye mu mwaka wa 1844. Nibwo Yesu yahagurutse akinga urugi rw'ahera, maze akingura urugi rw'ahera cyane, atambuka ku mwenda ukingiriza ahera cyane ari ho ahagaze ubu iruhande rw'isanduku y'isezerano, ari naho ibyiringiro by'Abisirayeli biri. [IZ 55.3](#)

Nabonye ko Yesu yari yarakinze urugi rw'ahera, kandi ko nta muntu n'umwe ushobora kurukingura; ndetse mbona yarakinguye urugi rw'ahera cyane kandi nta

muntu n'umwe ubasha kurukinga (Ibyahishuwe 3:7, 8). **37** Ikindi ni uko kuva igihe Yesu yakinguriye urugi rw'ahera cyane hari isanduku y'isezerano, amategeko yarabagiranaga amurika ku bwoko bw'Imana, bityo bakaba bari kugeragerezwa ku ngingo y'Isabato. [IZ 56.1](#)

Nabonye ko igeragezwa ryerekeye Isabato ritashoboraga kubaho Yesu atarangiza umurimo we w'ubuhuza akorera ahera, kandi yaramaze kwinjira ahera cyane. Bityo rero, Abakristo basinziriye mbere y'uko urugi rw'ahera cyane rukingurwa, ubwo urusaku rwa mu gicuku rwari rurangiye mu kwezi kwa Nyakanga mu 1844, ndetse bakaba batarigeze bubahiriza Isabato nyakuri, ubu basinziranye ibyiringiro, kuko batari bafite umucyo n'igeragezwa ku Isabato nk'ibyo dufite ubu uherye igihe urwo rugi rwakinguriwe. Nabonye ko Satani ari kugerageza bamwe mu bwoko bw'Imana kuri iyi ngingo. Kubera ko Abakristo beza benshi bamaze gusinzirira mu ntsinzi yo kwizera kandi bakaba batarigeze bubahiriza Isabato nyakuri, bari bagishikanya uburyo Isabato ari ikigeragezo kuri twe muri iki gihe. [IZ 56.2](#)

Abanzi b'ukuri kw'iki gihe bagiye bagerageza gukingura urugi rw'ahera nyamara Yesu yaramaze kurukinga, kandi bagerageza gukinga urugi rw'ahera cyane kandi Yesu yararukinguye mu 1844. Aho hera cyane ni ho isanduku y'isezerano iri, irimo ibisate bibiri by'amabuye byanditsweho amategeko cumi yanditswe n'urutoki rwa Yehova. [IZ 56.3](#)

Muri iki gihe cyo gushyirwaho ikimenyetso, Satani ari gukoresha amayeri yose kugira ngo abuze imitima y'ubwoko bw'Imana kwakira ukuri kw'iki gihe kandi abuteze kuba ba nyamujyiryanino. Nabonye Imana ikingiriza ubwoko bwayo kugira ngo iburinde mu gihe cy'akaga; kandi umuntu wese wahisemo kugendera mu kuri kandi akaba yari atunganye mu mutima yagombaga gutwikirirwa mu burinzi bw'Ishoborabyose. [IZ 56.4](#)

Ibi Satani yari abizi, kandi yakoranaga imbaraga nyinshi kugira ngo atume imitima y'abantu benshi ashoboye ikomeza gukomwa hirya no hino no kudashikama ku kuri.

Nabonye ko amayobera **38** arenze ubwenge yabereye i New York n'ahandi ari imbaraga za Satani zayakoze, kandi ko ibintu nk'ibyo bizakomeza kuba gikwira bitwikirijwe umwambaro w'iyobokamana kugira ngo bitere abantu bashutswe kwirema agatima bumva ko bafite umutekano ndetse no kugira ngo niba bishoboka, bikururire intekerezo z'ubwoko bw'Imana kuri ibyo bintu kandi bibutere gushidikanya inyigisho n'imbaraga za Mwuka Wera. [IZ 57.1](#)

Nabonye ko Satani afite abantu akoreramo mu nzira nyinshi. Yakoreraga mu bagabura baretse ukuri maze bakirundurira mu buyobe bukomeye ngo babwizere bityo bazarimbuke. Igihe babwirizaga cyangwa basenga, bamwe bagwaga hasi batentebutse nyamara bidatwe n'imbaraga ya Mwuka Wera ahubwo birututse ku mbaraga Satani yahaga abo bakozi be maze nabo bakazigeza mu bantu. Igihe babwirizaga, basenga cyangwa baganira, Abadiventisiti ku izina bamwe bari baranze ukuri kw'iki gihe bakoreshaga uburyo bwo gutwara abantu ubwenge nk'ababateye ikinya kugira ngo babone abayoboke, ndetse ibyo abantu barabyishimiraga kuko batekerezagako ko bivuye

kuri Mwuka Wera. Nubwo bamwe babikoreshaga bari kure cyane mu mwijima w'icuraburindi no mu bushukanyi bwa Satani ku buryo bibwiraga ko ari imbaraga z'Imana bahawe ngo babikore. Bari baramaze kwibwira ko bahwanye n'Imana kandi imbaraga zayo bazihindura ubusa. [IZ 57.2](#)

Bamwe muri aba bakozi ba Satani banduzaga imibiri ya bamwe mu bera — abo batashobora gushuka cyangwa se ngo babateshure ku kuri bakoresheje imbaraga za Satani. Iyaba abantu bose bashoboraga kubibona nk'uko Imana yabinyeretse, kugira ngo bashobore kumenya byinshi ku mayere n'ubushukanyi bya Satani, baba maso! Nabonye ko muri izo nzira Satani ari ku murimo we kugira ngo arangaze, ashuke kandi ayobye ubwoko bw'Imana muri iki gihe cyo gushyirwaho ikimenyetso. Nabonye ko bamwe batari bahagaze bashikamye ku kuri kw'iki gihe. Amavi yabo yahindaga umushyitsi n'ibirenge byabo biri ahanyerera bitewe n'uko batari bashikamye mu kuri, kandi uburinzi bw'Imana ntibushobora kubatwikira igihe bahinda umushyitsi batyo. [IZ 57.3](#)

Satani yakoreshaga amayere ye yose kugira ngo akomeze kubafatira aho bari bari kugeza ubwo igihe cyo gushyirwaho ikimenyetso kirangiriye, uburinzi bw'Imana bugatwikirizwa ubwoko bwayo, bityo bagasigara badafite aho bikinga umujinya w'Imana ugurumana uzasukwa mu gihe cy'ibyago birindwi biheruka. Imana yatangiye gukingiza ubwoko bwayo uburinzi bwayo, kandi vuba bidatinze ubwo burinzi bugiye gushyirwa ku bantu bose bagomba kubona ubwihisho ku munsu wo kurimbura. [IZ 57.4](#)

Nabonye ko ibimenyetso by'amayoberane n'ibitangaza, n'ubugorozi bupfuye biziyongera kandi bigakwira hose. Ubugorozi nabonye ntibwari ubugorozi bukura abantu mu kinyoma bajya mu kuri. Umumarayika twari kumwe yansabye kureba umurimo wo gukiza ubugingo bw'abanyabyaha nk'uko byari bisanzwe. Naritegereje ariko sinashobora kuwubona; kuko igihe cyabo cyo gukirizwamo cyari cyarangiye. 39

Kugeragezwa k'ukwizera kwacu

Muri iki gihe cy'ishungurwa, dukeneye guterana umwete no gukomezanya. Muri iki gihe ibishuko bya Satani birakomeye cyane kuruta uko byari bimeze mbere, kuko azi yuko igihe cye ari kigufi, kandi ko vuba aha bidatinze byose bizafatirwa umwanzuro, waba uw'ubugingo cyangwa uw'urupfu. Ntabwo ubu ari igihe cyo guheranwa no gucika intege n'ibigeragezo. Tugomba kwihanganira imibabaro yacu yose kandi tukiringira byimazeyo Imana ya Yakobo ari yo Ishoborabyose. Imana yanyeretse ko ubuntu bwayo buhagije mu bigeragezo byacu byose, kandi nubwo byaba bikomeye cyane kurusha uko byari bimeze mbere, nyamara niba twiringiye Imana by'ukuri, dushobora gutsinda ibishuko byose kandi kubw'ubuntu bw'Imana tubisohokamo tunesheje. [IZ 58.2](#)

Nidutsinda ibigeragezo duhura nabyo kandi tukanesha imitego ya Satani, tuzihanganira kugeragezwa ko kwizera kwacu, kuko ari iby'igicro cyinshi kurusha izahabu, bityo tuzaba dukomeye kandi twiteguye neza guhangana n'ibizakurikiraho. Nyamara nituramuka ducitse intege maze tugaha urwaho ibishuko bya Satani,

tuzarushaho kuba abanyanteye nke maze bitume tudahabwa ingororano z'ukugeragezwa kwacu ndetse ntuzaba twiteguye neza gutsinda ibizakurikiraho. Bityo rero, tuzarushaho kugenda ducika intege, kugeza ubwo tubaye imbohe za Satani nk'uko abyifuza. Tugomba kwambara intwari zose z'Imana kandi igihe cyose tugahora twiteguye guhangana n'imbaraga z'umwijima. Igihe ibishuko n'ibigeragezo bidusatira cyane, nimucyo dusange Imana maze tuyitakambire mu masengesho. Ntabwo izatureka ngo tugende amara masa, ahubwo izatugirira ubuntu kandi iduhe imbaraga zo gutsinda no kumenagura imbaraga z'umwanzi. Iyaba abantu bose babonaga ibi bintu nk'uko biri kandi bakihanganira ibirushya nk'abasirikari beza ba Yesu! icyo gihe ubwoko bw'Imana bwajya mbere, bukomereye mu Mana no mu mbaraga z'ubushobozi bwayo. [IZ 58.3](#)

Imana yanyeretse ko yahaye ubwoko bwayo igikombe gisharira bugomba kunywaho kugira ngo ibweze kandi ibuboneze. Ni ikinyobwa gisharira, kandi bashobora kugitera kurushaho gusharira kubwo kwivovota, kwimubura no kwiganyira. Ariko abakira icyo gikombe muri ubwo buryo bagomba kongera kubona ikindi gikombe, kuko icya mbere kitigeze gitera impinduka zari zigamijwe ku mutima. Kandi icyo kabiri kitegeze kigira icyo kibamarira, bagomba kubona ikindi, kigakurikirwa n'ikindi kugeza ubwo kizateza impinduka zikenewe, bitaba ibyo bagasigwa banduye, badatunganye mu mutima. Nabonye ko iki gikombe gisharira gishobora kuryoshywa no kwihangana, gushikama no gusenga, kandi ko kizateza impinduka zigamijwe ku mitima y'abantu bacyakira, kandi Imana izubahwa ikuzo. Ntabwo kuba Umukristo no kuba waramaze kwiyegurira Imana no kwemerwa nayo ari ikintu cyoroshye. Imana yanyeretse bamwe bavuga ko bizera ukuri kw'iki gihe, nyamara imibereho yabo ntihamanye n'ibyo bavuga bizera. Urugero rwabo rwo kubaha Imana ruri hasi cyane, kandi bari kure cyane y'ubutungane buvugwa na Bibiliya. Bamwe bajya mu biganiro bipfuye kandi bidashyitse, naho abandi bagashyira hejuru inarizye. Ntitugomba kwitega ko tuzinezeza, tukabaho kandi tugakora nk'uko ab'isi bagenza, ngo dushake ibinezeza byayo kandi ngo tunezeze no kugira incuti z'isi, kandi ngo tuzimane na Yesu mu bwiza bwe. [IZ 59.1](#)

Niba tuzanasangira na Kristo ikuzo rye mu isi izaza, tugomba gusangira imibabaro kuri iyi si. Niba dushaka inyungu zacu bwite, tugashaka uko turushaho kwishimisha ubwacu aho gushaka uko dushimisha Imana kandi tugashyira imbere umurimo wayo w'agaciro wononekara, tuzaba tutayihesheje icyubahiro ndetse tudahesheje agaciro umurimo wayo wera tuvuga ko dukunda. Dusigaranye igihe gito tugomba gukoreramo Imana. Nta kintu na kimwe gikwiriye gukundwa cyane ngo kirutishwe agakiza k'umukumbi wa Yesu utatanye kandi umerewe nabi. Abagirana n'Imana isezerano kubw'igitambo ubu, bidatinze bagiye guhurira imuhira maze basangire ingororano ihebuje ndetse bimane nayo ubwami bushya bw'iteka ryose. [IZ 59.2](#)

Nimureke twese tugire imibereho nk'iyi Uwituka ashaka kandi tugaragarishe imibereho igendera kuri gahunda ndetse n'ibiganiro byubahisha ko twabanye na Yesu, kandi twerekane ko turi abayoboze ba Yesu b'abagwaneza kandi bicisha bugufi. Tugomba gukora hakiri ku manywa kuko umwijima w'imibabaro n'akaga nuzi, tuzaba twakererewe gukorera Imana. Yesu ari mu rusengeru rwe rwera kandi ubu azemera ibitambo byacu, amasengesho yacu no kwatura amafuti yacu n'ibyaha byacu kwacu,

kandi azababarira ibicumuro byose bya Isirayeli kugira ngo bikurweho burundu mbere y'uko ava mu buturo. Igihe Yesu azaba avuye mu buturo, abazaba ari abera banakiranuka bazakomeza babe abera bakiranuka; kuko icyo gihe ibyaha byabo bizaba byakuweho, kandi bazashyirwaho ikimenyetso cy'Imana ihoraho. Ariko abakiranirwa kandi banduye bazakomeza kuba abakiranirwa kandi banduye; kuko nta Mutambyi uzaba akiri mu buturo ngo abatambire ibitambo, ageze imbere y'intebe ya Se kwatura kwabo n'amasengesho yabo. Nicyo gituma ikigomba gukorwa kugira ngo abantu babashe kurokoka umujinya ukomeye ugiye gutera kigomba gukorwa Yesu atarava ahera cyane h'ubuturo bwo mu ijuru.

INYANDIKO Z'IBANZ

Ku mukumbi muto

Bavandimwe nkunda, ku wa 26 Mutarama 1850, Imana yampaye iyerekwa ngiye kuzabatekerereza. Nabonye ko bamwe mu bwoko bw'Imana ari abapfapfa, barahunikiriye, basa n'abari maso; ntabwo bazi igihe turimo, ntibazi kandi ko umuntu ufite "umweyo wanduye" yamaze kwinjira ndetse ko bari mu kaga ko gukuburwa bakajugunywa hanze. Ninginze Yesu cyane kugira ngo abarokore, ngo abe abaretse igihe gito, kandi abareke babone akaga gakomeye barimo bityo babashe kwitegura igihe kitarabahitaho. [IZ 60.2](#)

Umumarayika yaravuze ati: "Kurimbuka kuje nk'umuyaga w'ishuheri. 40" Nasabye umumarayika ngo agirire imbabazi kandi akize abakunda iyi si, imitima yabo ikiziritswe ku butunzi bwabo kandi batifuzwa kwitandukanya nabwo kandi ngo bitangire kwihutisha intumwa mu nzira yazo yo kujya kugaburira intama zishonje ziri kurimbuka kubera kubura ibyokurya bya mwuka. [IZ 60.3](#)

Ubwo nitegerezaga abantu b'impezamajyo bapfa bazize kubura ukuri kugenewe iki gihe, kandi bamwe bavugaga ko bizera ukuri bakaba barabarekaga bagapfa binyuze mu kugundira ibikenewe kugira ngo umurimo w'Imana ujye mbere, kubireba byari bibabaje cyane maze nsaba umumarayika ngo abivane imbere yanjye. Nabonye ko igihe umurimo w'Imana wasabaga bimwe mu byo batunze, bagiye bababaye cyane nk'uko byagendekeye wa musore w'umutunzi wasanze Yesu (Matayo 19:16-22). Nabonye ko bidatinze ibyago birimbura bizaza bikarenga hejuru ndetse bigatsemba umutungo wabo, kandi icyo gihe bizaba bitagishobotse kuba batanga ibintu byo kuri iyi si ngo bibikire ubutunzi mu ijuru. [IZ 60.4](#)

Noneho mbona Umucunguzi wuje ikuzo, afite ubwiza n'igikundiye, kuko yasize ubwami bwe bw'icyubahiro maze aza muri iyi si y'umwijima n'ubwigunge gutanga ubugingo bw'agaciro ndetse arapfa, umukiranutsi apfira abanyabyaha. Yihanganiye ibitutsi by'abakobanyi no gukubitwa, yambitswe ikamba ry'amahwa, avira ibitonyanga binini by'amaraso muri ka gashyamba ubwo umutwaro w'ibyaha by'abari mu isi bose wari umugeretsweho. Umumarayika yarabajije ati: "Ni ukubera iki?" Mbega ukuntu

nabonye kandi nkamenya ko ari ku bwacu, yagizwe atyo kubera ibyaha byacu kugira ngo kubw'amaraso ye y'igicro cyinshi aducungure atugarurire Imana! [IZ 61.1](#)

Nongeye kubona abantu badashaka gutanga ubutunzi bwabo kugira ngo bakize imitima iri kurimbuka babinyujije mu kubohereza ukuri mu gihe Yesu agihagaze imbere ya Se yinginga kubw'amaraso ye, imibabaro ye, n'urupfu rwe kubera bo, ndetse no mu gihe intumwa z'Imana zigitegereje, ziteguye kubashyira ukuri gukiza kugira ngo babashe gushirwaho ikimenyetso n'Imana nzima. Bikomereye bamwe bavuga ko bizera ukuri kugenewe iki gihe gukora akantu gato cyane nko guha intumwa z'Imana ku mafaranga yayo yababikije kugira ngo babashe kuyacunga. [IZ 61.2](#)

Nongeye kwerekwa Yesu wababajwe, Yesu wari ufite urukundo rwimbitse rwamuteye gupfira umuntu; nongeye no kwerekwa imibereho y'abavugaga ko ari abayoboke be, bari bafite ubutunzi bwo kuri iyi si, nyamara bakabufata nk'ikintu gikomeye batatanga ngo gifashe umurimo wo kumenyekanisha iby'agakiza. Umumarayika yarabajije ati: "Mbese aba bashobora kwinjira mu ijuru?" Undi mumarayika yarasubije ati: "Oya, ntibishoboka, ntibishoboka, ntibishoboka. Abantu batitaye ku murimo w'Imana ku isi ntibashobora na rimwe kuririmba indirimbo z'urukundo rwaducunguye bageze mu ijuru." Nabonye ko umurimo wihuse Imana yakoreraga ku isi ugiye gusozwa hutihuti mu butungane kandi ko intumwa zigiyeye kwihuta cyane zijya mu nzira zoherejwemo kugira ngo zishakishye umukumbi watatanye. Umumarayika yaravuze ati: "Mbese aba bese ni intumwa?" Undi mumarayika yarasubije ati: "Oya, oya; intumwa z'Imana zifite ubutumwa." [IZ 61.3](#)

Nabonye ko umurimo w'Imana wagiye ubangamirwa kandi ugasuzuguzwa na bamwe bagendaga nta butumwa bahawe n'Imana. 41 Bene aba bazabazwa n'Imana iby'ifaranga ryose bakoresheje mu ngendo bakoze bitari mu nshingano zabo kubera ko ayo mafaranga aba yarafashije mu murimo wayo. Kandi bazabazwa ibyo kubura ibyokurya by'umwuka bagombaga kuba barahawe n'intumwa z'Imana zahamagawe kandi zatoranyijwe. Bari bafite ubushobozi, ariko abantu bagize inzara kandi barapfa. Nabonye ko abafite imbaraga zo gukoresha amaboko yabo kugira ngo bashyigikire umurimo [w'Imana] bazabazwa icyo bakoresheje izo mbaraga nk'uko abandi nabo bazabazwa iby'umutungo wabo. [IZ 61.4](#)

Ishungura rikomeye ryaratangiye ndetse rizakomeza, kandi abantu bese badashaka guhagarara mu kuri bashize amanga kandi bashikamye ndetse ngo bitangire Imana n'umurimo wayo bazashyirwa hanze. Umumarayika yaravuze ati: "Utekereza ko buri wese azahatirwa kwitanga? Oya, oya. Bigomba kuba ituro ritanganywe ubushake. Bose bizabasaba kuba bagura imirima." Natakambiye Imana kugira ngo ye guhana ubwoko bwayo, kuko bamwe muri bwo bagwaguzaga ndetse bagapfa. Naje kubona ko urubanza rw'Ishoborabyose ruri kuza rwihuta cyane nuko nsaba umumarayika ngo avuge mu rurimi rwe abwire ubwoko bw'Imana. Umumarayika yaravuze ati: "Inkuba zose n'imirabyo byumvikaniye ku musozi Sinayi ntibyashoboraga gukora ku mitima y'abatazakorwaho n'ukuri kumvikana kw'Ijambo ry'Imana, ndetse n'ubutumwa bwa marayika ntibushobora kubakangura." [IZ 62.1](#)

Nabashije kwitegereza ubwiza n'igikundiro bya Yesu. Ikanzu ye yeraga de. Nta rurimi na rumwe rwashobora gusobanura ikuzo rye n'ubwiza bwe buhebuje. Abantu bose bakurikiza amategeko y'Imana bazinjira mu murwa banyuze mu marembo, kandi bafite uburenganzira bwo kurya ku giti cy'ubugingo ndetse bakabana iteka na Yesu mwiza ufite mu maso harabagirana kurusha izuba ryo ku manywa y'ihangu. [IZ 62.2](#)

Neretswe Adamu na Eva ubwo bari muri Edeni. Bariye ku giti cyari kibuzanyijwe maze bavanwa muri ubwo busitani bityo inkota yaka umuriro ishyirwa ahakikije igiti cy'ubugingo kugira ngo batarya ku mbuto zacyo bakazaba abanyabyaha by'iteka ryose. Igiti cy'ubugingo cyari icyo gutuma babaho ubuziraherezo. Numvise umumarayika abaza ati: “Ni nde wo mu muryango wa Adamu wabashije gutambuka kuri ya nkota yaka umuriro maze akarya ku giti cy'ubugingo?” Numvise undi mumarayika asubiza ati: “Nta n'umwe wo mu muryango wa Adamu wabashije kurenga kuri iyo nkota yaka umuriro ngo arye kuri icyo giti; kubw'ibyo rero nta munyabyaha ufite kudapfa. Ubugingo bukora icyaha buzapfa urupfu rw'iteka ryose — gupfa bitazagira iherezo, ahatazaba ibyiringiro byo kuzazuka. Ubwo ni bwo umujinya w'Imana uzaba ushize. [IZ 62.3](#)

“Abera bazaguma mu Murwa Wera maze bime nk'abami n'abatambyi mu gihe cy'imyaka igihumbi. Yesu azamanukana n'abera ku musozi wa Elayono, kandi uwo musozi uzasaduka maze uhinduke ikibaya kinini ari cyo Paradizo y'Imana izaterekwamo. Ahandi hose hasigaye ho ku isi nti hazezwa imyaka igihumbi itaragera ku iherezo ubwo abanyabyaha bapfuye bazazuka, maze bakagota umurwa wera. Ibirenge by'abanyabyaha ntibizigera bihumanya isi yagizwe nshya. Umuriro uzamanuka uvuye mu ijuru ku Mana maze ubarimbure — uzabatwika bose ntuzabasigira umuzi cyangwa ishami. Satani ni umuzi naho abana be ni amashami. Uwo muriro uzatsemba abanyabyaha niwo uzeza iyi si.

Ibyago by'imperuka n'urubanza

Mu Nteko Nkuru Rusange y'abizera ukuri kw'iki gihe yabereye ahitwa Sutton ho muri Vermont mu kwezi kwa Nzeri 1850, neretswe ko Yesu namara kuva mu buturo bwera, ibyago birindwi by'imperuka bizasukwa. Umumarayika yaravuze ati: “Uburakari bw'Imana n'ubw'Umwana w'Intama nibwo buzatera kurimbuka n'urupfu rw'inkozi z'ibibi. Kubw'ijwi ry'Imana, abera bazahinduka abanyambaraga kandi batere ubwoba nk'ingabo zitwaje inkota, ariko icyo gihe ntibazarangiza urubanza nk'uko rwanditswe. Irangizarubanza rizaba ku iherezo ry'imyaka igihumbi.” [IZ 63.1](#)

Abera nibamara kwambikwa kudapfa bakazamuranwa na Yesu, nibamara guhabwa inanga zabo, amakanzu yabo n'amakamba yabo maze bakinjira mu murwa wera, Yesu n'abera bazicara bace imanza. Ibitabo birabumburwa — igitabo cy'ubugingo n'igitabo cy'urupfu. Igitabo cy'ubugingo cyanditswemo imirimo myiza y'abera; naho igitabo cy'urupfu cyanditswemo imirimo mibi y'inkozi z'ibibi. Ibyo bitabo byagereranyijwe n'igitabo shingiro ari cyo Bibiliya, kandi abantu bacirwa imanza hakurikijwe ibyanditswe muri icyo gitabo. Abera bafatanyije na Yesu baca imanza z'inkozi z'ibibi zapfuye. Umumarayika yaravuze ati: “Itegereze, abera bafatanyije na Yesu gucira imanza inkozi z'ibibi hakurikijwe ibyo zakoze zikiriho, kandi icyo zizahembwa mu gihe

cy'irangizarubanza cyandikwa imbere y'amazina yazo." Ibi nabonye byari umurimo Yesu azafatanyaga n'abera igihe cy'imyaka igihumbi bakiri mu Murwa Wera mbere y'uko umanuka ukaza ku isi. Ku iherezo ry'imyaka igihumbi, Yesu, abamarayika hamwe n'abera bose bava mu Murwa Wera, maze ubwo yamanukanaga nabo aza ku isi, abanyabyaha bapfuye barazuka, kandi n'abantu "bamucumise," barazuka bamubonera kure ari mu ikuzo rye ari kumwe n'abamarayika n'abera, bituma baboroga cyane kubera kumubona." Bazabona inkovu z'imisumari mu biganza bye no ku birenge bye, n'aho bamuteye icumu mu rubavu. Inkovu z'imisumari n'iz'icumu ni zo zizaba ikuzo rye. Ku iherezo ry'imyaka igihumbi ni ho Yesu azahagarara ku musozi wa Elayono, maze uwo musozi ugasaduke uhinduke ikibaya kinini. icyo gihe abanyabyaha bazaba bamaze kuzuka ni bo bazahunga. Umurwa Wera uzamanuka uhagarare muri icyo kibaya. icyo gihe Satani azuzuzwa umwuka we muri abo banyabyaha. Azabashyeshyenga ababwira ko ingabo ziri muri uwo murwa ari nkeya, kandi ko ingabo ze ari nyinshi cyane, ndetse ko bashobora gutsinda abera bakigarurira uwo murwa. [IZ 63.2](#)

Igihe Satani yakoranyaga ingabo ze, abera bari bibereye mu murwa, bitegereza ubwiza n'icyubahiro bya Paradizo y'Imana. Yesu niwe wari imbere abayoboye. Mu kanya gato, wa Mukiza mwiza yakuwe mu itsinda ryacu; ariko bidatinze twumva ijwi rye ryiza rivuga riti: "Nimuze mwebwe abo Data yahaye umugisha, muragwe ubwami bwabateguriwe uhereye ku kuremwa kw'isi." Twateraniye aho Yesu ari maze igihe yakingaga amarembo y'umurwa umuvumo usukwa ku banyabyaha. Amarembo yarakinzwe. Nuko abera bagurukisha amababa yabo barazamuka bajya hejuru y'inkike z'umurwa. Yesu yari ari kumwe nabo; ikamba rye ryararabagiranaga cyane kandi rifite ubwiza. Ryari ikamba riteretse mu rindi bityo bityo yose akaba arindwi. Amakamba y'abera yari akozwe muri zahabu itunganyije neza, atatsweho inyenyeri. Mu maso habo harabagiranaga ikuzo kuko bari mu gicucu cya Yesu; kandi ubwo bazamukanaga bakajya hejuru y'uwo murwa, nasabwe n'ibyishimo by'ibyo nabonaga. [IZ 63.3](#)

Abanyabyaha babonye ko basigaye, maze umuriro wari uturutse ku Mana ubasukwaho urabakongora. Ibi byari irangizarubanza. Abanyabyaha bagezweho n'igihano cy'urubanza baciriwe na Yesu afatanyije n'abera muri cya gihe cy'imyaka igihumbi. Wa muriro uturutse ku Mana ugatwika abanyabyaha ni nawo wejeje isi. Imisozi y'ibihanamanga yakongowe n'ubushyuhu bwinshi cyane, ikirere nacyo ndetse n'utwatsi twose tumera ku misozi birakongoka. Nuko dukingurirwa umurage imbere yacu. Wari mwiza cyane kandi uhebuje bitangaje, maze turagwa isi yose yari imaze kugirwa nshya. Twese twateye hejuru n'ijwi rirenga tuti: "Ikuzo ribe iry'Imana; Haleluya!"

Iherezo ry'imyaka 2300

Nabonye intebe y'ubwami, kandi kuri yo hari hicaye Data wa twese n'Umwana. Nitegereje mu maso ha Yesu maze nishimira uko ari uw'igikundiye. Sinashoboraga kwitegereza mu maso ha Data wa twese kuko yari akingirijwe n'umucyo mwinshi cyane urabagirana. Nabajije Yesu niba Data wa twese ameze nka Yesu ubwe. Yambwiye ko bameze kimwe, ariko ko ntashobora kumwitegereza. Yesu yarambiye ati: "Uramutse urebye ubwiza bwa Data wa twese, ntiwakongera kubaho." Imbere y'intebe y'ubwami

nahabonye ishyanga ry'Abategereje kugaruka kwa Yesu - harimo itorerero n'ab'isi. Nabonye amatsinda abiri, rimwe ryacaga bugufi imbere y'iyo ntebe y'ubwami ribyishimiye cyane, mu gihe irindi tsinda ryahagararaga ritabyishimiye habe no kubyitaho. Abari bubamye imbere y'intebe y'ubwami barasengaga kandi batumbiraga Yesu. Yesu nawe yahangaga Se amaso, agasa n'aho amwinginga. Umucyo wavaga kuri Data wa twese ukajya ku Mwana kandi ukava ku Mwana werekera kuri rya tsinda ryasengaga. Ubwo naje kubona umucyo umurika cyane uturutse kuri Data ujya kuri Mwana, kandi uva kuri Mwana maze usakara kuri ba bantu bari imbere y'intebe y'ubwami. Nyamara bake cyane ni bo bakiraga uyu mucyo utangaje. Benshi bavuye aho wa mucyo wari utwikiriye maze bahita bawurwanya. Abandi ntacyo bari bitayeho ndetse ntibakunze uwo mucyo, maze uhita wigendera ubavaho. Bamwe barawukunze maze baragenda bapfukamana na rya tsinda rito ryasengaga. Abari muri iri tsinda bose bakiriye uwo mucyo kandi barawishimira ndetse mu maso habo harabagirana ubwiza bwawo. [IZ 64.2](#)

Nabonye Data wa twese ahaguruka kuri ya ntebe y'ubwami 42, maze agendera mu igare ryaka umuriro ajya ahera cyane inyuma y'umwenda ukingiriza nuko aricara. Maze Yesu ahaguruka ku ntebe y'ubwami kandi benshi mu bari bunamye imbere y'iyo ntebe bahagurukana nawe. Yesu amaze guhaguruka, sinigeze mbona n'umurasire umwe w'umucyo uvuye kuri Yesu ngo ugere kuri ya mbaga itari ifite icyo yitayeho, maze isigara mu mwijima w'icuraburindi. Abahagurutse igihe Yesu nawe yahagurukaga, bakomeje guhanga amaso yabo kuri we ubwo yavaga ku ntebe y'ubwami maze akabajyana hanze ku ntera ngufi. Bahageze Yesu yazamuye ukuboko kwe kw'iburyo, maze twumva ijwi rye ryiza rivuga riti: "Mutegerereze hano ngiye kwa Data guhabwa ubwami; ntimwanduze imyambaro yanyu, kandi mu kanya gato cyane nzagaruka mvuye mu bukwe maze mbajyane iwanjye." Nuko igare rigoswe n'igicu, rifite inziga zimeze nk'umuriro ugurumana, rikikijwe n'abamarayika riza aho Yesu yari ari. Yesu yuriye iryo gare maze rimujyana ahera cyane, ari naho Data wa twese yari yicaye. Aho ni ho nabonye Yesu, Umutambyi Mukuru ukomeye cyane, ahagaze imbere ya Data. Ku nshunda z'ikanzu ye hari inzogera n'igisingo gitukura. Abahagurukanye na Yesu bashoboraga gushyira ibyiringiro byabo kuri we aho yari ahera cyane, kandi bagasenga bagira bati: "Data duhe Mwuka wawe." Bagisenga batyo Yesu yabahumekezagaho Mwuka Wera, kandi muri uko guhumeka harimo umucyo, imbaraga, urukundo rwinshi, ibyishimo n'amahoro. [IZ 65.1](#)

Nahindukije amaso ndeba rya tsinda ry'abantu bari bagipfukamye imbere ya ya ntebe y'ubwami. Ntibigeze bamenya ko Yesu yayivuyeho. Satani yaraje ajya iruhande rwa ya ntebe maze agerageza gukomeza gukora umurimo nk'uw'Imana. Nabonye ba bandi bubura amaso bareba kuri ya ntebe ya cyami maze barasenga bati: "Data duhe Mwuka wawe." Nibwo Satani yabahumekeyeho umwuka mubi; muri wo harimo umucyo n'imbaraga nyinshi, nyamara ntiharimo urukundo nyakuri, ibyishimo n'amahoro. Umugambi wa Satani wari uwo gukomeza kubafatira mu gushukwa ndetse no gusubiza inyuma no kuriganya abana b'Imana.

Inshingano yacu mu gihe dutegereje igihe cy'akaga

Uwiteka yanyeretse kenshi ko mu gihe cy'akaga kwaba ari ugukora ibihabanye n'icyo Bibiliya yigisha turamutse tubikiye ibintu duteganyiriza ibyo tuzaba dukeneye icyo gihe. Neretswe ko mu gihe cy'akaga abera nibirundanyiriza ibyokurya cyangwa bikaba biri mu mirima, ubwo inkota, inzara n'icyorezo bizaba biri mu gihugu, bazabyamburwa n'amaboko y'abagome kandi abantu batazi ni bo bazasarura imirima yabo. Kuri twe, icyo kizaba ari igihe cyo kwiringira Imana tutizigamye, kandi na yo izadukomeza. Nabonye ko icyo gihe tuzahabwa umugati n'amazi, kandi ko ntacyo tuzabura cyangwa ngo twicwe n'inzara, kuko Imana ifite ubushobozi bwo kudutegurira ameza mu butayu. Nibiba ngombwa izohereza ibikona kutugaburira nk'uko yabikoze ikagaburira Eliya, cyangwa igushe manu ivuye mu ijuru nk'uko yabikoreye Abisirayeli. [IZ 65.3](#)

Mu gihe cy'akaga, inzu n'amasambu ntacyo bizamarira abera, kuko icyo gihe bazaba bagomba guhunga imbere y'imbaga nini izaba yabarakariye, kandi icyo gihe ntibazaba bashobora kwikuraho ubutunzi bwabo ngo buteze imbere umurimo wo kwamamaza ukuri kugenewe iki gihe. Neretswe ko ari ubushake bw'Imana ko abera bakurirwaho ibibaremerera byose mbere y'uko igihe cy'akaga kigera, kandi bakagirana isezerano n'Imana kubw'igitambo. Nibashyira ubutunzi bwabo ku gicaniro kandi bagasaba Imana kubashobora inshingano yabo babikuye ku mutima, izabigisha igihe nyacyo cyo kwikuraho ubwo butunzi. Mu gihe cy'akaga bazaba bafite umudendezo, badafite ibibaziga bibabuza gutambuka. [IZ 66.1](#)

Nabonye ko niba hari abihambira ku butunzi bwabo maze ntibigere basaba Imana kugira ngo ibahishurire icyo bagomba gukora, Imana ntizigera ibahishurira inshingano yabo. Bazemererwa gukomeza gutunga ubutunzi bwabo, bityo mu gihe cy'akaga, ubwo butunzi buzababera nk'umusizi ugiye kubagwira. Bazagerageza kubwikuraho nyamara ntibizabashobokera. Numvise bamwe babogoza bavuga bati: "Umurimo w'Imana wagendaga ucika intege, ubwoko bw'Imana bwari bufite inzara yo kumenya ukuri, natwe nta muhati twakoresheje kugira ngo dutange ibyari bikenewe, none ubutunzi bwacu bupfuye ubusa. Iyaba twaraburetse bukagenda, maze tukibikira ubutunzi mu ijuru!" Nabonye ko igitambo kitiyongeraga, ahubwo cyaragabanutse maze kirakongoka. Nanone nabonye ko Imana itari yarasabye ubwoko bwayo bwose kwikuraho ubutunzi bwabo icyarimwe; ariko iyo bwifuzaga kwigishwa, mu gihe ari ngombwa Imana yabwigishaga igihe cyo kugurisha ubutunzi ndetse n'ingano y'ubwo bagomba kugurisha. Mu bihe byashize abantu bamwe bagiye basabwa gutanga ubutunzi bwabo kugira ngo bashyigikire umurimo w'itsinda ry'Abategereje, mu gihe abandi bo bemerewe gukomeza kuwuzigama kugeza igihe cy'ubukene. Igihe umurimo uzaba ukeneye uwo mutungo, kizaba ari igihe cyo kuwugurisha. [IZ 66.2](#)

Nabonye ko ubutumwa buvuga ngo; "Mugurisha ibyo mufite maze mutange ubufasha," butatanzwe na bamwe mu mucyo wabyo uboneye, kandi umugambi w'amagambo y'Umukiza ntiwagaragajwe neza. Ntabwo umugambi wo kugurisha ari uwo guha abafite imbaraga zo gukora kugira ngo babashe kwibeshaho, ahubwo ni ukugira ngo ukuri kwamamazwe hose. Gushyigikira abantu bashoboye gukora bakaguma mu bunyonyi ni icyaha. Abantu bamwe bagiye baba abanyamwete mu kuza mu materaniro yose, nyamara bataje guhesha Imana ikuzo ahubwo bazanwe n'"imigati n'amafi." Icyiza kurutaho ni uko bene abo bari bakwiriye kuba bigumiye imuhira

bagakoresha amaboko yabo “ibyiza” kugira ngo bamare ubukene bw’imiryango yabo kandi bagire icyo batanga cyo gushyigikira umurimo uhebuje wo kwamamaza ukuri kugenewe iki gihe. Iki ni igihe cyo kubika ubutunzi bwacu mu ijuru no gutunganya imitima yacu maze tukaba twiteguye igihe cy’akaga. Abantu bafite amaboko atanduye n’imitima iboneye gusa ni bo bazabasha guhagara bashikamyeye muri icyo gihe gikomeye. Igihe kirageze ngo amategeko y’Imana abe mu ntekerezo zacu, abe mu ruhanga rwacu kandi yandikwe mu mitima yacu. [IZ 66.3](#)

Uwiteka yanyeretse ingorane ziterwa no kureka ubwenge bwacu bukuzurwamo ibitekerezo n’ibihangayikisha by’isi. Nabonye ko abantu bamwe bateshutse ku kuri kw’iki gihe ndetse no ku gukunda Bibiliya Yera babitewe no gusoma ibindi bitabo biteye amatsiko. Abandi buzuwe no guhangayikishwa n’ibyo bazarya, ibyo bazanywa n’ibyo bazambara. Abandi babona ko Umukiza atazagaruka vuba. Igihe cyakomeje kugenda cyiyongeraho imyaka mike kurusha uko bari babyiteze, kubw’ibyo batekereza ko kizagenda cyiyongeraho indi myaka mike maze ibyo bituma intekerezo zabo zigenda ziteshuka ku kuri kugenewe iki gihe zikarangamira isi. Muri ibyo bintu nabonyemo ingorane zikomeye cyane; kuko niba intekerezo zuzuwemo n’ibindi bintu, ukuri kugakingiranyirwa inyuma, ikimenyetso cy’Imana nta mwanya na muto kiba kigifite cyashyirwamo mu ruhanga rwacu. Nabonye ko igihe cya Yesu cyo kuba ahera cyane kiri hafi kurangira kandi ko igihe gisigaye ari kigufi cyane. Iki gihe dusigaranye dukwiriye kugikoresha twiga Bibiliya kuko ari yo izaducira urubanza mu minsi ya nyuma. [IZ 67.1](#)

Bakundwa benedata na bashiki bacu, mureke amategeko y’Imana n’ibihamya Yesu Kristu bikomeze kuba mu ntekerezo zanyu kandi mubireke bitwikire ibitekerezo by’iby’isi n’ibihagarika umutima byayo. Mwaba muryamyeye n’igihe mubyutse, mureke ibyo abe ari byo mutekerezaho. Mubeho kandi mukore iteka muzirikana kugaruka k’Umwana w’umuntu. Igihe cyo gushyirwaho ikimenyetso ni kigufi cyane kandi kigiye kurangira vuba bidatinze. Ubwo abamarayika bane bagifashe imiyaga ine, iki ni cyo gihe cyo guhamya ihamagarwa no gutoranywa byacu.

Gutwarwa intekerezo mu buryo bw’amayobera

Kuwa 24 Kanama, 1850 nabonye ko “gutwarwa intekerezo mu buryo ndengakamere” byakomokaga ku mbaraga za Satani. Bumwe muri ubwo buryo bwakorwaga na Satani ubwe naho ubundi bugakorwa n’abakozi be mu buryo buziguye. Nyamara byose byakomokaga kuri Satani. Wari umurimo wa Satani yasohozaga mu nzira zitandukanye; nyamara abantu benshi mu matorero no mu isi bari bagoswe n’umwijima w’icuraburindi ku buryo batekereza kandi bakizera ko ari bituruka ku mbaraga z’Imana. Marayika yaravuze ati: “Mbese abantu ntibari bakwiriye gushaka Imana yabo, bakaba ari yo babaza? Mbese iby’abazima byabazwa abapfuye?” Mbese abazima bakwiriye gushaka ibyo bamenya babibwiwe n’abapfuye? Abapfuye ntacyo bazi. Mbese mujya gushakira Imana nzima mu bapfuye? Baretse Imana nzima bajya kuganira n’abapfuye batagize icyo bazi (Reba Yesaya 8:19, 20). [IZ 67.3](#)

Nabonye ko bidatinze kuvuga amagambo arwanya ibyo gutwarwa intekerezo bizafatwa nko gutuka Imana, kandi mbona ko uko gutwarwa kuzarushaho kuba gikwira.

Neretswe kandi ko imbaraga za Satani ziziyongera kandi na bamwe mu bayoboke be b'indahemuka bazagira ubushobozi bwo gukora ibitangaza n'aho byaba kumanura umuriro mu ijuru mu maso y'abantu. Neretswe ko hakoreshejwe gutwara intekerezo z'abantu no gutuma baba nk'abatewe ikinya, abo bapfumu bagezweho bazigana ibitangaza byose byakozwe n'Umwami wacu Yesu Kristo. Abantu benshi bazizera ko imirimo yose ikomeye Umwana w'Imana yakozwe igihe yari ku isi nayo yakozwe n'imbaraga nk'iyi. **43** Intekerezo zanjye zongeye kwerekezwa mu gihe cya Mose maze mbona ibimenyetso n'ibitangaza Imana yakoresheje Mose imbere ya Farawo nyamara byinshi muri byo byagiye byiganwa n'abapfumu bo mu Misiri. Nabonye kandi ko mbere gato yo gucungurwa guheruka kw'abera, Imana izakorera ubwoko bwayo ibitangaza bikomeye kandi bene aba bapfumu bagezweho bazigana umurimo w'Imana. [IZ 68.1](#)

Icyo gihe kiri hafi kugera, kandi bizadusaba gukomeza kugundira amaboko afite imbaraga ya Yehova, kuko ibyo bimenyetso n'ibitangaza bikomeye bya Satani byose bigamije gushuka ubwoko bw'Imana no kubaroha. Intekerezo zacu zigomba kuba zishikamye ku Mana, kandi ntidukwiriye kugira ubwoba nk'ubw'abanyabyaha (ubwoba bwo gutinya ibyo batinya) cyangwa ngo twubahe ibyo bubaha. Ibiramambu tugomba kuba dushize amanga kandi tumaramaje guhagararira ukuri. Amaso yacu abashije guhumuka twashobora kubona abamarayika babi batuzengurutse, bagerageza guhimba ubundi buryo bushya bwo kutubuza amahoro no kuturimbura. Twabasha kubona kandi abamarayika b'Imana baturinze imbaraga z'abamarayika babi kuko ijisho ryitegereza ry'Imana ihora irihanze Abisirayeli ngo ibagirire neza, kandi izarinda ndetse ikize ubwoko bwayo niburamuka buyiringiye. Igihe umwanzi azaza yisuka nk'umwuzure, Mwuka w'Imana azazamura icyo kumukoma imbere. [IZ 68.2](#)

Marayika yaravuze ati: "Mwibuke ko muri ku rubuga ruriho imyuka mibi." Nabonye ko tugomba kuba maso kandi tukambara intwari zose ndetse tugatwara ingabo yo kwizera, bityo tuzashobora guhagarara kandi imyambi yaka umuriro y'abanyabyaha ntacyo ishobora kudutwara.

Abatwaye ubutumwa

Uwiteka yanyeretse kenshi imibereho n'ubukene by'amasaro anyanyagiye hirya no hino atarigeze agezwaho umucyo w'ukuri kugenewe iki gihe, maze anyereka ko abatwaye ubutumwa bakwiriye kwihutira kubageraho vuba vuba kugira ngo babahe umucyo. Abantu benshi bari ahatuzengurutse bakeneye gusa gukurirwaho urwikekwe rwabo maze ibihamya by'uko tumeze ubu bikabashyirwa imbere bivuye mu Ijambo ry'Imana, bityo bakakirana ibyishimo ukuri kw'iki gihe. Abatwaye ubutumwa bakwiriye kwita bantu nk'aho bagomba kuzababazwa. Ibyabo bakwiriye kuba ubuzima bwo gukora cyane no kwibabaza mu gihe bakiremerewe n'umutwari w'umurimo wa Kristo w'agaciro kenshi nyamara wagiye wangizwa kenshi. Bizabasaba gushyira ku ruhande inyungu z'iby'isi no guhumurizwa nayo maze umugambi wabo wa mbere ube uwo gukora ibyo bashoboye byose kugira ngo bateze imbere umurimo wo kwamamaza ukuri kw'iki gihe no gukiza abantu bagiyeye kurimbuka. [IZ 69.2](#)

Bazabona ingororano ikomeye. Ubwo abazaba bararokowe nabo maze amaherezo bagakizwa bazaba bambaye amakamba bishimye, bazarabagirana nk'inyenyeri iteka ryose. Kandi iteka ryose bazahora bishimira ko bakoze ibyo bari bashoboye byose bagatangaza ukuri mu kwera kwako no mu bwiza bwako ku buryo abantu bagukunze, kurabeza kandi bakira amahirwe atarondoreka yo gukungahazwa no kuhagirwa n'amaraso ya Ntama w'Imana bagacungurirwa Imana. [IZ 69.3](#)

Nabonye ko abashumba bakwiriye kugisha inama abo babona bakwiriye kugirira icyizere, abantu bigeze kuba mu butumwa bwose kandi bakaba bashikamye mu kuri kose mbere y'uko bashyigikira ingingo nshya z'ingenzi bashobora gutekereza ko Bibiliya ishyigikira. Ubwo ni bwo abashumba bazashyira hamwe rwose kandi ubumwe bw'abashumba buzabonwa n'itorero. Nabonye ko iyo mikorere izatuma hatabaho gucikamo ibice, kandi icyo gihe nti hazabaho akaga ko kuba umukumbi w'agaciro kenshi wacikamo ibice kandi ngo intama zitatane zitagira umushumba. [IZ 69.4](#)

Nabonye kandi ko Imana yari ifite izindi ntumwa yashoboraga gukoresha muri uyu murimo, ariko ntabwo zari ziteguye. Bari abantu badahamye cyane kandi bavuga bakanakora bikinira ku buryo nta rugero rwiza bajyaga guha umukumbi. Ntibumvaga uburemere bw'umurimo n'agaciro k'abantu nk'uko intumwa z'Imana zigomba kubyumva kugira ngo zitera impinduka nziza mu bantu. Marayika yaravuze ati: “Nimwihumanure mwebwe mushinzwe gutwara ibikoresho by'Uhoraho. 44” Nta kintu cyiza na gito babasha kugeraho keretse gusa biyeguriye Imana burundu kandi bakumva akamaro n'uburemere by'ubutumwa buheruka bw'imbabazi buri kugezwa ku mukumbi utatanye. Bamwe batigeze bahamagarwa n'Imana bafite ubushake bw'inshi bwo kugenda bajyanye ubutumwa. Iyo basobanukirwa uburemere bw'umurimo n'inshingano zijyana nawo, bakumva bawureka bakawuvamo maze bakavuga nk'intumwa Pawulo bati: “Kandi ibyo ni nde ubikwiriye?” Impamvu imwe rukumbi ituma bafite ubwuzu bwo kugenda ni uko Imana itigeze ibikoreza umutwari w'umurimo. Ntabwo abantu bose bamamaje ubutumwa bwa marayika wa mbere n'ubwa marayika wa kabiri bagomba kuvuga n'ubw'uwa gatatu ndetse na nyuma y'uko bamaze kubwakira neza kuko bamwe bagiye baba mu makosa n'ubuyobe byinshi ku buryo icyo bashoboye gusa ari ukubanza gukiza amagara yabo. Baramutse bayoboye abandi bazababera uburyo bwo kubaroha. Ariko nabonye ko abantu bamwe bari barigeze kwimbika mu bwaka ari bo noneho bazaba aba mbere kugenda biruka mbere y'uko Imana ibohereza. Bazagenda mbere y'uko bezwaho amakosa bahozemo, bityo kuba bafite ikinyoma kivanze n'ukuri, bashobora kugaburira umukumbi iyo mvange kandi nibemererwa gukomeza batyo, umukumbi uzarwara kandi hazakurikiraho urujijo n'urupfu. Nabonye ko bakwiriye kugosorwa bakongera bakagosorwa kugeza ubwo bakuweho amakosa yabo yose, nibitaba ibyo ntibashobora kwinjira mu bwami bw'Imana. Ntabwo abatwaye ubutumwa bakwiriye kugirira icyizere imyumvire n'imitekerereze by'abantu bahoze mu buyobe n'ubwaka nk'icyo bagirira abakomeje gushikama mu kuri ntibagendere mu makosa akabije. Nanone kandi abantu benshi bashishikariye kohereza ku murimo bamwe bamaze igihe gito bemeye ukuri kw'iki gihe, bagifite byinshi byo kwiga n'ibyo gukora mbere y'uko bo ubwabo baba batunganye mu maso y'Imana, ndetse ari abantu batujuje ibyangombwa byo kuba bakwereka abandi inzira. [IZ 69.5](#)

Nabonye ko hakenewe abatwara ubutumwa, ariko by'umwihariko ba bandi bari maso bashobora guhagarika ubwaka bwose ahantu aho ari ho hose bushobora kwaduka. Satani aradusatira aturutse impande zose, kandi nitutaba maso ngo tumwirinde, ndetse ngo amaso yacu ahumukire kureba amayere n'imitego bye kandi ngo dutware intwara zose z'Imana, imyambi y'ababi yaka umuriro izaduhinguranya. Hari ukuri kw'inshi kw'agahano kuboneka mu Ijambo ry'Imana, ariko "ukuri kugenewe iki gihe" ni ko umukumbi ukeneye ubu. Nabonye ingorane ziterwa n'abatwaye ubutumwa bagenda batandukanye n'ingingo z'ingenzi z'ukuri kw'iki gihe bagatinda ku ngingo zitagamije kunga umukumbi no kuboneza ubugingo. Aha ni ho Satani azabonera amahirwe ashoboka yose kugira ngo yangirize umurimo. [IZ 70.1](#)

Ariko ingingo zivuga ubuturo bwera buhujwe n'iminsi 2300, izivuga amategeko y'Imana no kwizera Yesu, zateguriwe neza gusobanura iby'itsinda ry'Abategereje bo mu gihe cyashize ndetse no kwerekana aho duhagaze ubu, gukomeza ukwizera kw'abashidikanya no gutanga icyizere cy'ahazaza heza. Nabonye incuro nyinshi ko izo ari zo ngingo shingiro abatwaye ubutumwa bakwiriye kwibandaho. [IZ 71.1](#)

Abatwaye ubutumwa batoranyijwe n'Imana baramutse bategereje ko imbogamizi zoze zikurwa mu nzira yabo, abenshi ntibazigera bajya gushaka intama zitatanze. Satani azabahagurukiriza inzitizi nyinshi kugira ngo ababuze gukora inshingano yabo. Nyamara bazaba bagomba kugenda mu kwizera, biringiye uwabahamagariye gukora umurimo we, kandi azafungura inzira imbere yabo igihe cyose azabona ari ibyo kubagirira neza no kumuhesha ikuzo. Yesu, umwigisha ukomeye akaba n'icyitegererezo, ntiyari afite aho kurambika umusaya we. Imibereho ye yari imibereho y'umuruho, agahinda n'imibabaro; kandi yatanze ubugingo bwe ku bwacu. Abakora mu cyimbo cya Kristo bakingingira abantu kwiwunga n'Imana, ndetse bakaba biringiye kuzimana na Kristo mu ikuzo rye bagomba kwitega ko bazagerwaho n'imibabaro nk'iyoyahuye nayo kuri iyi si. "Ababiba barira, bazasarura bishima. Nubwo umuntu agenda arira asohoye imbuto, azagaruka yishima azanye imiba ye" (Zaburi 126:5,6). [IZ 71.2](#)

Ikimenyetso cy'inyamaswa

Mu iyerekwa nagize ku wa 27 Kamena 1850, marayika murinzi wanjye yaravuze ati: "Igihe kigiye kurangira. Mbese ugaragaza ishusho nziza ya Yesu nk'uko wari ukwiriye kubigenza?" Amaso yanjye yerekejwe ku isi maze mbona ko hakwiriye kubaho kwitegura ku bantu bakiriye ubutumwa bwa marayika wa gatatu. Marayika yaravuze ati: "Mwitegure, mwitegure, mwitegure. Mugomba gupfa ku by'isi mu buryo bukomeye kurenza uko byigeze bibabaho." Nabonye ko hari umurimo ukomeye bagomba gukora ariko ko bafite igihe gito cyane cyo kuwukora. [IZ 71.3](#)

Nanone nabonye ko ibyago birindwi by'imperuka bigiye gusukwa ku badafite ubwihisho; nyamara ab'isi babifataga nk'aho ari ibitonyanga by'inshi by'imvura byendaga kugwa. Nabashishijwe kwihanganira kureba uburyo buteye ubwoba ibyo byago birindwi by'imperuka byari bimeze, ari nabyo mujinya w'Imana. Nabonye ko uburakari bwayo bwari bukomeye ndetse buteye ubwoba, kandi iyo Imana irambura ukuboko kwayo cyangwa ikakuzamura bitewe n'uburakari, abatuye isi bajyaga kuba

nk'aho batigeze babaho na mba. Bajyaga kubabazwa n'ibisebe bidakira kandi bikomeye byashoboraga kubagwira bityo ntibabone ubarokora ahubwo bajyaga kurimburwa na byo. Ubwoba bwinshi bwaramfashe maze nikubita hasi nubamye imbere ya marayika musaba ko ibyo bintu narebaga bikurwaho bigahishwa amaso yanjye sinongere kubireba kuko byari biteye ubwoba bwinshi. Ubwo nahise nsobanukirwa n'akamaro ko kwigana Ijambo ry'Imana ubwitonzi kuruta uko nigeze mbigira kugira ngo menye uko nazakira ibyago Ijambo ry'Imana rivuga ko bizagera ku batubaha Imana bazaramya inyamanswa n'igishushanyo cyayo bagashyirwaho ikimenyetso cyayo mu ruhanga rwabo cyangwa mu biganza byabo. Byari ibintu bintangaje cyane kubona ko umuntu yakwica amategeko y'Imana kandi agakandagira Isabato yayo yera mu gihe hari ibyo biteye ubwoba bizagera kuri bene abo bantu. [IZ 71.4](#)

Ubupapa bwahinduye umunsi wo kuruhukaho buwukura ku munsi wa karindwi buwushyira ku munsi wa mbere w'icyumweru. Ubupapa bwatekereje guhindura itegeko ryatanzwe kugira ngo ritere umuntu kwibuka Umuremyi we. Bwatekereje guhindura itegeko rikomeye ry'Imana mu mategeko icumi bityo bwishyeshya n'Imana ndetse bwishyira hejuru y'Imana. Uwiteka ntahinduka, ubwo rero n'amategeko ye ntahinduka. Ariko Papa yarikujije yishyira hejuru y'Imana ubwo yahinduraga amategeko yayo adahinduka y'ubutungane, ubutabera n'ubugwaneza. Ubupapa bwakandagiye umunsi w'Imana yejeje, maze mu butware bwabwo, uwo munsi buwusimbuza umwe mu minsi itandatu y'imirimu. Amahanga yose yakurikiye inyamanswa, kandi buri cyumweru yiba Imana igihe cyayo cyera. Papa yaciye icyuho mu mategeko yera y'Imana, ariko nabonye ko igihe kigeze kugira ngo iki cyuho gisibwe n'ubwoko bw'Imana kandi ahabaye amatongo hubakwe. [IZ 72.1](#)

Natakambiye imbere ya marayika nsaba ngo Imana ikize ubwoko bwayo bwahabye, ibukize kubw'imbabazi zayo. Igihe ibyago bizatangira kugwa, abakomeza kwica Isabato yera ntibazigera na rimwe babumbura iminwa yabo ngo batange inzitwazo batanga ubu kugira ngo batayubahiriza. Iminwa yabo izaba ifunze igihe ibyago bizaba biri kugwa, uwatanze amategeko ari guhana abasuzuguye amategeko ye yera ndetse bakaba barayise "umuvumo ku muntu" bakanavuga ko "nta gaciro afite" ndetse ari "amanyantege nke." Igihe bene aba bantu bazibonera gukomera kw'aya mategeko, ziriya mvugo bakoreshaga bayasuzugura zizabaza imbere mu nyuguti zigaragara cyane, bityo icyo gihe bazibonera icyaha cyo kuba barasuzuguye amategeko Ijambo ry'Imana rivuga ko "yera, atunganye, kandi ari meza." [IZ 72.2](#)

Neretswe ubwiza bw'ijuru, nere kwa ubutunzi bubikiwe indahemuka ku Mana. Ibintu byose byari iby'igikundiro kandi ari byiza cyane. Abamarayika baririmba indirimbo y'agahozo, hanyuma bagahagarika kuririmba maze bagakura amakamba yabo ku mitwe yabo bityo mu kurabagirana kwayo bakayarambika ku birenge bya Yesu baririmba mu majwi meza cyane bagira bati: "Himbazwa, Haleluya!" Nafatanyije nabo kuririmba indirimbo zabo zo kuramya no gusingiza Ntama w'Imana, maze igihe cyose nabumburaga akanwa kanjye ngo musingize, numvaga ngoswe n'ikuzo umuntu atabona uko yavuga. Ryari ikuzo ritagira akagero kandi ry'iteka ryose. Marayika yaravuze ati: "Itsinda rito ry'abasigaye bakunda Imana kandi bagakurikiza amategeko

yayo ndetse bakaba indahemuka kugeza imperuka ni bo bazishimira ubu bwiza, bazahorana na Yesu iteka kandi bazaririmbana n'abamarayika bera." IZ 72.3

Noneho amaso yanjye yavanywe kuri rya kuzo narebaga maze yerekezwa ku basigaye bari ku isi. Marayika yarababajije ati: "Mbese muzabasha kurokoka ibyago birindwi by'imperuka? Mbese muzajya mu bwiza maze mwishimire ibintu byose Imana yateguriye abayikunda kandi bakaba biteguye kubabazwa ari yo bazira? Niba ari uko biri, mugomba gupfa kugira ngo mubashe kubaho. Mwitegure, mwitegure, mwitegure. Mugomba kugira umwiteguro urenze uwo mufite ubu kuko umunsi w'Uwiteka uje, ni umunsi kirimbuzi urimo uburakari n'umujinya ukomeye. Uje guhindura isi umusaka no kurimbura abanyanyaha ukabatsemba ku isi. Mwegurire Imana byose. Byose mubishyire ku rutambiro rw'Imana. Yaba inarijye, umutungo ndetse n'ibindi byose mubitange bibe igitambo kizima. Bizasaba guhara byose kugira ngo mwinjire mu bwiza. Mwibikire ubutunzi mu ijuru, aho abajura batabasha kubwegera cyangwa ngo ingese ibwangirize. Niba muzasangira na Kristo ikuzo rye mu ijuru, mugomba gusangira imibabaro ye kuri iyi si." IZ 73.1

Turamutse duheshejwe ijuru no kunyura mu mibabaro, ryaba ari iry'agaciro gake. Mu nzira yose ducamo, tugomba kuzibukira inarinjye, tugapfa ku narinjye buri munsi, tukareka Yesu wenyine akagaragara kandi tukareka ikuzo rye akaba ari ryo rikomeza kugaragara. Nabonye ko abakiriye ukuri vuba bagomba kumenya icyo kubabazwa kubwa Kristo ari cyo, ko bafite ibigeragezo bikomeye kandi bibabaza bagomba kunyuramo kugira ngo babashe gutunganywa kandi babonerezwe mu mibabaro ngo bahabwe ikimenyetso cy'Imana nzima, ndetse banyure mu gihe cy'akaga bityo bazabashe kubona Umwami mu bwiza bwe kandi bazibanire n'Imana n'abamarayika bera. IZ 73.2

Ubwo nabonaga uko tugomba kumera kugira ngo tuzaragwe ubwiza, kandi nkabona ukuntu Yesu yababajwe kugira ngo aturonkere umurage w'igiciro cyinshi, nasenze nsaba ko twabatirizwa mu mibabaro ya Yesu, kugira ngo twe kuzatinya ngo tugamburure mu gihe cy'ibigeragezo, ahubwo tuzabashe guhangana nabyo dufite kwihangana n'ibyishimo, tuzi neza ibyo Yesu yababajwe kugira ngo kubw'ubukene bwe n'imibabaro ye tubashe kugirwa abatunzi. Marayika yaravuze ati: "Muzinukwe inarijye; mugomba kugenda mwihuta." Bamwe muri twe bagiye bagira igihe cyo kwakira ukuri no kugenda batera imbere buhoro buhoro, kandi intambwe yose twagiye dutera yagiye iduha imbaraga yo gutera indi. Ariko ubu igihe kirangiye kandi ibyo tumaze imyaka myinshi twiga bo bagomba kuzabyiga mu mezi make. Bazaba na none bafite byinshi bagomba kwibagirwa n'ibindi byinshi bagomba gusubiramo bakabyiga. Abatazigeria bakira ikimenyetso cy'inyamanswa n'igishushanyo cyayo ubwo iteka rizatanzwa, uyu munsi bagomba kuba barafashe icyemezo cyo kuvuga bati: "Oya," ntabwo tuzita ku butegezi bw'inyamanswa. IZ 73.3

Impumyi zirandase izindi

Nabonye uburyo abayobozi b'impumyi bakoranaga umuhati kugira ngo batume abantu baba impumyi nkabo, badasobanukiwe neza ibigiye kubabaho. Barihimbaza

bakishyira hejuru y'ukuri, kandi iyo ukuri gutsinze, abantu benshi bafataga ko abo bigisha ari abantu b'Imana kandi bakabashakiraho umucyo, bagize ubwoba bwinshi. Babaza abo bayobozi ibyerekeye Isabato, maze mu mugambi wo gusiribanga itegeko rya kane, abo bayobozi bagahita babasubirizaho. Nabonye ko kumvira nyakuri kutitabwaho mu gufata imyanzuro myinshi yafatwaga irwanya Isabato. Umugambi nyamukuru uba ari uwo gusiribanga Isabato y'Imana maze bakubahiriza undi muni utarejewe kandi ngo uhabwe umugisha na Yehova. Iyo batsinzwe ku gitekerezo kimwe bafata ikindi gihabanye nacyo kandi icyo bafashe usanga ari cya kindi bigeze guciraho iteka bavuga ko kidafite ishingiro. [IZ 74.1](#)

Ubwoko bw'Imana buragenda bugira ubumwe mu byo kwizera. Abubahiriza Isabato ivugwa na Bibiliya bashyize hamwe mu myumvire yabo ku kuri kwa Bibiliya. Ariko ntabwo abarwaya Isabato bo mu bategereje kugaruka kwa Yesu bunze ubumwe kandi biremyemo ibice byinshi. Umuntu umwe arahaguruka akarwanya Isabato avuga ko iteye uku na kuriya maze agasoza yumva ko ikibazo kirangiye. Nyamara kuko umuhati we utakemuye ikibazo, kandi kuko umurimo wo kwamamaza Isabato utera imbere ndetse abana b'Imana bakaba bakiwushyigikira, hari undi wahagurukiye gusenya uwo murimo. Nyamara mu gutanga ibitekerezo bye agira ngo atsinde ukuri kw'Isabato, asenya rwose ibitekerezo bya wa wundi wavuze mbere n'imbaraga ze zose arwanya ukuri, kandi noneho agatanga ingingo ihabanye n'iya wa wundi wa mbere ndetse ikanahabana n'izo natwe dutanga. Biba bityo n'uwa gatatu n'uwa kane, nyamara nta n'umwe muri bo uzavugaga Isabato nk'uko ivugwa mu Ijambo ry'Imana ngo: "Umunsi wa karindwi ni Isabato y'Uwiteka Imana yacu." [IZ 74.2](#)

Nabonye ko bene abo bafite intekerezo z'umubiri [si iza mwuka], bityo ntibumvira amategeko yera y'Imana. Bo ubwabo ntubumvikana hagati yabo, nyamara bakorana umwete batsimbaraye ku myanzuro yabo bakagoreka Ibyanditswe kugira ngo bace icyuho mu mategeko y'Imana, bahindure, bakureho kandi bakore icyo bashoboye cyose ku itegeko rya kane aho kugira ngo baryubahirize. Bashaka gucecekesha umukumbi ku byerekeye iki kibazo; bityo bakazamura ikintu biringira ko kizacecekesha abantu kandi ko benshi mu bayobozi babo batazasoma Bibiliya zabo babyitayeho ku buryo bizorohera abayobozi babo gutuma ikinyoma kigaragara nk'ukuri maze abantu bakabyakira batyo ntibarebe aharenze aho abayobozi babo bageza ibitekerezo. [IZ 74.3](#)

Kwitegura imperuka

Ubwo nari ndi ahitwa Oswego, ho muri New York, ku wa 7 Nzeri 1850, Uwiteka yanyeretse ko hari umurimo ukomeye ugomba gukorerwa ubwoko bwe mbere y'uko buhagarara ku rugamba ku muni w'Uwiteka. Neretswe abantu bavuga ko ari Abadiventisiti nyamara bakaba batemera ukuri kuvugwa muri iki gihe. Nabonye bacitsemu ibice kandi ko ukuboko k'Uwiteka kwari hagati muri bo ngo kubagabanye kandi kubatatanye muri iki gihe cyo guteranyirizwa hamwe kugira ngo abantu b'agaciro kenshi bari muri bo bayobejwe babashe guhumuka amaso bityo babone uko bateye mu by'ukuri. Noneho iyo intumwa z'Uwiteka zibagejejeho ukuri, baba biteguye gutega amatwi, kubona ubwiza bw'uko kuri n'uburyo kutavuguruzanya, ndetse bagatandukana

n'ibinyoma n'abo bari bafatanyije bityo bakakira ukuri kw'agaciro kenshi, bagahagarara aho bashobora gusobanura uruhande baherereyemo. [IZ 75.1](#)

Nabonye ko abantu baryana Isabato y'Uwiteka badakwiriye gufata Bibiliya kugira ngo berekane ko uruhande turimo atari urw'ukuri. Bibaye bityo basebya abizera ukuri kandi bakibasira imico yabo. Kubwo kwanga umucyo w'ukuri, abantu benshi bigeze kugira imitekerereze myiza kandi bakundaga Imana n'ukuri kwayo bahindutse abantu binangiye imitima ku buryo batigera bashidikanya kuvuga nabi no gushinja ibinyoma abakunda Isabato yera. Ibyo babikorera kugira ngo babashe kwangiza umurimo w'abahamya ukuri bashize amanga. Nyamara ibyo byose ntabizahagarika umurimo w'Imana. Mu by'ukuri, iyi mikorere y'abanga ukuri izaba uburyo bwo guhumura amaso ya bamwe. Amasaro yose y'agaciro azazanwa ashirwe hamwe kuko ukuboko k'Uwiteka kurambukiye kubyutsa abasigaye bo mu bwoko bwe, kandi azarangiza uwo umurimo neza. [IZ 75.2](#)

Twebwe abizera ukuri dukwiriye kwitonda kugira ngo tudatanga urwaho rwo gutuma ibyiza byacu bivugwaho ibibi. Dukwiriye kwitonda tukamenya ko intambwe yose dutera ihuje na Bibiliya; kuko abanga amategeko y'Imana bazaneshereza mu kuyoba kwacu n'amakosa yacu nk'uko ababi babikoze mu 1843. [IZ 75.3](#)

Ku wa 14 Gicurasi 1851, nabonye ubwiza n'ikuzo bya Yesu. Ubwo nitegerezaga ikuzo rye, ntabwo natekerezaga ko nshobora kwigera mva imbere ye. Nabonye umucyo wavaga mu ikuzo ryari rigose Data wa twese maze ubwo wagenda unsatira, umubiri wanjye wahinze umushyitsi kandi unyeganyega nk'ikibabi. Natekereje ko uwo mucyo uramutse ugeze iruhande rwanjye nahita mpfa, ariko uwo mucyo wanyuzeho. icyo gihe nabashije gusobanukirwa gato Imana ikomeye kandi iteye ubwoba twizera. icyo gihe kandi nabonye uko abantu bamwe basobanukiwe nabi ubutungane bw'Imana, ndetse n'uko bafata nabi izina ryayo ryera kandi ryubahwa, ntibasobanukirwe ko ari Imana ikomeye kandi iteye ubwoba bajya bavuga. Igihe abantu bamwe basenga, bakoresha imvugo itarangwamo kwigengesera no kubaha. Ibyo bibabaza Mwuka w'Imana kandi bigatuma amasengesho yabo atakirwa mu ijuru. [IZ 75.4](#)

Nabonye kandi ko abantu benshi batazi icyo bagomba kuba cyo kugira ngo babashe kuba imbere y'Uwiteka badafite umutambyi mukuru mu buturo bwera mu gihe cy'akaga. Abakira ikimenyetso cy'Imana nzima kandi bakarindwa mu gihe cy'akaga bagomba kugaragaza ishusho ya Yesu mu buryo bwuzuye. [IZ 76.1](#)

Nabonye ko benshi birengagiza umwiteguro ukenewe cyane nyamara bakaba bari bategereje igihe "cy'ihemburwa" "n'imvura y'itumba" bibategurira kuba abantu bashyitse bazahagarara mu muni w'Uwiteka kandi bakaba imbere ye. Mbega uko mu gihe cy'akaga nabonye abantu benshi badafite ubwihisho! Bari barasuzuguye imyiteguro yari ikenewe; kubw'ibyo ntibajyaga guhabwa ihemburwa abantu bose bagomba kuba bafite kugira ngo babe bakwiriye kuba mu maso y'Imana yera. Abantu banga kugororwa n'abahanuzi maze ntibereshe ubugingo bwabo kumvira ukuri kose, ndetse bakaba bizera ko ari beza cyane nyamara atari ko bari mu by'ukuri, nibagera mu gihe cyo gusukwa kw'ibyago by'imperuka, niho bazabona ko bari bakeneye kugororwa no

gitunganyirizwa kuba ku nyubako [y’Imana]. Ariko muri icyo gihe nta gihe cyo kubikora kizaba kikiriho kandi nta Muhuza wo kubasabira imbere ya Data wa twese uzaba ukiriho. Mbere y’uko iki gihe kigera, hazavugwa amagambo ateye ubwoba ngo: “ukiranirwa agumye akiranirwe, uwanduye mu mutima agumye yandure, umukiranutsi agumye akiranuke, uwera agumye yezwe.” Nabonye ko nta muntu n’umwe wabashaga guha undi ihemburwa. Bazarihabwa gusa nibatsinda ibitero byose, bagatsinda ubwibone, kwikanyiza, gukunda iby’isi ndetse bagatsinda ijambo ribi ryose n’ibikorwa bibi byose. Kubw’ibyo, twari dukwiriye kurushaho kwegera Uwiteka kandi tugashishikarira gushaka uwo mwiteguro ukenewe kugira ngo utubashishe guhagarara mu rugamba ku munsu w’Uwiteka. Nimucyo abantu bose bibuke ko Imana yera kandi ko nta n’umwe ubasha gutura aho iri uretse ibiremwa byera.

Isengesho no kwizera

Incuro nyinshi nagiyeye nerekwa ko abana b’Uwiteka basuzugura isengesho, ariko by’umwihariko isengesho ryo mu rwiherero, kandi ibyo barabikora cyane ku buryo benshi badakoresha uko kwizera nyamara ari amahirwe n’inshingano bafite byo kugukoresha. Akenshi bategereza uko biyumva gushobora kuzanwa no kwizera gusa. Uko umuntu yiyumva siko kwizera; ibyo bintu byombi biratandukanye. Ukwizera ni ukwacu ngo tugukoreshe, ariko ibyishimo n’umugisha bitangwa n’Imana. Ubuntu bw’Imana bugera ku muntu binyuze mu muyoboro wo kwizera kuzima, kandi uko kwizera kuri mu bushobozi bwacu ngo tukugaragaze. [IZ 76.3](#)

Ukwizera nyakuri gusingira kandi kugasaba guhabwa umugisha wasezeranywe mbere y’uko usohora. Tugomba kohereza amasengesho yacu mu cyumba cy’ahera cyane dufite kwizera kandi tukareka ukwizera kwacu kugasingira umugisha wasezeranywe ndetse kukawusaba nk’uwacu dufiteho uburenganzira. Icyo gihe rero dukwiriye kwizera ko twakiriye uwo mugisha, kuko ukwizera kwacu kuba kwawugundiye, ndetse ukaba ari uwacu nk’uko Ijambo ry’Imana ribivuga. “Ibyo musaba byose mubishyizeho umutima mwizere yuko mubihawe, kandi muzabibona.” (Mariko 11:24). Uku ni ko kwizera, ukwizera guhamye, kwizera ko twakiriye umugisha na mbere y’uko twubona. Igihe tubonye umugisha wasezeranywe kandi tukawishimira, kwizera kurakendera. Ariko abantu benshi bibwira ko bafite ukwizera kw’inshi igihe basabwe na Mwuka Wera kandi ko badashobora kugira ukwizera keretse biyumvisemo imbaraga ya Mwuka. Bene abo bantu bitiranya ukwizera n’umugisha bahabwa binyuze mu kwizera. Igihe cyo kugaragaza ukwizera ni igihe twumva tudafite Mwuka Wera. Igihe igicu kinini cy’umwijima gisa n’igitwikiriye intekerezo zacu, icyo ni cyo gihe cyo kureka ukwizera kuzima kukahuranya uwo mwijima maze kigatatanya ibyo bicu. Ukwizera nyakuri gushikama ku masezerano ari mu Ijambo ry’Imana, kandi abubaha iryo Jambo bonyine ni bo bashobora gusaba gusohorezwa ayo masezerano meza. “Nimuguma muri jye amagambo yanjye akaguma muri mwe, musabe icyo mushaka cyose muzagihabwa.” (Yohana 15:7). “Kandi icyo dusaba cyose tugihabwa nayo, kuko twitondera amategeko yayo tugakora ibishimwa imbere yayo” (1Yohana 3:22). [IZ 76.4](#)

Tugomba kuba mu masengesho yo mu rwiherero cyane. Kristo ni umuzabibu, namwe mukaba amashami. Niba dushaka gukura no kwera imbuto, tugomba guhora

dukura ibidutunga mu Muzabibu Muzima; kuko dutandukanye nawe nta mbaraga twagira. [IZ 77.1](#)

Nabajije umumarayika impamvu muri Isirayeli nta byiringiro n'imbaraga bikiharangwa. Yaransubije ati: "Murekura ukuboko k'Uwiteka vuba. Mukomeze kugira umwete mwohereza amasengesho yanyu ku ntebe ya cyami y'Imana, kandi kubwo kwizera gushikamyemugundire. Amasezerano yayo ni ay'ukuri. Mwizere ko mubonye ibyo musaba kandi muzabibona." Ubwenge bwanyije bwerekejwe kuri Eliya. Yagiraga ibyo yifuza nk'uko natwe bitubaho, kandi yasengaga ashyizeho umwete. Ukwizera kwe kwihanganiraga ibigeragezo. Yasengeye imbere y'Uwiteka inshuro ndwi, maze amaherezo haboneka agacu. Nabonye ko twagiye dushidikanya ku masezerano y'ukuri bityo tukababaza Umukiza wacu kubera kutizera kwacu. Umumarayika yavuze ati: "Mukenyere intwari, kandi hejuru ya byose mutware ingabo yo kwizera; kuko ibyo bizarinda umutima, bikarinda ubugingo imyambi y'umubi yaka umuriro." Umwanzi naramuka ateye abacika intege gukura amaso yabo kuri Yesu maze bakirebaho ubwabo bagatinda ku kuba ubwabo badakwiriye mu mwanya wo guhanga amaso Yesu, urukundo rwe, ibyo yakoze n'imbabazi ze zitangaje, azakuraho ingabo yabo yo kwizera maze agere ku ntego ye. Bazaba bishyize ku rubuga rw'ibigeragezo bye bikomeye. Abanyanteye nke bakwiriye gutumbira Yesu, bakamwizera; muri ubwo buryo bakaba bagaragaza kwizera. [IZ 77.2](#)

Igihe cyo guteranyirizwa hamwe

Ku wa 23 Nzeri, Uwiteka yanyeretse ko yarambuye ukuboko kwe ubwa kabiri kugira ngo agarure abasigaye b'ubwoko bwe, kandi ko umwete ugomba gukubwa kabiri muri iki gihe cyo guteranyirizwa hamwe. Mu gihe cyo gutatana, Abisirayeli barakubiswe kandi barasandazwa, ariko ubu mu gihe cyo guteranyirizwa hamwe, Imana izomora kandi ikusanye ubwoko bwayo. Mu gihe cyo gutatana, imbaraga zakoreshejwe mu kwamamaza ukuri zagize umusaruro muke. Zageze kuri bike cyane ndetse hari ubwo zitigeze zigira n'icyo zigeraho. Nyamara mu gihe cyo guteranyirizwa hamwe, ubwo Imana izaba yarambuye ukuboko kwayo kugira ngo ikusanye ubwoko bwayo, imbaraga zo kwamamaza ukuri zizagera ku musaruro ugamijwe. Abantu bose bagomba kunga ubumwe maze bakaba abanyamwete mu murimo. Nabonye ko byari ikosa ku muntu uwo ari we wese kugira ngo avuge kuby'itatanywa abigira urugero akoresha ngo atuyobore muri iki gihe cyo guteranyirizwa hamwe; kuko niba nta kindi Imana yadukoreraga kirenze icyo yakoze icyo gihe, Isirayeli ntishobora guteranyirizwa hamwe. Nabonye ko imbonerahamwe yakoreshejwe mu 1843 yari iyobowe n'ukuboko k'Uwiteka, kandi ko idakwiriye guhindurwa. Nabonye ko imibare yagaragaraga kuri yo yari iri nk'uko Imana yabishakaga kandi ko ukuboko kwayo kwari kuyihagarikiye ndetse gutwikira ikosa ryari riri mu mibare imwe kugira ngo he kugira umuntu n'umwe uribona kugeza igihe ukuboko k'Uwiteka kwakuriweho. [45 IZ 78.1](#)

Noneho nabonye ibifitanye isano n'igitambo "cya buri munsi" (Daniyeli 8:12) ko ijambo "igitambo" ryatanzwe n'ubwenge bwa muntu, ndetse ko ritaboneka mu nyandiko, kandi ko Imana yahaye ubusobanuro nyakuri bwaryo abantu batanze umuburo w'igihe

cy'urubanza. Mbere y'umwaka wa 1844, ubwo habaga kwishyira hamwe, hafi y'abantu bose bari bashyize hamwe ku byerekeye ubusobanuro nyabwo bw'ijambo "buri muni"; ariko mu gihe cy'urujijo rwatangiye mu 1844, habayeho kwemera ibindi bitekerezo bityo hakurikiraho umwijima n'urujijo. Kuva mu 1844 ntabwo igihe cyigeze kiba ikigeragezo, kandi nta na rimwe kizigera cyongerera kuba ikigeragezo. [IZ 78.2](#)

Uwiteka yanyeretse ko ubutumwa bwa marayika wa gatatu bugomba kugenda, maze bukamenyeshwa abana b'Uwiteka batatanye, nyamara ntibugomba gushingira ku gihe. Nabonye ko abantu bamwe batwarwaga mu buryo butari ukuri, bikomotse ku gihe cyo kubwiriza. Nyamara ubutumwa bwa marayika wa gatatu burakomeye cyane kurusha uko igihe gishobora kuba. Nabonye ko ubu butumwa bushobora guhagarara ku rufatiro rwabwo bwite ntibwigere bukenera igihe kugira ngo bubashe kugira imbaraga; ndetse ko buzagenda mu mbaraga zabwo nyinshi bugakora umurimo wabwo, kandi buzihutishwa nyamara mu buryo butunganye. [IZ 78.3](#)

Neretswe bamwe bari mu makosa akomeye yo kwizera ko ari inshingano yabo kujya muri Yerusalemu ya kera, [46](#) kandi bagatekereza ko bafite umurimo wo kuhakorera mbere y'uko Umukiza Yesu agaruka. Igitekerezo nk'icyo cyaziye kugira ngo intekerezo n'ibyo abantu barangamiye biteshuke ku murimo Umukiza yatanze ugomba gukorwa muri iki gihe mu rwego rw'ubutumwa bwa marayika wa gatatu; kuko abantu bibwira ko bagomba kubanza kujya i Yerusalemu ari ho bazerekeza intekerezo zabo kandi umutungo wabo nawo bazawimana ngo we gukoreshwa umurimo wo kwamamaza ukuri kw'iki gihe. Uwo mutungo bawukoresha bajya i Yerusalemu kandi bajyanayo n'abandi. Nabonye ko uwo mugambi nta kintu cyiza wazageraho, kandi ko byazafata igihe kirekire kugira ngo Abayahudi bake cyane babashe kwizera n'ubwo byaba kuza kwa mbere kwa Kristo nkanswe kugaruka kwe. Nabonye ko Satani yashutse bikomeye bamwe kuri iyi ngingo kandi ko abantu benshi babazengurutse muri iki gihugu bashoboraga gufashwa nabo ndetse bagaterwa kubahiriza amategeko y'Imana, nyamara abo bantu bararetswe ngo barimbuke. Nabonye na none ko Yerusaremu ya kera itazongera kubakwa; kandi ko Satani yakoraga uko ashoboye kose kugira ngo ayobore intekerezo z'abana b'Imana muri ibi bintu biriho muri iyi minsi, mu gihe cy'ikusanya agira ngo ababuze kwerekeza umutima wabo wose mu murimo ugomba gukorerwa Umukiza muri iki gihe, kandi abatere gusuzugura imyiteguro ikenewe y'umunsi w'Uwiteka. [IZ 79.1](#)

Ncuti musomyi: Kwiyumvamo ko mfite inshingano ku bavandimwe banjye mu kwizera, ndetse n'icyifuzo cy'uko amaraso y'abantu atazambarwaho ni byo byanteye kwandika iki gitabo gito. Nzi neza ukutizera kwerekeye amayerekwa kuri mu ntekerezo z'abantu benshi. Nzi kandi ko benshi bahamya ko bategereje Kristo ndetse bakanigisha ko turi "mu minsi ya nyuma" bose bitwa aba Satani. Niteze ko hazabaho kundwanya kwinshi kuvuye kuri bene abo, kandi iyo ntumva ko Uwiteka yabinsabye, ntabwo mba narashyize ibitekerezo byanjye ku mugaragaro kuko bishoboka ko bizabyutsa urwango no gusuzugurwa na bamwe. Nyamara ntinya Imana cyane kurusha abantu. [IZ 79.2](#)

Igihe cya mbere Imana yampaga ubutumwa bwo kubwira ubwoko bwayo, byarankomereye kugira ngo mbutangaze, kandi akenshi nabashije kubutwara buhoro no kubworoshya uko nshoboye kose kubera gutinya kugira abo mbabaza. Kuvuga

ubutumwa nk'uko Uwiteka yabumpaye byari ikigeragezo gikomeye. Sinigeze ntekereza ko ntari umwiringirwa ndetse sinabonaga icyaha n'akaga biri muri iyo mikorere kugeza ubwo mu iyerekwa najyanywe imbere ya Yesu. Yanyitegerezanyije kwijima mu maso maze ahita akebuka ntiyongera kundeba. Ntabwo nashobora gusobanura ubwoba n'umubabaro nagize icyo gihe. Naguye imbere ye nubamye, ariko nta mbaraga nari mfite zo kuba nagira icyo mvuga. Mbega ukuntu nifuje kubona uwantwikira akampisha mu maso he handebaga nkagira ubwoba! Icyo gihe, nabashije gusobanukirwa ku rwego runaka uko abazarimbuka bazaba bamerewe ubwo bazaba bataka babwira imisozi n'ibitare bati: "Nimutugweho, muduhishe amaso y'Iyicara kuri iriya ntebe n'umujinya w'Umwana w'Intama." Ibyahishuwe 6:16. [IZ 79.3](#)

Ako kanya marayika yarampagurukije, maze mpita mbona ibintu bitoroshye gusobanura. Itsinda rinini ryanyujijwe imbere yanjye rifite umusatsi wapfutse n'imyenda by'ubushwambagara, kandi mu maso habo hagaragaraga ubwihebe n'agahinda. Baraje baranyegera maze bafata imyambaro yabo bayikuba ku yanjye. Nitegereje imyambaro yanjye ngiye kubona mbona yandujwe n'amaraso kandi ayo maraso yagendaga atobagura imyenda yanjye. Nongeye kwikubita hasi ku birenge bya marayika undinda mera nk'upfuye. Ntabwo nashoboraga gutanga urwitwazo na rumwe. Ururimi rwanjye rwananiwe kugira icyo ruvuga, maze nifuza kuva ahantu hera nk'aho. Marayika yongeye kumpagurutsa maze arambwira ati: "Ntabwo ibi ari ibikwerekeyeho, ariko binyujijwe imbere yawe kugira ngo bikumenyeshe uko ibyaweho bizagenda niwiringagiza kubwira abandi ibyo Imana yaguhishuriye. Ariko nuba indahemuka ukageza imperuka, uzarya ku giti cy'ubugingo, unywe no ku mazi y'uruzi rw'ubugingo. Uzababara cyane, ariko ubuntu bw'Imana burahagije." Nahise numva nshaka gukora ibintu byose Imana insaba gukora kugira ngo mbase kwemerwa nayo kandi ne kugerwaho n'uburakari bwayo bukaze. [IZ 80.1](#)

Nahoraga nshinjwa ibinyoma ko nigisha inyigisho z'ibinyoma zishingiye ku bupfumu n'ubushitsi. Ariko mbere y'uko umwanditsi w'Inyenyeri ya ku manywa nawe atwarwa n'ubwo buyobe, Uwiteka yaneretse ingaruka zibabaje kandi mbi cyane zishobora kugera ku mukumbi zitewe n'uwo mwanditsi ndetse n'abandi mu gihe bigisha ibitekerezo by'ubupfumu no gukorana n'imyuka mibi. Incuro nyinshi nabonye Yesu mwiza, mbona ko ari umuntu ufatika. Namubajije niba Se na we ari umuntu kandi akaba afite ishusho imeze nk'iyeye. Yesu yaransubijye ati: "Ngaragaza neza ishusho y'uko Data ari." [47](#) [IZ 80.2](#)

Incuro nyinshi nabonye ko imitekerereze y'iby'imyuka yakuyeho ubwiza bwose bw'ijuru, kandi ko mu ntekerezo za benshi intebe y'ubwami ya Dawidi ndetse n'ubwiza bwa Yesu byakongokeye mu muriro w'iby'imyuka n'ubupfumu. Nabonye ko abantu bamwe bashutswe maze bakayoborwa muri ubu buyobe bazashyirwa mu mucyo w'ukuri, ariko kuri bo bizaba ari nk'ibidashoboka rwose gutsinda burundu imbaraga y'ubushukanyi iboneka mu kwizera imyuka n'ubupfumu. Bene abo bakwiriye gukora umurimo witondewe bakatura amakosa yabo kandi bakayazibukira burundu. [IZ 81.1](#)

Ncuti musomyi, nkuragije Ijambo ry'Imana ngo abe ari ryo rigenga ukwizera kwawe n'ibyho ukora. Tuzacirwa urubanza n'iryo Jambo. Muri iri Jambo ni ho Imana

yasezeraniye ko “mu minsi ya nyuma” izatanga amayerekwa, atari ayo kuba umugenga mushya wo kwizera, ahubwo ari ukugira ngo ubwoko bw’Imana bukomezwe kandi abatandukira ukuri kwa Bibiliya bakosorwe. Uko ni ko Imana yagenjereje Petero igihe yari igiye kumwohereza kubwiriza Abanyamahanga. (Ibyakozwe n’Intumwa 10). [IZ 81.2](#)

Ku bantu bashobora kuzakwirakwiza iyi nyandiko nto, nshaka kubabwira ko igenewe abantu bamaramaje gusa. Ntabwo yagenewe abantu bashobora gusuzugura ibya Mwuka w’Imana.

Inzozo za madamu Ellen G. White

Nararose maze mbona urusengero rwinjirwagamo n’abantu benshi. Abantu bahungiyeye muri urwo rusengero gusa ni bo bagombaga gukizwa ubwo igihe cyari kuba kirangiye. Abantu bose basigaye hanze yarwo bari kuzimira by’iteka ryose. Imbaga y’abantu bari hanze yarwo, bajyaga mu nzira zabo zitandukanye, bari bari gukoba kandi baseka abinjiraga muri urwo rusengero, bakababwira ko uwo mugambi wo gushaka ubuhungiro ari ubushukanyi bashowemo, ko mu by’ukuri nta kaga ako ari ko kose kariho bagomba guhunga. Bageze n’aho basingira bamwe barabafata kugira ngo bababuze kwinjira muri urwo rusengero. [IZ 81.4](#)

Kubera gutinya gusekwa no kugirwa urw’amenyo, natekereje ko ibyiza ari uko nategereza kugeza ubwo iyo mbaga y’abantu itataniye, cyangwa kugeza ubwo ninjiye abo bantu batandeba. Nyamara umubare wabo wariyongereye aho kugira ngo ugabanyuke, bityo ntewe ubwoba n’uko nakererwa cyane, nahise mva mu rugo rwanjye ikitaraganya maze ndatanyaga nyura muri iyo mbaga. Kubera uko nari mpangayikishijwe no kugera muri urwo rusengero, ntabwo narebye cyangwa ngo nite ku mbaga yari inkikije. Ubwo nari ninjiye muri iyo nyubako, nabonye ko urwo rusengero rugari rwari rufashwe n’inkingi imwe nini cyane kandi kuri yo hari haziritswe Ntama washenjaguwe kandi ari kuva amaraso. Twese abari bari mu rusengero twamenye ko Ntama uwo yashenjaguwe kubera twe. Abantu bose binjiye muri urwo rusengero bagombaga kuza imbere ya Ntama bakahaturira ibyaha byabo. [IZ 81.5](#)

Imbere ya Ntama uwo hari intebe ndende zari zicayeho itsinda ry’abantu bari bishimye cyane. Umucyo w’ijuru warabagiranaga mu maso habo, kandi basingizaga Imana maze bakaririmba indirimbo zo gushima zari zimeze nk’indirimbo z’abamarayika. Abo ni abari baraje imbere ya Ntama, batura ibyaha byabo, barabibabarirwa, none baba bategerezanyije amatsiko umunsi mukuru w’akataraboneka. [IZ 82.1](#)

Maze no kwinjira muri urwo rusengero nafashwe n’ubwoba kandi ngira isoni z’uko ngomba kwicisha bugufi imbere y’abo bantu. Ariko nasaga n’uhatirwa gukomeza imbere, kandi nagendaga buhoro buhoro nzenguruka ya nkingi kugira ngo ngere imbere ya Ntama. Ubwo nazengurukaga, impanda yaravuze, rwa rusengero ruranyeganyega, urusaku rwo kuneshya rwumvikana ruvuye muri ya mbaga y’abera bari bateraniye aho, maze umucyo urabagirana cyane ukwira urwo rusengero, ariko nyuma y’aho hose habaye umwijima w’icuraburindi. Ba bantu bishimye bese bari bajyanye na wa mucyo nuko nsigara nnyenyine muri iryo curaburindi ry’ijoro. [IZ 82.2](#)

Nakangutse mfite umubabaro mwinshi kandi ntibyanyoroheye kwemera ko nari mu nzosi. Kuri jye byasaga n’aho ibyanjye byarangiye, ko Mwuka w’Uwiteka yamvuyeho ubutazongera kugaruka. Iyaba ibyo byarashobokaga, gucika intege kwanjye kwari kurushaho kwiyongera. [IZ 82.3](#)

Nyuma gato y’ibyo nahise ndota izindi nzosi. Nasaga n’uwicaye nihebye cyane, nubitse umutwe mu biganza ntekereza nti: “Iyaba Yesu yari ku isi, nahita musanga, nkikubita imbere ye maze nkamubwira imibabaro yanjye yose. Ntabwo yareka kunyitaho, yangirira imbabazi, kandi namukunda ndetse nkamukorera igihe cyose. Ubwo ni bwo urugi rwakingutse, maze umuntu wari ufite igihagararo cyiza kandi asa neza mu maso arinjira. Yandebanye impuhwe maze aravuga ati: ‘Mbese urifuzza kubona Yesu? Ari hano kandi ushobora kumubona niba ubishaka. Fata ibyo ufite byose maze unkurikire.’” [IZ 82.4](#)

Aya magambo nayumvanye ibyishimo bitavugwa, maze n’umunezero mwinshi negeranya utuntu duke nari ntunze, imitako yanjye yose nahaga agaciro maze nkurikira uwanyoboraga. Yanjyanye ahantu ku hahanamyeye cyane ku ngazi zagagaraga ko zidakomeye. Ubwo natangiraga kuzamuka ingazi, yampaye amabwiriza ko ngomba gukomeza guhanga amaso yanjye hejuru, bitaba ibyo nashoboraga kurindagira maze nkagwa. Abantu benshi bazamukaga ako gacuri bajyaga bagwa bataragera hejuru. [IZ 82.5](#)

Amaherezo twaje kugera ku ngazi ya nyuma maze duhagarara imbere y’urugi. Aho ni ho uwari unyoboye yantegetse gusiga ibyo nari nitwaje byose. Nabirambitse hasi nishimye; maze akingura urugi arambwira ngo ninjire. Mu kanya gato nari mpagaze imbere ya Yesu. Nta kwibeshya kwariho mu maso he hari heza cyane. Nta wundi washoboraga kugira indoro ye yarabagiranyaga ineza n’igitinyiro. Ubwo yakomezaga kunyitegereza, nahise menya ko azi ibyambayeho byose mu mibereho yanjye ndetse akaba azi n’ibyo ntekereza byose n’ibyo nibwira. [IZ 82.6](#)

Nageregeje kwikingiriza mu maso ngo ye gukomeza kunyitegereza kuko numvaga ntashobora kwihanganira ko akomeza kunyitegereza. Nyamara yaranyegereye, aramwenyura maze andambika ikiganza ku mutwe aravuga ati: “Ntugire ubwoba.” Ijwi rye ryiza ryumvikanye mu mutima wanjye riwutera umunezero ntigeze ngira na rimwe mu buzima bwanjye. Nagize ibyishimo byinshi ku buryo ntashoboraga kugira icyo mvuga, ariko nasabwe n’ibyishimo bitavugwa maze nikubita imbere ye. Ubwo nari ndambaraye aho natentebutse, neretswe ibintu byiza by’agahebuzo kandi nasaga ‘uwageze mu bwiza n’amahoro by’ijuru. Hashize umwanya imbaraga zanjye zaragarutse maze ndabyuka. Yesu yari akimpanze amaso ye yuje urukundo, maze kumwenyura kwe byuzuzura umutima wanjye ibyishimo byinshi. Kuba imbere ye byanyuzuye kwiyoroshya no kubaha bitavugwa ndetse binyuzuzura n’urukundo rutarondoreka. [IZ 83.1](#)

Uwari unyoboye yakinguye urugi, maze twese turasohoka. Yansabye kongera gufata bya bintu nari nasize hanze. Maze kubifata, yampaye umugozi w’ibara ry’icyatsi

uzingazinze. Yansabye gushyira uwo muguzi hafi y'umutima wanjye, kandi ambwira ko igihe nshaka kureba Yesu najya nkura uwo muguzi mu gituzi maze nkawurambura wose. Yantegetse ko ntagomba na rimwe kuzawureka ngo ukomeze kwizinga kuko wari kuzamo amapfundo bityo kuwurambura bikankomerera. Nashyize wa muguzi hafi y'umutima wanjye maze manuka za ngazi zifunganye nishimye, nsingiza Uwiteka kandi mbwirana ibyishimo abo twahuraga bese aho bashobora kubonera Yesu. Izi nzuzi zampaye ibyiringiro. Mu ntekerezo zanjye uriya muguzi w'icyatsi ushushanya ibyiringiro, kandi ubwiza no kwiyoroshya biva mu kwiringira Imana byatangiyeye gusaba umutima wanjye wari mu mwijima.

Inzuzi za Wiliyamu Mileri

Narose Imana ikoresheje ikiganza kitagaragara inyohereza isanduku ikozwe mu buryo butangajye ifite uburebure bwa santimetero makumyabiri n'eshanu, ikozwe mu mbaho zikomeye ndetse ifite n'imitako yometsweho. Kuri iyo sanduku hari hamanyisweho urufunguzo. Ako kanya nahise mfata urwo rufunguzo maze mfungura ya sanduku. Ubwo nayifunguraga natangajwe kandi ntungurwa no gusanga yuzuye amasaro n'imirimbo by'amoko yose, diyama, amabuye y'agaciro menshi, harimo ibiceri by'ifeza n'ibya zahabu bitandukanye kandi by'agaciro, byari bitondetswe neza mu myanya yabyo itandukanye muri ya sanduku; kandi kubera uko byari bitondetswe byamurikaga umucyo no kurabagirana bimeze nk'iby'izuba. [IZ 83.3](#)

Natekereje ko atari inshingano yanjye kwishimira ibi bintu bitangajye jyenjye nubwo umutima wanjye wari wasabwe n'uko kurabagirana, ubwiza ndetse utangajwe n'agaciro k'ibyari biri mu isanduku. Nafashe ya sanduku nyitereka ku meza ari hagati mu cyumba cyanjye maze mpamagarira umuntu wese wabyifuzaga kuza akareba ibintu byiza bihebuje kandi birabagirana umuntu atigeze abona muri ubu buzima. [IZ 84.1](#)

Abantu batangiyeye kwinjira, ariko ku ikubutiro baje ari bake nyamara bagenda biyongera baba itsinda rinini cyane. Ubwo barebaga muri ya sanduku bwa mbere, baratangaraga maze bagatera hejuru kubera ibyishimo. Ariko ubwo umubare w'abitegerezagaga wiyongeraga, buri wese muri abo bantu yatangiye gusagarira iyo mirimbo, batangira kuyikura mu isanduku maze bakayisandaza ku meza. [IZ 84.2](#)

Natangiye gutekereza ko nyiri isanduku azayimbaza ndetse akongera kumbaza na ya mirimbo; kandi iyo nyireka igasandazwa ntabwo nari gushobora kongera kuyishyira mu mwanya wayo muri ya sanduku nk'uko yari imeze mbere maze numva ntashobora kubibazwa na hato kuko byari kuba binkomereye. Natangiye kwinginga ba bantu kugira ngo bareke gukora kuri iyo mirimbo cyangwa kuyikura muri ya sanduku. Ariko uko nakomezaga kubibasaba, niko barushagaho kuyisandaza hirya no hino mu cyumba haba hasi no ku gikoreho cyose cyo mu cyumba. [IZ 84.3](#)

Naje kubona ko ba bantu basandajye amasaro atari umwimerere ndetse n'ibiceri by'ibyiganano mu masaro meza y'umwimerere na bya biceri byiza. Narakajwe cyane n'imyitwarire mibi no kudashima by'abo bantu bituma mbacyaha kandi ndabatonganya. Ariko uko narushagaho kubacyaha ni ko na bo barushagaho gusandaza amasaro mabi

n'ibiceri by'ibyiganano bakabivanga n'amasaro n'ibiceri bizima by'umwimerere kandi byiza. [IZ 84.4](#)

Byarandakaje cyane mu mutima maze ntangira gukoresha imbaraga zanjye kugira ngo nsunike ba bantu mbasohore mu cyumba. Ariko ubwo nasunikiraga umwe hanze, abandi batatu bahitaga binjira bifite umwanda mwinshi, umukungugu n'ibindi bintu by'umwanda w'ubwoko bwose kugeza aho bitwikiriye isaro ryose ryiza, diyama ndetse n'ibiceri kugeza ubwo byose bitongeye kugaragara. Na none kandi basandaguje ya sanduku bayicamo uduce twinshi batunyanyagiza muri ya myanda. Natekerezaga ko nta muntu n'umwe witegerezaga akababaro n'umujinya nari mfite. Nacitse intege cyane, ndatentebuka maze nicara hasi ndarira. [IZ 84.5](#)

Ubwo nariraga mboroga kubera gutakaza ibintu by'agaciro ndetse nkaba nzabibazwa, nibutse Imana maze nyisenga nshyizeho umwete kugira ngo impe ubufasha. [IZ 84.6](#)

Ako kanya urugi rwaringutse, maze umuntu yinjira mu cyumba, ubwo abantu bose bari bamaze kukivamo. Yari afite umweyo wanduye mu ntoki ze, akingura amadirisha maze atangira kukubura asohora imyanda mu cyumba. [IZ 84.7](#)

Naramutakiye kugira ngo yitonde kuko hari hari amasaro y'agaciro kenshi yari anyanyagiye mu myanda. Yarambwiye ati: "witinya" kuko yari "kuyitaho." Ubwo yakuburaga imyanda yose, amasaro mabi atari umwimerere ndetse n'ibiceri by'ibyiganano byose byasohotse mu cyumba bimeze nk'igicu maze byose umuyaga urabitwara. Muri urwo rusaku rwo kukubura namaze akanya gato nafunze amaso. Ubwo nayafunguraga nkareba, nabonye imyanda yose yagiye. Ya masaro y'agaciro kenshi, diyama, ndetse n'ibiceri by'izahabu n'ifeza byari binyanyagiye muri cya cyumba cyose. [IZ 85.1](#)

Wa muntu wamfashaga yashyize isanduku ku meza. Yari nini cyane kandi irusha ubwiza iya mbere. Yegeranyije ya masaro, diyama n'ibiceri akoresheje ikiganza, maze abishyira mu isanduku kugeza ubwo nta na kimwe cyasigaye nubwo utubuye tumwe twa diyama twari duta cyane turutwa n'agashinge. Birangiye yarampamagaye ati: "Ngwino urebe." [IZ 85.2](#)

Nitegereje muri ya sanduku, maze amaso yanjye ahumishwa n'umucyo mwinshi nabonaga. Ibyarimo byarabagiranaga inshuro icumi kurusha uko ibya mbere byari bimeze. Natekereje ko byakubwe mu mucanga n'ibirenge bya ba bantu babi babisandaje kandi babikandagiraho biri mu mukungugu. Byari bitondetse neza muri iyo sanduku, ikintu cyose kiri mu mwanya wacyo bitagaragara ko byaba byashyizwemo n'umuntu. Nateye hejuru kubera ibyishimo maze uko gutera hejuru kurankangura.

INYONGERA
Ubusobanuro

Ncuti Bakristo nkunda: Nk'uko nigeze kwandika incamake y'ibyo nanyuzemo mu buzima bwanjye ndetse n'ibyo neretswe bigashyirwa ahagaragara mu mwaka wa 1851, bigaragara ko ari inshingano yanjye kuzirikana ingingo zimwe ziri muri ako gatabo gato kandi nkagira n'ibyo neretswe vuba ntangaza: [IZ 86.1](#)

1. Mu mpapuro zibanza aho navugaga ku iyerekwa nagize ryerekeye Isabato, nahavuze amagambo akurikira: “Nabonye ko Isabato yera ari urukuta, kandi izakomeza kuba urukuta rutandukanya Isiraheli nyakuri y'Imana n'abatizera; kandi ko Isabato ari ikibazo gikomeye gihurizwaho imitima y'abera bakundwa n'Imana; abera bategereje kugaruka kwa Yesu. Nabonye ko Imana ifite abana batabona kandi batubahiriza Isabato. Ntibigeze banga umucyo werekeye Isabato. Kandi ku itangira ry'igihe cy'akaga gakomeye twujijwe Mwuka Wera ubwo twagendaga kandi tukamamaza Isabato tudakebakeba.” [IZ 86.2](#)

Ibi nabyeretswe mu mwaka wa 1847 ubwo hariho bake mu bavandimwe bacu bari biteguye kugaruka kwa Yesu bubahirizaga Isabato, kandi muri bo harimo bake cyane bibwiraga ko kubahiriza Isabato ari byo by'ingirakamaro kandi bihagije mu gushyira itandukaniro hagati y'ubwoko bw'Imana n'abatizera. Isohora ry'iryo yerekwa ryatangiyeye kugaragara. Ntabwo “Itangira ry'igihe cy'akaga” kivugwa aha ryerekeza ryose ku gihe bya byago bizatangira gusukwa, ahubwo ryerekeza ku gihe gito cyane kizabaho mbere gato y'uko ibyo byago bisukwa, ubwo Yesu azaba ari mu buturo bwera. icyo gihe, ubwo umurimo w'agakiza uzaba urangiye, ibihe by'agaka bizaba ku isi, amahanga azarakara, ariko akomwe mu nkokora kugira ngo atabuzwa umurimo wa marayika wa gatatu gukorwa. icyo gihe hazabaho “imvura y'itumba,” cyangwa ihemburwa riturutse ku Mana kugira ngo rihe imbaraga ijwi riranguruye rya marayika wa gatatu, kandi itegurire abera gushikama igihe ibyago birindwi by'imperuka bizaba bisutswe. [IZ 86.3](#)

2. Iyerekwa ryerekeye “Urugi rukinguye n'urugi rikinze” ryatanzwe mu mwaka wa 1849. Guhuza Ibyahishuwe 3:7,8 n'ubuturo bwera bwo mu ijuru ndetse n'umurimo wa Kristo, byose byabaye bishya kuri jye. Ntabwo nari narigeze numva bene icyo gitekerezo kivugwa n'umuntu uwo ari we wese. Ariko ubu ubwo ingingo yerekeye ubuturo bwera iri gusobanuka neza, ubusobanuro bwabwo buri kugaragara mu mbaraga n'ubwiza bwabyo. [IZ 86.4](#)

3. Iyerekwa ry'uko “Uwiteka yongeye kurambura ukuboko kwe kugira ngo abyutse abasigaye bo mu bwoko bwe, ryerekeje gusa ku bumwe n'imbaraga byarangaga abategereje Kristo, ndetse no ku kuba Uwiteka yari yaratangiye kunga no kongera kubyutsa ubwoko bwe. [IZ 86.5](#)

4. Kwigaragaza kwa Mwuka. Mu bice bibanza by'iki gitabo hari aho nanditse ngira nti: “Nabonye ko amayobera arenze ubwenge yabereye i New York n'ahandi ari imbaraga za Satani zayakoze, kandi ko ibintu nk'ibyo bizakomeza kuba gikwira bitwikirijwe umwambaro w'iyobokamana kugira ngo bitere abantu bashutswe kwirema agatima bumva ko bafite umutekano ndetse no kugira ngo niba bishoboka, bikururire intekerezo z'ubwoko bw'Imana kuri ibyo bintu kandi bibutere gushidikanya inyigisho n'imbaraga za Mwuka Wera.” Iri yerekwa ryatanzwe mu mwaka wa 1849, hashize hafi

imyaka itanu. icyo gihe kwigaragaza kw'imyuka kwabonekaga gusa mu muji wa Rochester kandi ibyo byamenyekanye ku izina ry' "Ikomanga ry'i Rochester." Kuva icyo gihe ubuyobe bwarakwiriye bugera ku rwego rurenze uko umuntu wese yari abyiteze. [IZ 87.1](#)

Byinshi mu byavuzwe ku iyerekwa ryo muri Kanama mu 1850 ryo mu gice kivuga "Gutwarwa intekerezo mu buryo bw'amayobera," byatangiye gusohora kandi n'ubu biri gusohora. "Nabonye ko bidatinze kuvuga amagambo arwanya ibyo gutwarwa intekerezo bizafatwa nko gutuka Imana, kandi mbona ko uko gutwarwa kuzarushaho kuba gikwira. Neretswe kandi ko imbaraga za Satani ziziyongera kandi na bamwe mu bayoboke be b'indahemuka bazagira ubushobozi bwo gukora ibitangaza n'aho byaba kumanura umuriro mu ijuru mu maso y'abantu. Neretswe ko hakoreshejwe gutwara intekerezo z'abantu no gutuma baba nk'abatewe ikinya, abo bapfumu bagezweho bazigana ibitangaza byose byakozwe n'Umwami wacu Yesu Kristo. Abantu benshi bazizera ko imirimo yose ikomeye Umwana w'Imana yakoze igihe yari ku isi nayo yakozwe n'imbaraga nk'iyoye." [IZ 87.2](#)

Nabonye ko ubuyobe bwo gutwara intekerezo z'abantu bugenda butera imbere cyane, kandi ko biramutse bishobotse bwayobya n'abatoranyijwe. Satani azagira ubushobozi bwo kuzana imbere yacu ishusho ifite igihagararo kimeze rwose n'icy'abo mu miryango yacu cyangwa incuti zacu zisinziye muri Yesu. Bizakorwa kugira ngo bigaragare nk'aho izo ncuti zacu ari zo ziri imbere yacu; amagambo twari tumenyereye zavugaga zikiriho azavugwa, kandi ijwi bari bafite bakiriho naryo rizumvikana mu matwi yacu. Ibi byose bizaberaho kuyobya abera no kubagusha mu mutego wo kwizera ubwo bushukanyi. [IZ 87.3](#)

Nabonye ko abera bagomba gusobanukirwa byimbitse ukuri kw'iki gihe, kandi bizaba ngombwa ko uku kuri bagukomeraho bagukuye mu Byanditswe. Bagomba gusobanukirwa n'uko abapfuye bamera kuko imyuka y'abadayimoni izabiyereka, ikababwira ko ari abavandimwe n'incuti zabo. Iyo myuka izababwira ko Isabato yahinduwe, kandi ibabwire n'izindi nyigisho zitari mu Byanditswe. Abo badayimoni bazakora ibyo bashoboye byose kugira ngo batere abantu kubakunda no kubagirira impuhwe, kandi bazakorera ibitangaza imbere yabo kugira ngo bihamye ibyo bavuga. Ubwoko bw'Imana bugomba kuba bwiteguye guhangana n'iyoye myuka bukoresheje ukuri kwa Bibiliya kuvuga ko abapfuye nta cyo bazi kandi ko abo bababonekera ari imyuka y'abadayimoni. Intekerezo zacu ntizigomba gutwarwa n'ibintu bituzengurutse, ahubwo zikwiriye gutwarwa n'ukuri kw'iki gihe ndetse no kuba twitegura gutanga impamvu z'ibyiringiro byacu dufite kwicisha bugufi no kubaha. Tugomba gushaka ubwenge buturutse mu ijuru kugirango tuzabashe guhagarara dushikanye muri iki gihe cy'ubuyobe n'ubushukanyi. [IZ 87.4](#)

Tugomba kuzuzura neza aho ibyiringiro byacu bishingiye kuko dukwiriye kuzatanga impamvu y'ibyo byiringiro tuyikuye mu Byanditswe. Ubu bushukanyi buzaba gikwira kandi bizaba ngombwa ko duhangana nabwo imbona nkubone; kandi nituba tutabyiteguye, tuzafatwa n'imitego kandi dutsindwe. Ariko nidukora ibyo dushoboye ku ruhande rwacu, tukitegura intambara ituri imbere, Imana izakora uruhare rwayo, kandi

ukuboko kwayo gufite ubushobozi bwose kuzaturinda. Bidatinze Imana izohereza abamarayika bose bavuye mu ijuru kugira ngo batabare abantu b'indahemuka, babagoteshe uruzitiro bityo be gushukwa kandi ngo bayobywe n'ibitangaza by'ubushukanyi bwa Satani. [IZ 88.1](#)

Nabonye uburyo ubu bushukayi bwari buri gukwirakwira ku muvuduko munini. Neretswe igare ry'umwotsi rirerire cyane ryagendaga ku muvuduko nk'uw'umurabyo. Marayika yansabye kwitegereza nitonze. Nahanze amaso iryo gare. Byasaga n'aho isi yose yari muri iryo gare ku buryo nta muntu n'umwe wari wasigaye. Marayika yaravuze ati: "Bahambiriwe mu miba igiye gutwikwa." Maze marayika anyereka uwari utwaye iryo gare wasaga n'umuntu mwiza w'igikundiye, kandi abagenzi bose bari mu igare bari bamuhanze amaso ndetse bakanamwubaha. Nahagaritse umutima maze mbaza umumarayika wanyoboraga uwo wari utwaye uwo ari we. Yaransubije ati: "Ni Satani. Satani ni we utwaye igare yigize nka marayika w'umucyo. Yigaruriye abatuye isi. Birunduriye mu bushukanyi bukomeye kugira ngo bizere ikinyoma bityo barimbuke. Uyu mukozi umukurikiye mu cyubahiro ni umuhanga ushinze kwita kuri iri gare, naho abandi bakozi bakurikiyeho bakoresha imirimo itandukanye nk'uko agenda abakenera, kandi bose bagenda ku muvuduko nk'uw'umurabyo bagana mu irimbukiro." [IZ 88.2](#)

Nabajije marayika niba nta muntu n'umwe usigaye. Yansabye kureba ku rundi ruhande maze mbona itsinda rito ry'abantu bagendaga mu nzira ifunganye. Bose bagaragaraga nk'abantu bashyize hamwe rwose, bomatanyijwe n'ukuri, bakoze amatsinda. Marayika yaravuze ati: "Marayika wa gatatu ari kubateranyiriza hamwe kandi akabashyiraho ikimenyetso, bagakora imiba izajya mu kigega cyo mu ijuru." Iri tsinda rito ryagaragaragaho ibimenyetso by'imiruhu, risa n'aho ryanyuze mu bigeragezo bikomeye ndetse n'intambara. Byagaragaraga nk'aho izuba ryarasiye inyuma y'igicu maze rimurika mu maso habo, bituma bagaragara nk'abaneshi, nk'aho intsinzi yabo iri hafi kugerwaho. [IZ 88.3](#)

Nabonye ko Uwiteka yahaye isi amahirwe yo kuvumbura uwo mutego. Niba nta kindi, iki kintu kimwe ni cyo gihamya gihagije ku Mukristu. icyo gihamya ni uko nta tandukaniro ryashyizwe hagati y'igifite agaciro n'ikibi. Tomasi Paine wapfuye ubu umubiri we ukaba warashengutse warabaye umukungugu, kandi akaba agomba kuzazurwa ku iherezo ry'imyaka igihumbi mu muzuko wa kabiri kugira ngo ahabwe ingororano ye kandi apfe urupfu rwa kabiri, Satani amugaragaza nk'aho ari mu ijuru ndetse akaba ahaherewe icyubahiro. Satani yamukoresheje ku isi uko yari ashoboye kose, kandi n'ubu akomeje uwo murimo abinyujije mu gushukana agaragaza ko Tomasi Paine ahawe ikuzo cyane kandi yubashywe mu ijuru. Nk'uko Tomasi Paine yigishije hano ku isi, Satani ashaka kugaragaza ko n'ubu ari kwigishiriza no mu ijuru. Ubwo yari akiriho, hari abantu bamwe bitegerezanyije ubwoba iby'ubuzima bwe n'urupfu rwe ndetse n'inyigisho ze z'ibinyoma, ariko ubu bakaba bemera kwigishwa nawe kandi ari umwe mu bantu babi cyane ndetse bataye umurongo. Ni umuntu wasuzuguraga Imana n'amategeko yayo. [48](#) [IZ 88.4](#)

Se w'ibinyoma ahuma amaso y'abatuye isi kandi akabashuka yohereza abamarayika be kugira ngo bavuge nk'intumwa, kandi bagaragaze ko bavuguruza ibyo zanditse

zishorewe na Mwuka Wera ubwo zari ku isi. Abo bamarayika b'abanyabinyoma batuma izo ntumwa zishyira ibinyoma mu nyigisho zazo ubwazo kandi bakavuga ko izo nyigisho zidatunganye. Mu gukora atyo, Satani yishimira kuroha Abakristo gito ndetse n'isi yose mu gushidikanya Ijambo ry'Imana. Kubw'ibyo, abatera gushidikanya ko Igitabo cyera gitahura imigambi ye kandi kikayishyira ahagaragara gikomoka ku Mana. Uko ni ko agaragaza Tomasi Paine utarubahaga Imana, nk'aho yazamuwe akajyanwa mu ijuru amaze gupfa, none ubu akaba afatanyije n'intumwa zera yangaga akiri ku isi, bakaba bari gukora umurimo wo kwigisha isi. [IZ 89.1](#)

Satani aha buri mumarayika we wese umurimo agomba gukora. Bose abategeka kuba inyaryenge, abashukanyi kandi bakiyoberanya. Ategeka bamwe muri bo gukora umurimo w'intumwa bakavuga mu cyimbo cyazo, mu gihe abandi yabahaye gukora umurimo w'abatizera Imana n'abanyabyaha bapfuye batuka Imana, ariko ubu bakagaragara nk'abantu bubaha Imana cyane. Nta tandukaniro rishyirwa hagati y'intumwa nyakuri zera n'abanyabyaha ruharwa. Bose bagaragazwa nk'abigisha ibintu bimwe. Uwo Satani akoresha wese ngo agire icyo avuga ntacyo biba bimutwaye apfa kuba asohoza umugambi we. Satani yakoranaga cyane na Paine ubwo yari akiriho, akamufasha mu murimo we. Bityo rero biramworoheye cyane kumenya amagambo bwite Paine yakorehaga ndetse n'imyandikire y'umuntu wamukoreye adatezuka kandi akamugeza ku ntego ze neza. Satani ni we wateye Paine kwandika byinshi mu byo yanditse, bityo ubu biramworoheye cyane gutanga ibitekerezo abinyujije mu bamarayika be babi maze agatuma bigaragara ko biturutse kuri Tomasi Paine wari umukozi witanga wa Satani igihe yari akiri muzima. Iyi ni inyandiko ya Satani ihebuje izindi. Izi nyigisho zigaragara ko zivuye ku ntumwa, abera n'abanyabyaha bapfuye, zose zituruka kuri Satani ubwe. [IZ 89.2](#)

Kuba Satani avuga ko umuntu akunda cyane, ndetse akaba yarangaga Imana bikomeye ubu ari kumwe n'intumwa zera n'abamarayika mu ijuru, birahagije kugira ngo bikure urujijo mu bantu bose kandi bibahishurire imirimo y'umwijima kandi y'amayobera ya Satani. Satani abwira ab'isi n'abatizera ati: "Nta kibazo uko mwaba muri abanyabyaha kose, mwaba mwizera cyangwa mutizera Imana cyangwa Bibiliya, mubeho uko mwishakiye, ijuru ni iryanyu." Abivuga atyo kuko niba bose bazi ko umuntu nka Tomasi Paine ari mu ijuru, akaba ahafite ikuzo, byanze bikunze nabo bazagerayo. Iki kinyoma kiragaragara cyane ku buryo abantu bose bashobora kukibona baramutse babishatse. Ubu Satani ari gukorera mu bantu benshi ibyo yagiye akora kuva yacumura nk'uko yakoreye muri Tomasi Paine. Abinyujije mu bushobozi bwe n'ibitangaza bye by'ubushukanyi, ubu ari gusenya urufatiro rw'ibyiringiro bya Gikristo kandi agakuraho umucyo ugomba kubamurikira mu nzira ifunganye igana mu ijuru. Ubu atera abatuye isi kwizera ko Bibiliya itahumetswe n'Imana, ko ntacyo irusha ibitabo by'amateka. Avuga atyo abumbatiye ikindi kintu cyo kuyisimbura ari cyo 'kwigaragaza kw'imyuka!' Uyu ni umuyoboro umukorera ubwe kandi yitegekera, ndetse ashobora gutera abatuye isi yose kwizera ibyo ashaka. Ashyira inyuma mu mwijima Igitabo⁴⁹ kizamucira urubanza we n'abayoboze be akagishyira aho ashaka. Ahindura Umukiza w'isi umuntu usanzwe, kandi nk'uko abarinzi b'Abaroma bari barinze imva ya Yesu bakwije ibinyoma abatambyi bakuru n'abakuru bababwiye, uko ni ko abantu babi bayobejwe bagakurikira ibyo byitwa kwigaragaza kwa mwuka basubira kandi bakagerageza kugaragaza ko nta

bitangaza biri mu ivuka ry'Umukiza wacu, urupfu rwe n'izuka rye. Iyo bamaze kwigizayo Yesu, bikururiraho abantu, intenkerezo zabo bakazerekeza ku bitangaza byabo by'ubushukanyi bavuga biruta kure imirimo ya Kristo. Uko ni ko abatuye isi bafatwa mu mutego kandi bagashorwa mu kumva ko bafite umutekano, ntibigere babona ubuyobe bukabije barimo kugeza ubwo ibyago birindwi by'imperuka bizasukwa. Iyo Satani abona umugambi we ugerwaho neza kandi isi yose igafatwa mu mutego we araseka cyane. [IZ 90.1](#)

5. Mu mpapuro zibanza aho navuze ku iherezo ry'imyaka 2300, navuze ko igicu kirabagirana cyane cyari gitwikiye Data wa twese ku buryo ntawashoboraga kumubona. Navuze kandi ko nabonye Data wa twese ahaguruka ku ntebe ya cyami. Data wa twese yari agoswe n'umucyo mwinshi n'ikuzo ku buryo nta washoboraga kumubona; nyamara namenye ko ari Data wa twese kandi ko kuri we haturukaga umucyo n'ikuzo. Ubwo nabonaga uwo mucyo mwinshi n'ikuzo biva ku ntebe ya cyami, namenye ko bitewe n'uko Data wa twese agiye, bityo navuze ko nabonye Data wa twese ahagurutse. Ntabwo nigeze mbona ikuzo cyangwa icyubahiro cye ubwe. Nta muntu wabibona ngo abeho, nyamara umucyo n'ikuzo byari bimugose nashoboraga kubibona. [IZ 91.1](#)

Navuze kandi ko 'Satani yasaga n'uri iruhande rw'intebe ya cyami agerageza gukomeza gukora umurimo Imana yakoraga.' Ndatanga indi nteruro navuze muri icyo gice igira iti: "Narahindukiye ngo ndebe rya tsinda ryari ricyubamye imbere y'intebe cya cyami." Noneho iri tsinda ry'abantu basengaga bari bacyambaye umubiri upfa, bari ku isi, nyamara naberetswe bameze nk'abubamye imbere y'intebe ya cyami. Ntabwo nigeze ntekereza ko mu by'ukuri abo bantu bari muri Yerusalemu nshya. Ntabwo kandi natekereje ko hari umuntu washoboraga kwibwira ko nizeraga ko mu by'ukuri Satani yari muri Yerusalemu nshya. Ariko se Yohana ntiyabonye ikiyoka kinini gitukura mu ijuru? Yarakibonye rwose. "Mu ijuru haboneka ikindi kimenyetso, mbona ikiyoka kinini gitukura gifite imitwe irindwi n'amahembe cumi, no ku mitwe yacyo gifite ibisingo birindwi." (Ibyahishuwe 12:3). Mbega ikintu giteye ubwoba cyari mu ijuru! Aha hagaragara uburyo bwiza bwatera kubisuzugura nk'ubwo dusanga mu busobanuro abantu bamwe bahaye ibyo navuze! [IZ 91.2](#)

6. Ubutumwa nandikiye umukumbi muto, ni iyerekwa nagize muri Mutarama 1850. Aka gace k'iri yerekwa ryerekeranye n'umutungo wimwa abavugabutumwa karebanaga by'umwihariko n'icyo gihe. Kuva ubwo, incuti z'ukuri kw'iki gihe zagiye zihagurutswa, zigashakisha uburyo bwo gukora icyiza zikoresheje ubutunzi bwazo. Bamwe bagiyeye batangana ubuntu birenze urugero ku buryo byangije abakiriye impano zabo. Mu gihe kijya kungana n'imyaka ibiri, nagiyeye nerekwaga byinshi bifatanyeye isano no kutita ndetse no gusesagura umutungo w'Uwitwaga birenze uko neretswe uko ukennye. [IZ 91.3](#)

Amagambo akurikira ni amwe yo mu iyerekwa naherewe ahitwa Jackson, ho muri Leta ya Michigan, ku wa 2 Kamena 1853. Arebana cyane n'abavandimwe bacu mu kwizera baba aho hantu. Ayo magambo agira ati: "Nabonye ko abavandimwe bacu mu kwizera batangiye kwikuraho umutungo wabo bakawutanga badafite intego nyakuri ishizwe imbere yabo - (iyo ntego ni umurimo w'Imana ufite ubukene). Bagiyeye batangana ubuntu busaze kandi kenshi. Nabonye ko abagisha bakwiriye kuba

barahagurutse maze bagakosora iri kosa kandi bagatanga urugero rwiza mu itorero. Amafaranga yagiye ahabwa agaciro gake cyangwa akagateshwa burundu ubwo yabaga amaze kwakirwa. Urugero rubi rwatanzwe na bamwe ubwo bemeraga impano nyamara ntibigere baha amabwiriza na make abari bafite ubutunzi kugira ngo be kubwaya no kubusesagura. Ku bwo kwemera umutungo mwinshi nk'uko hatabayeho kwibaza niba Imana yarahaye abavandimwe mu kwizera inshingano yo gutanga byinshi birenze urugero byatumye gutanga ibisaze binengwa. [IZ 91.4](#)

“Abagiye batanga nabo baribeshye. Ntabwo bigeze bibaza ibyo umurimo ukeneye, ngo bibaze niba hari ubukene bufatika cyangwa niba ntabwo. Abari bafite ubushobozi batewe guhangayika cyane. Umuvandimwe umwe mu kwizera yangirijwe cyane n'ibintu byinshi yahawe. Ntabwo yigeze yiga icungamutungo, ariko yabagaho apfusha ubusa amafaranga, kandi mu ngendo ze yatagaguzaga amafaranga mu bidafite inyungu. Yagiye akwirakwiza umuco mubi asesagura amafaranga y'Uwiteka, kandi akibwira mu mutima we ndetse akabwira n'abandi ati: “Mfite umutungo uhagije, urenze ushobora gukoreshwa mbere y'uko Umukiza agaruka.” Abantu bamwe bagiye bangizwa cyane n'iyi mikorere maze bakakira ukuri bafite imyumvire ipfuye ntibabone ko ari amafaranga y'Uwiteka bakoreshaga ndetse ntibumve n'agaciro kayo. Abo bantu bababajwe bakiriyeye ubutumwa bwa marayika wa gatatu kandi bakaba barahawe urugero nk'urwo rwashyizwe imbere yabo, bazagira byinshi biga kugira ngo biyange kandi bababazwe kubwa Kristo. Baziga gutandukana n'ubuzima butabagoye, bareke kwiga ibibanezeza maze mu bwenge bazirikane agaciro k'ubugingo bw'abandi. Abumva ko hari akaga kabugariye ntibazahirimbana gushaka kugendera mu buzima bworoshye no kugubwa neza. Abantu bamwe badafite umuhamagaro bagiye bashishikarizwa kuza mu murimo. Abandi nabo bagiye bagirwaho ingaruka n'ibyo bityo ntibigera bumva ko kudasesagura umutungo, kwiyanga ubwabo ndetse no gushyira umutungo mu bubiko bw'Uwiteka bikenewe. Bazibwira kandi banavuye bati: “Hari abandi bantu bafite ubushobozi buhagije, ni bo bazatanga kubw'aka kanyamakuru. Nta kintu na kimwe nkeneye gukora. Aka kanyamakuru kazashyigikirwa nta bufasha ntanze.” [IZ 92.1](#)

Nta rubanza na ruto rwangiyeho kubona ko abantu bamwe bafashe ako gace gato k'ibyo navuze byari byerekeye gutanga ubutunzi mu gushyigikira umurimo w'Imana ndetse no kubukoresha nabi. Basesagura ubutunzi bwabo ari nako birengagiza gushyira mu bikorwa amahame avugwa mu bindi bice by'ibyo navuze. Muri kiriya gice cy'ubutumwa nandikiye umukumbi muto hari aya magambo: “Nabonye ko umurimo w'Imana wagiye ubangamirwa kandi ugasuzuguzwa na bamwe bagendaga nta butumwa bahawe n'Imana. Bene aba bazabazwa n'Imana iby'ifaranga ryose bakoresheje mu ngendo bakoze bitari mu nshingano zabo kubera ko ayo mafaranga aba yarafashije mu murimo wayo.” Muri icyo gice kandi havugwa aya magambo ngo: “Nabonye ko abafite imbaraga zo gukoresha amaboko yabo kugira ngo bashyigikire umurimo [w'Imana] bazabazwa icyo bakoresheje izo mbaraga nk'uko abandi nabo bazabazwa iby'umutungo wabo.” [IZ 92.2](#)

Ahangaha nshaka kuvuga by'umwihariko ku ngingo navuzeho mu mpapuro zibanza mu gice kivuga iby'inshingano yacu mu gihe dutegereje igihe cy'akaga. Dore amagambo amwe yo muri icyo gice: “Umugambi w'amagambo y'Umukiza wacu [ari

muri Luka 12:33] ntiwagaragajwe neza. Neretswe ko “umugambi wo kugurisha atari uwo guha abafite imbaraga zo gukora kugira ngo babashe kwibeshaho, ahubwo ni ukugira ngo ukuri kwamamazwe hose. Gushyigikira abantu bashoboye gukora maze bakaguma mu bunebwe ni icyaha. Abantu bamwe bagiye baba abanyamwete mu kuza mu materaniro yose, nyamara bataje guhesha Imana ikuzo ahubwo bari bazanwe n’“imigati n’amafi.” icyiza kurutaho ni uko bene abo bari bakwiriye kuba bigumiye imuhira bagakoresha amaboko yabo “ibyiza” kugira ngo bamare ubukene bw’imiryango yabo kandi bagire icyo batanga cyo gushyigikira umurimo uhebuje wo kwamamaza ukuri kugenewe iki gihe.” Mu bihe byashize Satani yakoze umugambi wo gutera bamwe kugira umwuka w’ubwira bwo gusesagura umutungo, ndetse yanateye abavandimwe bacu mu kwizera kugira umuhati wo gutanga ubutunzi bwabo kugira ngo binyuze mu kugira umutungo mwinshi watanganwe umwuka wo gusesagura no guhubuka, abantu bababazwe kandi bazimire bityo ubwo ukuri kugomba gusakazwa hose muri iki gihe habeho ubukene. Umugambi wa Satani wagezweho ku rwego runaka. [IZ 93.1](#)

Uwiteka yerekanye amakosa y’abantu benshi bahanga gusa amaso abantu bafite umutungo wo gushyigikira iyandikwa ry’ikinyamakuru ndetse n’izindi nzandiko. Abantu bose bakwiriye gukora uruhande rwabo. Abafite imbaraga zo gukoresha amaboko yabo bityo bakaba babona uburyo bwo gufasha mu gushyigikira umurimo w’Imana bazabazwa uko bazikoresha kimwe n’uko abafite ubutunzi nabo bazabazwa uko babukoresha. Umwana wese w’Imana uhamya ko yizera ukuri kw’iki gihe akwiriye kugira umwete wo gukora uruhare rwe muri uyu murimo. [IZ 93.2](#)

Muri Nyakanga 1853, nabonye ko bitari nk’uko byari bikwiriye kuba kubona ikinyamakuru [50](#) cy’Imana kandi cyemewe nayo cyasohoka incuro nke cyane. Muri iki gihe turimo, umurimo w’Imana ukeneye iki kinyamakuru buri cyumweru, kandi ukeneye gucapwa kw’inzandiko nyinshi zishyira ahagaragara ibinyoma bigenda byiyongera muri iki gihe. Nyamara uyu murimo ukomwa mu nkokora kubwo kubura k’umutungo. Nabonye ko ukuri kugomba kugenda kandi ko tutagomba kugira ubwoba bw’ibinyoma. Nabonye ko inzandiko n’ibinyamakuru bikwiriye kugenda ari bitatu bikajya n’aho bitari bikenewe, kurusha uko n’ikinyamakuru kimwe cyavutswa abantu bagikunda kandi gishobora kugirira akamaro. Nabonye ko ibimenyetso byo mu minsi ya nyuma bikwiriye gushyirwa ahagaragara, kuko kwigaragaza kwa Satani kugenda kwiyongera. Ibinyamakuru n’ibitabo bya Satani n’abakozi be biragenda byiyongera, imbaraga zabo ziriye, bityo ibyo dukora kugira ngo dushyire ukuri imbere y’abandi bigomba gukorwa vuba. [IZ 93.3](#)

Neretswe ko ukuri kwandikwa muri iki gihe kuzatsinda kuko ari ukuri ko mu minsi ya nyuma. Kuzabaho kandi ntikuzakenera cyane kuvugwaho mu gihe kiri imbere. Ntabwo amagambo atagira ingano akeneye gushyirwa ku kinyamakuru kugira ngo ashimangire ibyo kivuga kandi ngo arabagiranishe umucyo wacyo. Ukuri ntigukebakeba, kurasobanutse, kurumvikana kandi kwihagararaho kukirwanirira. Nyamara si ko biri ku kinyoma. Ikinyoma kirafinze kandi kirihishe ku buryo kiba gikeneye amagambo menshi yo kugisobanura mu miterere yacyo igoretse. Nabonye ko ahantu hamwe umucyo wose bari barakiriye bari barawukuye muri iki kinyamakuru. Nabonye ko abantu bari barakiriye ukuri muri ubu buryo maze bakubwira n’abandi; ndetse ko ubu aho abantu ari

benshi bagiye bakangurwa n'iyi ntumwa ya bucece. Iki kinyamakuru ni cyo cyabaye umubwiriza wabo rukumbi. Umurimo wo kwamamaza ukuri ntukwiriye kubangamirwa mu iterambere ryawo bitewe no kubura ubutunzi.

Gahunda mu ivugabutumwa bwiza

Uwiteka yagaragaje ko kugendera kuri gahunda mu ivugabutumwa byagiye bitinywa kandi bikirengagizwa cyane. 51 Gukurikiza imihango bikwiriye kuzibukirwa, ariko mu kubikora gahunda ntikwiriye kwirengagizwa. Mu ijuru hari gahunda. Igihe Kristo yari ku isi mu itorero hari gahunda, kandi na nyuma yo gusubira mu ijuru kwe, gahunda yakurikizwaga n'abigishwa be nta gukebakeba. No muri iki gihe, muri iyi minsi ya nyuma ubwo Imana iri guhuriza abana bayo mu bumwe bwo kwizera, hari ubukene bukomeye bwa gahunda kurenza uko byigeze bibaho kuko nk'uko Imana ihuriza hamwe abana bayo, Satani nawe n'abamarayika be babi bari gukorana umwete kugira ngo batume ubwo bumwe butabaho kandi babusenyeye. Kubw'ibyo, abantu badafite ubwenge no gushyira mu gaciro bihutira kujya mu murimo. Bishoboka ko batayobora neza abo mu miryango yabo, kandi nubwo batagira gahunda cyangwa badafite ubushobozi bwo kuyobora abantu bake Imana yabaragije mu miryango yabo, bumva bashoboye gukora inshingano yo kuyobora umukumbi. Bakora amakosa menshi bityo abantu batamenyereye ukwizera kwacu bagafata ko abavugabutumwa bose bameze nk'abo bantu bagiye ntawe ubohereje. Uko ni ko umurimo w'Imana ugawa, kandi ukuri kugapfukiranwa n'abatizera benshi nyamara bagombye kuba abanyakuri kandi bakabaza bahagaritse umutima bati: 'Mbese ni kuriya ibintu bimeze?' Abantu badafite imibereho iboneye kandi batujuje ibyangombwa byo kuba bakwigisha ukuri kugenewe iki gihe binjiye mu murimo batarigeze bamenywa n'itorero cyangwa abavandimwe bacu mu kwizera muri rusange, none umusaruro uvuyemo ni urujijo no kwitandukanya. Bamwe bazi ukuri mu magambo gusa, kandi bashobora kujya impaka nyamara nta bya Mwuka bagira, nta gushyira mu gaciro ndetse nta n'uburambe bafite. Batsindwa ku bintu byinshi byari ingenzi cyane ko basobanukirwa mbere yo kwigisha ukuri. Abandi ntibagira icyo bavuga ariko kuko abizera bake bagiye babumva kenshi basenga neza kandi bafite n'amagambo asize umunyu, binjizwa mu murimo bakajya gukora umurimo Imana itigeze ibaha kandi batanafitiye uburambe buhagije no gushyira mu gaciro. Habaho ubwibone mu by'umwuka, barahagurutswa maze bagakorera muri uko kwibeshya ko ari abakozi. Ntabwo biyizi. Babura imitekerereze mizima no gutekerezanya ubwitonzi. Bavugana ubwibone ibiberekeye, kandi bakemeza ibintu byinshi badashyira guhamisha Ijambo ry'Imana. Ibi Imana irabizi, bityo rero ntishobora guhamagara bene abo ngo bakore muri iki gihe kiruhije. Ikindi kandi, abavandimwe bacu mu kwizera bakwiriye kwitonda cyane kugira ngo badashyira mu murimo abo Imana itigeze ihamagara. [IZ 94.2](#)

Muri rusange, abo bantu batigeze bahamagarwa n'Imana ni bo bishongora bavuga ko bahamagawe kandi ko imirimo bakora ari ingenzi cyane. Bajya ku murimo maze muri rusange ntibatange urugero rwiza. Nyamara hamwe na hamwe bagera ku ntsinzi maze bo ubwabo ndetse n'abandi ibyo bikabatera gutekereza ko bahamagawe n'Imana. Kuba abantu bagera ku ntsinzi hamwe na hamwe ntabwo ari igihamba nyakuri cy'uko

bahamagawe n’Imana; kuko ubu abamarayika b’Imana bari kugenda bagera ku mitima y’abana bayo bayumvira kugira ngo bamurikire intekerezo zabo ku bijyanye n’ukuri, ngo babashe kukwakira kandi babeho. Kandi nubwo abantu biyohereje bishyira aho Imana itigeze ibashyira kandi bagahamya ko ari abigisha, ndetse kubwo kubumva abantu bakakira ukuri, ntabwo iki ari igihamya cy’uko bahamagawe n’Imana. Abantu bumva ukuri kubaturutseho barakwakira maze kukazabashyira mu rubanza no mu bubata bitewe n’uko nyuma yaho batahura ko abo bantu batari bashikanye mu nama y’Imana. Nubwo abanyabyaha bavuga ukuri, hari abantu bamwe bashobora kukwakira, nyamara ibyo ntibituma abakuvuze barushaho kwemerwa n’Imana na hatu. Abanyabyaha bakomeza kuba abanyabyaha, kandi nk’uko ibinyoma bigishije abo Imana ikunda ndetse n’urujijo binjije mu itorero bingana, ni ko igihano bazahabwa nacyo kizaba kiri. Ntabwo ibyaha byabo bizakomeza gutwikirwa, ahubwo bizashyirwa ahagaragara ku muni w’uburakari bukaze bw’Imana. [IZ 95.1](#)

Izo ntumwa ziyohereje ku giti cyazo ni umuvumo ku murimo w’Imana. Abantu bumvira kandi bitonda babagirira icyizere, bagatekereza ko bagenda bakurikije inama y’Imana kandi ko bunze ubumwe n’itorero. Kubw’ibyo, babemerera kuyobora imihango, kandi kubera ko inshingano yabo igaragara neza ko bagomba gukora imirimo yabo y’ibanze, bakabemerera bakababatiza. Nyamara igihe umucyo uje, nk’uko bikwiriye kugenda byanze bikunze, maze bakamenya ko ba bantu batari nk’uko bumvaga ko bateye (ko ari intumwa zahamagawe kandi zatoranyijwe n’Imana), ababagiriraga icyizere bagira kwibaza no gushidikanya ku kuri bari barakiriye maze bakumva bagomba kongera kukwiga kose. Babuzwa amahwemo kandi bagahangayikishwa n’umwanzi ku byerekeye ibyo banyuzemo byose, bakibaza niba Imana yarabayoboye cyangwa se itarabayoboye. Ntibanyurwa batabanje kubatizwa bundi bushya. Kuja ahantu bene abo bantu babaye kandi bakahagaragaza uru rugero rubi bigora cyane imitima y’intumwa z’Imana kuruta kwinjira ahantu hashya. Abagaragu b’Imana bagomba kurwanya amakosa beruye kandi bashize amanga ntibatwikire amakosa, kuko bahagaze hagati y’abazima n’abapfuye ndetse bakaba bagomba kuzabazwa ibijyanye n’ubudahemuka bwabo, umurimo bashinzwe n’icyitegererezo baha umukumbi Uwiteka yabaragije. [IZ 95.2](#)

Iyo za ntumwa ziyohereje zitaza ahubwo zikaguma mu mwanya ucishije bugufi Uwiteka yazigeneye, abantu bakira ukuri maze bagahura n’ibigeragezo nk’ibyo bagombye kuba barabonye ukuri kudahinduka. Ijisho ry’Imana ryari riri ku bana bayo b’agaciro kenshi, kandi iba yaraboherereje intumwa zayo yahamagaye kandi yatoranyije (abantu bari kugenda basobanukiwe neza). Umucyo w’ukuri wari kugaragaza kandi ugahishurira abo bantu umwanya nyakuri bahagazemo, kandi bajyaga kwakira ukuri mu buryo busobanutse neza ndetse bakanyurwa n’ubwiza bwako no kumvikana kwako. Bityo mu kumva imbaraga yako ikomeye, bajyaga gukomera kandi bakagaragaza hose urugero n’impinduka byera. [IZ 96.1](#)

Nongeye kwerekwa akaga gaterwa n’abo bagenda kandi batarahamagawe n’Imana. Nibaramuka hari intsinsi bagezeho, ibyangombwa batujuje bizagaragara. Hazafatwa ingamba zidashyize mu gaciro, kandi kubwo kubura ubwenge abantu bamwe b’agaciro kenshi babasha kugezwa ahantu badashobora kugerwaho. Nabonye ko abagize itorero

bakwiriye kumva neza inshingano yabo kandi bakitegerezanya ubushishozi n'ubwitonzi ibijyanye n'imibereho, ubushobizi n'imikorere rusange by'abavuga ko ari abigisha. Niba hadatanze igihama kidashidikanywaho cyerekena ko Imana yaba yarabahamagaye, kandi nibatumvira iri ririka, itorero rifite inshingano yo kugira icyo rikora no kumenyekanisha ko abo bantu ritabafata nk'abigisha. Iki ni cyo cyonyine itorero rishobora gukora kugira ngo rivuge ukuri kuri iki kibazo kuko umutwaro uba uri kuri ryo. [IZ 96.2](#)

Nabonye ko uyu muryango umwanzi yinjiriramo kugira ngo abuze amahoro kandi atere umuvurungano mu mukumbi ushobora gukingwa. Nabajije marayika uko uyu muryango wakingwa. Marayika yaravuze ati: "Itorero rigomba kujya mu Ijambo ry'Imana kandi rigashikama kuri gahunda mu ivugabutumwa yagiye yirengagizwa kandi igasuzugurwa." Ibi ni ibintu by'ingenzi cyane kugira ngo itorero rigire ubumwe bwo kwizera. Neretswe ko mu gihe cy'intumwa, itorero ryari riri mu kaga ko kuyobya no kwigarurirwa n'abigishabinyoma. Kubw'ibyo, abavandimwe mu kwizera batoranyije abagabo bari baragaraweho ibihama byiza ko bashoboye kuyobora neza ingo zabo kandi bagira gahunda mu miryango yabo, ndetse bakaba barashoboraga kumurikira abari bari mu mwijima. Bagishije Imana inama iby'iki kibazo maze nk'uko ubushake bw'itorero na Mwuka Wera bwari buri, babarobanura bakoresheje kubarambikaho ibiganza. Bamaze guhabwa inshingano yabo n'Imana kandi bamaze kwemezwa n'itorero, bagenda babatiza mu izina rya Data wa twese, Umwana na Mwuka Wera, ndetse bakayobora imihango yo mu nzu y'Uwiteka. Akenshi bahoraga bakorera abera nk'abagaragu babo babashyikiriza ibimenyetso by'umubiri w'Umukiza washenjaguwe n'amaraso ye yasheshwe, akaba yarabambwe kugira ngo abana b'Imana bakundwa bakomeze kujya bibuka imibabaro n'urupfu rwe. [IZ 96.3](#)

Neretswe ko muri iki gihe tutarinze abigishabinyoma birenze uko bari bari mu gihe cy'intumwa; kandi niba ntacyo dukoze; twagombye gufata ingamba zihariye nk'uko intumwa zakoze kugira ngo zitume habaho amahoro, ubwumvikane n'ubumwe mu mukumbi w'Imana. Dufite urugero rwabo kandi dukwiriye kurukurikiza. Abizera bafite ubunararibonye n'imyumvire iboneye bakwiriye guterana, kandi bakurikije Ijambo ry'Imana n'amabwiriza bahabwa na Mwuka Wera, ndetse banasenga, bakwiriye kurambika ibiganza ku bagaragaweho mu buryo bwuzuye ko bahawe inshingano n'Imana maze bakabatoranya kugira ngo begurirwe umurimo wayo burundu. Iki gikorwa gikwiriye kwerakana ko itorero ryemera kugenda kwabo nk'intumwa kugira ngo bajyane ubutumwa bw'ingenzi bwigeze bushyikirizwa abantu. [IZ 97.1](#)

Ntabwo Imana izigera iragiza umukumbi wayo w'agaciro kenshi abantu bafite intekerezo n'imyumvire byashegeshwe n'ibinyoma bya kera bari barirunduriyemo birimo ibyo bita kugera ku butungane bwuzuye [52](#) muri ubu buzima ndetse n'ibyo kugendererwa n'imyuka. Kubw'imikorere yabo, igihe bari bakiri mu buyobe, bene aba bantu bariyandaritse kandi bateza igisuzuguriro umurimo wo kwamamaza ukuri. Nubwo ubu bashobora kumva baratandukanye n'ikinyoma kandi bakumva bashoboye kujya kwigisha ubu butumwa buheruka, Imana ntizabemera. Ntizigera ibashinga kwita ku bantu b'agaciro kenshi kuko ibitekerezo byabo byangiritse igihe bari bari mu binyoma bityo ubu bikaba byaracitse intege. Ukomeye kandi Wera ni Imana ifuha, kandi

izashyiraho abantu batunganye kugira ngo bajyane ukuri kwayo. Abantu bera bakurikiza amategeko yera Imana yavugiye ku musozi Sinayi nk'umugabane umwe [wa kamere yayo], ni bo bonyine bazayubahisha babinyujije mu kuyigisha abandi. [IZ 97.2](#)

Abagaragu b'Imana bigisha ukuri bakwiriye kuba abantu bafite imitekereze myiza. Bakwiriye kuba abantu bashobora kwihanganira kuba bavuguruzwa ntibafatwe n'uburakari; kuko abarwanya ukuri bazashingira ku bakwigisha kandi igitekerezo cyose kibarwanya gishobora gutangwa kizagorekwa cyane kugira ngo gisenye ukuri. Abagaragu b'Imana batwaye ubutumwa bagomba kuba biteguye kwigizayo ibyo bitekerezo bafite ubwitonzi n'ubugwaneza kandi bakoresheje umucyo w'ukuri. Incuro nyinshi abarwanya ukuri bavugisha abagabura batoranyijwe n'Imana mu mvugo y'ubushotoranyi kugira ngo babatere kuba basohokwamo n'amagambo mabi bityo bayatubure uko bashoboye kose maze babwire abandi ko abigisha amategeko bafite umwuka mubi kandi ko ari abanyaburakari nk'uko byatangajwe. Neretswe ko tugomba kwitegura kwitwararika ku magambo aturwanya dufite kwihangana, gutekereza neza n'ubugwaneza, kandi tukareka ayo magambo akagira uburemere akwiye, ntituyamagane cyangwa ngo tuyarwaye dukoresheje amagambo meza tugamije gucisha bugufi uturwanya no kumugaragariza umutima mubi. Ahubwo duhe ayo magambo atuvuguruza uburemere bwayo, maze nyuma yaho dushyire ahagaragara umucyo n'imbaraga y'ukuri, bityo tureke umucyo utsinde kandi ukureho ibinyoma. Uko ni ko isura nziza izagaragazwa maze abaturwanya bashyira mu gaciro babone ko bari barayobejwe kandi ko abakurikiza amategeko y'Imana badateye nk'uko bari barabibwiwe. [IZ 98.1](#)

Abavuga ko ari abagaragu b'Imana ihoraho bagomba kuba bafite ubushake bwo kuba abagaragu b'abantu bose aho kugira ngo bashyirwe hejuru y'abizera. Bagomba kandi kugira umutima w'ubugwaneza n'urugwiro. Niba bakoze amakosa bakwiriye kuba biteguye kwatura babikuye ku mutima. Kuba umuntu yari afite umugambi mwiza ntibikwiye kugirwa urwitwazo rwo kutatura no kwihana amakosa yakoze. Kwatura ikosa no kuryihana ntibikwiye kugabanya icyizere itorerero ryari rifitiye umuvugabutumwa, kandi akwiriye gutanga urugero rwiza. Umwuka wo kwatura no kwihana ukwiriye gushishikarizwa abagize itorerero kandi umusaruro uzavamo uzaba ubumwe bushyitse. Abavuga ko ari abigisha bakwiriye kubera abandi icyitegererezo cy'ubutungane, ubugwaneza no kwicisha bugufi, bakagira umutima w'ineza kugira ngo bagarure abantu kuri Yesu no ku kuri kwa Bibiliya. Umugabura watoranyijwe na Kristo akwiriye kuba atunganye mu mvugo n'ingiro. Akwiriye guhora yibuka ko atwaye amagambo yahumetswe, amagambo y'Imana izira inenge. Agomba kandi kuzirikana ko ashinzwe kwita ku mukumbi w'Imana, kandi ko agomba kujyana imitwaro yawo kuri Yesu, kandi akabasabira nk'uko Yesu adusabira kuri Se. [IZ 98.2](#)

Ibitekerezo byanjye byongeye kwerekezwa ku Bisiraheli ba kera maze mbona uko abakozi bo mu buturo bwera bagombaga kuba baboneye kandi batunganye, kuko umurimo wabo watumaga begerana n'Imana cyane. Abagabura b'ubutumwa bwiza bagomba kuba intungane, imbonera kandi badafite icyo bagawa. Nibitaba bityo Imana izabarimbura. Ntabwo Imana yigeze ihinduka. Irera kandi iratunganye, ndetse uko yahoze ni ko iri na n'ubu. Abavuga ko ari abagabura bakorera Yesu bakwiriye kuba

abantu bafite ubunararibonye n'ubutungane, bityo bakazashobora gukwiza umwuka w'ubutungane ahantu hose n'igihe cyose. [IZ 99.1](#)

Neretswe ko igihe kigeze kugira ngo abavugabutumwa bajye ahantu hose imiryango ikinguye, kandi ko Imana izabajya imbere igakingure imitima y'abantu kugira ngo babatege amatwi. Ahantu hashya hagomba kwinjirwa, kandi ahantu hose ibi bizakorwa, bizagenda neza nibagenda ari babiri babiri kugira ngo bakomezanye. Hagaragajwe gahunda iteye itya: Byaba byiza cyane abavandimwe mu kwizera babiri batangiriye hamwe bakajyana ahari umwijima w'icuraburindi, ahari ukurwanya ukuri bikabije ndetse hakaba hakenewe gukorwa umurimo ukomeye. Bityo kubwo gushyira hamwe imbaraga zabo no kugira ukwizera guhamye, bazagaragariza ukuri abari mu mwijima. Niba bashaka kugera kuri byinshi kubwo gusura ahantu henshi muri urwo rugendo, bazagenda batandukanye ariko bajye bahura kenshi kugira ngo kubwo kwizera kwabo baterane ubutwari bityo bakomezanye kandi bashyigikirane. Nanone kandi, nibajye inama ku hantu bakinguriwe gukora umurimo maze bafate umwanzuro kuri zimwe mu mpano zabo zizaba zikenewe cyane ndetse no ku buryo bakoresha kugira ngo bagere ku ntsinzi ikomeye mu kugera ku mitima y'abantu. Igihe batandukanye, ubutwari n'imbaraga byabo byongerera kuba bishya kugira ngo bahangane n'umwijima ndetse n'abarwanya ukuri, kandi bakore bafite umutima wo gukiza abari mu nzira igana irimbukiro. [IZ 99.2](#)

Neretswe ko abagaragu b'Imana badakwiriye kujya bajya ahantu hamwe incuro nyinshi, ahubwo bakwiriye kujya gushakira abantu ahantu hashya. Abamaze gushikama mu kuri ntibakwiriye kubazwa byinshi bijyanye n'umurimo wabo kuko bagomba kuba bashoboye guhagarara bonyine, bagakomeza abandi bantu babakikije mu gihe intumwa z'Imana zagiye gusura ahari umwijima kandi hitaruye, zishyikiriza ukuri abataramurikirwa ku birebana n'ukuri kw'iki gihe.

Ingorane z'itorero **53**

Bavandimwe nkunda: Ubwo ikinyoma kigenda gisakara hose mu buryo bwihuse, dukwiriye gushaka uko dukanguka mu murimo w'Imana kandi tukamenya igihe turimo. Umwijima ugomba gutwikira isi ndetse umwijima w'icuraburindi ugatwikira abantu. Kandi kubera ko hafi y'abantu bose badukikije bazengurutse n'umwijima w'icuraburindi w'ikinyoma n'ubuyobe, ni ahacu kuzibukira ubupfapfa maze tukaba hafi y'Imana aho dushobora gukura imirasire y'umucyo n'ikuzo biva mu maso ha Yesu. Ubwo umwijima urushaho kubudika n'ikinyoma kikiyongera, dukwiriye kurushaho kumenya ukuri mu buryo bwimbitse kandi tukaba twiteguye gushyigikira uruhande duhagazemo twishingikirije ku Byanditswe. [IZ 100.1](#)

Tugomba kwejeshwa ukuri, tukiye gurira Imana burundu maze tugashyira mu bikorwa ubutungane bwacu kugira ngo Uwitwaga atwongere umucyo, kandi tubashe gukura umucyo mu mucyo we ndetse duhabwe imbaraga n'ubushobozi bwe. Igihe cyose tutazaba turi maso tuzaba dushobora kwigarurirwa n'umwanzi kandi tuzaba turi mu kaga gakomeye ko gutsindwa n'imbaraga z'umwijima. Satani atuma abamarayika be

ngo babe maso kandi batsembe abo bashobora bose, ngo bamenye ubuyobe n'ibyaha bikunda kwibasira abahamya ko bizera ukuri bityo babagoteshe umwijima kugira ngo bareke kuba maso, bakore ibizasuzuguzura uruhande bavuga ko bakunda kandi bateze itorerero agahinda. Imitima y'abo bantu bayobejwe kandi batari maso irushaho kwijima maze umucyo wo mu ijuru ukagenda ubavaho. Ntabwo bashobora gutahura ibyaha bibizingiraho maze Satani akababohesha urushundura rwe bityo bagafatwa mu mutego we. [IZ 100.2](#)

Imana ni yo mbaraga zacu. Ni yo dukwiriye guhanga amaso ngo iduhe ubwenge kandi ituyobore bityo tubashe kuzirikana ikuzo ryayo, ibyiza by'itorero ndetse n'agakiza k'ubugingo bwacu. Tugomba gutsinda ibyaha bitwizingiraho. Buri muntu ku giti cye akwiriye guharanira kugera ku ntsinzi nshya buri muni. Tugomba kwiga guhagarara buri wese ku giti cye kandi tukishingikiriza ku Mana burundu. Iyo tumaze kumenya ibi, birushaho kuba byiza. Nimucyo buri wese avumbure aho atsindwa, maze agenzure neza ko ibyaha bye bitamutsinda, ahubwo ko abinesha. icyo gihe tuzabasha kumva dufitiye Imana icyizere kandi itorerero rizarindwa akaga gakomeye. [IZ 100.3](#)

Igihe intumwa z'Imana zivuye mu miryango yazo zigiye ku murimo wo kugeza agakiza ku bantu, zigakoresha igihe cyazo kinini zigeza ubutumwa ku bantu bamaze imyaka myinshi bizera ukuri nyamara bakaba bakiri abanyantege nke bitewe n'uko badohotse, bakareka kwirinda; rimwe na rimwe njya ntekereza ko batera umwanzi kubagerageza. Bajya mu bibazo bimwe bitanafite agaciro, bityo igihe cy'abagaragu b'Imana kihakatarira babasura. Abagaragu b'Imana bamarana n'abo bantu amasaha menshi ndetse n'iminsi bityo imitima yabo igaterwa agahinda kandi igakomeretswa no kumva ingorane n'ibigeragezo bitaremereye bivugwaho aho buri wese agerageza gukabya imibabaro ye kugira ngo agaragaze ko ikomeye cyane atinya ko abagaragu b'Imana bazatekereza ko yoroheje cyane ndetse idakwiye kwitabwaho. Aho kwishingikiriza ku bagaragu b'Imana kugira ngo babafashe kuva muri ibyo bibazo, bakwiriye gusuka intimba zabo imbere y'Imana bakiyiriza ubusa kandi bagasenga kugeza igihe ibyo bibazo bikuriweho. [IZ 100.4](#)

Abantu bamwe basa n'abatekereza ko ibyo Imana yahamagariye abavugabutumwa ngo bajye gukora mu murimo wayo ari ukujya aho bategetswe maze bagaterura abo bantu mu maboko yabo. Batekereza kandi ko umugabane w'ingenzi mu murimo wabo ari ugukemura utubazo twabo n'ibigeragezo bidakomeye baba barikururiye bitewe n'ibyo bakora batabitekerejeho neza, cyangwa bigaterwa no guha umwanzi urwaho no guha intebe umwuka mubi wo gushaka amakosa ya bagenzi babo babakikije. Ariko se muri icyo gihe umukumbi ufite inzara uba uri he? Uba uri kwicwa n'inzara usonzeye umutsima w'ubugingo. Abantu bazi ukuri ndetse bakaba barigeze kugushikamamo ariko ntibakumvire (iyo baba barakumviye, baba bataragezweho na bimwe muri ibyo bigeragezo) ni bo batindana abavugabutumwa maze intego nyakuri Imana yabahamagariye kujya gusohozwa mu bantu ntigerweho. Abagaragu b'Imana batezwa intimba kandi umuhati wabo ukayoyoka bitewe n'ibintu nk'ibyo biba mu itorerero mu gihe abantu bose bari bakwiriye guharanira kutagira n'uburemere bungana n'ubwibaba bongera ku mitwara abavugabutumwa bafite. Ahubwo bakwiriye kubafasha bakoresheje amagambo atera ibyiringiro ndetse bakanabasabira buzuye kwizera. Mbega uburyo

abavugabutumwa barushaho kumva babohotse iyaba abantu bose bizera ukuri biyitagaho kandi bagakagerageza gufasha abandi mu mwanya wo kwisabira ubufasha bwinshi. Nk’uko bimeze, igihe abagaragu b’Imana bagiye ahantu hari umwijima, aho ukuri kutigeze kumenyekana, bajyanayo umutima washenjaguritse waturutse ku bigeragezo bitari ngomba by’abavandimwe babo mu kwizera. icyiyongera kuri ibi ni uko baba bagomba guhura n’abatizera n’urwikekwe rw’ababarwanya kandi abantu bamwe bakabakandagirana. [IZ 101.1](#)

Mbega ukuntu guhindura imitima y’abantu byakoroha ndetse n’Imana ikarushaho guhabwa ikuzo iyaba abagaragu bayo barindwaga gucibwa intege no kwikorezwa ibigeragezo kugira ngo babashe kwigisha ukuri mu bwiza bwako bafite umutima utaremerewe. Abantu bose babarwaho gukoresha abagaragu b’Imana cyane no kubaremereza babikoreza ibigeragezo byabo kugira ngo babikemure, bagomba kuzabazwa n’Imana igihe cyose ndetse n’ubutunzi byapfushijwe ubusa kugira ngo binezeze nyamara ari ko bashimisha umwanzi. Bakwiriye kubaho mu buryo bafasha abavandimwe babo mu kwizera. Ntibagomba na hato gutuma ibigeragezo n’ingorane byabo bibera umutwaro iteraniro ryose, cyangwa ngo bategereze kugeza igihe bamwe mu bavugabutumwa baziye ngo babibakemurire. Ahubwo bakwiriye kujya imbere y’Imana ubwabo, bagakura ibigeragezo byabo byose mu nzira, bityo igihe abakozi baje bakaba biteguye kubatera ingabo mu bitugu aho kubaca intege.

Ibyiringiro by’itorero

Ubwo mperutse kwitegereza ahanzengurutse ngo ndebe ko nabona abayoboke bicisha bugufi ba Yesu w’umugwaneza kandi woroheje mu mutima, intekerezo zanyje zarakoze cyane. Abantu benshi bavuga ko bategereje kugaruka kwa Yesu kwegereje bagenda bisanisha n’iyi si kandi bashaka cyane gushimwa n’ababakikije kuruta uko bakwemerwa n’Imana. Barakonje kandi bagendera ku mihango nk’amatorero ku izina bamaze igihe gito batandukanyije nayo. Amagambo yabwiwe itorero rya Lawodokiya agaragaza neza uko bameze muri iki gihe (Reba Ibyahishuwe 3:14-20). Ntabwo “bakonje kandi ntibashyushye,” ahubwo ni “akazuyazi.” Nibatumvira inama y’ “Umuhamyanya nyakuri kandi ukiranuka,” ndetse bakagira umwete bakihana kandi bagahabwa “izahabu yatunganyijwe mu ruganda,” n’ “umwenda wera” n’ “umuti wo gusiga ku maso,” azabaruka. [IZ 102.1](#)

Igihe cyarageze ubwo umubare munini w’abantu bigeze kwishima kandi bagatera hejuru kubw’umunezero batewe no kuza kwihuse k’Umukiza, bagiye kwifatanya n’amatorero ndetse n’ab’isi bajyaga babakwena kubw’uko bizerega ko Yesu agiye kugaruka ndetse bagakwiza hose ibinyoma by’amoko yose kugira ngo bibatere kwangwa kandi byangize isura yabo mu bantu. Muri iki gihe, iyo hagize umuntu wifuza Imana cyane, akaba afitiye inzara n’inyota ubutungane maze Imana ikamuha kumva agezeweho n’imbaraga yayo kandi igahaza ubugingo bwe ikoresheje gusakaza urukundo rwayo mu mutima we; iyo bene uwo muntu ahaye Imana ikuzo kubwo kuyisingiza, akenshi ba bizera gito bavuga ko bategereje kugaruka k’Umukiza bamufata nk’aho

yashutswe maze bakamugerekaho ko yataye ubwenge kandi ko afite imyuka mibi. IZ 102.2

Benshi muri abo Bakristo ku izina bambara nk'ab'isi, bakavuga kandi bagakora nkabo uretse ko ikintu kimwe gusa bashobora kumenyekaniraho ari ibyo biyitirira. Nubwo bavuga ko bategereje Kristo, ntabwo ibiganiro byabo byerekeza ku by'ijuru ahubwo byerekeza kuby'isi. Mbega uko abantu bavuga ko "bategereza kandi bagatebutsa umunsi w'Imana" bakwiriye kuba bagira ibiganiro byera no kubaha Imana! (2Petero 3:11,12). "Kandi ufite ibyo byiringiro muri we, yiboneza nk'uko uwo aboneye. (1 Yohana 3:3). Ariko bigaragara ko abantu benshi bitwa Abadiventisiti bacukumbura cyane bashaka uko barimbisha imibiri yabo no kugaragara neza mu maso y'ab'isi kurusha uko bacukumbura biga mu Ijambo ry'Imana kugira ngo bamenye uko bakwemerwa nayo. IZ 102.3

Ese byagenda bite Yesu wuje urukundo, we cyitegererezo cyacu, yigaragaje muri abo bantu ndetse n'abigisha b'iyobokamana muri rusange nk'uko byari bimeze yigaragaza bwa mbere? Yavukiye mu kiraro cy'inka. Nimumukurikire mu mibereho ye n'umurimo we. Yari umuntu w'umunyamibabaro wamenyereye intimba. Abo Bakristo ku izina bakorwa n'ikimwaro babonye Umukiza w'umugwaneza kandi woroheje mu mutima ndetse wambaraga ikanzu itaragiraga uruteranyirizo kandi akaba atari afite n'aho kurambika umusaya. Imibereho ye izira inenge kandi irangwa no kwiyanga yabaciraho iteka. Imico ye yera no gukomera kwe byacecekesha ibiseko byabo by'ubupfapfa. Ikiganiro cye kirangwa no kuvugisha ukuri cyacecekesha ikiganiro cyabo cyuzeyemo iby'isi no kwifuza. Uko yavugaga ukuri guhoraho kandi gukora ku mutima byashyira ku mugaragaro imico yabo nyakuri bityo bidatinze bakifuza kwikiza Yesu wuje urukundo akaba n'icyitegererezo cy'ubugwaneza. Baba bamwe mu bantu ba mbere bagerageza kumutegera mu byo avugaga ndetse batera hejuru bavugaga bati: "Nabambwe! Nabambwe!" IZ 103.1

Nimucyo dukurikire Yesu nk'uko byagenze ajya muri Yerusalemu agendera ku ndogobe, ubwo "iteraniro rinini ry'abigishwa be bose batangiraga kunezewa no guhimbarisha Imana ijwi rirenga, . . . bati: 'Hahirwa Umwami uje mu izina ry'Uwiteka, amahoro abe mu ijuru, n'icyubahiro kibe ahasumba hose.' Abafarisayo bari muri iryo teraniro baramubwira bati: 'Mwigisha, cyaha abigishwa bawe.' Arabasubiza ati: 'Ndababwira yuko aba bahoze, amabuye yarangurura.'" IZ 103.2

Umugabane munini w'abavugaga ko bategereje Kristo bajya imbere nk'uko Abafarisayo babigenje bashaka ko abigishwa baceceka, kandi nta gushidikanya nabo batera hejuru bavugaga bati: "Ni umwaka! Ni ugutakaza ubwenge!" Ndetse abigishwa baramutse bashashe imyenda yabo n'amashami y'imikindo mu nzira, [ba Bakristo ku izina] batekereza ko ari ugupfusha ubusa ndetse n'ubupfapfa. Nyamara Imana izagira abantu ku isi batazaba bakonje kandi atari abapfapfa, ahubwo bazashobora kuyisingiza no kuyihesha ikuzo. Imana izahabwa ikuzo n'abantu bamwe, kandi abo yatoranyije, abakurikiza amategeko yayo baramutse bicecekeye, amabuye ubwayo yarangurura. IZ 103.3

Yesu agiye kuza, ariko si nk'uko yari ubwo yazaga ubwa mbere ari uruhinja i Betelehemu. Ntabwo ari nk'uko yagendeye ku ndogobe yinjira muri Yerusalemu ubwo abigishwa basingizaga Imana mu ijwi rirega bagira bati: "Hozana." Ahubwo azaza afite ikuzo rya Se ashagawe n'imbaga y'abamarayika bera bamuherekeje aje ku isi. Nta mumarayika n'umwe uzaba wasigaye mu ijuru, abera bamutegereje bazaba bamuhanze amaso batumbiriye mu ijuru nk'uko byagendekeye abagabo b'i Galileya igihe yazamukaga umusozi wa Elayono. icyo gihe abera bonyine, abantu bakurikiye Yesu w'umugwaneza badakebakeba, ubwo bazaba bamubonye bazasabwa n'ibyishimo bitangaje maze batere hejuru bati: "Iyi ni yo Mana yacu twategerezaga, ni yo izadukiza." Kandi ubwo impanda ya nyuma izaba ivuze "bazahindurwa mu kanya gato nk'ako guhumbya." Iyo mpanda izakangura abera basinziriye, ibahamagare bave mu mukungugu baryamyemo, bambikwe kudapfa bityo batere hejuru bati: "Intsinzi! Urupfu n'igituro biratsinzwe!" Abera bamaze guhindurwa bazazamukana n'abamarayika bajye gusanganira Umwami mu kirere, ntibazongera na rimwe gutandukana n'uwabakunze. [IZ 103.4](#)

Kubera ibi byiringiro biri imbere yacu, ibyiringiro bihebuje, uku gucungurwa Kristo yaturonkeye atanze amaraso ye, mbese twabura kugira amahoro? Mbese twabura gusingiza Imana n'ijwi rirenga nk'uko abigishwa babikoze igihe Yesu yinjiraga muri Yerusalemu ahetswe n'indogobe? Mbese ibyiringiro byacu ntibihebuje kurenza ibyo bari bafite? None se ni nde wahangara kutubuza gusingiza Imana n'ijwi rirenga igihe dufite ibyiringiro nk'ibi, ibyiringiro birimo kudapfa n'ikuzo? Twasogongeye ku mbaraga z'isi izaza, kandi twifuzaga cyane iziruseho. Ubugingo bwanjye bwose butakambira Imana nzima, kandi sinzigera numva nyuzwe rwose ntarahazwa no kuzurwa nayo.

Kwitegura kugaruka kwa Yesu Kristo

Ncuti bavandimwe: Mbese twizera n'umutima wose ko Kristo agiye kugaruka bidatinze kandi ko ubu dufite ubutumwa buheruka bw'imbabazi bugomba kubwirwa isi yacumuye? Mbese urugero dutanga ruri uko rwagombye kuba rumeze? Mbese kubw'imibereho yacu n'ibiganiro byacu byera tugaragariza abadukikije ko dutegereje kuboneka kuje ikuzo k'Umwami n'Umucunguzi wacu Yesu Kristo, uzakhindura iyi mibiri yo gucishwa bugufi kwacu akayishushanya n'umubiri w'ubwiza bwe? Mfite ubwoba ko tutizera kandi ngo tubone ibi bintu nk'uko bikwiriye kumera. Abantu bose bizera ukuri kw'ingirakamaro natwe duhamya, bakwiriye gushyira mu bikorwa ukwizera kwabo. Hari ugukabya mu kurangamira ibishimisha n'ibintu byo muri iyi si bitwara intekerezo z'abantu; intekerezo zirangariye imyambarire ndetse n'ururimi ruhugiye cyane mu biganiro bidafite agaciro bigayisha ibyo twizera, kuko ibiganiro byacu biterekeza mu ijuru aho dutegereje Umukiza ko azava. [IZ 104.2](#)

Abamarayika baraturinze kandi batwitayeho. Incuro nyinshi dushavuzaho abo bamarayika binyuze mu kwirundurira mu biganiro bidafite agaciro, dutebya; ndetse kubwo kwimbika mu kutagira icyo twitaho, tuba abapfapfa. Nubwo ubu dushobora gukorana umwete dushaka kugera ku ntsinzi kandi tukayigeraho, nyamara iyo tutayikomeyeho, turohama muri kwa kutagira icyo twitaho. Ntidushobora kwihanganira ibigeragezo no kurwanya umwanzi kandi ntitubashe kwihanganira ibishuko no kubasha

kunesha umwanzi. Ntabwo twihanganira ikigeragezo cyo kwizera kwacu gufite agaciro kenshi kurusha izahabu. Ntabwo tuba tubabazwa kubwa Kristo kandi ngo tumuheshe ikuzo mu mibabaro. [IZ 104.3](#)

Hari ukubura gukomeye k'ubutwari bwa Gikristo no gukorera Imana umuntu amaramaje. Ntabwo dukwiriye gushaka gushimisha no kunezeza inarinjye, ahubwo dukwiriye gushaka kubaha Imana no kuyihesha ikuzo, kandi mu byo dukora byose n'ibyo tuvuga, tugahanga amaso ku bwiza bwayo. Nitureka imitima yacu igakorwaho n'aya magambo y'ingenzi akurikira kandi igahora iyazirikana, ntizabasha kugwa mu bishuko mu buryo bworoshye kandi n'amagambo yacu azaba make ndetse abe atoranyijwe neza. Umuhanuzi yaravuze ati: "Yakomerekejwe kubera ubwigomeke bwacu, yarababajwe kubera ibicumuro byacu. Igihano twari tugenewe ni cyo yahanwe, ibikomere bye ni byo dukesha agakiza." [55](#)

"Ijambo ry'impfabusa ryose abantu bavuga, bazaribazwa ku munsu w'amateka." [56](#) "Uri Imana indeba." [57](#) [IZ 104.4](#)

Ntidushobora gutekereza kuri aya magambo y'ingenzi kandi ngo twibuke imibabaro Yesu yagize kugira ngo twe abanyabyaha ruharwa tubashe kubona imbabazi no gucungurirwa Imana kubw'amaraso ye y'igiciro cyinshi ngo tubure kwiyumvamo imbaraga yera idukebura ndetse n'icyifuzo cyo gushaka kubabazwa kubwa Yesu we wababajwe kandi akihanganira byinshi ku bwacu. Nituzirikana ibi bintu, inarinjye yacu n'isumbwe ryayo bizacishwa bugufi maze mu mwanya wabyo hajye kwicisha bugufi nk'uk'umwana muto kuzihanganira gucyahwa n'abandi kandi ntizuzigera turakazwa mu buryo bworoshye. Nibiba bityo umwuka uyobowe n'inarinjye ntuzigera utuzamo ngo ugenge ubugingo bwacu. [IZ 105.1](#)

Ibyishimo nyakuri by'Umukristo no guhumurizwa bizabera mu ijuru. Imitima ifite ishyushyu y'abantu bamaze gusogongera ku mbaraga z'isi izaza kandi bakaba barabonye ku byishimo by'ijuru, ntizigera inyurwa n'iby'isi. Bene aba bantu bazabona ibintu byinshi bakora mu gihe cyabo cyo kwishimisha. Ubugingo bwabo buzakomeza kurangamira Imana. Aho ubutunzi bwabo buri, ni naho imitima yabo izaba, igirane umubano mwiza n'Imana bakunda kandi baramya. Umunezero wabo uzaba mu kurangamira ubutunzi bwabo ari bwo: "Umurwa Wera, isi yagizwe nshya ndetse n'iwabo h'iteka ryose." Igihe bazaba bazirikana ibyo bintu by'agaciro kenshi, biboneye kandi byera, ijuru rizabegera kandi baziyumvamo imbaraga ya Mwuka Muziranenge. Iyi mbaraga izagenda irushaho kubatandukanya n'isi kandi itume guhumurizwa kwabo n'umunezero wabo biba ku by'ijuru, iwabo heza. Imbaraga ibakururira ku Mana no kuby'ijuru izaba ikomeye cyane ku buryo nta kintu na kimwe kizaba gishobora guteshura intekerezo zabo ku ntego ikomeye yo guharanira agakiza k'ubugingo no kubaha Imana ndetse no kuyihesha ikuzo. [IZ 105.2](#)

Iyo nzirikanye ibintu byinshi twakorewe kugira ngo dukomeze gutungana, bintera gutangara nti: "Mbega urukundo! Mbega urukundo ruhebuje Umwana w'Imana yadukunze twe abanyabyaha b'abatindi! Mbese twaba abapfapfa ntugire n'icyo twitaho mu gihe ibintu byose bishobora gukorwa biri gukorwa ubu kubw'agakiza kacu? Ijuru ryose ritwitayeho. Dukwiriye kuba bazima tugakangukira kubaha, guha ikuzo no

kuramya Isumbabyose. Imitima yacu ikwiriye gusabwa n'urukundo no gushimira Yesu wasabwe n'urukundo adukunda n'impuhwe atugirira. Dukwiriye kumwubahisha imibereho yacu, kandi kubw'ibiganiro byacu bitunganye kandi byera, tukagaragaza ko twabyawe n'ijuru, ko iyi si atari iwacu ko ahubwo turi abagenzi n'abimukira kuri yo, ko ahubwo tugana mu gihugu cyiza. [IZ 105.3](#)

Abantu benshi bitirirwa izina rya Kristo kandi bavuga ko bategereje kugaruka kwe kugiye kubaho vuba ntibazi icyo kubabazwa kubwa Kristo ari cyo. Imitima yabo ntiyigeze icishwa bugufi n'ubuntu bwe, ntabwo bigeze bapfa ku narinjye nk'uko bigaragara kenshi mu buryo butandukanye. Muri icyo gihe kandi baba bavuga kubyo guhura n'ibigeragezo, ariko impamvu shingiro y'ibigeragezo byabo ni umutima utaritanze utuma inarinjye ibyuka ku buryo akenshi ibangamirwa. Iyaba bene abo basobanukirwaga icyo kuba umuyoboze wicisha bugufi wa Kristo ari cyo, icyo kuba Umukristo nyakuri ari cyo, batangira gukora neza bashyizeho umwete maze bagatangira neza. Babanza gupfa ku narinjye maze bagasenga ubudasiba kandi bakagenzura amarangamutima yose. Bavandimwe, nimuzibukire kwiyemera kwanyu no kumva mwihagije maze mukurikire Kristo w'umugwaneza kandi woroheje mu mutima. Muhore mu ntekerezo zanyu muzirikana ko Yesu ari we rugero rwanyu kandi mugomba kugera ikirenge mu cye. Mutumbire Yesu we nkomoko y'ukwizera kandi akaba ari nawe ukunonosora, we wihanganiye umusaraba kubw'ibyishimo byamushyizwe imbere ntiyita ku isoni ryawo. Yihanganiye uko abanyabyaha bamurwanyaga bakamuvuguruza. Mutumbire Yesu w'umugwaneza, umwana w'intama wishwe, agashenjagurwa, agakubitwa kandi akababazwa kubw'ibyaha byacu. [IZ 106.1](#)

Nimucyo natwe tugire icyo tubabazwa ku bwa Yesu dufite ubutwari, tubambe inarinjye buri muni kandi tube abafatanyaga imibabaro na Kristo muri iyi si kugira ngo tubashe kugirwa abazasangira na we ikuzo rye kandi bazambikwa ikuzo, icyubahiro, kudapfa n'ubugingo buhoraho.

Ubudahemuka mu materaniro y'ubusabane

Uwiteka yanyeretse ko abubahiriza Isabato bakwiriye kwita cyane ku gukomeza kugira amateraniro baturiramo kandi akaba asusurutse. Hakenewe kurushaho kubiyitaho no kubigaragazamo imbaraga. Abantu bose bakwiriye kugira icyo bavuga kubw'Uwiteka, kuko mu kugira batyo bazahabwa umugisha. Igitabo cy'urwibutso cyandikwamo abantu bose batirengagiza guteranira hamwe, ahubwo akenshi bakaba basabana n'abandi. Abasigaye bagomba kuneshesha amaraso ya Ntama w'Imana ndetse n'ijambo ry'ubuhamya bwabo. Bamwe bibwira ko bashobora kuneshesha amaraso ya Ntama yonyine nta n'umwete na muke wihariye nabo bagize. Nabonye ko ubwo Imana yaduhaga ubushobozi bwo kuvuga, yatubereye inyampuhwe. Yaduhaye ururimi kandi izatubaza uko turukoresha. Dukwiriye guhimbarisha Imana iminwa yacu, tukavuga twubahisha ukuri kwayo n'imbabazi zayo zitagira akagero, kandi tukaneshesha ijambo ry'ubuhamya bwacu kubw'amaraso ya Ntama w'Imana. [IZ 106.3](#)

Ntabwo dukwiriye kujya guteranira hamwe tujyanywe no kwiyecekera. Abo Uwiteka yibuka bonyine ni abateranira kuvuga iby'icyubahiro cye n'ikuzo rye ndetse bakavugaga

ibyo gukomera kwe. Bene abo bazagerwaho n'imirigisha y'Imana kandi bazasubizwamo imbaraga. Iyaba bese bagendaga uko bikwiriye, nta gihe cy'ingenzi cyapfushijwe ubusa, kandi nta kusenga amasengesho maremare no kwinginga byakenerwa. Igihe cyose cyagombye gukoreshwa hatangwa ubuhamya bugufi kandi burasa ku ntego ndetse n'amasengesho akaba ateye atyo. Musabe, mwizere bityo murahabwa. Hari ugukwena Uwituka gukabije cyane no gusenga bikabije ku buryo biba bitakiri ugusenga, kandi ibyo binaniza abamarayika ndetse ntibishimishe Imana. Hari ugusaba kwinshi kw'imfabusa ndetse kutagira n'icyo gusobanuye. icya mbere, dukwiriye kumva ko hari icyo dukennye maze tukabona gusaba Imana ibyo bintu dukeneye, tukizera ko ibiduhaye ndetse n'igihe tugisaba. Nibiba bityo, ukwizera kwacu kuzakura, abantu bese bazakomezwa, abanyanteye nke bazongererwa imbaraga, kandi abacitse intege n'ababuze ibyiringiro bazabashishwa kubura amaso maze bizere ko Imana igororera abantu bese bayishakana umutima wabo wose. [IZ 107.1](#)

Abantu bamwe bacecekerana mu iteraniro bitewe n'uko nta kintu gishya baba bafite bavugaga bityo bakaba bagomba gusubiramo ibyo bigeze kuvuga. Neretwe ko ubwibone ari bwo muzi wabyo, mbona ko Imana n'abamarayika bategaga amatwi ubuhamya bw'abera ndetse kubusubiramo buri cyumweru bikabashimisha kandi bikabubahisha. Uwituka akunda kwiyoroshya no kwicisha bugufi, ariko iyo abavugaga ko ari abaragwa b'Imana ndetse bazaraganwa na Yesu bapfushije ubusa igihe cy'agaciro kenshi mu materaniro yabo, ibyo bibabaza Imana kandi bigashavuzwa abamarayika. [IZ 107.2](#)

Iyaba abahungu n'abakobwa b'Imana bari bari mu mwanya bagombye kubamo, ntibagombye kugira igihombo cyo kubura icyo bavugaga cyubahisha Yesu Kristo wabambwe ku musaraba w'i Kaluvari kubera ibyaha byabo. Baramutse barushijeho kuzirikana neza ukwicisha bugufi kw'Imana ubwo yatangaga Umwana wayo w'ikinege kugira ngo apfe abe igitambo cy'ibyaha n'ibicumuro byacu, kandi bakazirikana imibabaro n'agahinda Yesu yagize kugira ngo acire umunyabyaha icyanzu cyo gikiriramo ngo bityo abone imbabazi kandi abeho, barushaho kuba biteguye gusingiza Yesu no kumuha ikuzo. Ntabwo bashobora kwicecekerana, ahubwo n'umutima ushima kandi unyuzwe, bakwiriye kuvuga iby'ikuzo rye n'imbaraga ze. Igihe bagenje batyo, imirigisha iva ku Mana izabageraho. Nubwo basubiramo ibyo bigeze kuvuga, Imana izahabwa ikuzo. Umumarayika yanyeretse abantu batajyaga amanywa n'ijoro bahwema kuvugaga bati: "Uwera, Uwera, Uwituka Imana Ishoborabyose." Marayika yaravuze ati: "Bakomeza kubisubiramo nyamara Imana ihabwa ikuzo kubera byo." Nubwo tubasha gusubiramo kenshi ibyo twigeze kuvugaga, byubahisha Imana kandi bikerekana ko tuzirikana ubugwaneza bwayo n'ubuntu itugirira. [IZ 107.3](#)

Neretswe ko amatorero ku izina yaguye kandi ko ubukonje n'urupfu biganje hagati muri yo. Iyaba yakurikizaga Ijambo ry'Imana, ryayacisha bugufi. Nyamara bishyira hejuru y'umurimo w'Imana. Kuri bo, iyo bateraniye hamwe, babona bikojeje isoni cyane kuba basubiramo ibyo bavuze byerekeye ineza y'Imana. Biga uko bagira ikintu gishya, ikintu gikomeye kandi bagashakira uko amagambo yabo yanogera ugutwi ndetse akanezeza umuntu bityo Mwuka w'Imana akabavaho. Nidukurikira inzira yo kwicisha bugufi Bibiliya ituyoboramo, tuzahabwa imbaraga za Mwuka w'Imana. Nidukurikira inzira y'ukuri icishije bugufi, tukishingikiriza ku Mana burundu, ibintu byose bizagenda

neza kandi nta kaga kazabaho ko kugira icyo dutwarwa n'abamarayika babi. Igihe abantu banze kumvira Mwuka w'Imana, bakagendera mu mbaraga zabo bwite, ni ho abamarayika bahagarika kubitaho bityo bagasigara bahanganye n'ibitero bya Satani. IZ 108.1

Hari inshingano zivugwa mu Ijambo ry'Imana kandi kuzikora bizatuma ubwoko bw'Imana bukomeza kwicisha bugufi ndetse bwitandukanye n'ab'isi no gusubira inyuma kimwe n'amatorero y'ibytiriro. Kozanya ibirenge no gusangirira ku meza y'Umwami bikwiriye kurushaho gukorwa kenshi. Yesu yaduhaye urugero maze atubwira ko tugomba gukora nk'uko yakoze. Nabonye ko urugero yatanze rukwiriye gukurikizwa uko ruri mu buryo bushoboka bwose, nyamara benedata na bashiki bacu ntibagenze uko bikwiriye mu muhango wo kozanya ibirenge, bityo ibyo byateje urujijo. Ahantu hashya, uyu muhango ugomba gukoranwa ubwitonzi n'ubushishozi, ariko by'umwihariko aho abantu badafite icyo bazi ku bijyanye n'urugero Yesu yadusigiyeye ndetse n'inyigisho ze kuri iyi ngingo, ndetse n'ahantu abantu baba bafite amakuru atari ay'ukuri [asenyaye uyu muhango]. Binyuze mu bushobozi bw'abigisha babo ba kera bagiriraga icyizere, abantu benshi b'abizerwa bafite ubumenyi bufuye burwanya iyi nshingano isobanutse neza. Bityo bakwiriye kwigishwa icyi cyigisho mu gihe no mu buryo bikwiriye. IZ 108.2

Nta rugero rwatanzwe mu Ijambo ry'Imana aho abagabo boza ibirenge by'abagore. **58** Ariko hari urugero aho abagore bojeje ibirenge bya basaza babo. Mariya yogeje ibirenge bya Yesu akoresheje amarira ye maze abihanaguza umusatsi we. (Soma no mu 1 Timoteyo 5:10). Nabonye ko Umukiza Yesu yatambutse ku bagore akajya koza ibirenge bya basaza babo kandi gahunda y'ivugabutumwa ari ko yabigenaga. Ibintu byose bikwiriye gukorwa mu buryo busobanutse neza kandi umuhango wo kozanya ibirenge ntugirwe umuhango urambirana. IZ 108.3

Indamutso yera ivugwa mu butumwa bwiza bwa Yesu uko bwanditswe n'intumwa Pawulo ikwiriye gufatwa nk'uko iri. Ni uguhoberana mu buryo butagira amakemwa. Iyi ndamutso ikwiriye gufatwa nk'ikimenyetso cy'ubuvandimwe ku Bakristo b'incuti igihe basezeranyeho ndetse n'igihe bongeye guhura hari hashize ibyumweru cyangwa amezi batandukanye. Mu rwandiko rwa 1 rw'Abatesalonike 5:26 Pawulo aravugaga ati: "Muramutse kandi abavandimwe bese muhoberana ku buryo butagira amakemwa." **59** Muri iki gice kandi yaravuze ati: "Mwirinde icyitwa ikibi cyose." Nta kibi gishobora kugaragara igihe guhoberana ku buryo butagira amakemwa bibereyeho igihe n'ahantu hakwiriye. IZ 109.1

Neretswe ko ukuboko gukomeye k'umwanzi kuramburiwe kurwanya umurimo w'Imana, kandi ubufasha n'imbaraga by'umuntu wese ukunda umurimo wo kwamamaza ukuri bikwiriye gushyirwa hamwe. Abo bantu bakwiriye kugaragaza ko babyitayeho cyane kugira ngo bakomeze amaboko y'abamamaza ukuri, bityo kubwo kuba maso badakebakeba, bazabasha kwirukana umwanzi Satani. Bose bakwiriye guhagarara hamwe nk'umuntu umwe, bashyize hamwe mu murimo. Imbaraga zose z'ubugingo zikwiriye gukanguka igikorwa kigomba gukorwa vuba vuba. IZ 109.2

Neretswe nanone marayika wa gatatu. Umumarayika wangendaga iruhande yaravuze ati: “Umurimo we uteye ubwoba. Inshingano ye ntinejeje. Ni umumarayika ugomba gutandukanya ingano n’urukungu maze agashyira ikimenyetso cyangwa agahambira ingano zijya mu kigega cyo mu ijuru. Ibi bintu bikwiriye gutwara ubwenge bwose ndetse n’intekerezo zose.” [IZ 109.3](#)

Ku badafite uburambe

Nabonye ko abantu bamwe badasobanukiwe neza akamaro k’ukuri cyangwa impinduka kuzana bagenda babitewe n’imbaraga ibasunika y’ako kanya cyangwa se gutwarwa, maze akenshi bagakurikiza uko biyumva bityo bakirengagiza gahunda y’itorero. Bene abo basa n’abatekereza ko idini rishingiye cyane ku

gusakuza. 60 Abantu bamwe bamaze kwakira ukuri k’ubutumwa bwa marayika wa gatatu biteguye kunyomoza no kwigisha abantu bamaze igihe kirekire bashikamye mu kuri ndetse bababajwe bakuzira kandi bakaba baragezweho n’imbaraga yako yeza. Abantu bose gutwazwa igitugu n’umwanzi bazumva imbaraga yeza y’ukuri kandi bazasobanukirwa uko iyo mbaraga yasanze ari — “abatindi bo kubabarirwa, abakene, n’impumyi ndetse bambaye ubusa.” Igihe ukuri kuzatangirira kubeza no kwirukana ibibi n’umwanda bibarimo kuko ari ko kuzabigenza nibakwakira bagukunze, umuntu uzakorerwa uyu murimo ukomeye ntazumva ko ari umukire kandi yigwijeho ubutunzi ndetse ko nta kintu na kimwe akeneye. [IZ 110.1](#)

Abantu bavuga ko bizera ukuri kandi bibwira ko bazi ukuri mbere y’uko biga amahame yako y’ikubitiro, ndetse bakaba ba nyambere kugira ngo bafate umwanya w’abigisha, bakavuguruza abamaze imyaka myinshi bahagarariye ukuri bemye; bagaragaza beruye ko badasobanukiwe ukuri ndetse ko batazi n’impinduka guteza. Iyaba barigeze kumenya imbaraga yeza, bashoboraga kwera imbuto z’amahoro zo gukiranuka kandi bagacishirizwa bugufi muni y’ubutware bwayo. Bajyaga kwera imbuto zihesha Imana ikuzo kandi bagasobanukirwa icyo ukuri kwabakoreye ndetse bagaha abandi agaciro kuruta uko bakiha. [IZ 110.2](#)

Neretswe ko abasigaye batiteguye ibigiye kuba ku isi. Ubupfapfa, bumeze nk’ibitotsi, bwasaga n’uburemereye intekerezo za benshi mu bavuga ko bizera ko dufite ubutumwa buheruka. Marayika wangendaga iruhande yaravuze n’ijwi riranga kandi riteye ubwoba ati: “Mwitegure! Mwitegure! Mwitegure! kuko umujimya ukomeye w’Uwiteka ugiye kuza bidatinze. Uburakari bwe bugiye gusukwa kandi buzaba butavanzwemo imbabazi, none ntimwiteguye. Mushishimure imitima mureke imyambaro. Umurimo ukomeye ugomba gukorerwa abasigaye. Benshi muri bo bata igihe batekereza cyane ku bigeragezo bito.” Marayika yaravuze ati: “Ingabo nyinshi z’abamarayika babi zirabagose kandi bari kugerageza kwinjiza umwijima wabo uteye ubwoba kugira ngo mubashe kugwa mu mutego maze mufatwe. Mwemerera intekerezo zanyu mu buryo bwihuse guteshurwa ku murimo wo kwitegura no ku kuri kw’ingenzi kugenewe iyi minsi ya nyuma. Mutinda ku mpaka zifite agaciro gake kandi mugasesengura utubazo tworoheje kugira ngo mubone uko mudusobanura mu buryo bunyuzwe uyu cyangwa uriya.” Ikiganiro cyagiye kigirwa kirekire kikamara amasaha menshi hagati y’abo izo mpaka zireba, kandi ibyo

ntibyatumye abagaragu b’Imana bata igihe gusa, ahubwo igihe imitima y’izo mpande zombi itigaruriwe n’ubuntu [bw’Imana], bafatwa igihe kirekire bateze amatwi abo bantu. Iyaba ubwibone no kwikanyiza byararetswe, iminota itanu yari kuba ihagije mu gukemura ibibazo bikomeye cyane. Abamarayika bagiye baterwa agahinda ndetse n’Imana ikababazwa n’amasaha yagiye apfushwa ubusa abantu bashyigikira inarinjye yabo. Neretswe ko Imana itazigera ica bugufi ngo itege amatwi kwisobanura kurekure, kandi ko itifuza ko abagaragu bayo bakora batyo ngo igihe cy’ingenzi gipfushwe ubusa kandi cyagombye gukoreshwa mu kugaragariza abanyabyaha amakosa ari mu nzira banyuramo no kwarura abantu mu muriro. [IZ 110.3](#)

Neretswe ko ubwoko bw’Imana buri ku rubuga rukorerwaho n’imyuka mibi, kandi ko bamwe bari hafi rwose kwibagirwa ko igihe ari kigufi ndetse ntibitaye ku gaciro k’ubugingo. Ubwibone bwinjije mu bubahiriza Isabato —ni ubwibone ku myambarire n’uko bagaragara. Marayika yaravuze ati: “Abubahiriza Isabato bakwiriye gupfa ku narinjye, bagapfa ku bwibone no gukunda kwemerwa n’abantu.” [IZ 111.1](#)

Ukuri gukiza kugomba kugezwa ku bantu bagusonzeye bari mu mwijima. Neretswe ko bamwe basabaga Imana ngo ibacishe bugufi; ariko iyo Imana isubiza amasengesho yabo, byari kuba ibintu biteye ubwoba mu butungane. Yari inshingano yabo kwicisha bugufi ubwabo. Neretswe ko kwishyira hejuru nikwemererwa kugahabwa intebe kuzakura abantu mu nzira nyakuri byanze bikunze, ndetse nikutaneshwa kuzabarimbuka. Igihe umuntu atangiye kwishyira hejuru mu maso ye ubwe kandi agatekereza ko hari icyo ashoboye gukora, Mwuka w’Imana amuvaho maze uwo muntu agakomeza mu mbaraga ze bwite kugeza ubwo atsinzwe ruhenu. Neretswe ko umukiranutsi umwe aramutse ari mu kuri yashobora yanyeganyeye ukuboko kw’Imana; ariko imbaga y’abantu ishyize hamwe itari mu kuri yagira intege nke kandi nta kintu na kimwe yashobora. [IZ 111.2](#)

Abantu bamwe bafite imitima inangiye kandi itaracishijwe bugufi. Batekereza cyane ku bibababaza n’ibigeragezo byoroheje kuruta uko batekereza ku bugingo bw’abanyabyaha. Iyaba bazirikanaga ikuzo ry’Imana, bakumva bitaye ku barimbuka babakikije. Bamaze gusobanukirwa uko abo babakikije bari mu kaga, bakorana imbaraga, bakagaragaza kwizera Imana, kandi bagakomeza abagaragu b’Imana kugira ngo bamamaze ukuri bashize amanga, ariko mu rukundo, kandi bababurire babasaba kukwakira mbere y’uko ijwi ryiza ry’imbabazi ribararika riceceka. Marayika yaravuze ati: “Abavuga ko bizera izina rye ntibiteguye.” Neretswe ko ibyago birindwi biheruka bigiye gusukwa ku banyabyaha badafite ubwihisho; kandi icyo gihe abazaba barababereye intaza, bazumva abanyabyaha babitakana babannyega kandi imitima yabo izahindira umushyitsi hamwe nabo. [IZ 111.3](#)

Marayika yaravuze ati: “Mwagiye mushungura ibitagira umumaro — mugatinda ku bibazo bifite agaciro gake — none ingaruka yabyo ni uko abanyabyaha bagomba kurimbuka.” Imana ishaka kugira icyo idukorera mu materaniro yacu kandi kugikora birayinezeza. Ariko Satani aravuga ati: “Nzabangamira uwo murimo.” Abamukorera nabo baravuga bati: “Amena.” Abahamya ko bizera ukuri batinda ku bigeragezo byabo n’ingorane byoroheje Satani aba yatubuye akabishyira imbere yabo. Hatakarira igihe

kidashobora kugaruka. Abanzi b'ukuri babonye intege nke zacu, byashavuje Imana kandi Yesu nawe biramukomeretsa. Intego ya Satani yarasohojwe, imigambi ye yagezweho kandi Satani aratsinda. [IZ 112.1](#)

Kwizinukwa

Neretswe ko hari akaga abera barimo ko kwitegura inama mu buryo bukabije cyane. Neretswe ko abantu bamwe bari baremerejwe cyane no kugabura cyane, ndetse nerekwaga ko ipfa ritagomba guhabwa intebe. Hari akaga ku bantu bamwe bitabira inama barangamiye imigati n'amafi. Neretswe ko abantu bose bashimisha inarinjye babinyujije mu gukoresha igihingwa cy'itabi bakwiriye kubireka maze umutungo wabo bakawukoresha mu bintu byiza. Abantu bigomwa bimwe bishimishagamo maze bagafata umutungo bari basanzwe bakoresha mu kunezeza inda zabo bakawushyira mu mutungo w'Imana baba bitanze nk'igitambo. Izo mpano Imana izazitaho nk'uko byagenze kuri twa duceri tubiri umupfakazi yatuye. Ingano y'izo mpano ishobora kuba ari nto, ariko abantu bose bakoze batyo, yazagira akamaro mu mutungo w'Imana. Abantu bose baramutse bize kurushaho kuba abadapfusha ubusa umutungo mu byo bambara, bakigomwa ibintu bimwe bidakenewe mu by'ukuri kandi bakazibukira ibintu bidafite akamaro ndetse byangiza nk'icyayi n'ikawa maze umutungo wagenze kuri ibyo bakawutanga mu murimo w'Imana, bahabwa imigisha myinshi kuri iyi si kandi bakazabona n'ingororano mu ijuru. Abenshi batekereza ko bitewe n'uko Imana yabahaye ubutunzi bashobora kubaho ku buryo burenze ibyo bifuzaga, bakagira ibyokurya bya gikire kandi bakagira impambaro ikabije kuba myinshi. Batekereza ko bigomwe mu gihe bafite ibisagutse nta kuri baba bafite. Bene abo ntibitanga. Baramutse bagabanyijeho gato ku buryo babaho maze bakagira ibyo batanga mu murimo w'Imana, byafasha mu guteza imbere umurimo wo kwamamaza ukuri. icyo cyaba ari igitambo batanze ku ruhande rwabo, kandi bazabyibukirwa igihe Imana izagororera buri wese hakurikijwe ibyo yakoze.

Kutubaha

Neretswe ko abantu bakwiriye gukoresha izina ryera ry'Imana bafite kubaha no gutinya. Mu gihe abantu bamwe basenga, amagambo Imana Ishoborabyose arafatanywa kandi agakoreshwa icyarimwe mu buryo butitondewe kandi budatekerejweho neza, maze ibyo ntibishimishe Imana. Bene abo bantu ntibasobanukiwe Imana n'ukuri, kuko atari uko bimeze ntibagahangaye kuvugana agasuzuguro Imana ikomeye kandi iteye ubwoba igiye kubacira urubanza bidatinze ku muni w'imperuka. Marayika yaravuze ati: "Ntimukavugire icyarimwe aya magambo kuko izina ry'Imana riteye ubwoba." Abantu batekereza kandi bakazirikana ugukomera n'igitinyiro by'Imana, bazavugana izina rye icyubahiro gikomeye. Iba mu mucyo utegerwa; nta muntu wayibona ngo abeho. Neretswe ko ibi bintu bikwiriye kumvikana no gukosorwa kugira ngo itorero ribone kugubwa neza.

Abashumba gito

Neretswe ko abashumba gito bahindutse abasinzi, nyamara ntibari basinze inzoga; ahubwo bagendaga badandabirana nyamara batanyweye inzoga zikaze. Ukuri kw'Imana kuri ahagaragara ku buryo bakubona ariko ntabagusoma. Igihe babajijwe icyo Isabato yo ku munsu wa karindwi ari cyo, bakabazwa niba ari yo Sabato nyakuri ivugwa na Bibiliya cyangwa niba atari yo, berekeza intekerezo z'abantu ku bitekerezo by'ibihimbano. Neretswe ko abo bahanuzi bameze nk'ingunzu zo mu butayu. Ntibigeze binjira mu bwugamo, ntabwo bigeze bubaka uruzitiro kugira ngo ubwoko bw'Imana buzabashe guhagarara ku rugamba mu munsu w'Uwiteka. Iyo hagize intekerezo za bamwe zikangutse maze bagatangira kubaza abo bashumba gito ibyerekeye ukuri, bakoresha uburyo bworoshye cyane kandi bwiza cyane kugira ngo bagere ku mugambi wabo bityo bagaturisha intekerezo z'abababazaga kugeza n'aho bahinduye imyanya yabo ubwabo kugira ngo bigerweho. Umucyo wamurikiye benshi muri abo bashumba ariko ntibigeze bawumenya ndetse incuro nyinshi bagiye bahindura umwanya bari barimo kugira ngo bahunge ukuri kandi bitarure imyanzuro bagombaga kugeraho iyo baramuka bakomeje kuba mu mwanya bari basanzwemo. Imbaraga y'ukuri yasenyeye ibyo bari bubakiyeho, ariko aho kugira ngo bayiyobokeye bihitiramo gushyiraho urundi rufatiro ku buryo batari banyuzwe n'uko bari bari. [IZ 113.2](#)

Neretswe ko benshi muri abo bashumba bari barahakanye inyigisho za kera z'Imana; bari barahakanye ndetse banga ukuri guhebuje bigeze gushyigikira bafite ishyamba kandi bari baritwikirije gutwarwa ndetse n'ubuyobe bw'ubwoko bwose. Nabonye ko basinze ibinyoma kandi ko bayoboraga umukumbi bashinzwe mu irimbukiro. Abenshi mu barwanya ukuri kw'Imana bacurira imigambi mibisha ku mariri yabo maze ku manywa bakayishyira mu bikorwa kugira ngo bashyire ukuri hasi, bityo babone ikintu gishya cyo gushimisha abantu no guteshura intekerezo zabo ku kuri guhebuje kandi kw'ingirakamaro. [IZ 113.3](#)

Neretswe ko abatambyi bari kwerekeza umukumbi bashinzwe ku rupfu bagiye gufatirwa vuba bidatinze muri uwo murimo uteye ubwoba bakora. Ibyago biturutse ku Mana bigiye gusukwa, ariko kuri abo bashumba gito ntibizaba bihagije ko bababazwa na kimwe cyangwa bibiri muri ibyo byago. Icyo gihe ukuboko kw'Imana kuzaramburanwa uburakari n'ubutabera, kandi ntizaguhina itarangije gusohoza imigambi yayo. Abatambyi bakurikiza amabwiriza bahawe kubwo gukorera ibihembo bazapfukama baramirize ku birenge by'abera ndetse bazazirikana ko Imana yabakunze kubera ko bagundiye ukuri kandi bagakurikiza amategeko y'Imana kugeza ubwo abakiranirwa bese bazaba bamaze kurimburirwa ku isi. [IZ 114.1](#)

Buri tsinda mu matsinda anyuranye y'abizera bavugaga ko bategereje kugaruka kwa Yesu rifite ukuri kudashyitse; nyamara Imana yahaye ukuri kose abana bayo bari kwitegura umunsi w'Imana. Yabahaye kandi ukuri kutazwi na rimwe muri ayo matsinda kandi nta nubwo azigera agusobanukirwa. Ibintu ayo matsinda ahishwe, Imana yabihishuriye abazabasha kureba kandi bakaba biteguye gusobanukirwa. Niba hari umucyo mushya Imana ishaka gutanga, izatuma abana bayo batoranyijwe kandi bakundwa bawusobanukirwa bitabasabye kujya kumurikira intekerezo zabo binyuze mu gutega amatwi abari mu mwijima no mu buyobe. [IZ 114.2](#)

Neretswe ko ari ngombwa ko abizera yuko ubu turi guhabwa ubutumwa buheruka bw'imbabazi bagomba kwitandukanya n'abinjiza mu ntekerezo z'abantu ubuyobe bushya buri muni. Neretswe ko yaba umwana cyangwa umuntu mukuru, ntawe ukwiriye kujya mu materaniro yabo; kuko byaba ari bibi kubatiza umurindi muri ubwo buryo igihe bigisha ibinyoma by'uburozi bwica ubugingo kandi bakigisha inyigisho z'amategeko y'abantu. Ingaruka zituruka kuri ayo materaniro ntabwo ari nziza. Niba Imana yaradukuye muri uwo mwijima n'ubuyobe, dukwiriye guhagarara dushikamye mu mudendezo twahawe kandi tukishimira ukuri. Iyo tugiye gutega amatwi ibinyoma kandi ntawadusabye kujyayo, bibabaza Imana; kuko itazaturinda keretse gusa niba ari yo yatwohereje muri materaniro aho ubuyobe bwinjizwa mu ntekerezo z'abantu n'imbaraga z'ubushake bwabo. Abamarayika bahagarika kuturinda maze tugasigara dukomwa hirya no hino n'umwanzi, tukajya mu mwijima kandi tugacibwa intege na Satani n'imbaraga z'abamarayika be babi; bityo umucyo wari utugose ukinjirwamo n'umwijima. [IZ 114.3](#)

Neretswe ko nta gihe dufite cyo gupfusha ubusa dutega amatwi ibitekerezo by'ibihimbano. Intekerezo zacu ntizikwiriye guteshwa umurongo zityo, ahubwo zikwiriye kuzuramo ukuri kw'iki gihe no gushaka ubwenge kugira ngo tubashe kunguka ubumenyi buruseho kwimbika ku bijyanye n'uruhande duhagazemo, bityo twuzuwe ubugwaneza no kwiyoroshya, dushobore gutanga impamvu z'ibyiringiro dufite tuzikuye mu Byanditswe. Mu gihe inyigisho z'ibinyoma n'ubuyobe buteye ubwoba byinjizwa mu ntekerezo z'abantu, ntabwo gutekereza ku kuri cyangwa kukuvugaho ari byo bishobora gutegurira Abisirayeli [mu by'Umwuka] guhagarara ku muni w'Uwiteka.

Impano Imana yahaye umuntu

Neretswe urukundo rukomeye rw'Imana no kwicisha bugufi kwayo mu gutanga Umwana wayo ngo afe kugira ngo umuntu abashe kubabarirwa kandi abeho. Neretswe Adamu na Eva. Bari bafite amahirwe yo kwitegereza ubwiza bw'ubusitani bwa Edeni kandi bari bemerewe kurya ku mbuto z'ibiti byo muri ubwo busitani uretse kimwe gusa. Nyamara inzoka yashutse Eva, Eva nawe ashuka umugabo we maze bombi barya ku giti cyabuzanyijwe. Bishe itegeko ry'Imana maze bahinduka abanyabyaha. Inkuru yasakaye mu ijuru, maze inanga zose ntizongera gucurangwa. Abamarayika bagize agahinda kandi baterwa ubwoba n'uko Adamu na Eva bashobora kongera kurambura ukuboko maze bakarya ku giti cy'ubugingo bityo bakazaba abanyabyaha iteka ryose. Ariko Imana yavuze ko igiye kuvana abo banyabyaha muri ubwo busitani, kandi ko igiye kurindisha inzira igana ku giti cy'ubugingo umukerubi n'inkota yaka umuriro kugira ngo umuntu ategera icyo giti akarya ku mbuto zacyo kandi gitera kubaho ubudapfa. [IZ 115.1](#)

Ubwo byagaragaraga ko umuntu azimiye kandi ko n'isi Imana yari yararemye igiye kuzurwaho n'ibiremwa bipfa bigomba guhura n'imibabaro, uburwayi n'urupfu, ndetse ko nta makiriro umunyabyaha afite, agahinda n'umubabaro byuzuye ijuru ryose. Umuryango wose wa Adamu wagombaga gupfa. Noneho nabonye Yesu mwiza maze mbona mu maso he hagaragara impuhwe n'agahinda. Bidatinze namubonye yegera umucyo urabagirana cyane wari ugose Data wa twese. Marayika twagendanaga yaravuze ati: "Ari kugirana na Se ikiganiro gikomeye." Igihe Yesu yaganiraga na Se,

abamarayika barushijeho guhagarika umutima. Wa mucyo urabagirana ugose Data wa twese wadukingirije Yesu incuro eshatu, maze ku ncuro ya gatatu arasohoka ava kwa Se nuko turamubona. Mu maso ye hari hatuje, nta gihangayikishije cyangwa ikibabaje cyaharangwaga, kandi harabagiranaga ubwiza butasobanurwa mu magambo. Yamenyesheje umutwe w'abaririmbyi w'abamarayika ko umuntu wacumuye yabonewe icyanzu cyo gukiriramo; ko yahoze yinginga Se ndetse ko yamuhaye uburenganzira bwo gutanga ubugingo bwe kugira ngo bube incungu y'inyokomuntu, ngo yikorere ibyaha byabo maze yishyireho igihano cy'urupfu, bityo kubw'amaraso ye, afungure inzira babasha kuboneramo imbabazi z'ibyaha bakoze, kandi kubwo kumvira bazabashe kugarurwa mu busitani birukanwemo. icyo gihe ni bwo bazongera kugira uburenganzira bwo kurya ku mbuto nziza zitanga kudapfa, ari mbuto z'igiti cy'ubugingo batari bagifiteho uburenganzira bwose. [IZ 115.2](#)

Nuko ibyishimo bitavugwa bisakara ijuru ryose, maze umutwe w'abaririmbyi wo mu ijuru uririmba indirimbo zo kuramya no gusingiza. Bafashe inanga zabo maze bacuranga ijwi riranguruye birenze uko bari barigeze gucuranga bitewe n'imbabazi z'Imana zitagerwa ndetse no kwicisha bugufi kwayo bigaragariye mu gutanga Umwana wayo ikunda kugira ngo apfire ubwoko bw'ibygomeke. Nuko mu ijuru hasakara ibisingizo no kuramya kubwo kwiyanga n'igitambo bya Yesu ubwo yemeraga kuva mu gituzo cya Se maze agahitamo ubuzima bw'imibabaro n'agahinda ndetse n'urupfu rw'agashinyaguro kugira ngo abashe guhesha abandi ubugingo. [IZ 115.3](#)

Marayika yaravuze ati: "Mbese mutekereza ko Data wa twese yatanze Umwana we akunda cyane bitamugoye? Oya, oya rwose." Byari bikomereye Imana yo mu ijuru kuba yareka abanyabyaha bakarimbuka cyangwa gutanga Umwana wayo ikunda akabapfira. Abamarayika bari bitaye cyane ku gakiza k'umuntu ku buryo muri bo hajyaga kubonekamo abemera guhara icyubahiro cyabo maze bagatangira ubugingo bwabo umuntu wari ugiye kurimbuka. Marayika twagendanaga yaravuze ati: "Ariko ibyo ntacyo byajyaga kugeraho." icyaha cyari cyakozwe cyari gikomeye cyane ku buryo ubugingo bwa marayika butajyaga kwishyura umwenda. Nta kindi uretse urupfu no gusabirwa n'Umwana w'Imana, ibyo byonyine ni byo byajyaga kwishyura umwenda no gukiza umuntu wazimiyeye bikamuvana mu bwihebe n'ubuhanya. [IZ 116.1](#)

Ariko umurimo abamarayika bahawe wabaye uwo kuzajya bamanuka kandi bakazamuka mu ijuru bazanywe no gukomeza no guhumuriza Umwana w'Imana mu mibereho y'imibabaro yari afite ku isi. Bafashije Yesu kandi baramukorera. Ikindi kandi umurimo wabo wari uwo kurinda no kwita ku bagiriwe ubuntu, bakabarinda abamarayika babi n'umwijima uhora ubagota woherejwe na Satani. Neretswe ko bitashobokaga ko Imana yahindura amategeko yayo kugira ngo ikize uwazimiyeye, umuntu wari ugiye kurimbuka. Kubw'ibyo, yemeye gutanga Umwana wayo ikunda kugira ngo apfe kubw'ibyaha by'abantu. [IZ 116.2](#)

Impano y'ubuhanuzi yagaragaye mu itorero mu gihe Abayuda ari bo bamamazaga Imana mu isi. Niba iyi mpano yarakendereye mu binyejana bike bishyira iherezo ry'icyo gihe bitewe n'uko itorero ryari ryariyandaritse, yongeye kugaragara ku iherezo ry'icyo gihe cyahawe Abayuda kugira ngo itegurize Mesiya. Zakariya, se wa Yohana Umubatiza, "yuzuye Mwuka Muziranenge maze arahana." Simeyoni, umugabo w'intungane kandi wari umaramaje wari "utegereje guhumurizwa kwa Isiraheli," yazanwe na Mwuka mu rusengeru maze ahanura ibya Yesu ko ari "urumuri rwo kumurikira amahanga, n'ikuzo ry'ubwoko bw'Imana bwa Isiraheli"; ndetse n'umuhanuzikazi Ana nawe "iby'uwo mwana [Yesu] yabitekerereje abari bategereje bose ko Yeruzalemu ivanwa mu buja." 62 Nta muhanuzi ukomeye kuruta Yohana Umubatiza, we watoranyijwe n'Imana kugira ngo yereke Abisiraheli "Umwana w'Intama w'Imana, ukuraho ibyaha by'abantu bo ku isi." [IZ 117.1](#)

Igihe cya Gikristo cyatangiranye n'isukwa rya Mwuka Muziranenge, kandi impano za Mwuka zikomeye ndetse zinyuranye zigaragarije mu bizera. Izo mpano zari nyinshi cyane ku buryo Pawulo yashoboye kubwira itorero ry'i Korinto ati: "umuntu wese agahabwa ikimwerekanaho Umwuka kugira ngo bose bafashwe." Ni umuntu wese uri mu itorero, ntabwo ari umuntu wese uri mu isi nk'uko benshi bagiye babifata. [IZ 117.2](#)

Guhera mu gihe cy'ubuhakanyi bukomeye, izi mpano ntizakunze kugaragara; kandi bishoboka ko ari yo mpamvu abitwa Abakristo muri rusange bizera ko izo mpano zarangiranye n'igihe cy'itorero rya mbere. Ariko se amakosa no kutizera by'itorero aho si byo byaba byaratumye izo mpano zihagarara? Mbese igihe ubwoko bw'Imana buzagera ku rugero rw'itorero rya mbere mu kwizera no mu migirire, ubwo buzarugeraho byanze bikunze kubwo kwamamaza amategeko y'Imana no kwizera Yesu, "imvura y'itumba" ntizongera gutuma izo mpano zibaho? Tubitekereje dukurikije ibyabayeho mbere, dukwiriye kwitega ko ibyo bizabaho. Nubwo igihe cy'Abayuda cyaranzwemo ubuhakanyi bwinshi, cyatangiranye kandi gisozwa no kwigaragaza kudasanzwe kwa Mwuka w'Imana. Ni yo mpamvu byaba ari ugutekereza nabi kwibwira ko igihe cya Gikristo (ugereranyije n'igihe cy'Abayuda, umucyo w'igihe cya Gikristo umeze nk'urumuri rw'izuba urugereranyije n'umucyo w'ukwezi) cyatangirana ikuzo maze kikazasoreza mu mwijima w'icuraburindi. Kandi ubwo umurimo udasanzwe wa Mwuka wari ukenewe kugira ngo utegurire abantu kuza kwa mbere kwa Kristo, none se ntuzarushaho gukenerwa biruseho ngo ubategurire kugaruka kwe; by'umwihariko kubera ko iminsi ya nyuma izaba ari iy'akaga kurusha iyayibanjirije yose, kandi abahanuzi b'ibinyoma bagomba no kugira ubushobozi bwo gukora ibimenyetso n'ibitangaza bikomeye ku buryo binashobotse bayobya n'intore! Nyamara lbyanditswe bihamya ukuri muri aya magambo bita: [IZ 117.3](#)

"Arababwira ati: 'Muje mu bihugu byose, mwigishe abaremwe bose ubutumwa bwiza. Uwizera akabatizwa azakizwa, ariko utizera azacirwaho iteka. Kandi ibimenyetso bizagumana n'abizera ngibi: bazirukana abadayimoni mu izina ryanjye, bazavuga indimi nshya, bazafata inzoka, kandi nibanywa ikintu cyica ntacyo kizabatwara na hato, bazarambika ibiganza ku barwayi bakire.'" Mariko 16:15-18. [IZ 118.1](#)

Ubusobanuro bw'uwitwa Campbell (Kambeli) bugira buti: "Izi mbaraga ndengakamere zizagera ku bizera." Impano ntizagombaga kugarukira ku ntumwa gusa, ahubwo zigera no ku bizera. Ni bande bazazigira? Ni abantu bizera. Mbese zizamara igihe kingana iki? Nta rubibi rwashyizweho; iri sezerano rigendana n'inshingano ikomeye yatanzwe yo kubwiriza ubutumwa bwiza kandi igera ku mwizera wa nyuma. [IZ 118.2](#)

Nyamara hari uguhakana kuvuga ko ubu bufasha bwasezeraniwe intumwa n'abizeye kubwo kubwiriza kwazo gusa. Uku guhakana kuvuga ko izo ntumwa zasohoje inshingano zahawe, zatangije ubutumwa bwiza, kandi ko impano zarangiranye n'ab'icyo gihe. Nimureke turebe niba inshingano ikomeye yarangiranye n'ab'icyo gihe. Matayo 28:19, 20 haravuga hati: "Nuko mugende muhindure abantu bo mu mahanga yose abigishwa, mubabatiza mu izina rya Data wa twese n'Umwana n'Umwuka Wera, mubigisha kwitondera ibyo nababwiye byose. Kandi dore ndi kumwe namwe iminsi yose kugeza ku mperuka y'isi." [IZ 118.3](#)

Kuba kubwiriza ubutumwa bwiza biciye muri iyi nshingano bitarangiranye n'itorero rya mbere bigaragarira muri iri sezerano rivuga ngo: "Dore ndi kumwe namwe iminsi yose kugeza ku mperuka y'isi." Ntabwo Yesu avuga ati: "Dore ndi kumwe namwe ntumwa aho ari ho hose ndetse no ku mpera z'isi." Ahubwo agira ati: "Ndi kumwe namwe iminsi yose kugeza ku mperuka y'isi cyangwa y'ibihe." Ibyo ntibivugaga ko igihe cy'Abayuda ari cyo cyavugwaga kuko icyo gihe cyari cyarangiriye ku musaraba Yesu abambwa. Nasoza rero mvuga ko kubwiriza no kwizera ubutumwa bwiza bwa mbere bizakomeza iteka kunganirwa n'ubufasha bwa Mwuka nk'uko byagenze ku itorero rya mbere. Inshingano intumwa zahawe irebana n'igihe cya Gikristo kandi ifata icyo gihe cyose. Kubw'ibyo rero, impano za Mwuka zazimangatanye bitewe gusa n'ubuhakanyi, kandi zizabyukirizwa rimwe n'ububutse bwo kwizera n'imigenzereze byarangaga itorero rya mbere. [IZ 118.4](#)

Mu 1 Abakorinto 12:28 hatubwira ko Imana yashyizeho cyangwa yahaye umwanya impano zimwe za Mwuka mu itorero. Mu gihe nta bihamya biri mu Byanditswe bitwereka ko Imana yakuyeho burundu impano mu itorero, tugomba kwanzura ko zabereyeho kuguma mu itorero. None se igihamya cy'uko zavuyeho kiri he? Kiri mu gice kimwe n'aho Isabato ya Kiyuda yakuweho maze hagashyirwaho Isabato ya Gikristo. Ni mu gice kiri mu Byakozwe n'Amayoberane y'Ubugome ndetse n'Umunyabugome. (2Abatesaloniki 2:3,7). Nyamara uhakana atanga igihamya cya Bibiliya yerekana ko impano zagombaga guhagarara yishingikirije kuri aya magambo agira ati: "Urukundo ntabwo ruzashira. Guhanura kuzarangizwa no kuvuga izindi ndimi kuzagira iherezo, ubwenge nabwo buzakurwaho kuko tumenyaho igice kandi duhanuraho igice, ariko ubwo igishyitse rwose kizasohora, bya bindi bidashyitse bizakurwaho. Nkiri umwana muto navugaga nk'umwana muto, ngatekereza nk'umwana muto nkibwira nk'umwana muto. Ariko maze gukura mva mu by'ubwana. icyakora none turebera mu ndorerwamo ibirorirori, ariko icyo gihe tuzarebana duhanganye mu maso. None menyaho igice, ariko icyo gihe nzamenya rwose nk'uko namenywe rwose. Ariko none hagumye kwizera n'ibyiringiro n'urukundo, ibyo uko ari bitatu, ariko ikiruta ibindi ni urukundo (1 Abakorinto 13:8-13). [IZ 118.5](#)

Aya magambo atubwira ko hazabaho irangira ry'impano za Mwuka, iryo kwizera n'ibyiringiro. Ariko se ni ryari ibyo bigomba kuzahagarara? Turacyategereje icyo gihe ubwo [IZ 119.1](#)

*“Ibyiringiro bizaba byahindutse umunezero usesuye,
Kwizera kwahindutse ibiboneshwa amaso,
Kandi amasengesho yahindutse ibisingizo.”* [IZ 119.2](#)

Ibyo bizahagarara igihe gitunganye rwose kizaba kije, igihe tuzaba tutakirebera mu ndorerwamo itabona neza ahubwo tureba byose amaso ku maso. Umunsi utunganye, igihe abera bazatunganywa kandi bakabona nk'uko babonwa nturagera nyamara uzabaho mu gihe kizaza. Ni iby'ukuri ko, igihe umunyabugome yari amaze gukura, yakuyeho 'iby'ubwana' ari byo ubuhanuzi, kuvuga indimi, ubwenge, ndetse no kwizera, ibyiringiro n'urukundo byarangaga Abakristo bo mu itorerero rya mbere. Nyamara muri ariya magambo nta kintu cyanditswemo cyerekana ko Imana yateganyije gukuraho impano yari yashyize mu itorerero, kugeza aho kwizera n'ibyiringiro byaryo bizasohorera rwose, kugeza igihe ikuzo riheranije ryo kudapfa rizatwikira burundu ukwigaragaza kurabagirana kw'imbaraga n'ubwenge mu by'umwuka byigeze biboneka muri iyi mibereho irangwamo urupfu. [IZ 119.3](#)

Uguhakana kwashingiwe ku magambo aboneka muri 2Timoteyo 3:16 benshi bakunze gutanga bashimangira cyane, gukwiriye kwirengagizwa. Niba ubwo Pawulo yavugaga ko Ibyanditswe byera bigomba gutunganya umuntu w'Imana ngo abashe gukora imirimo myiza yose, yaba yaravugaga ko nta kindi kintu gikwiriye kwandikwa kubwo guhumekerwa n'Imana, ni mpamvu ki icyo gihe ubwe hari ibyo yongeraga kuri ibyo Byanditswe? Kuki atahise ashya ikaramu hasi akimara kwandika iyo nteruro? Kuki nyuma y'imyaka mirongo itatu Yohana yanditse igitabo cy'Ibyahishuwe? Iki gitabo nacyo kirimo irindi somo ryifashishwa na bamwe bashaka kwerekana ko impano za mwuka zavuyeho. [IZ 119.4](#)

“Uwumva wese amagambo y'ubuhanuzi bw'iki gitabo ndamuhamiriza nti: 'Nihagira umuntu uzongera kuri yo, Imana izamwongeraho ibyago byanditswe muri iki gitabo. Kandi nihagira umuntu ukura ku magambo y'igitabo cy'ubu buhanuzi, Imana izamukura ku mugabane wa cya giti cy'ubugingo no ku wa rwa rurembo rwera, byanditswe muri iki gitabo.” Ibyahishuwe 22:18,19. [IZ 120.1](#)

Hifashishijwe aya magambo, usanga hari abavuga ko incuro nyinshi no mu buryo bwinshi, mu gihe cya kera, Imana yavuganiraga na ba sogokuruza mu buhanuzi, ndetse ko mu itangira ryo kwamamaza ubutumwa bwiza yakoresheje Yesu n'intumwa, bityo ikaba yarasezeranye bidasubirwaho ko itazongera kugira icyo imenyeshya umuntu muri ubwo buryo. Kubw'ibyo rero, bavuga ko ubuhanuzi bwose buba nyuma y'icyo gihe atari ubw'ukuri. Bivugwa ko ibi byasoje ibyanditswe byahumetswe n'Imana. None se niba ari uko bimeze, ni iyihe mpamvu Yohana yanditse Ubutumwa bwiza amaze kuva i Patimosi muri Efezi? Mbese mu kwandika ubwo Butumwa Yohana yaba yarongeye ku magambo y'ubuhanuzi bwo muri icyo gitabo yandikiwe ku kirwa cya Patimosi? Duhereye kuri ayo

magambo, bigaragara neza ko amabwiriza yo kutagira icyongerwaho cyangwa ngo gikurweho aterekeza kuri Bibiliya uko yakabayeho nk'igitabo gifatanye. Ahubwo yerekeza ku gitabo cyihariye cy'Ibyahishuwe nk'uko cyavuye mu biganza by'intumwa Yohana. Nyamara nta muntu ufite uburenganzira bwo kongera cyangwa gukura ku gitabo icyo ari cyo cyose cyanditswe gihumetswe n'Imana. Mbese ubwo Yohana yandikaga igitabo cy'Ibyahishuwe hari icyo yongeye ku buhanuzi bwa Daniyeli? Ntacyo rwose. Nta burenganzira umuhanuzi afite bwo guhindura ijambo ry'Imana. Nyamara iyerekwaga rya Yohana rishimangira iryo Daniyeli yahawe kandi rigatanga umucyo mwinshi wiyongera ku ngingo zavuzwe mu buhanuzi bwa Daniyeli. Nasoza mvuga ko Imana itigeze iceceka ngo ihagarike kuvuga, ahubwo iracyafite umudendezo wo kuvuga. Umutima wanjye urangurure iteka uti: "Uwiteka, vugira mu wo ushaka; umugaragu wawe nteze amatwi." [IZ 120.2](#)

Bityo rero, kugerageza kwifashisha Ibyanditswe Byera ngo herekanwe ko impano za mwuka zavuyeho ntacyo bigeraho. Kandi ubwo amarembo y'ikuzimu atahangaye itorerero, Imana iracyafite abantu ku isi, dukwiriye kwitega ko habaho ukwigaragaza kw'impano za Mwuka kujyanye n'ubutumwa bwa marayika wa gatatu; ari bwo butumwa buzagarura itorerero ku rufatiro rw'intumwa maze bukarahindura umucyo w'isi aho kuba umwijima. [IZ 120.3](#)

Nanone kandi, twaburiwe hakiri kare ko mu minsi ya nyuma hazaduka abahanuzi b'ibinyoma, kandi Bibiliya yaduhaye igipimo tugomba kugenzura inyigisho zabo kugira ngo dushobore gutandukanya abanyakuri n'abanyabinyoma. Amategeko y'Imana ni yo gipimo gikomeye kigenzura ibyo abo buhanuzi buhanura ndetse n'imico yabo. Iyaba mu minsi ya nyuma nta buhanuzi nyakuri byajyaga kuzabaho, mbega uko byari byoroshye cyane kuba byaravuzwe bityo bikaba byarakuyeho uburyo bwose bwatera abantu gushukwa mu mwanya wo gutanga igipimo cyo kubasuzumisha kuko hajyaga kuzabaho abahanuzi nyakuri kimwe n'abanyabinyoma. [IZ 120.4](#)

Muri Yesaya 8:19,20 hari ubuhanuzi buvuga iby'imyuka tumenyereye yo muri iki gihe, kandi amategeko y'Imana yatangiye kugira ngo abugenzure: "Nimusange amategeko y'Imana n'ibiyihamya. Nibatavuga ibihwanye n'iryo jambo, nta museke uzabatambikira." None se ni iyihe mpamvu havugwa ngo "nibatavuga ibihwanye n'iryo jambo" niba nta kwigaragaza nyakuri kw'impano za Mwuka ndetse n'uk'ubuhanuzi byagombaga kuzabaho? Yesu aravugaga ati: "Mwirinde abahanuzi b'ibinyoma... Muzabamenyera ku mbutu zabo" (Matayo 7:15,16). Uyu ni umugabane w'ikibwirizwa cyo ku musozi w'Imigisha, kandi abantu bose bashobora kubona ko aya magambo yakoreshejwe muri rusange ku itorerero mu gihe cyose cyo kwamamaza ubutumwa. Abahanuzi b'ibinyoma bagomba kumenyekanira ku mbutu zabo. Mu yandi magambo, bazamenyekanira mu mico yabo. Amategeko y'Imana ni yo gipimo ngenderwaho cyonyine cyagaragaza ko imbutu zabo ari nziza cyangwa ari mbi. Kubw'ibyo rero, tubwirwa gusanga amategeko y'Imana n'ibiyihamya. Ntabwo abahanuzi nyakuri bazavugaga ibihwanye n'ijambo ry'Imana gusa, ahubwo bazagira n'imibereho ihuje naryo. Ntabwo nahangara guciraho iteka umuntu uvugaga kandi akabaho atyo. [IZ 121.1](#)

Iteka abahanuzi b'ibinyoma bagiye barangwa no kwerekwa iby'amahoro; kandi bazaba bavuga bati: "Ni amahoro, ni amahoro," mu gihe ukurimbuka gutunguranye kuzabatungura. Abahanuzi nyakuri bazamagana icyaha bashize amanga kandi bazaburira abantu iby'umujinya wenda gutera. [IZ 121.2](#)

Guhanura kose kuvuguruzwa iby'ukuri kandi bidashidikanywaho Ijambo ry'Imana rivuga, gukwiriye kwamaganirwa kure. Uko ni ko Umukiza wacu yigishije abigishwa be ubwo yababwiriraga ku byerekeye kugaruka kwe. Igihe Yesu yazamurwaga mu ijuru abigishwa be bamureba, abamarayika bahamije beruye ko uwo Yesu azagaruka atyo nk'uko bamubonye ajya mu ijuru. Ni yo mpamvu igihe Yesu yavugaga iby'imikorere y'abahanuzi b'ibinyoma bo mu minsi y'imperuka yavuze ati: "Nuko nibababwirira bati: 'Dore ari mu butayu,' ntimuzajyeyo; cyangwa bati: 'Dore ari mu kirambi', ntimuzabyemere." Guhanura kose kujyanye n'iyi ngingo kugomba kuzirikana ko azaturuka mu ijuru abantu bamureba. None se kuki Yesu atavuze ati: "Icyo gihe ntimuzite ku bihanurwa byose; kuko muri icyo gihe nta bahanuzi nyakuri bazabaho?" [IZ 121.3](#)

"Nuko aha bamwe kuba intumwa ze, n'abandi kuba abahanuzi, n'abandi kuba ababwirizabutumwa bwiza, n'abandi kuba abungeri n'abigisha, kugira ngo abera batunganyirizwe rwose gukora umurimo wo kugabura iby'Imana no gukomeza umubiri wa Kristo, kugeza ubwo twese tuzasohora kugira ubumwe bwo kwizera no kumenya Umwana w'Imana, kandi kugeza ubwo tuzasohora kuba abantu bashyitse bageze ku rugero rushyitse rw'igihagararo cya Kristo." (Abefeso 4:11-13). [IZ 121.4](#)

Mu isomo twabonye mbere twasanze ko igihe Kristo yazamurwaga mu ijuru, yahaye abantu impano. Muri zo mpano havuzwemo izo kuba intumwa, abahanuzi, ababwirizabutumwa bwiza, abashumba n'abigisha. Icyatumye bahabwa izo mpano kwari ukugira ngo abera batunganyirizwe rwose mu bumwe no kumenya. Muri iki gihe, abantu bamwe bavuga ko ari abashumba n'abigisha bemeza ko hashize imyaka isaga igihumbi na magana inani izi mpano zisohoje umurimo wazo burundu, bityo rero zikaba zarahagaze. None se kuki batareka kwitwa abashumba n'abigisha? Niba dushingiye kuri iri somo umurimo w'umuhanuzi wararangiranye n'itorero rya mbere, ubwo n'uw'umubwirizabutumwa bwiza waba warangiye kimwe n'indi yose nta vangura. [IZ 122.1](#)

Noneho rero, mureke dutekereze gato kuri iyi ngingo. Izi mpano zose zatangiye kugira ngo abera batunganyirizwe rwose mu bumwe, ubumenyi ndetse n'umwuka. Biturutse kuri izo mpano, abizera b'itorero rya mbere bamaze igihe runaka bishimira ubwo bumwe. "Abizeye bese bahuzaga umutima n'inama." Kubera ubwo bumwe, bigaragara ko umusaruro wavuyemo wabaye uw'uko "intumwa zagiraga imbaraga nyinshi zo guhamya kuzuka k'Umwami Yesu, nuko rero ubuntu bw'Imana bwinshi bukaba kuri bo bese." (Ibyakozwe n'Intumwa 4:31-33.) Mbega uburyo ibintu nk'ibyo ari ibyo kwifuzwa muri iki gihe! Nyamara ubuhakanyi n'imbaraga yabwo izana ibice mu bantu kandi irimbura bwahindanyije ubwiza bw'itorero nyakuri maze buryambika ibigunira. Ingaruka zabaye gucikamo ibice n'umuvurungano. Ntuhigeze kubaho urudubi rw'imyizerere rukomeye mu Bakristo nko muri iki gihe. Niba impano zari zikenewe

kugira ngo zitume itorerero rya mbere rigira ubumwe, mbega ukuntu muri iki gihe zikenewe kurutaho kugira ngo zihembure ubumwe! Kandi bigaragarira cyane mu buhanuzi ko umugambi w’Imana ari uko ubumwe bwagaruka mu itorerero mu minsi iheruka,. Twahamirijwe rwose ko igihe Uwituka azagarurira Siyoni, abarinzi bazayirebera n’amaso yabo. Twabwiwe kandi ko mu bihe bya nyuma abanyabwenge bazasobanukirwa. Ubwo ibyo bizasohora, hazabaho ubumwe bwo kwizera mu bo Imana ibara ko ari abanyabwenge; kuko abo n’ubundi bakorerwa mu kuri basobanukiwe n’ukuri, bagomba byanze bikunze gusobanukirwa kimwe. Mbese ni iki gishobora gutuma habaho ubumwe uretse impano zatangiye uyu mugambi? [IZ 122.2](#)

Dukurikije ibyo tumaze kubona, bigaragara ko gutunganywa kw’itorero kwuvuzwe hano kuzabaho mu bihe bizaza. Kubw’ibyo izi mpano ntizari zarangiza umugambi wazo. Uru rwandiko Pawulo yandikiye Abefeso yarwanditse mu mwaka wa 64 nyuma y’ivuka rya Yesu. Iki gihe ni ku myaka ibiri mbere y’uko Pawulo abwira Timoteyo ko yiteguye ameze nk’ibisukwa ku gicaniro, kandi ko igihe cye kigeze ngo yigendere. icyo gihe imbuto z’ubuhakanyi zari zitangiye gushinga imizi mu itorerero, kuko mu myaka icumi yari ishize, Pawulo yari yaravugiyeye mu rwandiko rwe rwa kabiri yandikiye Abanyatesaloniki ko “amayoberane y’ubugome n’ubu atangiye gukora.” icyo gihe amasega aryana yari agiye kwinjira mu itorerero ntababarire umukumbi. icyo gihe itorerero ntiryazamukaga ngo rigere kuri ubwo butungane bw’ubumwe buvugwa muri iyi mirongo, ahubwo ryari hafi gusenye n’amatsinda y’abarirwanya bari baryihishemo kandi rikazanwamo amacakubiri no kwirema ibice. Intumwa Pawulo yari abizi; ni cyo cyatumye areba hirya y’ubuyobe bukomeye maze akitegereza igihe cyo gukoranyiriza hamwe ubwoko bw’Imana kwasigaye. Ni bwo yavugaga ati: “Kugeza ubwo twese tuzasohora kugira ubumwe bwo kwizera no kumenya Umwana w’Imana.” (Abefeso 4:13). Kubw’ibyo rero, impano zashyizwe mu itorerero ntizari zarangiza igihe cyazo. [IZ 122.3](#)

“Ntimukazimye Umwuka w’Imana kandi ntimugahinyure ibihanurwa, ahubwo mugerageze byose mugundire ibyiza.” (1Abatesaloniki 5:19-21). [IZ 123.1](#)

Muri uru rwandiko, intumwa itangira kuvuga ku ngingo yo kugaruka k’Umwami wacu. Yakurikijeho kuvuga uko abatizera bazaba bameze icyo gihe. Abo ni ba bandi bavugaga ko ‘ari amahoro, nta kibi kiriho’ kandi umunsi w’Uwituka ugiye kuza ndetse kurimbuka gutungutanye kukabatungura nk’uko umujura aza nijoro. Kubera ibyo, yakurikijeho guhugura no kuburira itorerero ngo ribe maso, ryitegure kandi ryirinde. Mu magambo yo guhugura akurikiraho dusangamo amagambo twigeze kuvuga agira ati: “Ntimukazimye umwuka w’Imana,” n’ibindi. Abantu bamwe bashobora gutekereza ko iyi mirongo uko ari itatu yose itandukanye, ko ntaho buri murongo uhuriye n’undi. Nyamara urebye uko iteye, iyi mirongo ifite ikiyihuzwa mu buryo bw’umwimerere. Umuntu uzimya Mwuka w’Imana azarekwa kugira ngo ahinyure ibihanurwa kandi ari byo mbuto zemewe ziva kuri Mwuka. “Nzasuka Umwuka wanjye ku bantu bose, abahungu banyu n’abakobwa banyu bazahanura.” (Yoweli 2:28). Amagambo yakoreshejwe avugaga ngo “mugenzure byose,” yerekeye ku bivugwa, ku bihanurwa, kandi tugomba kugenzura imyuka dukoresheje ibipimo Imana yaduhaye mu Ijambo ryayo. Muri iki gihe ubushukanyi bw’iby’umwuka n’ubuhanuzi bw’ibinyoma biriganje; kandi nta gushidikanya ko aya magambo afite icyo ahavugaga cyihariye. Ariko muzirikane ko intumwa Pawulo itavugaga

ngo: ‘Mwirengagize ibintu byose’; ahubwo aravuga ati: “Mugerageze byose; mugundire ibyiza.” [IZ 123.2](#)

“Hanyuma y’ibyo, nzasuka Umwuka wanjye ku bantu bose, abahungu banyu n’abakobwa banyu bazahanura, abakambwe banyu bazarota, n’abasore banyu bazerekwa. Ndetse n’abagaragu banjye n’abaja banjye nzabasukira ku Mwuka wanjye muri iyo minsi. Nzashyira amahano mu ijuru no mu isi: amaraso n’umuriro n’umwotsi ucumba. Izuba rizahinduka umwijima, n’ukwezi kuzahinduka amaraso, uwo munsu mukuru w’Uwiteka uteye ubwoba utaraza. Kandi umuntu wese uzambaza izina ry’Uwiteka azakizwa, kuko i Siyoni n’i Yerusalemu hazaba abarokotse, nk’uko Uwiteka yabivuze, kandi mu barokotse hazabamo abo Uwiteka ahamagara.” Yoweli 2:28-32. [IZ 123.3](#)

Ubu buhanuzi bwa Yoweli buvuga iby’isukwa rya Mwuka Muziranenge mu minsi ya nyuma, ntibwasohoye bwose ku itangira ry’iyamamazwa ry’ubutumwa bwiza. Ibi ni ukuri dushingiye ku bitangaza bikomeye bivugwa muri iyi mirongo ko ibizaba mu kirere no ku isi byagombaga kuzaba integuza “z’umunsi ukomeye kandi uteye ubwoba w’Uwiteka.” Nubwo hari ibimenyetso twagiye tubona, uriya munsu ukomeye turacyawutegereje mu gihe kiri imbere. Igihe cyose cyo kwamamaza ubutumwa bwiza gishobora kwitwa iminsi ya nyuma, ariko kuvuga ko iminsi ya nyuma ari imyaka isaga 1800 ishize byaba ari ukwibeshya. Iyo minsi igeza ku munsu w’Uwiteka no ku gucungurwa k’ubwoko bw’Imana kwasigaye: ‘Kuko i Siyoni n’i Yerusalemu hazaba abarokotse, nk’uko Uwiteka yabivuze, kandi mu barokotse hazabamo abo Uwiteka ahamagara.’ Aba basigaye bari hagati y’ibimenyetso n’ibitangaza bibanziriza umunsi ukomeye kandi uteye ubwoba w’Uwiteka, nta gushidikanya ni abasigaye b’urubyaro rw’umugore bavugwa mu Byahishuwe 12:17. Abo ni igisekuru gihuruka cy’abagize itorero ku isi. “Ikiyoka kirakira wa mugore, kiragenda ngo kirwanye abo mu rubyaro rwe basigaye, bitondera amategeko y’Imana kandi bafite guhamya kwa Yesu.” [IZ 123.4](#)

Abasigaye b’itorero ryamamaza ubutumwa bwiza bazaba bafite impano za mwuka. Bazashozwaho intambara bitewe n’uko bakurikiza amategeko y’Imana kandi bakagira guhamya kwa Yesu Kristo. (Ibyahishuwe 12:17). Mu Byahishuwe 19:10 hasobanura ko uguhamya kwa Yesu kuvugwa ko ari umwuka w’ubuhanuzi. Marayika yaravuze ati: “Reka! Ndi imbata mugenzi wawe, kandi ndi mugenzi wa bene So bafite guhamya kwa Yesu ari wo mwuka w’ubuhanuzi.” Mu Byahishuwe 22:9, Yohana asubiramo ayo magambo muri ubu buryo agira ati: “Ndi imbata mugenzi wawe kandi ndi mugenzi wa bene So b’abahanuzi.” Duhereye kuri iri gereranya, tubona imbaraga y’aya magambo ngo: ‘Guhamya kwa Yesu ni umwuka w’ubuhanuzi.’ Ariko guhamya kwa Yesu gukubiyemo impano zose za Mwuka. Pawulo aravuga ati: “Mbashimira Imana yanjye iteka nishimira ubuntu bwayo mwaherewe muri Kristo Yesu, kuko muri byose mwatungiye muri we, mu byo muvuga byose no mu bwenge bwose, kuko ubuhamya twahamije Kristo bwakomejwe muri mwe, bituma mutagira impano yose mubura, mutegereza guhishurwa k’Umwami wacu Yesu Kristo.” (1Abakorinto 1:4-7). Guhamya kwa Yesu kwashinze imizi mu itorero ry’i Korinto. None se umusaruro wabaye uwuhe? Nta mpano n’imwe y’Imana babuze. None se ntidufite ingingo idushyigikira mu gihe

twanzura tuvuga ko abasigaye, abategereje kugaruka k'Umwami wacu Yesu Kristo, nibashinga imizi rwose mu buhamya bwa Yesu batazagira impano n'imwe babura?

IMPANO ZA MWUKA

Gucumura kwa Satani

Satani yahoze ari umumarayika w'umunyacyubahiro mu ijuru, akurikiye Yesu mu cyubahiro. Mu maso he, kimwe n'ah'abandi bamarayika, hari hakeye kandi hagaragara umunezero. Uruhanga rwe rwari rukenkemuye kandi rugaragaza ubwenge buhambaye. Yari afite igihagararo gitunganye; yitwaraga neza kandi afite icyubahiro giheraniye. Ariko igihe Imana yabwiraga Umwana wayo iti: "Tureme umuntu agire ishusho yacu, ase natwe," Satani yagiriye Yesu ishyari. Yifuzaga ko nawe yagombye kugishwa inama mu byerekeye kurema umuntu, bityo kubera ko atayigishijwe, yuzuwe n'igomwa, ishyari n'urwango. Yifuzaga ko ari we wahabwa icyubahiro kuruta abandi bose mu ijuru akaba ukurikiye Imana. [IZ 125.1](#)

Kugeza icyo gihe, ijuru ryose ryarangwagamo gahunda, ubwumvikane no kumvira ubuyobozi bw'Imana. Kwigomeka kuri gahunda y'Imana n'ubushake bwayo cyabaye icyaha ndengakamere. Ijuru ryose ryabaye nk'irihungabanye. Abamarayika bose bari bagabanyijwemo imitwe, buri mutwe wari uyobowe n'umumarayika ukomeye. Satani wari ufite imigambi yo kwikuzza kandi akaba atarashakaga kuyoboka ubutegetsi bwa Yesu, yakoranaga amayere agamije kurwanya ubuyobozi bw'Imana. Bamwe mu bamarayika bifatanyije na Satani muri uko kwigomeka kwe, ariko abandi baharanira bidasuburwaho icyubahiro n'ubwenge Imana yagaragaje igihe yahaga Umwana wayo ububasha. Hagati y'abamarayika ubwabo habayeho kutumvikana. Satani n'abambari be bakoraga uko bashoboye ngo barebe ko bahindura ubuyobozi bw'Imana. Bifuzaga kwinjira mu bwenge bwayo butabasha kugenzurwa, no kumenya impamvu yatumye Imana ikuza Yesu ikamuha ububasha n'ubuyobozi nk'ubwo bitagira aho bigarukira. Bigometse ku butware bwa Yesu. Ingabo zo mu ijuru zose zarahamagawe ngo zize imbere ya Data wa twese kugira ngo ingingo yose ifatirwe umwanzuro. Aho ni ho hafatiwe umwanzuro ko Satani n'abamarayika bose bifatanyije na we mu kwigomeka bacibwa mu juru. Noneho mu ijuru haba intambara. Abamarayika bitabira urugamba; Satani yashakaga gutsinda Umwana w'Imana hamwe n'abumviraga ubushake bwe. Ariko abamarayika beza kandi b'indahemuka baratsinze, maze Satani n'abamuyobotse birukanwa mu ijuru. [IZ 125.2](#)

Nyuma y'aho Satani n'abacumuranye nawe baciwe mu ijuru, kandi amaze kubona ko amaze gutakaza burundu ubutungane n'ikuzo by'ijuru, yaricujije maze yifuza ko yakongera agasubizwa mu ijuru. Yashakaga gusubira mu mwanya yahozemo cyangwa se agahabwa undi mwanya uwo ari wo wose yagenerwa. Ariko ntibyari bigishobotse; ijuru ntiryagombaga kujya kwishyira mu kaga. Iyo agarurwa mu ijuru, ijuru ryose ryajyaga kwandura kuko ari we icyaha cyari cyakomotseho kandi imbuto zo kwigomeka zari zimurimo. Satani n'abamuyobotse bararize, binginga basaba ko bagarurwa imbere y'Imana. Nyamara icyaha cyabo (urwango rwabo, igomwa n'ishyari byabo) cyari

gikabije cyane ku buryo Imana itajyaga kucyibagirwa ngo igihanagure. Cyagombaga kugumaho kugeza ubwo kizahabwa igihano cyacyo giheruka. [IZ 125.3](#)

Ubwo Satani yasobanukirwaga mu buryo bwuzuye ko bitakimushobokeye kongera gusubizwa imbere y’Imana, ubucakura bwe n’urwango byatangiye kwigaragaza. Yagiye inama n’abamarayika be maze bacura umugambi wo gukomeza kurwanya ubutegetsu bw’Imana. Igihe Adamu na Eva batuzwaga mu busitani bwiza bwa Edeni, Satani yacuraga umugambi wo kubarimbura. Nta buryo na bumwe uyu muryango wari unezerewe wajyaga kubuzwa umunezero wawo iyo uza kumvira Imana. Iyo badasuzugura Imana kandi ngo bakerense ubuntu bwayo, imbaraga ya Satani ntiyari kubahangara. Kubw’ibyo rero umugambi wagombaga gucurwa kugira ngo Adamu na Eva batezwe kutumvira bityo bikururire uburakari bw’Imana maze Satani n’abamarayika be babigarurire. Satani yafashe ingamba zo kwiyoberanya kandi akerekerana ko yitaye ku muntu. Yagombaga kurwanya ukuri kw’Imana kandi agatuma habaho gushidikanya ko ibyo Imana yavuze ari ko bisobaye koko. Noneho kandi yagombaga kubatera amatsiko maze bagatangira gushaka kwinjira mu migambi itarondoreka y’Imana (ari nacyo cyaha Satani ubwe yakoze) ndetse bagashaka kumenya impamvu Imana yababujije kurya ku giti kimenyekanisha icyiza n’ikibi. [IZ 126.1](#)

Gucumura k’umuntu

Abamarayika baziranenge bahoraga basura ubusitani bwa Edeni, bakigisha Adamu na Eva uburyo bagomba kwita kuri ubwo busitani kandi bakabigisha ibijyanye n’uburyo habayeho kwigomeka kwa Satani no gucumura kwe. Abamarayika baburiye Adamu na Eva ko bagomba kwirinda Satani kandi babaha amabwiriza y’uko batagomba gutandukana mu byo bazaba bakora byose, kuko baramutse babikoze bajyaga guhura n’uwo mwanzi wacumuye. Nanone kandi abamarayika babihanangirije ko bagomba gukurikiza amabwiriza Imana yabahaye badakebakeba, kuko bajyaga kugira umutekano ari uko bumviye rwose. Kubw’ibyo, uyu mwanzi wacumuye ntiyari gushobora kubigarurira. [IZ 126.2](#)

Satani yatangiye umurimo we kuri Eva, amuteza kutumvira. Eva yatangiye aya kuzerera kure y’umugabo we, noneho akurikizaho gutambagira ahakikije igiti bari babujijwe, maze amaherezo agera aho atega amatwi ijwi ry’umushukanyi ndetse ahangara gushidikanya ibyo Imana yavuze ngo: “Umunsi mwakiriyeho no gupfa muzapfa.” Eva yatekereje ko ahari ibyo Imana yavuze atari byo yari igambiriye kubabwira, maze arihandagaza arambura ukuboko kwe, asoroma ku mbutu za cya giti maze ararya. Izo mbutu zari zinogeye amaso kandi ziyoshye bitangaje. icyakurikiyeho ni uko Eva yagize ishyari yibwira ko Imana yari yarababujije ibyari bibabereye byiza, nuko aha n’umugabo we kuri izo mbutu, maze aba aramushutse. Yatekerereje Adamu ibyo inzoka yamubwiye byose maze amugaragariza uko yatangajwe n’uko inzoka yari ifite ubushobozi bwo kuvuga. [IZ 126.3](#)

Nabonye mu maso ha Adamu huzuye umubabaro. Yagaragaye afite ubwoba kandi yumiwe. Yasaga n’ufite intambara mu ntekerezo ze. Yumvise adashidikanya ko ari wa mwanzi bari baraburiwe kuzirinda, kandi ko umugore we agomba gupfa. Bagombaga

gutandukana. Urukundo yakundaga Eva rwari rukomeye cyane, maze kubwo gucika intege bikabije yiyemeza gupfana na we. Yafashe urwo rubuto ahita arurya vuba vuba. Nuko Satani arishima. Yari yarigomekeye mu ijuru, kandi yari yarabonye abifatanya nawe bamukundaga ndetse bamukurikiye muri uko kwigomeka kwe. Yari yaracumuye maze atuma n’abandi bacumurana nawe. Satani yari yashutse umugore atuma atiringira Imana, amutera kwibaza ku bwenge bwayo ndetse ashaka kwinjira mu migambi yayo yuje ubwenge butarondoreka. Satani yari azi ko umugore atazacumura wenyine. Bitewe n’urukundo Adamu yakundaga Eva, yasuzuguye itegeko ry’Imana maze acumurana n’umugore we. [IZ 127.1](#)

Inkuru yo gucumura k’umuntu isakara mu ijuru. Inanga zose zacurangwaga ziracecekesha. Kubera umubabaro, abamarayika biyambura amakamba yo ku mitwe yabo maze bayajugunya hasi. Ijuru ryose rirakangarana. Inama iraterana kugira ngo hafatwe umwanzuro w’ikigomba gukorerwa Adamu na Eva bacumuye. Abamarayika batinyaga ko Adamu na Eva barambura ukuboko kwabo maze bakarya ku giti cy’ubugingo bityo bakaba bahinduka abanyabyaha badapfa. Nyamara Imana yavuze ko izirukana mu busitani abo bacumuye. Abamarayika bahise boherezwa baja kurinda inzira ijya ku giti cy’ubugingo. Byari umugambi wizwe neza wa Satani ko Adamu na Eva bagomba gusuzugura Imana, ikabazinukwa, maze noneho bakanarya ku giti cy’ubugingo bigatuma baramira mu cyaha no mu kutumvira, maze icyaha kikazahoraho iteka ryose. Ariko abamarayika boherejwe kujya kubasohora mu busitani bwa Edeni ndetse no gufunga inzira yerekeza ku giti cy’ubugingo. Buri wese muri abo bamarayika bakomeye yari afite ikintu cyasaga n’inkota irabagirana mu kuboko kwe kw’iburyo. [IZ 127.2](#)

Noneho Satani yari atsinze. Kubwo gucumura kwe yatumye abandi bagira umubabaro. Yari yarirukanwe mu ijuru, none n’abandi bari birukanwe muri Paradiso.

Inama y’agakiza

Ubwo byagaragaraga ko umuntu azimiye kandi ko n’isi Imana yari yararemye igiye kuzurwaho n’ibiremwa bipfa bigomba guhura n’imibabaro, uburwayi n’urupfu, ndetse ko nta makiriro umunyabyaha afite, agahinda n’umubabaro byuzuye ijuru ryose. Umuryango wose wa Adamu wagombaga gupfa. Noneho nabonye Yesu mwiza maze mbona mu maso he hagaragara impuhwe n’agahinda. Bidatinze namubonye yegera umucyo urabagirana cyane wari ugose Data wa twese. Marayika twagendanaga yaravuze ati: “Ari kugirana na Se ikiganiro gikomeye.” Igihe Yesu yaganiraga na Se, abamarayika barushijeho guhagarika umutima. Wa mucyo urabagirana ugose Data wa twese wadukingirije Yesu incuro eshatu, maze ku ncuro ya gatatu arasohoka ava kwa Se nuko turamubona. Mu maso ye hari hatuje, nta gihangayikishije cyangwa ikibabaje cyaharagwaga, kandi harabagirana ubwiza butasobanurwa mu magambo. Yamenyesheje ingabo zo mu ijuru ko umuntu wacumuye yabonewe icyanzu cyo gukiriramo. Yazibwiye ko yahoze yinginga Se ndetse ko yagambiriye gutanga ubugingo bwe kugira ngo bube incungu, yishyireho igihano cy’urupfu, bityo kubwe umuntu abashe kubona imbabazi; ndetse kubw’amaraso ye no kubwo kumvira amategeko y’Imana,

abantu babashe kubona imbabazi z’Imana kandi bazagarurwe muri bwa busitani bwiza, barye no ku mbuto z’igiti cy’ubugingo. [IZ 127.4](#)

Mbere na mbere abamarayika ntibashoboraga kwishima; kuko Umugaba wabo atashoboraga kugira icyo abahisha, ahubwo yababwiriye ku mugaragaro iby’inama y’agakiza. Yesu yabwiye abamarayika ko agiye guhagarara hagati y’umuntu wacumuye n’uburakari bwa Se. Yababwiye ko azemera kwishyiraho icyaha (ubugome) no gusuzugurwa, nyamara ko bake ari bo bazamwakira nk’Umwana w’Imana. Hafi y’abantu bose bajyaga kumwanga no kumwamagana. Yajyaga gusiga ikuzo rye ryose mu ijuru, akaza ku isi ari umuntu, akicisha bugufi nk’umuntu, we ubwe kubyo yagombaga kunyuramo agahura n’ibigeragezo binyuranye byajyaga kwibasira umuntu kugira ngo amenye uko atabara abajyaga kugeragezwa, maze ku iherezo, ubwo yari kuzaba arangije umurimo we nk’umwigisha, atangwe mu maboko y’abana b’abantu, yihanganire ubugome hafi ya bwose n’imibabaro yose Satani n’abamarayika be bashoboraga kwigisha abantu babi ngo bayimuteze. Yajyaga gupfa urupfu rw’agashinyaguro rurenze izindi mpfu, akabambwa hagati y’isi n’ijuru nk’umunyabyaha ruharwa. Yababwiye kandi ko azagerwaho n’amasaha ateye ubwoba y’umubabaro ukaze n’abamarayika ubwabo batashoboraga kubura amaso ngo barebe ahubwo bari kuzapfuka mu maso yabo ngo bata bireba. Ntiyajyaga kuzagerwaho n’umubabaro w’umubiri gusa, ahubwo yagombaga no kubabazwa mu ntekerezo ku buryo uwo mubabaro utajyaga kuba wagereranywa na gato n’uw’umubiri. Uburemere bw’ibyaha by’abari ku isi bose bwajyaga kumugerekwaho. Yabwiye abamarayika ko azapfa maze akazuka ku munsu wa gatatu, kandi ko azazamuka akajya kwa Se kugira ngo asabire umunyabyaha utumvira. [IZ 128.1](#)

Abamarayika bikubise imbere ye baramuramya. Bemeye gutanga ubugingo bwabo. Yesu yababwiye ko kubwo urupfu rwe azakiza benshi, ko ubugingo bw’umumarayika butabasha kwishyura umwenda w’icyaha. Ubugingo bwe bwonyine nibwo bwashoboraga kwemerwa na Se kugira ngo bube incungu y’umuntu. Yesu kandi yanababwiye ko hari uruhare nabo bazagira, ari rwo rwo kuba hamwe nawe kandi bakazajya kumukomeza mu bihe binyuranye. Yababwiye ko azambara kamere y’umuntu wacumuye, ndetse ko imbaraga ze zitazaba zingana n’izabo ubwabo; ko bazibonera gusuzugurwa kwe n’imibabaro ye ikomeye; ndetse ko nibabona imibabaro ye n’urwango abantu bazamugirira bazagira agahinda kenshi maze kubera urukundo bamukunda bakifuzza kuza kumutabara ngo bamukize abo bicanyi. Nyamara yababwiye ko batagombaga kugoboka ngo bagire icyo babuza gukorwa. Yabamenyesheje ko bazagira uruhare mu izuka rye, ko umugambi w’agakiza wamaze gutegurwa ndetse ko Se yamaze kuwemera. [IZ 128.2](#)

Yesu yuzuye agahinda kuje ubuziranenge, yahumurije kandi akomeza abamarayika maze abamenyesha ko ku iherezo azabana n’abo agiye kuzacungura ndetse ko kubw’urupfu rwe azaba incungu ya benshi kandi akarimbura ufite imbaraga z’urupfu. Kandi ko Se azamuha ubwami bwo munsu y’ijuru no gukomera kwabwo bukazaba ubwe iteka ryose. Satani n’abanyabyaha bazarimbura burundu ubutazongera guhungabanya ijuru cyangwa isi izaba yagizwe nshya itunganye. Yesu yasabye abamarayika gufatanyana na we muri uwo mugambi Se yari yemeye kandi

bagashimishwa n’uko kubw’urupfu rwe umuntu wacumuye azongera kuzamurwa kugira ngo ababarirwe n’Imana ndetse yishimire kuba mu ijuru. [IZ 129.1](#)

Ubwo ni bwo ibyishimo bitavugwa byasakaye ijuru ryose, maze ingabo zo mu ijuru ziririmba indirimbo zo kuramya no gusingiza. Bafashe inanga zabo maze bacuranga ijwi riranguruye birenze uko bari barigeze gucuranga bitewe n’imbabazi z’Imana zitagerwa ndetse no kwicisha bugufi kwayo bigaragariye mu gutanga Umwana wayo ikunda kugira ngo apfire ubwoko bw’ibygomeke. Nuko mu ijuru hasakara ibisingizo no kuramya kubwo kwiya kwa Yesu n’igitambo cye, ubwo yemeraga kuva mu gituzo cya Se maze agahitamo ubuzima bw’imibabaro n’agahinda ndetse n’urupfu rw’agashinyaguro kugira ngo abashe guhesha abandi ubugingo. [IZ 129.2](#)

Marayika yaravuze ati: “Mbese mutekereza ko Data wa twese yatanze Umwana we akunda cyane bitamugoye? Oya, oya rwose.” Byari bikomereye Imana yo mu ijuru kuba yareka abanyabyaha bakarimbuka cyangwa gutanga Umwana wayo ikunda akabapfira. Abamarayika bari bitaye cyane ku gakiza k’umuntu ku buryo muri bo hajyaga kubonekamo abemera guhara icyubahiro cyabo maze bagatangira ubugingo bwabo umuntu wari ugiye kurimbuka. Marayika twagendanaga yaravuze ati: “Ariko ibyo ntacyo byajyaga kugeraho.” icyaha cyari cyakozwe cyari gikomeye cyane ku buryo ubugingo bwa marayika butajyaga kwishyura umwenda wacyo. Nta kindi uretse urupfu rw’Umwana w’Imana no gusabirwa na we, ibyo byonyine ni byo byajyaga kwishyura umwenda no gukiza umuntu wazimiye bikamuvana mu bwihebe n’ubuhanya. [IZ 129.3](#)

Ariko umurimo abamarayika bahawe wabaye uwo kuzajya bamanuka kandi bakazamuka mu ijuru bazanywe no gukomeza no guhumuriza Umwana w’Imana mu mibabaro ye kandi bakanamukorera. Umurimo wabo kandi wagombaga kuba uwo kurinda no kwita ku bagiriwe ubuntu, bakabarinda abamarayika babi n’umwijima uhora ubagota woherejwe na Satani. Neretswe ko bitashobokaga ko Imana yahindura amategeko yayo kugira ngo ikize uwazimiye, umuntu wari ugiye kurimbuka. Kubw’ibyo, yemeye gutanga Umwana wayo ikunda kugira ngo apfe kubw’icyaha cy’umuntu. [IZ 129.4](#)

Kubwo gutera umuntu gucumura, Satani yongeye kwishimana n’abamarayika be ko ashoboye gutuma Umwana w’Imana amanuka akava mu mwanya we w’icyubahiro. Yabwiye abamarayika be ko Yesu naramuka yiyambitse kamere y’umuntu wacumuye azamutsinda bityo akaburizamo isohozwa ry’inama y’agakiza. [IZ 130.1](#)

Neretswe Satani nk’uko yahoze kera akiri marayika unezerewe kandi ufite icyubahiro. Nongeye kandi kumwerekwa uko ameze ubu. Aracyafite ishusho ya cyami. Ikimero cye kiracyahebuje nubwo ari umumarayika waguye. Ariko mu maso he huzuye ishavu, gutentebuka, umubabaro, ubugome, urwango, kudatuza, ubushukanyu, n’ububi bw’uburyo bwo. Nabonye by’umwihariko rwa ruhanga rwe rwahoze rurabagirana. Uruhanga rwe rwari rwaratangiye kuzinga iminkanyari uherye ku maso ye. Nabonye ko ingeso ze zose zahoze ari nziza bitangaje zangiritse bitewe no guhora yibwira ibibi igihe kirekire, kandi ibimenyetso by’ikibi cyose byamurangwagaho. Amaso ye yari yuzuye ubucakura kandi atyaye. Yari mugari mu gihagararo, ariko umubiri wo ku maboko ye no

mu maso he wasaga n'udafashe. Ubwo namwitegerezaga, ukuboko kwe kw'ibumoso kwari gufashe ku kananwa. Yasaga n'uri kwibaza cyane byimbitse. Mu maso he hagaragaje kumwenyura, ariko uko kumwenyura kwanteye guhinda umushyitsi kuko kwari kuzuye ibibi n'ubucakura bwe. Iyo nseko ni yo agira mbere y'uko acakira uwo yibasiye, kandi iyo abohera umuhigo we mu mitego, iyo nseko ihinduka mbi bitavugwa.

Kuza kwa Kristo kwa mbere

Neretswe igihe Yesu yagombaga kwambara kamere muntu, akicisha bugufi akaba nk'umuntu, maze akababazwa n'ibigeragezo bya Satani. [IZ 130.3](#)

Ivuka rye ntiryanzwe n'ikuzo no gukomera by'isi. Yavukiye mu kiraro cy'inka kandi aryamishwa mu muvure; nyamara ivuka rye ryahawe icyubahiro birenze uko abana b'abantu bose bubahwa. Abamarayika baturutse mu ijuru bamenyesheje abashumba ko Yesu yaje, kandi umucyo n'ikuzo bivuye ku Mana byaherekeje ubuhamya bwabo. Abamarayika bo mu ijuru bafashe inanga zabo maze basingiza Imana. Mu majwi agaragaza insinzi bategurije Umwana w'Imana wari uje mu isi yacumuye kugira ngo asohoze umurimo wo gucungura umuntu, kandi kubw'urupfu rwe azanire umuntu amahoro, umunezero n'ubugingo buhoraho. Imana yubashye ukuza k'Umwana wayo n'abamarayika baramuramya. [IZ 130.4](#)

Abamarayika b'Imana batambaga hejuru bitegereza igihe yabatizwaga; Mwuka Muziranenge yamanutse mu ishusho y'inuma maze amugaragazaho urumuri. Ubwo abantu bari bahagaze aho batangaye cyane, bamuhanze amaso, bumvise ijwi rya Data wa twese rivugira mu ijuru riti: "Ni wowe Mwana wanjye nkunda, nkakwishimira." [IZ 131.1](#)

Yohana ntiyari azi ko uwo ari Umukiza uje amusanga kugira ngo amubatirize muri Yorodani. Nyamara Imana yari yaramusezeraniye ko izamuha ikimenyetso kizatuma amenya Ntama w'Imana. icyo kimenyetso cyatanzwe ubwo inuma iturutse mu ijuru yazaga igahagarara kuri Yesu maze ikuzo ry'Imana rikarabagirana ahamuzengurutse hose. Yohana yarambuye ukuboko kwe agutunga Yesu maze avuga n'ijwi riranga ati: "Nguyu Umwana w'intama w'Imana, ukuraho ibyaha by'abari mu isi." [IZ 131.2](#)

Yohana yamenyesheje abigishwa be ko Yesu ari Mesiya wasezeranwe, Umukiza w'isi. Ubwo umurimo we warimo urangira, Yohana yigishije abamukurikiraga kureba Yesu kandi bakamukurikira kuko ari we Mwigisha Mukuru. Imibereho ya Yohana yari yuzuye imibabaro no kwiyanga. Yategurije ukuza kwa mbere kwa Kristo, ariko ntiyemerewe kubona ibitangaza bya Kristo no kwishimira ubushobozi yagaragaje. Yohana ubwe yari azi ko agomba gupfa igihe Yesu yajyaga gutangira umurimo we nk'umwigisha. Ijwi rye ntiryanzwe ricyumvikana cyane, usibye mu butayu gusa. Imibereho ye yari iyo kuba ahitaruye wenyine. Ntiyakomeje komatana n'umuryango wa Se ngo anezerwe no kubana na bene wabo, ahubwo yarabasize kugira ngo asohoze umurimo we. Abantu benshi bavaga mu mijyi ituwe cyane no mu midugudu maze bakerekeza mu butayu bajanywe no kumva amagambo y'uwo muhanuzi utangaje. Yohana yageraga

ishoka ku mizi y'igiti. Yamaganaga icyaha ntatinye ingaruka zamubaho, maze ategurira inzira Ntama w'Imana. [IZ 131.3](#)

Ubwo Herode yumvaga ubuhamya bwa Yohana bukomeye kandi budakebakeba, yakozwe ku mutima maze n'amatsiko menshi abaza icyo agomba gukora kugira ngo abe umwigishwa we. Yohana yari azi neza ko Herode agiye kurongora umugore w'umuvandimwe we nyamara umugabo w'uwo mugore yari akiriho maze abwiza Herode ukuri ko amategeko atabyemera. Herode ntiyashakaga kugira icyo areka. Yatwaye umugore wa mwene se, kandi biturutse ku mbaraga z'uwo mugore, Herode yafashe Yohana maze amushyira mu nzu y'imbohe nyamara agambiriye ko azagera aho akamurekura. Ubwo Yohana yari afunzwe, abigishwa be bamubwiye iby'imirimo ikomeye Yesu akora. Ntabwo yashoboraga kumva amagambo ye yuje ubuntu, ariko abigishwa baramubwiraga kandi bakamuhumurisha ibyo babaga bumvise. Bidatinze, Yohana yaje gucibwa umutwe biturutse ku mugore wa Herode. Nabonye ko abigishwa bicishaga bugufi cyane bakurikiye Yesu babonye ibitangaza bye, kandi bumvise amagambo ahumuriza yavaga mu kanwa ke, baruse Yohana Umubatiza. Ibyo bivuze ko bahawe ikuzo n'icyubahiro kurutaho, ndetse bagize umunezero uruseho mu mibereho yabo. [IZ 131.4](#)

Yohana yaje afite umwuka n'imbaraga nk'ibya Eliya kugira ngo yamamaze inkuru yo kuza bwa mbere kwa Yesu. Neretswe ibyo mu minsi y'imperuka maze mbona ko Yohana yari ahagarariye abazagenda buzuye umwuka n'imbaraga za Eliya kugira ngo bategurize umunsi w'uburakari no kugaruka kwa Yesu. [IZ 131.5](#)

Yesu amaze kubatirizwa muri Yorodani, Mwuka yamujyanye mu butayu kugira ngo umwanzi amugeragerezeyo. Mwuka Muziranenge yari yaramaze kumutegurira guhangana n'ibyo bigeragezo biteye ubwoba. Yamaze iminsi mirongo ine ageragezwa na Satani kandi muri iyo minsi ntiyagize icyo aya. Mu byari bimukikije byose nta na kimwe cyari kinejeje cyari gutera kamere muntu kugamburura. Aho hantu h'ikidaturwa kandi hitaruye Yesu yari kumwe n'inyamaswa zo mu gasozi n'umwanzi. Umwana w'Imana yari yatentebutse kandi yananutse bitewe n'umubabaro no kutagira icyo aya cyangwa ngo anywe. Nyamara yari yamaze kwiyemeza, kandi yagombaga gusohoza umurimo yari yaraje gukora. [IZ 132.1](#)

Satani yuririye ku mibabaro y'Umwana w'Imana maze ategura kumwibasira akoresheje ibigeragezo byinshi binyuranye yiringira ko agiye kumutsinda kubera ko Yesu yari yicishije bugufi akamera nk'umuntu. Satani yazanye iki kigeragezo kigira kiti: "Niba uri Umwana w'Imana, bwira iri buye rihinduke umutsima." Yagerageje Yesu kugira ngo ace bugufi atange igihamya kigaragaza ko ari Mesiya ndetse akoresheje ubushobozi bwe bw'ubumana. Yesu yamusubije atazuyaje agira ati: "Handitswe ngo: 'Umuntu ntatungwa n'umutsima gusa, ahubwo atungwa n'amagambo yose ava mu kanwa k'Imana.'" [IZ 132.2](#)

Satani yashakaga uburyo yajya impaka na Yesu ku bijyanye n'uko ari Umwana w'Imana. Satani yahereye ku ntege nke n'umubabaro Yesu yari afite maze ahamya yishongora ko amurusha imbaraga. Nyamara ijambo ryavugiwe mu ijuru ngo: "Uri

Umwana wanjye nkunda, nkakwishimira,” ryari rihagije kugira ngo rikomeje Yesu mu mibabaro yose yarimo. Nabonye ko nta kintu Kristo yagombaga gukora kugira ngo yemeze Satani iby’ububasha bwe cyangwa ko ari Umukiza w’isi. Satani yari afite ibihamya bihagije byerekeye ikuzo n’ubutware by’Umwana w’Imana. Kwanga kuyoboka ubutware bw’Umwana w’Imana ni byo byatumye yirukanwa mu ijuru. [IZ 132.3](#)

Kugira ngo Satani yerekane ububasha bwe, yajyanye Yesu i Yerusalemu, amuhagarika ku gasongero k’urusengero rwaho, maze ahamugerageresha gutanga igihamya cyerekana ko ari Umwana w’Imana akoresheje gusimbuka ako gasongero akagwa hasi. Satani yaje yitwaje amagambo yo mu Byanditswe Byera agira ati: “Kuko byanditswe ngo: ‘Izategeka abamarayika bayo, bakuramire mu maboko yabo, ngo udakubita ikirenge ku ibuye.’” Yesu yamusubije agira ati: “Kandi handitswe ngo, ‘Ntukagerageze Uwiteka Imana yawe.’” Satani yifuzaga ko Yesu ashidikanya imbabazi za Se maze agashyira ubuzima bwe mu kaga mbere yuko asohoza umugambi wamuzanye. Yiringiraga ko umugambi w’agakiza uzapfuba; nyamara uwo mugambi wari warateguwe mu buryo bwimbitse ku buryo utashoboraga kuburizwamo cyangwa ngo urogowe na Satani. [IZ 132.4](#)

Yesu ni urugero ku Bakristo bose. Igihe bageragejwe cyangwa uburenganzira bwabo bubangamiwe, bakwiriye kubyakira bihanganye. Ntibakwiriye kumva ko bafite uburenganzira bwo gutabaza Imana kugira ngo igaragaze imbaraga zayo bityo babashe kwiganzura ababisha babo. Ibyo bikwiriye kubaho gusa igihe Imana ishobora guhererwa ikuzo n’icyubahiro muri icyo gikorwa. Iyo Yesu aza gusimbuka agasongero k’urusengero, ntibyajyaga guhesha Se ikuzo, kuko nta bantu bari kuba babonye icyo gikorwa uretse Satani n’abamarayika b’Imana bonyine. Kandi byajyaga kuba ukugerageza Imana kugira ngo yereke umwanzi wayo gica imbaraga zayo. Byajyaga kuba gupfukamira uwo Yesu yaje kunesha. [IZ 132.5](#)

“Umwanzi aramuzamura amwereka ubwami bwose bwo mu isi mu kanya gato, aramubwira ati: ‘Ndaguha ubu butware bwose n’ikuzo ryabwo, kuko ari jye wabugabanye kandi mbugabira uwo nshaka wese. Nuko nupfukama ukandamyi, buriya bwose buraba ubwawe.’ Yesu aramusubiza ati: ‘Mva inyuma Satani, kuko byanditswe ngo: ‘Uramye Uwiteka Imana yawe, abe ari yo ukorera yonyine.’” [63](#) [IZ 133.1](#)

Satani yeretse Yesu ubwami bwo ku isi mu buryo bureshya bitangaje. Satani yavuze ko ubutunzi bwo ku isi ari ubwe ndetse ko arabureka akabuha Yesu naramuka apfukamye akamuramya. Satani yari azi neza ko inama y’agakiza nishyirwa mu bikorwa, Yesu agapfa kugira go acungure umuntu, ubushobozi bwe bwagombaga kugira aho bugarukira kandi amaherezo bukazatsembwaho, ndetse yari azi ko azarimburwa. Niyo mpamvu byari umugambi we wizwe neza ngo niba bishoboka akome mu nkokora uwo murimo ukomeye Umwana w’Imana yari yaratangiye. Iyo umugambi wo gucungura umuntu utagerwaho, Satani yari kugumana ubwami yavugaga ko ari ubwe. Kandi iyo abigeraho, yishyeshyaga yibwira ko azategeka ubwami buhanganye n’Imana yo mu ijuru. [IZ 133.2](#)

Igihe Yesu yiyamburaga ubutware n'ikuzo yari afite maze akava mu ijuru, Satani yarishimye cyane. Yatekereje ko noneho Umwana w'Imana ashyizwe mu maboko ye. Ikigeragezo cyatsindiye Adamu na Eva muri Edeni mu buryo bworoshye ku buryo byatumye Satani yiringira ko kubw'ubushobozi n'ubucakura bwe azabasha gutsinda n'Umwana w'Imana bityo akaba akijije ubuzima bwe ndetse n'ingoma ye. Iyo ashobora gushuka Yesu akamuteshura ku bushake bwa Se, umugambi we wari kuba ugezweho. Nyamara Yesu yahanganye n'uwo mushukanyi amucyaha ati: "Mva inyuma Satani." Yagombaga gupfukamira Se gusa. [IZ 133.3](#)

Satani yavugaga ko ubwami bw'isi ari ubwe kandi ashaka kumvisha Yesu ko imibabaro ye yose ishobora kuvaho: ko adakeneye gupfa kugira ngo akunde abone ubwami bw'iyi si; ko ahubwo namuramya azahabwa ibyo mu isi byose kandi akanahabwa ikuzo ryo kubitegeka. Nyamara Yesu yahagaze ashikamye. Yari azi neza ko kubwo gutanga ubugingo bwe igihe kizagera agacungura ubwami bw'isi akabunyaga Satani, ndetse ko nyuma y'igihe gito, abo mu ijuru bose n'abo ku isi bazamuyoboka. Yahisemo imibereho yuzuye imibabaro, apfa urupfu rubi nk'uburyo bwagenwe na Se kugira ngo abe umuragwa wemewe n'amategeko uhabwa ubwami bwo ku isi, kandi ngo abwegurirwe bube ubwe ubuziraherezo. Satani nawe azashyirwa mu maboko ya Yesu ngo amurimbuzwe urupfu, ubutazongera kubuza amahoro Yesu cyangwa intungane zizaba ziri mu bwiza.

Umurimo wa Kristo

Satani arangije ubushukanyi bwe, yavuye aho Yesu ari akanya gato aragenda, maze abamarayika bategurira Yesu ifunguro aho yari ari mu butayu, baramukomeza; kandi umugisha uturutse kwa Se uramumanukira umuzaho. Satani yari yatsindiye mu bishuko bye bikomeye cyane; ariko kandi yari ategereje igihe Yesu yagombaga kuba ari gukora umurimo we, aho mu bihe binyuranye yagombaga kugerageza gukoresha ubucakura bwe amurwanya. Yari agikomeje kwiringira ko azamutsinda akoresheje guhagurutsa abantu bajyaga kwanga kwakira Yesu, kugira ngo bamwange ndetse bashake uko bamwica. Satani yagiranye n'abamarayika be inama idasanzwe. Bari bababajwe cyane kandi barakajwe n'uko ntacyo babashije gutwara Umwana w'Imana. Biyemeje ko bagomba gukaza ubucakura kandi bagakoresha imbaraga zabo zose bagateza ukutizera mu ntekerezo z'abantu b'ishyanga rye bwite bagashidikanya ko ari Umukiza w'isi, bityo muri ubwo buryo bagaca Yesu intege mu murimo we. Uko byagenda kose, Abayuda batakabakebaga mu mihango yabo n'ibitambo byabo, kugirwa impumyi kwabo ntibasobanukirwe ubuhanuzi ndetse bakanizera ko Mesiya yagombaga kuzaza ari umwami ukomeye wo ku isi, byagombaga kubatera gusuzugura no kwanga Yesu. [IZ 134.1](#)

Neretswe ko Satani n'abamarayika be bashyashyanaga cyane igihe Kristo yakoraga umurimo we. Bagatezaga abantu kutizera, urwango n'agasuzuguro. Incuro nyinshi igihe Yesu yavugaga ukuri kwahuranyije, acyahira abantu ibyaha byabo, bazabiranywaga n'uburakari. Satani n'abamarayika be boheje abantu kwica Umwana w'Imana. Bashatse kumutera amabuye incuro nyinshi, ariko abamarayika baramurinda maze baramufata bamuhungisha imbaga y'abantu babaga bamurakariye. Nanone, igihe ukuri kumvikana

kwashokaga mu kanwa ke, imbaga y'abantu yaramusumiye iramujiyana ngo imuhirike ku manga y'umusozi. Impaka zavutse muri abo bantu bibaza uko bagomba kumugenza maze muri icyo gihe abamarayika bongera kumugobotora bamuhisha ya mbaga y'abantu, maze abanyura hagati arigendera. [IZ 134.2](#)

Satani yari acyiringiye ko umugambi ukomeye w'agakiza utazagerwaho. Yakoresheje imbaraga ze zose kugira ngo anangire imitima y'abantu kandi atume n'intekerezo zabo zizinukwa Yesu. Yizeraga ko abantu bake cyane ari bo bazakira Yesu nk'Umwana w'Imana bityo ibyo bitume Yesu abona ko imibabaro ye n'igitambo cye bikomeye cyane ku buryo bidakwiriye kubaho kubw'itsinda rito nk'iryo. Nyamara nabonye ko n'iyi haza kuboneka abantu babiri gusa bakira Yesu nk'Umwana w'Imana maze bakamwizera nk'Umukiza w'ubugingo bwabo, Yesu yagombaga gushyira mu bikorwa umugambi w'agakiza. [IZ 134.3](#)

Yesu yatangiye umurimo we kumenagura imbaraga Satani yagaragarizaga mu mibabaro y'abantu. Yakizaga abarwayi bagasubirana amagara mazima, yahumuye impumyi, akiza abaremeye, abatera gusabwa n'ibyishimo no gusingiza Imana. Yakizaga abamugaye kandi akabohora ababoshywe n'ubugome bwa Satani imyaka myinshi. Yahumurizaga abacitse intege, abatentebutse n'abatagira kivurira akoresheje kubabwira amagambo y'ineza. Abanyanteye nke n'abababazwa Satani yari yarigaruriye, Yesu yarabamwamburaga, akabaha umubiri uzira umuze kandi akabuzura ibyishimo n'umunezero. Yazuraga abapfuye maze bagasingiza Imana kubwo kwigaragaza gukomeye kw'imbaraga zayo. Abamwizeye bese yabakoreye ibikomeye. [IZ 135.1](#)

Imibereho ya Kristo yarangwaga n'amagambo n'ibikorwa by'ubugiraneza, impuhwe n'urukundo. Yahoraga yiteguye kumva no gukiza ibyago by'abazaga bamugana bese. Abantu benshi bagendaga babwira bene wabo ibihamya by'imbaraga ze mvajuru. Nyamara ubwo umurimo we wari urangiye, benshi bumvise bakozwe n'isoni z'uwo mwigisha wari uciye bugufi kandi akomeye. Abantu ntibashakaga kumwemera bitewe n'uko abigishamategeko nabo batamwizeye. Yari umuntu w'umunyamibabaro wamenyereye intimba. Ntibashoboraga kwihanganira kuyoborwa n'imibereho ye irangwa no kwiyoroshya no kwiyanga. Bifuzaga gushimishwa n'icyubahiro isi itanga. Nubwo byari bimeze bityo, benshi bakurikiye Umwana w'Imana kandi batega amatwi ibyo yigishaga, bakanezezwa n'amagambo aryoshye yaturukaga mu kanwa ke. Amagambo ye yabaga afite ubusobanuro bwimbitse nyamara yarumvikanaga ku buryo n'umuswa hanyuma y'abandi yabashaga kuyasobanukirwa. [IZ 135.2](#)

Satani n'abamarayika be bahumye amaso y'Abayuda kandi bijimisha intekerezo zabo, ndetse bahagurutsa abakuru b'Abayuda n'abigishamategeko kugira ngo bice Umukiza. Abandi boherejwe kujya gufata Yesu bakamubazanira; ariko ubwo bari bamugeze hafi baratangaye cyane. Babonye yuzuye imbabazi n'impuhwe mu gihe yabonaga amakuba y'abantu. Bamwumvanaga amagambo y'urukundo n'ineza yahumurizaga abanyanteye nke n'abashavuye. Na none kandi mu ijwi ryuje ubutware, bamwumvise acyaha imbaraga za Satani maze akabohora abo yagize imbohe bakagenda bafite umudendezo. Bumvise amagambo yuzuye ubwenge yavaga mu

kanwa ke maze baratwarwa ntibatinyuka kumufata. Basubiye ku batambyi n’abakuru b’idini batajyanye Yesu. Ubwo babazwaga “impamvu batamuzanye”, babatekerereje ibitangaza babonye akora, ndetse n’amagambo atunganye y’ubwenge, urukundo n’ubuhanga bamwumvanye, maze barangiza bavuga bati: “Nta muntu wigeze kuvuga nkawe.” Abatambyi bakuru bashinje abo bantu ko nabo baguye mu buyobe, maze bamwe mu bayobozi bakorwa n’isoni z’uko abo bantu batamufashe. Abatambyi bababazanyije agasuzuguro niba hari n’umwe wo mu bakuru b’ubwoko wigeze amwizera. Nabonye ko hari benshi mu bacamanza n’abakuru b’ubwoko bizeye Yesu; ariko Satani ababuzza kubigaragaza. Batinyaga ko abantu babagaya kuruta uko batinyaga Imana. [IZ 135.3](#)

Nyamara n’ubwo byari bimeze bityo, ubucakura n’urwango bya Satani ntibyabashije kuburizamo umugambi w’agakiza. Igihe cyo gusohoza umugambi watumye Yesu aza ku si cyari cyegereje. Satani n’abamarayika be bagiye inama maze bafata umwanzuro wo gutera abantu b’ishyamba Yesu ubwe yavutsemo kugira ngo bashegere kumwica kandi bagambirire kumugirira nabi no kumukwena. Satani n’abamarayika be biringiraga ko Yesu azinubira gufatwa atyo maze akananirwa gukomeza kwicisha bugufi no kwiyoroshya. [IZ 136.1](#)

Ubwo Satani yacuraga imigambi ye, Yesu nawe yariho ahishurira abigishwa be iby’imibabaro agomba kuzanyuramo: uburyo yari kuzabambwa maze akazazuka ku muni wa gatatu. Nyamara intekerezo zabo zasaga n’izicuze umwijima, bityo ntibashobore gusobanukirwa ibyo ababwira.

Ukurabagirana kwa Yesu

Igihe cyo kurabagirana kwa Yesu, ukwizera kw’intumwa kwarushijeho gukomezwa. icyo ni igihe bemerewaga kubona Kristo mu ikuzo rye ndetse no kumva ijwi riturutse mu ijuru ribahamiriza ko afite kamere y’ubumana. Imana yahisemo guha abayoboze ba Yesu igihamba gikomeye cy’uko ari we Mesiya wasezeranywe, kandi ko mu mubabaro wabo ukomeye no gucika intege bazagira igihe azaba abambwe badakwiriye kuzareka burundu ibyiringiro byabo. Cya gihe cyo kurabagirana kwa Yesu, Uwituka yohereje Mose na Eliya kugira ngo baganire na Yesu iby’imibabaro ye n’urupfu rwe. Mu cyimbo cyo guhitamo abamarayika ngo abe ari bo baza kuganira n’Umwana wayo, Imana yahisemo kohereza abantu bari baranyuze mu bigeragezo byo ku isi. [IZ 136.3](#)

Eliya yari yaragendanye n’Imana. Umurimo we wari uruhije kandi wuzuyemo ingorane kuko Uwituka yari yaramukoresheje agacyaga ibyaha bya Isirayeli. Eliya yari umuhanuzi w’Imana; nyamara byagiye biba ngombwa ko ahunga akava ahantu hamwe ajya ahandi kugira ngo akize ubugingo bwe. Ubwoko bwe bwite bwamuhigaga nk’uhiga inyamaswa bushaka kumuhitana. Ariko Imana yaramwimuye. Abamarayika bamujyanye mu ijuru afite ikuzo kandi atsinze. [IZ 136.4](#)

Mose yari akomeye kurusha abandi bese babayeho mbere ye. Imana yari yaramuhaye icyubahiro gikomeye, kuko yari yarahawe amahirwe yo kuvugana n’Imana imbona nkubone nk’uko umuntu avugana n’incuti ye. Yari yarashobojwe kureba umucyo

w'agatangaza n'ikuzo rihebuje byari bigose Data wa twese. Uwiteka yakoresheje Mose maze akura ubwoko bwa Isiraheli mu buretwa barimo mu Misiri. Mose yari umuhuza w'Imana n'ubwoko bwe kuko incuro nyinshi yahagararaga hagati y'ubwoko bwe n'uburakari bw'Imana. Ubwo uburakari bw'Imana bwakongerezwaga ubwoko Abisirayeli kubera kutizera kwabo, kwivovota kwabo, n'ibyaha byabo biteye agahinda, urukundo Mose yabakundaga rwashyizwe ku munzani. Imana yashatse kubarimbura burundu maze ikamuhindura ishyanga rikomeye. Mose yerekanye urukundo akunda Abisirayeli ubwo yabasabirara yinginga. Muri uko guhagarika umutima kwe yasabye Imana kureka uburakari bwayo bukaze maze ikababarira Abisiraheli, bitaba ibyo ikamuhanagura mu gitabo cyayo. [IZ 136.5](#)

Ubwo Abisiraheli bivovoteraga Imana na Mose bitewe no kubura amazi, bamushinje ko yabazaniye kubicana n'abana babo. Imana yumvise kwivovota kwabo maze ibwira Mose ngo nabwire urutare rutange amazi abantu babone ayo banywa. Mose yakubise urutare n'umujinya mwinshi maze yiha icyubahiro. Kuyobagurika kw'Abisirayeli no kwivovota kwabo bitahwemaga byari byaratumye Mose agira agahinda gakomeye, maze mu gihe gito yibagirwa uburyo Uwiteka yagiye abihanganira, kandi ko atari we bivovoteraga ahubwo ari Imana bivovoteraga. Yitekerezagaho ubwe gusa, uburyo bamuhemukiye bikomeye ndetse n'uko bamubereye indashima nyamara we yarabakundaga bikomeye. [IZ 137.1](#)

Incuro nyinshi kuyobora abantu bayo ahantu haromboreje byabaga ari umugambi w'Imana, kandi noneho baba bageze aho bibakomereye yabakirishaga imbaraga zayo kugira ngo bashobore gusobanukirwa urukundo rwayo n'uburyo ibitaho bityo bibatere kuyikorera no kuyubaha. Ariko Mose yari yananiwe kubaha Imana no kogeza izina ryayo imbere y'abantu kugira ngo na bo bayihe ikuzo. Ibyo byateye Uwiteka kutamwishimira. [IZ 137.2](#)

Igihe Mose yamanukaga umusozi afite ibisate by'amabuye bibiri maze akabona Abisirayeli bari kuramya inyana y'izahabu, uburakari bwe bwaragurumanye maze ajugunya bya bisate by'amabuye hasi arabimena. Neretswe ko mu gukora atyo nta cyaha Mose yakoze. Yari arakariye iby'Imana, afuhiye ikuzo ryayo. Nyamara igihe yumviraga kamere y'umutima we maze akiha icyubahiro cyagombaga guhabwa Imana, yakoze icyaha, kandi kubw'icyo cyaha Imana ntiyemeye ko yinjira mu gihugu cy'i Kanani. [IZ 137.3](#)

Satani yari yaragiye agerageza gushakisha icyo yashingiraho ngo arege Mose ku bamarayika. Satani yashimishijwe cyane n'uko yageze ku ntego ye yo gutera Mose kudashimisha Imana maze abwira abamarayika ko azashobora no gutsinda Umukiza w'isi ubwo azaba aje gucungura umuntu. Kubera icyo gicumuro cye, Mose yagiye munsi y'ubutware bwa Satani, atwarwa n'urupfu. Iyo akomeza gushikama, Imana iba yaramujyanye mu gihugu cy'Isezerano, kandi ikamwimurira mu ijuru adapfuye. [IZ 137.4](#)

Mose yanyuze mu rupfu, ariko Mikayeli yaramanutse amuha ubugingo mbere y'uko umubiri we ubora. Satani yagerageje guherana umurambo wa Mose, avuga ko ari uwe, ariko Mikayeli azura Mose maze amujyana mu ijuru. Satani yarakariye Imana cyane,

ayisebya ko ica urwa kibera kuko yemeye ko yamburwa uwari umuhigo we. Nyamara Kristo ntiyigeze acyaha uwo mwanzi we nubwo uwo mugaragu w’Imana yari yacumuye biturutse ku kigeragezo cya Satani. Yamuregeye se yiyoroheje agira ati: “Uwiteka aguhane Satani.” [IZ 137.5](#)

Yesu yari yarabwiye abigishwa be ko hari bamwe mu bo bari bahagararanye batazigera basogongera ku rupfu kugeza ubwo bazabona ubwami bw’Imana buje mu mbaraga. Iryo sezerano ryasohoye igihe cyo Yesu yarabagiranaga. Mu maso ha Yesu harahindutse maze arabagirana nk’izuba. Imyambaro ye yarareranaga kandi ishashagirana. Mose yari ahari kugira ngo ahagararire abazazurwa mu bapfuye ubwo Yesu Kristo azaba agarutse. Kandi Eliya wimuwe adasogongeye urupfu yari ahagarariye ba bandi bazahindurwa bagahabwa kudapfa ubwo Kristo azaba agarutse maze bakimurirwa mu ijuru badapfuye. Ubwo abigishwa biterezaga igitinyiro gihebuje cya Yesu n’igicu cyari kibatwikiriye, ndetse bakanumva ijwi ry’Imana riteye ubwoba cyane rivuga riti: “Nguyu Umwana wanjye nkunda nkamwishimira, mumwumvire”, baratangaye kandi bagira ubwoba.

Kristo agambanirwa

Neretswe iby’igihe Yesu yasangiraga Pasika n’abigishwa be. Satani yari yarashutse Yuda maze amutera kwibwira ko ari umwe mu bigishwa nyakuri ba Kristo; ariko umutima we wari ukiri uwa kamere. Yari yariboneye imirimo ikomeye ya Yesu, yari yarabanye nawe igihe yakoraga umurimo we, kandi yari yaremeye igihamba gikomeye cyamuhamirizaga ko Kristo ari Mesiya; ariko Yuda yari anangiye kandi yifuzaga amafaranga ndetse akanayakundaga. N’umujinya mwinshi, yinubiye ko amavuta y’igiciro cyinshi asutswe ku birenge bya Yesu. Mariya yakundaga Umwami we. Yari yaramubabariye ibyaha bye byari byinshi, kandi yari yarazuye musaza we yakundaga cyane, bityo Mariya yumva ko nta kintu na kimwe yakunda ku buryo atagiha Yesu. Uko guhenda kw’ayo mavuta, ni bwo buryo bwiza Mariya yashakaga kwerekaniro uko ashima Umukiza we ayamusukaho. Nk’urwitwazo ku mururumba we, Yuda yavuze ko ayo mavuta yagombaga kugurishwa noneho amafaranga agahabwa abakene. Nyamara ibyo ntiyabivugiyeye kubera ko yitaye ku bakene; kuko yari umunyabugugu kandi akenshi ibyo yari yarashinzwe kugira ngo abisaranganye abakene yabikoreshaga mu nyungu ze bwite. Yuda ntiyari yaragiye yita ku guhumuriza Yesu ndetse no kubyo yabaga akeneye, bityo kugira ngo ahishire umururumba we, incuro nyinshi yavugaga yerekeza ku bakene. Iki gikorwa cy’ubugiraneza Mariya yakoze cyari ugucyaha gukomeye cyane gukozwe ku mutima we w’ubugugu. Igishuko cya Satani cyari giteguriwe inzira ngo cyakirwe neza mu mutima wa Yuda. [IZ 138.2](#)

Abatambyi n’abatware b’Abayuda bangaga Yesu; ariko imbaga y’abantu yaramukurikiraga kugira ngo yumve amagambo ye yuzuye ubwenge kandi barebe imirimo ye ikomeye. Abantu bahagurukaga bashishikaye kandi bafite n’amatsiko menshi bakamukurikira kugira ngo bumve inyigisho z’uwo mwigisha uhebuje. Benshi mu batware b’Abayuda baramwizeye, ariko ntibahangara kwatura ukwizera kwabo kugira ngo badacibwa mu rusengeru. Abatambyi n’abakuru b’Abayuda bafashe umwanzuro ko hari ikigomba gukorwa kugira ngo intekerezo z’abantu zikurwe kuri Yesu. Batinyaga ko

abantu bose bamwizera kuko batari kumva bafite umutekano. Bagombaga gutakaza imyanya yabo byaba bitabaye ibyo bakica Yesu. Nyamara na nyuma yo kumwica, hari abagombaga gukomeza kubaho bakaba ibihama bihora bigaragara by'imbaraga ze. Yesu yari yarazuye Lazaro, kandi batinyaga ko nibaramuka bishe Yesu, Lazaro azahama imbaraga ze zikomeye. Abantu bazaga ari benshi baje kureba uwazutse mu bapfuye, bityo abategetsu b'Abayuda biyemeza kwica na Lazaro kugira ngo bacecekeshe gukangarana kwa rubanda. Ubwo ni bwo bajyaga kugarura abantu ku migendo n'inyigisho by'abantu, ku gutanga icyacumi cy'isogi n'imbwija, kandi bakongera kugira ijamba ku bantu. Bemeranyijwe gufata Yesu igihe azaba ari wenyine kuko iyo bagarageza kumufata ari mu mbaga y'abantu, igihe intekerezo z'abantu bose ari we zari zirangamiye, bajyaga guterwa amabuye. [IZ 138.3](#)

Yuda yamenye ko abatambyi n'abakuru b'Abayuda bafite inyota yo gufata Yesu maze yiyemeza kumugambanira ahawe ibice bike by'ifeza. Urukundo Yuda yakundaga amafaranga rwatumye yemera kugambanira Umwami we amutanga mu maboko y'abanzi be gica. Satani yakoreraga muri Yuda, maze ubwo ibirori byo gusangira ifunguro rya nyuma byari bigeze hagati, umugambanyi we yari ari gucura imigambi yo kugambanira Shebuja. Yesu yabwiranye abigishwa be agahinda ko kubera we iryo joro riribuze kubahemuka bese. Nyamara Petero yavuganye ubukana bwinshi ahama ko nubwo abandi bese bahemuka, we adashobora guhemuka. Yesu yabwiye Petero ati: "Satani yabasabye ngo abagosore nk'amasaka, ariko weho ndakwingingiyeye ngo kwizera kwawe kudacogora; nawe numara guhinduka, ukomeze bagenzi bawe." Luka 22:31, 32. [IZ 139.1](#)

Neretswe Yesu ari mu gashyamba hamwe n'abigishwa be. N'umubabaro mwishi yinginga abigishwa be ngo babe maso kandi basenge kugira ngo batajya mu moshya. Yari azi ko kwizera kwabo kuri bugaragezwe, maze ibyiringiro byabo bigacogora, kandi ko nta handi bari buvane imbaraga yose yo kubakomeza uretse mu kuba maso no gusengana umwete. Mu ijwi rirenga no gutaka kwinshi, Yesu yasanze agira ati: "Data, nubishaka undenze iki gikombe, ariko bye kuba uko nshaka, ahubwo bibe uko ushaka." Umwana w'Imana yasenganaga umubabaro mwinshi. Ibitonyanga binini by'amaraso byaje mu maso he maze bijojoba bigwa hasi. Abamarayika bagendagenda hejuru y'aho yari ari bitegereza ibiri kuba, ariko umwe wenyine niwe woherejwe kugira ngo aje gukomeza Umwana w'Imana muri uwo mubabaro ukomeye yarimo. Nta byishimo byari mu ijuru. Abamarayika bakura amakamba yabo ku mitwe kandi bashyira n'inanga zabo hasi maze bitegereza Yesu bucece. Bifuzaga gukikiza Umwana w'Imana ariko abamarayika babayoboye ntibabibemerera kugira ngo batabona uko agambaniwe bigatuma bamutabara; kuko umugambi wari warateguwe kandi ugomba gusohozwa. [IZ 139.2](#)

Yesu amaze gusenga yaje aho abigishwa be bari; nyamara yasanze basinziriye. Muri iyo saha iteye ubwoba, ntiyigeze abona abigishwa be bifatanyaga nawe ndetse habe no kumufasha gusenga. Petero wari wabanje kuba intwari mu kanya gato kari gashize yari yahunikiriye. Yesu yamwibukije amagambo yari yavuze ayashimikiriye maze aramubwira ati: "Nawe koko ntubashije kubana nanjye n'isaha imwe?" Umwana w'Imana yasenganye umubabaro mwinshi incuro eshatu. Nuko Yuda n'igitero cy'abantu

bari kumwe bitwaje intwaro baba baraje. Yegereye Shebuja nk'uko byari bisanzwe kugira ngo amuramutse. Cya gitero cy'abantu bitwaje intwaro kigota Yesu; ariko aho Yesu ahagaragariza imbaraga ze z'ubumana arababaza ati: "Murashaka nde?" "Ni nyewe." Basubiye inyuma bagwa hasi. Yesu yababajije atyo agira ngo bamenye imbaraga ze kandi basobanukirwe ko aramutse abishatse ashobora kwigobotora mu maboko yabo. [IZ 140.1](#)

Ubwo abigishwa babonaga cya gitero cy'abantu bitwaje amacumu n'inkota bikubise hasi ako kanya batangiyeye kugira ibyiringiro. Ubwo bahagurukaga kandi bakongera gukikiza Umwana w'Imana, Petero yakuye inkota ye ayikubita umugaragu w'umutambyi mukuru maze amuca ugutwi. Yesu yasabye Petero gusubiza inkota ye mu rwubati amubwira ati: "Mbese ntuzi ko nshobora gutabaza Dat, agahita ampa imitwe y'ingabo y'abamarayika irenze cumi n'ibiri?" 64 Nabonye ko igihe ayo magambo yavugwaga, mu maso h'abamarayika hagaragaye ibyiringiro. icyo gihe bifuzaga kuba baza bakazenguruka Shebuja maze bakamenesha iyo mbaga y'abantu bari barakaye bikabije. Ariko nanone bongeye kugira agahinda ubwo Yesu yongeraga kuvuga ati: "Ariko rero bibaye bityo, ibyanditswe byasohora bite kandi ari ko bikwiriye kuba?" Igihe Yesu ubwe yemeraga ko abanzi be bamujyana, imitima y'abigishwa nayo yaguye mu majune kandi icika intege. [IZ 140.2](#)

Abigishwa batinyaga ko nabo bahatakariza ubuzima bwabo, maze bose baramutererana barahunga. Yesu yasigaye wenyine mu maboko y'icyo gitero cy'abicanyi. Mbega uko icyo gihe Satani yari atsinze! Mbega umubabaro n'agahinda abamarayika b'Imana bagize! Amatsinda menshi y'abamarayika bazira inenge, buri tsinda rirangajwe imbere n'umugaba waryo, boherejwe kuza kureba ibiri kuba. Bagombaga kwandika igitutsi cyose n'ubugome bwose byakorewe Umwana w'Imana, kandi bakandika intimba yose ikomotse ku mubabaro n'ishavu Yesu yagombaga kugira; kuko abantu bose bagize uruhare muri iki gikorwa giteye ubwoba bazongera kubyibonera byanditswe nk'uko byagenze. [IZ 140.3](#)

Kristo acirwa urubanza

Ubwo abamarayika bavaga mu ijuru, bakuyemo amakamba yabo arabagirana bafite agahinda. Ntibashoboraga kuyambara igihe Umugaba wabo yababazwaga kandi agomba no kwambikwa ikamba ry'amahwa. Satani n'abamarayika be bari bari mu rukiko bashyashyana kugira ngo bakureho umutima w'impuhwe no kuzirikana biranga umuntu. Umwuka warangwaga muri icyo cyumba wari mubi kandi wahumanyijwe na Satani. Abatambyi bakuru n'abatware b'Abayuda bakoreshwaga na Satani n'abamarayika be bakabatera gutuka no gutesha Yesu agaciro mu buryo bukomeye cyane kameremuntu itabasha kwihanganira. Satani yiringiraga ko uko gukwenwa no kugirirwa nabi byatuma Umwana w'Imana yinuba cyangwa akivovota, cyangwa se agakoresha imbaraga ze z'ubumana, akigobotora mu maboko y'iryo teraniro maze byaba bityo umugambi w'agakiza ntugerweho. [IZ 141.1](#)

Petero yakurikiye Shebuja ubwo yari amaze kugambanirwa. Yari afite amatsiko yo kubona uko bari bugenze Yesu. Ariko igihe bamushinjaga ko ari umwe mu bigishwa ba Yesu, ubwoba bw'uko yatakaza ubuzima bwe bwamuteye kuvuga ko atazi uwo muntu. Abigishwa bamenyekaniraga ku mvugo yabo yari itunganye, maze kugira ngo Petero yemeze abamushinjaga ko atari umwe mu bigishwa ba Kristo, ahakana ku nshuro ya gatatu yivuma kandi arahira. Yesu utari kure cyane ya Petero, yarakebutse amurebana agahinda amucyaha. Noneho wa mwigishwa yibuka amagambo Yesu yari yaramubwiriye mu cyumba cyo hejuru, kandi yibuka n'ibyo ubwe yahamije akomeje ati: "Nubwo bose ibyawe biri bubagushe, jyweho ntabwo bizangusha" (Matayo 26:33). Yari yihakanye Umwami we akoresheje kwivuma no kurahira; ariko indoro Yesu yamurebye yahuranyije umutima wa Petero. Petero yaraboroze cyane kandi yihana icyaha cye gikomeye, arahinduka, bityo aba noneho yiteguye gukomeza bagenzi be. [IZ 141.2](#)

Imbaga y'abantu benshi yasakuzaga ishaka ko Yesu yicwa. Baramushinyaguriye bikomeye, maze bamwambika ikanzu ishaje y'umuhemba yambarwaga n'abami, kandi umutwe we wera barawubika maze bawutamiriza ikamba ry'amahwa. Bamuhereza urubingo mu ntoki, bamupfukama imbere maze bamuramutsa bamukoba bati: "Ni amahoro Mwami w'Abayuda!" Hanyuma bamwambura rwa rubingo barumukubita mu mutwe kugira ngo amahwa yinjire mu mubiri, bituma amaraso avirirana atemba mu maso he no mu bwanwa. [IZ 141.3](#)

Byari bikomereye abamarayika kwihanganira kureba ibyo. Bajyaga gutabara Yesu, ariko abamarayika bari babayoboye barababuza, bababwira ko iyo ari incungu ikomeye yagombaga gutangirwa umuntu; nyamara yagombaga kuzuzwa kandi ikazatuma ufite ubutware bw'urupfu nawe apfa. Yesu yari azi ko abamarayika bari kwitegereza uko ari gukozwa isoni. Umumarayika w'umunyambaraga nke hanyuma y'abandi yajyaga gutuma iyo mbaga y'abakwenaga Yesu igwa hafi nta mbaraga na nke isigaranye maze akamutabara. Yari azi neza ko aramutse abyifuje, yasaba Se maze abamarayika bakamutabara ako kanya. Ariko byari ngombwa ko agirirwa nabi n'abagome kugira ngo asohoze umugambi w'agakiza. [IZ 141.4](#)

Igihe bamushinyaguriraga cyane, Yesu yahagaze imbere y'imbaga y'abantu bari bafite uburakari bwinshi yiyoroheje kandi yicishije bugufi. Bamuvundereje amacandwe mu maso — kandi ayo maso ni yo umunsi umwe bazifuza aho bayahungira bahabure. Ni nayo azamurikira Umurwa w'Imana kandi arabagirane kurusha izuba. Ntabwo Kristo yigeze areba nabi abamugiriraga nabi. Bamupfutse umwenda ushaje mu mutwe kugira ngo atareba, maze bakamukubita inshyi mu maso bavuga bati: "Hanura ugukubise uwo ari we?" Mu bamarayika habayemo urusaku rwinshi. Baba baramutabayeye mu kanya nk'ako guhumbya ariko abamarayika babayoboye barababuza. [IZ 142.1](#)

Abigishwa bamwe bari bagize ubutwari bwo kwinjira aho Yesu yari ari maze birebera uko acirwa urubanza. Bari biteze ko ari bugaragaze imbaraga ze z'ubumana akigobotora mu maboko y'ababisha be maze akabahanira ubugome bamugiriye. Ibyiringiro byabo byajyaga bizamuka bikongera bigacogora incuro nyinshi uko ibyabaga byagendaga bikurikirana. Rimwe na rimwe abigishwa bagiraga gushidikanya, ndetse bagatinya ko baba barashutswe. Ariko ijwi ryumvikaniye kuri wa musozi Yesu

yahindukiyeho ishusho irabagirana ndetse n'ikuzo bahaboneye, byakomeje ukwizera kwabo ko ari Umwana w'Imana. Bibutse ibyo bari barabonye, bibuka ibitangaza bari barabonye Yesu akora, akiza abarwayi, ahumura impumyi, akiza abapfuye amatwi, yirukana abadayimoni, azura abapfuye, ndetse agaturisha n'umuraba wo mu nyanja. Ntibizeraga ko ashobora gupfa. Biringiraga ko imbaraga ziramugarukamo maze n'ijwi rifite ubutware bukomeye, agatatanya iyo mbaga yari ifite inyota yo kuvusha amaraso, bikaba nk'igihe yinjiraga mu rusengero akirukana abari bahinduye inzu y'Imana isoko, ubwo abo bantu bamuhungaga nk'abakurikiwe n'ingabo zambariye urugamba. Abigishwa biringiraga ko Yesu aragaragaza imbaraga ze kandi akemeza abantu bose ko ari Umwami wa Isirayeli. [IZ 142.2](#)

Yuda yagize inkomanga ku mutima ibabaje cyane agira n'ikimwaro kubw'igikorwa cye gikojeje isoni cyo kugambanira Yesu. Ubwo yabonaga uko bagirira nabi Umukiza, yumvise atsinzwe. Yari yarakunze Yesu ariko kandi yari yarakunze n'amafaranga kurushaho. Ntiyari yaratekereje ko Yesu azemera gufatwa n'igitero cyari kiyobowe na we ubwe. Yari yiteze ko Yesu arakora igitangaza maze akabigobotora. Ariko ubwo yabonaga iteraniriro ry'abantu mu rukiko bafite uburakari bugurumana n'inyota yo kumena amaraso, yamenye ko yakoze icyaha bikomeye, maze igihe benshi bashinjaga Yesu ubutitsa, Yuda yarirutse aca mu iteraniriro ry'abantu, ababwira ko yakoze icyaha igihe yagambaniraga amaraso atariho urubanza. Yasubije abatambyi amafaranga bari bamuhaye, maze abingingira kurekura Yesu, abahamiriza ko Yesu ari umuziranenge rwose. [IZ 142.3](#)

Mu kanya gato, abatambyi bakuka imitima kandi bagwa mu kayubi. Ntibifuzaga ko rubanda bamenya ko hari umwe wo mu bayobohe ba Yesu baguriye kugira ngo amugambanire maze bamufate. Bashakaga guhisha ko bahigaga Yesu nk'umujura kandi ko bashaka kumujyana rwihishwa. Nyamara kwicuza kwa Yuda, mu maso he hijimye n'isura imushinja icyaha byatumye iby'abatambyi bimenywa na rubanda, bamenya ko urwango ari rwo rwabateye gufata Yesu. Ubwo Yuda yahamyaga aranguruye ko Yesu nta cyaha afite, abatambyi barasubije bati: "Ibi ni ibiki udukoreye? Reba ibyo ukoze" Bari bifitiye Yesu mu maboko yabo, kandi biyemeje kumukoresha icyo bashaka cyose. Yuda ashenguwe n'intimba, yajugunye ya mafaranga ku birenge by'abari bayamuhaye kuko yabonaga ntacyo akimumariye, maze ku bw'intimba n'ubwoba burenze urugero, aragenda ajya kwimanika. [IZ 143.1](#)

Muri iyo mbaga yari imukikije Yesu yari afitemo abantu benshi bari bababajwe n'ibye, kandi batangajwe n'uburyo atigeze agira icyo asubiza ku bibazo byinshi yabajijwe. Mu kumukwena no kumugirira nabi kose kwakozwe n'abo bagome, Yesu ntiyigeze anihira cyangwa ngo mu maso he hagaragaze umubabaro. Yagize kwiyumanganya. Abakurikiraga ibiba bamurebanaga gutangara. Barebaga isura ye izira inenge n'uburyo yiyumanganyije bakayigereranya n'iy'abamuciraga urubanza maze bakabwirana bati: "Arasa n'umwami kurusha uwo ari wese mu batware." Nta kimenyetso cyamurangwagaho cy'uko ari umugome. Amaso ye yarebanaga impuhwe, abengerana kandi atyaye, uruhanga rwe rwari rukenkemuye. Imiterere yose y'umubiri yagaragazaga ubugiraneza n'amahame aboneye. Ukwihangana no gutuza kwe ntibyari nk'iby'umuntu

ku buryo abantu benshi byabahindishije umushyitsi. Ndetse Herode na Pilato nabo batewe ubwoba bwinshi n'ukubonera kwe nk'ukw'Imana. [IZ 143.2](#)

Uhereye mbere hose, Pilato yari azi neza ko Yesu atari umuntu usanzwe. Yizeraga ko Yesu ari umuntu w'ikirenga, ndetse nta cyaha na gito kimurangwaho mu byo bamushinjaga byose. Abamarayika babyitegerezaga babonye ibyo umuyobozi w'Abaroma yemera mu mutima we, maze kugira ngo bamukize ye kwiroha mu gikorwa giteye ubwoba cyo gutanga Kristo ngo abambwe, umumarayika yatumwe ku mugore wa Pilato maze binyuze mu nzozi, amumenyesha ko Umwana w'Imana ari we umugabo we agiye gucira urubanza, kandi ko uwo nta cyaha kimurangwaho. Yahise atuma intumwa kuri Pilato, amubwira ko yababajwe cyane n'ibintu byinshi yarose byerekeye Yesu kandi aburira umugabo we kutagira icyo atwara uwo muziranenge. Iyo ntumwa yarihuse cyane, iromboreza hagati mu iteraniro ry'abantu maze ihereza Pilato urwandiko. Ubwo Pilato yarusomaga, yahinze umushyitsi, mu maso he harahonga maze ahita yiyemeza kutagira icyo akora ku bijyanye no kwicisha Kristo. Niba Abayuda barashakaga guhitana Yesu, Pilato we ntiyari kubashyigikira, ahubwo yari gukora uko ashoboye kugira ngo amukize. [IZ 143.3](#)

Igihe Pilato yamenyaga ko Herode ari i Yerusalemu, yumvise aruhutse cyane kuko yiringiraga ko agiye kwikuraho inshingano zose zijyanye no gucira Yesu urubanza. Ako kanya yohereza Yesu kwa Herode hamwe n'abamushinjaga. Uwo mutegetsu Herode yari yarinangiriye mu cyaha. Iyicwa rya Yohana Umubatiza ryari ryarasize icyasha mu ntekerezo za Herode atashoboraga kwikuraho. Igihe yumvaga ibya Yesu n'imirimo itangaza yakoraga, yagize ubwoba maze ahinda umushyitsi, yibwira ko ashobora kuba ari Yohana Umubatiza wazutse. Igihe Pilato yamwohererezaga Yesu, Herode yabifashe nk'aho ari uburyo bwo kuzirikana ko afite ubutware bukomeye, ububasha no gushyira mu gaciro. Ibi byaje gutuma aba bategetsu babiri bahoze ari abanzi noneho bahinduka incuti. Herode yashimishijwe no kubona Yesu, kandi yari yiteze ko Yesu aragira igitangaza gikomeye akora kugira ngo amunezeze. Nyamara umurimo wa Yesu ntiwari uwo kumara amatsiko cyangwa gushaka uko yakira. Ububasha bwe bw'ubumana kandi butangaje bwagombaga gukoreshwa kubw'agakiza k'abandi, atari mu nyungu ze bwite. [IZ 143.4](#)

Ibibazo byinshi Herode yabajije Yesu nta na kimwe yigeze amusubiza, habe no gusubiza ababisha be bamushinjaga ubudahwema. Herode yarakajwe cyane n'uburyo Yesu atigeze atinya ubutware bwe, maze akoresha abasirikare be, akoba Umwana w'Imana kandi aramushinyagurira. Nyamara igihe bamushinyaguriraga bamukoza isoni, Herode yatangajwe cyane n'ishusho ye iboneye nk'iy'Imana maze atinye kumuciraho iteka yongera kumwoherereza Pilato. [IZ 144.1](#)

Satani n'abamarayika be bari bari kugerageza Pilato bari gushaka uko bamushora mu irimbukiro. Bamugiraga inama bamwongorera ko niyanga gucira Yesu urubanza, hari abandi bari bubikore, ari bo mbaga yari ifite inyota yo kuvusha amaraso ya Yesu. Bamwongoreraga kandi ko natamutanga ngo bamubambe, yari gutakaza ubutware bwe n'icyubahiro cye cyo mu isi ndetse akamaganwa nk'uwizeye uwiyita icyo atari cyo. Kubwo gutinya ko yatakaza umwanya n'ubutware bwe, Pilato yemera ko Yesu yicwa.

Nyamara nubwo yabyemeye, amaraso ya Yesu yayageretse ku bamushinjaga, maze imbaga y'abantu iyakira isakuriza icyarimwe iti: "Amaraso ye azatubarweho n'abana bacu." Ariko kandi Pilato ntiyari umwere; yahamwe n'amaraso ya Kristo. Kubw'inyungu ze bwite no gukunda icyubahiro yahabwaga n'abantu bakomeye bo ku isi, yatanze umuziranenge kugira ngo apfe. Iyo Pilato akurikiza ibyo umutimanama we wamwemezaga, ntaba yaragize icyo akora kijyanye no gucira Yesu urubanza. [IZ 144.2](#)

Isura ya Yesu n'amagambo ye mu gihe bamuciraga urubanza byakoze ku mitima y'abantu benshi bari aho bibatera kwibaza byinshi. Umusaruro w'uwo mwuka wagaragaye ubwo waje kuboneka igihe yari amaze kuzuka. Mu biyongereye mu itorero, harimo benshi bari barizeye uhereye igihe Yesu yacirwaga urubanza. [IZ 144.3](#)

Satani abonye ko ubugome bwose yoheje Abayuda ngo bagirire Yesu butamuteye kwitotomba na guke, yagize umujinya mwinshi cyane. Nubwo Yesu yari yambaye kamere muntu, yari ashyigikiwe n'imbaraga y'Imana, maze ntiyigera na hato atandukana n'ubushake bwa Se. [IZ 144.4](#)

Kubambwa kwa Kristo

Umwana w'Imana yahawe abantu ngo bamubambe. Bajyanye Umukiza mwiza basakuza ko batsinze. Yari yacitse intege kandi atentebutse kubwo kuremererwa, uburibwe ndetse no kuba yavuye amaraso menshi kubera ibiboko bamukubise. Nyamara kandi n'umusaraba uremereye cyane yari agiye kubambwaho mu kanya gato wari ku rutugu rwe. Yesu yaraguye uwo mutwaro umugwa hejuru. Uwo musaraba bawumushyize ku rutugu incuro eshatu, kandi yaguye hasi gatatu. Umwe mu bari abayoboze be utari warigeze yatura ngo yerure ko yizera Yesu nyamara akaba yaramwizeraga, yaje gukurikiraho nawe arafatwa. Bamwikoreje umusaraba wa Yesu, maze arawujyana awugeza aho Yesu yari kubambirwa. Amatsinda y'abamarayika benshi yari atondetswe hejuru y'aho bagombaga kumubamba. Umubare munini w'abigishwa ba Kristo waramukurikiye ugera i Karuvali, bagenda bafite agahinda kandi babogoza amarira. Bibutse uko mu minsi mike yari ishize yari yarinjiye muri Yerusalemu afite intsinzi, ubwo bari bamukurikiye batera hejuru bati: "Hozana ahasumba hose!" (Matayo 21:9) maze bakarambura imyambaro yabo n'amashami meza y'imikindo mu nzira yanyuragamo. Bari baratekereje ko agomba kwima ingoma akaba igikomangoma cy'ubwami bw'igihe gito mu Bisirayeli. Mbega ngo haraba impinduka! Mbega ngo barabura ibyo bari biteze! Noneho nta byishimo, nta n'ibyiringiro bari bafite, ahubwo bakutse imitima kubera ubwoba no kwiheba. Bagendaga buhoro bababaye bakurikiye Yesu wari wakojejwe isoni agasuzugurwa, ndetse wari ugiye gupfa. [IZ 145.1](#)

Nyina wa Yesu yari ahari. Umutima we wari washenguwe n'intimba idashobora kumvwa n'undi uwo ari we wese. Ariko hamwe n'abigisha bari kumwe nawe, nyina wa Yesu yari acyiringiye ko Yesu ashobora gukora igitangaza gikomeye maze akigobotora abari bagiye kumwica. Mariya ntiyashoboraga kwihanganira igitekerezo cy'uko Yesu ubwe aremera bakamubamba. Nyamara imyiteguro yari yakozwe maze Yesu bamubamba ku musaraba. Bazanye inyundo n'imisumari. Imitima y'abigishwa yavuye

mu gitereko. Nyina wa Yesu yari yubitse umutwe kubera umubabaro mwinshi urenze uwakwihanganirwa. Mbere y'uko Umukiza abambwa ku musaraba, abigishwe bakuye nyina wa Yesu aho ibyo byaberaga kugira ngo atumva uko ataka igihe bamutera imisumari ikahuranya mu magufwa n'inyama by'ibiganza n'ibirenge byuje ineza. Yesu ntiyigeze yitotomba, ahubwo yanihishijwe n'umubabaro bucece. Mu maso he hari hahindutse ukundi, kandi ibitonyanga binini by'ibyuya byashokaga mu ruhanga rwe. Satani yishimiye cyane imibabaro Umwana w'Imana yari arimo, ariko agatinya ko umuhati we wo kuburizamo umugambi wo gucungura umuntu waba imfabusa, ko ingoma ye igeze aharindimuka ndetse ko amaherezo agomba kuzarimburwa. [IZ 145.2](#)

Yesu amaze kubambwa ku musaraba, uwo musaraba warahagaritswe maze n'imbaraga nyinshi bawushinga mu cyobo bari barawuteguriye mu butaka, ushishimura umubiri we bityo umutera uburibwe bukomeye cyane. Kugira ngo bamwice urupfu rw'urukozasoni mu buryo bushoboka bwose, bamubambanye n'ibisambo bibiri, kimwe ibumoso ikindi iburyo bwe. Ibyo bisambo babifashe bakoresheje imbaraga nyinshi maze nyuma yo kwihagararagaho bikomeye kwabyo babohera amaboko yabyo inyuma maze babibamba ku musaraba. Ariko Yesu we yawugiyeho ataruhanyije. Ntabwo yari akeneye uwo kumubohera amaboko inyuma ngo aterwe imisumari ku musaraba. Mu gihe bya bisambo byavumaga ababibambaga, mu mubabaro we ukomeye, Umucunguzi yasabiraga ababisha be agira ati: "Data ubababarire kuko batazi icyo bakora." Ntabwo Kristo yari aremerewe n'imibabaro yo ku mubiri gusa, ahubwo ibyaha by'abatuye isi bose byari bimugeretsweho. [IZ 145.3](#)

Ubwo Yesu yari amanitswe ku musaraba, abahisi n'abagenzi baramutukaga, bakazunguza imitwe nk'abunamira umwami bavuga bati: "Wowe usenya urusengero ukarwubaka mu minsi itatu, ikize. Niba uri Umwana w'Imana, manuka uve ku musaraba." Mu butayu Satani yakoresheje amagambo nk'ayo ngo: 'Niba uri Umwana w'Imana.' Abatambyi bakuru n'abakuru, abakuru b'ubwoko ndetse n'abanditsi nabo bamukoba bavuga bati: "Yakijije abandi, ntabasha kwikiza. Ko ari Umwami w'Abisirayeli, namanuke ave ku musaraba nonaha, natwe turamwizera." Abamarayika batambaga hejuru y'aho Kristo yabambirwaga bumvise bakozwe n'isoni ubwo bumvaga abategetsu b'Abayuda bamukwena bavuga ngo: 'Niba ari Umwana w'Imana, niyikize.' Abamarayika bifuzaga kuza gutabara Yesu no kumukiza, ariko ntibemerewe kubikora. Umugambi wamuzanye wari utarasohora. [IZ 146.1](#)

Ubwo Yesu yari amanitswe ku musaraba amaze amasaha menshi ababara cyane, ntiyigeze yibagirwa nyina. Mariya yari yongeye kugaruka aho ayo mahano yakorerwaga, kuko atashoboraga kwihanganira kuba kure y'Umuhungu we. Icyigisho cya Yesu gisheruka cyabaye icyo kugira impuhwe no kwita ku kiremwanuntu. Yitegereje mu maso ha nyina hari hashenguwe n'intimba, maze arahindukira areba na Yohana umwigishwa we yakundaga cyane. Yabwiye nyina ati: "Mubyeyi, nguyu umwana wawe!" Hanyuma abwira na Yohana ati: "Nguyu nyoko!" Nuko kuva ubwo Yohana ajyana Mariya iwe mu rugo. [IZ 146.2](#)

Muri uwo mubabaro ukaze Yesu yagize inyota nyinshi, maze bamuzanira vino isharira ngo abe ari yo anywa; ariko asomyeho arayanga. Abamarayika bari bitegereje

umubabaro ukomeye w'Umuyobozi wabo bakunda kugeza ubwo batashoboye gukomeza kubyitegereza maze bapfuka mu maso habo ngo be kubireba. Izuba ryanze kureba ayo mahano yakorwaga. Yesu yatatse n'ijwi riranga ryakuye imitima y'abamwicaga ati: "Birarangiyeye." Nuko umwenda wari ukingirije ahera cyane ho mu rusengeru utabukamo kabiri uhera hasi ugera hejuru, isi ihinda umushyitsi, ibitare biramenagurika. Umwijima w'icuraburindi ubudika ku isi hose. Ubwo Yesu yari amaze gutanga, ibyiringiro biheruka by'abigishwa byabaye nk'ibiyoyotse. Benshi mu bayoboke be biboneye ibyo kubabazwa kwe n'urupfu rwe, maze barushaho kugira agahinda gasaze. [IZ 146.3](#)

Noneho Satani ntiyongeye kwishima nk'uko yari asanzwe abigira. Yari yariringiye ko azaburizamo umugambi w'agakiza, nyamara wari uteguwe mu buryo bwimbitse. Ubwo ni bwo kubw'urupfu rwa Kristo, Satani nawe yamenye ko amaherezo nawe ubwe agomba kuzapfa, maze bwa bwami bwe bugahabwa Yesu. Satani yagiranye inama n'abamarayika be. Nta na kimwe yari yagezeho arwanya Umwana w'Imana, ariko noneho bagombaga gukaza umurego, bityo n'imbaraga zabo zose n'ubucakura bwose bakibasira abayoboke ba Yesu. Bagombaga kubuza abo bashoboye bese kugira ngo batakira agakiza babonewe na Yesu. Mu gukora atyo, Satani yari agishaka kurwanya ingoma y'Imana. Kandi nanone kuvana abantu benshi bashoboka kuri Yesu byari biri mu nyungu za Satani ubwe. Ibyaha byose by'abacungujwe amaraso ya Kristo amaherezo bizagerekwa kuri nyirabayazana w'icyaha, kandi agomba kuzabihanirwa, ariko abatamera kwakira agakiza babonera muri Yesu Kristo bazagerwaho n'igihano cy'ibyaha byabo. [IZ 147.1](#)

Imibereho ya Yesu yanzwe no kutagira ubutunzi bw'isi, cyangwa kwishyira imbere. Kwiyoroshya no kwiyanga kwe byari bihabanye cyane n'ubwibone no gushayisha byarangaga abatambyi n'abakuru b'Abayuda. Ukubonera kwe kuzira inenge kwari ugucyaha guhoraho kwabaga gushyizwe ku byaha byabo. Bamusuzuguraga bitewe no kwicisha bugufi kwe, ubutungane bwe no kubonera kwe. Nyamara abamusuzuguye muri iyi si umunsi umwe bazamubona afite gukomera n'ubutware by'ijuru kandi afite ikuzo rya Se ritagereranywa. [IZ 147.2](#)

Mu rukiko, yari akikijwe n'ababisha bari bafite inyota yo kumena amaraso ye; ariko aba bantu bari binangiye bateye hejuru bati: "Amaraso ye azatubarweho, twe n'abana bacu," bazamubona ari Umwami ufite icyubahiro. Ingabo zose zo mu ijuru zizaba zimushagaye aje zirimbira indirimbo zo kunesha, gukomera n'icyubahiro zisingiza uwatambwe nyamara ubu akaba ariho, ari we Muneshi ukomeye. [IZ 147.3](#)

Abakene, abanyantege nke n'abantu b'abatindi bavundereje amacandwe mu maso y'Umwami wuje ikuzo, ari nako urusaku rwo kunesha gukomeye rwaturukaga mu mbaga y'abantu kubw'ibitutsi by'urukozasoni bamuturukaga. Uruhanga abo mu ijuru bese batangariraga bararushinyaguriye kandi barugirira nabi. Bazongera kubona urwo ruhanga rurabagirana nk'izuba ryo ku manywa y'ihangu, kandi bazashaka kumuhunga. Aho kuvuza induru y'uko batsinze, bazaboroga kubera kumubona. [IZ 147.4](#)

Yesu azerekana ibiganza bye birimo inkovu zo kubambwa kwe. Izo nkovu azazihorana iteka ryose. Ikimenyetso cyose cy'imisumari yatewe kizagaragaza amateka yo gucungurwa k'umuntu guhebuje ndetse n'ikiguzi gikomeye cyatanzwe kubw'uko gucungurwa. Abantu bateye icumu mu rubavu rw'Umwami utanga ubugingo bazibonera inkovu z'aho bamucumise maze baboroge n'umubabaro mwinshi kubw'uruhare bagize mu kwangiza umubiri we. [IZ 147.5](#)

Abamwishe babuzwaga amahwemo cyane n'inyandiko yari imanitswe ku musaraba hajuru y'umutwe we yavugaga ngo: "Uyu ni Umwami w'Abayuda." Ariko icyo gihe bizaba ngomba ko bamubona mu ikuzo rye ryose n'ubushobozi bwa cyami. Bazabona ku myambaro ye handitsweho inyuguti zigaragarira bose zivuga ngo: "Umwami w'abami, n'Umutware utwara abatware." Igihe yari abambwe ku musaraba bamuvugirije induru bamukoba bati: "Ngaho Kristo Umwami w'Abisirayeli, namanuke ku musaraba tubirebe maze tumwizere." Icyo gihe bazamubona afite ubutware n'ubushobozi bwa cyami. Ntibazongera kubaza igihamba cy'uko ari Umwami w'Abisirayeli; ahubwo bazatangazwa cyane n'igitinyiro cye n'ikuzo riheranije azaba afite maze bitume bavuga bati: "Hahirwa uje mu izina ry'Uwitwaga." [IZ 147.6](#)

Guhinda umushyitsi kw'isi, kumenagurika kw'ibitare, umwijima wacuze ku isi yose ndetse n'ijwi rya Yesu riranguruye yavuze ati: "Birarangiye" igihe umwuka we wari uheze agapfa, byahindishije umushyitsi ababisha be kandi n'abamwicaga bagira ubwoba bwinshi. Abigishwa batangajwe n'ibyo bibaye, ariko ibyiringiro byabo byarayoyotse. Bari bafite ubwoba ko Abayuda babahindukirana bakabarimbura nabo. Bari bazi neza ko urwango nk'urwo rwagaragarijwe Umwana w'Imana rudashobora kurangirira kuri we gusa. Bamaze amasaha menshi barira kubwo kwiheba. Bari bariteze ko Yesu azima ingoma yo mu isi, ariko ibyiringiro byabo byajyanye nawe. Mu gahinda no mu gucika intege bari bafite, bagize gushidikanya niba Yesu atarababeshye. Ndetse byageze n'aho nyina ashidikanya ko Yesu ari Mesiya. [IZ 148.1](#)

Nubwo abigishwa bari bacitse intege babuze ibyiringiro bari bafite byerekeye Yesu, baramukundaga kandi bifuzaga gushyingura umubiri we mu cyubahiro, nyamara ntibari bazi uburyo bawubona. Yozefu wo mu Arimateya wari umutunzi kandi akaba n'umujyanama ukomeye mu Bayuda, ndetse yari n'umwigishwa nyakuri wa Yesu, yagiye kwa Pilato rwihihwa ariko ashize amanga, amusaba umurambo w'Umukiza. Ntiyahangaye kugenda ku mugaragaru kubera ko yatinyaga urwango rw'Abayuda. Abigishwa batinyaga ko Abayuda barakora uko bashoboye kose bakabuza umurambo wa Kristo gushyingurwa mu cyubahiro kiwukwiriye. Pilato yemereye Yozefu ibyo amusabye maze abigishwa bamanura uwo murambo ku musaraba ari na ko bakomeza kurizwa n'ibyiringiro byabo byari byakomwe mu nkokora. N'ubwitonzi bwinshi, bashyize uwo murambo mu gitambaro cyiza maze bawurambika mu mva nshya yari iya Yozefu. [IZ 148.2](#)

Abagore bari barabaye abayoboze ba Kristo bicisha bugufi ubwo yari akiri muzima, banze kumuvirira kugeza igihe ashiriye mu gituro, maze igitare kiremereye cyane gishyirwa ku munwa w'igituro kugira ngo abanzi be bataza kubona uko bagera ku murambo we. Nyamara ntibari bakwiriye gutinya, kuko neretswe ko ingabo

z'abamarayika zari zirinze igituro cya Yesu zicyitayeho bitavugwa, zitegereje guhabwa itegeko ryo kugira icyo zikora kugira ngo zivane Umwami w'icyubahiro aho yari afunguwe. [IZ 148.3](#)

Abishe Kristo batinyaga ko yazuka maze akabacika. Ni yo mpamvu basabye Pilato kubaha abarinzi bo kurinda igituro kugeza ku muni wa gatatu. Pilato yarabyemeye abaha abarinzi, kandi igitare cyari gikinze igituro barakidanangira bagihomesha ubushishi kugira ngo abigishwa batazamwiba bakamujoyana maze bakazavuga ko yazutse. [IZ 148.4](#)

Kuzuka kwa Kristo

Ku Isabato abigishwa bararuhutse. Bari bafite agahinda kubera urupfu rw'Umwami wabo, nyamara Yesu, Umwami w'icyubahiro yari ari mu gituro. Ijoro riguye, hashyizweho abasirikari kugira ngo barinde igituro cy'Umucunguzi, ariko kandi n'abamarayika batambaga hejuru y'aho hantu hera ariko ntawabashaga kubabona. Butangiye gucya ariko hakiri umwijima, abamarayika bari barinze aho hantu bamenye ko igihe cyo kurekura Umwana w'Imana ikunda akaba n'Umugaba wabo bakunda kiri bugufi. Ubwo bari bategerezanyije ibinezaneza iyo saha y'intsinzi ye, umumarayika ukomeye yaje aguruka yihuta cyane avuye mu ijuru. Mu maso he harabagirana nk'umurabyo, kandi imyambaro ye yeraga nk'urubura. Umucyo wamuturukagaho watamuruye umwijima wari aho yagombaga kunyura maze utuma abamarayika babi (biratanaga intsinzi ko baraherana umurambo wa Yesu) bagira ubwoba, bakwira imishwari kubera ubwiza n'ikuzo by'uwo mumarayika. Umwe mu ngabo z'abamarayika wari wabonye gukozwa isoni kwa Kristo ndetse akaba yari arinze imva ye, yasanze wa mumarayika wari uturutse mu ijuru, maze bombi baramanuka bajya ku gituro. Ubwo begeraga igituro, isi yaratigise, iranyeganyega maze habaho igishyitsi gikomeye. [IZ 149.1](#)

Abasirikari b'Abaroma bari barinze imva bafashwe n'ubwoba. Mbese noneho imbaraga zabo zo guherana umurambo wa Yesu zari ziri he? Ntibigeze batekereza ku nshingano bari bahawe cyangwa ngo batekereze ko abigishwa bamwiba. Ubwo umucyo w'ubwiza bw'abamarayika warabagirana aho bari bari umeze nk'izuba, ba barinzi b'Abaroma baguye hasi barambarara nk'intumbi. Umwe muri ba bamarayika yafashe cya gitare cyari gikinze imva, agikuraho maze acyicaraho. Undi mumarayika yinjiye mu mva, akuraho imyenda yari ipfutse umutwe wa Yesu. Hanyuma umumarayika uvuye mu ijuru arangurura n'ijwi riranga ryatigishije isi ati: "Mwana w'Imana, So araguhamagaye! Ngwino!" Urupfu ntirwari rugishoboye kumuherana ukundi. Yesu yazutse ari umurwanyu unesheje. Ingabo z'abamarayika zahanze amaso ibibaye zitangaye cyane. Igihe Kristo yari asohotse mu gituro, ba bamarayika barabagirana bubaraye hasi baramuramya, kandi bamusanganiza indirimbo z'intsinzi no kunesha. [IZ 149.2](#)

Byari byabaye ngombwa ko abamarayika ba Satani bahungu imbere y'umucyo utyaye kandi urabagirana wavaga kuri ba marayika bari bavuye mu ijuru, maze bitotombana umubabaro mwinshi babwira Shebuja ko bambuwe umuhigo wabo, ndetse ko uwo banze urunuka yazutse mu bapfuye. Satani n'ingabo ze bari barishongoye

bavuga ko ubushobozi bafite ku muntu wacumuye bwatumye Umwami w'ubugingo apfa kandi ashirwa mu gituro. Nyamara intsinzi yabo yari ibaye iy'igihe gito. Ubwo Yesu yasohokaga mu gituro ari umuneshi wuje igitinyiro, Satani yamenye ko nyuma y'igihe runaka nawe azapfa kandi ubwami yiratanaga bukegukanwa n'uwari ubufitiye uburenganzira. Satani yagize amaganya menshi kandi arakazwa n'uko nubwo yari yakoresheje imbaraga ze zose, atashoboye gutsinda Yesu, ko ahubwo Yesu yari yaciriye umuntu inzira y'agakiza kandi umuntu wese uzayigenderamo akazakizwa. [IZ 149.3](#)

Abadayimoni n'umugaba wabo bateraniye mu nama kugira ngo bige uburyo bakomeza kurwanya ubutegetsi bw'Imana. Satani yasabye ingabo ze kujya ku batambyi bakuru n'abatware b'Abayuda. Yarababwiye ati: "Dore twashoboye kubashuka, tubahuma amaso kandi tunangira imitima yabo ngo barwanye Yesu. Twatumye bizera ko yirarira. Twateye abatambyi n'abakuru b'Abayuda kwanga Yesu no kumwica. Ariko rero abarinzi b'Abaroma baratangaza inkuru mbi y'uko Kristo yazutse. None rero, nimugende mubabwire ko nibiramuka bimenyekanye ko Yesu yazutse, abantu bari bubatere amabuye babahora ko bishe umuziranenge." [IZ 150.1](#)

Ubwo ingabo z'abamarayika bo mu ijuru zavaga ku gituro, umucyo n'ikuzo byari biri aho nabyo byaragiye maze abasirikari b'Abaroma bagerageza kwegura imitwe yabo ngo barebe ahabazengurutse. Ubwo babonaga ko cya gitare kiremereye cyakuwe ku muryango w'imva kandi ko umurambo wa Yesu utakirimo, baratangaye cyane. Bihutiye kujya mu murwa kubwira abatambyi n'abakuru b'Abayuda ibyo babonye. Ubwo abo bicanyi bumvaga iyo nkuru itangaje, mu maso habo bose hahindutse ukundi. Ubwo batekerezaga ibyo bakoze, ubwoba bwarabatashye. Bibazaga ko iyo nkuru niba impamo, ibyabo biraba birangiye. Bicaye hasi bamara akanya bacecetse, barebana, batazi icyo bakora cyangwa icyo bavuga. Kwemera iyo nkuru, byari kuba kwiciraho iteka. Bagiye ku ruhande gato kugira ngo bajye inama y'ikigomba gukorwa. Batekereje ko iyo nkuru yazanywe n'abarinzi niramuka isakaye mu bantu, abishe Kristo bashobora nabo kwicwa. Bafashe umwanzuro wo kugurira abasirikari kugira ngo babiceceke. Abatambyi n'abatware b'Abayuda baha abo basirikare amafaranga menshi bababwira bati: "Muvuge ko abigishwa ba Yesu baje mu gicuku musinziriye bakiba umurambo we." Igihe abarinzi babazaga uko biri bubagendekere kubwo kuba basinziriye bari ku nshingano bahawe, abakuru b'Abayuda babasezeraniye ko bari bwinginge umuyobozi bityo ntibagire icyo baba. Kubwo gukunda amafaranga, abasirikari b'Abaroma bahisemo gutatira icyubahiro cyabo maze bemera gukurikiza inama z'abatambyi n'abatware b'Abayuda. [IZ 150.2](#)

Igihe Yesu yari amanitswe ku musaraba maze akavuga n'ijwi rirenga ati: "Birangiye," ibitare byaramenaguritse, isi iratigita, ndetse n'ibituro bimwe na bimwe birakinguka. Ubwo Yesu yari azutse atsinze urupfu n'ikuzimu, igihe isi yatigitaga maze ikuzo ry'ijuru rikamurikira ahakikije aho hantu, benshi mu bera bari barapfuye bamwumvira bakangukiye kuba abahamya bo kuzuka kwe. Abo banyahirwe, ari bo bera bari bazutse, bavuye mu bituro bafite ikuzo. Bari baratoranyijwe kandi ari abera bo mu bihe byose, uhereye igihe isi yaremewe ukageza mu gihe cya Kristo. Bityo rero, igihe abakuru b'Abayuda bashakaga uburyo bwo guhisha ko Kristo yazutse, Imana yahisemo

kuzana itsinda ry'abavuye mu bituro bari barimo kugira ngo bahamye ko Yesu yavutse, kandi bahamye ikuzo rye. [IZ 150.3](#)

Abo bantu bari bazutse bari batandukanye cyane ari mu gihagararo no mu miterere. Bamwe bari bateye neza kurusha abandi. Nabwiwe ko abatuye isi bagiye basigingira, bagatakaza imbaraga n'ubwiza byabo. Satani afite ubushobozi bwo guteza indwara n'urupfu, kandi uko ibihe byagiye bihita, ingaruka z'umuvumo zagiye zirushaho kugaragara kandi imbaraga za Satani nazo zikigaragaza mu buryo bweruye. Ababayeho mu gihe cya Nowa n'icya Aburahamu bendaga gusa n'abamarayika mu gihagararo, uburanga n'imbaraga. Ariko ab'ibisekuru byagiye bikurikiraho bajyaga bagira intege nke kandi bakarwaragurika, maze igihe cyabo cyo kurama kiba kigufi. Satani yakomeje kwiga uburyo yahungabanya kandi akagwabiza ikiremnamuntu. [IZ 151.1](#)

Abazutse Yesu amaze kuzuka babonekeye benshi, bababwira ko igitambo cyatangiye umuntu gishyitse, ko Yesu, uwo Abayuda babambye, yazutse. Kandi kugira ngo berekane ko ibyo bavuga ari ukuri, barababwira bati: "Twazukanye nawe." Batanze ubuhamya ko bakuwe mu bituro byabo n'ububasha bukomereye bwa Yesu. Nubwo inkuru y'ikinyoma yari yakwiriyeho hose, yaba Satani, abamarayika be ndetse n'abatambyi bakuru ntibari guhisha ko Yesu yazutse; kuko iryo tsinda ry'abera bari bazutse ryamamaje iyo nkuru itangaje kandi ishimishije. Na Yesu ubwe yiyeretse abigishwa be bari bashenguwe n'agahinda, bashengutse imitima, abamara ubwoba maze bituma bishima kandi baranzezwa. [IZ 151.2](#)

Ubwo inkuru yasakaraga iva mu murwa ijya mu wundi no mu muji ijya mu wundi, Abayuda nabo bagize ubwoba ko bashobora kuhatakariza ubuzima bwabo maze bahisha urwango bagiriraga abigishwa ba Yesu. Ibyiringiro rukumbi bari basigaranye byari ugukwiza inkuru y'ikinyoma. Abantu bifuzaga ko icyo kinyoma cyaba ari ukuri baracyemeye. Pilato yumvise ko Kristo yazutse yahinze umushyitsi. Ntiyashoboraga gushidikanya ubuhamya bwatanzwe, maze kuva ubwo ntiyongera kugira amahoro ukundi. Kubwo gukunda icyubahiro cy'isi no gutinya kuva ku butegetsi kandi akaba yabura ubugingo bwe, yari yaratanze Yesu ngo yicwe. Noneho yamenye neza ko uwo yavushirije amaraso atari umuziranenge gusa, ko ahubwo ari Umwana w'Imana. Ubugingo bwa Pilato bwari buri mu kaga. Guhangayika no gushenguka byakuyeho umutima w'ibyiringiro n'ibyishimo. Yanze guhumurizwa maze apfa urupfu rukojeje isoni. [IZ 151.3](#)

Umutima wa Herode 65 wari warakomeje kwinyangira, amaze igihe yumvaga ko Kristo yazutse, ntiyakuka umutima cyane. Yishe Yakobo maze abonye ko binejeje Abayuda, afata na Petero agamije kumwica. Nyamara Imana yari ifitiye Petero umurimo agomba gukora maze yohereza umumarayika wo kumukiza. Herode yagezweho n'igihano cy'Imana. Ubwo yishyiraga hejuru mu ruhame rw'imbaga y'abantu, marayika w'Uwiteka yamukubise urushyi ahita apfa urupfu ruteye ubwoba bikabije. [IZ 151.4](#)

Mu gitondo cya kare cyo ku munsu wa mbere w'icyumweru, butaracya neza, abagore bazira inenge baje ku gituro, bazanye ibihumura neza byo gusiga umurambo wa Yesu.

Basanze ibuye rinini ryari rikinze igituro ritakiri ku munwa wacyo ndetse n'umurambo wa Yesu ntawe urimo. Bakutse imitima maze bagira ubwoba bw'uko abanzi babo baba bajyanye umurambo. Muri ako kanya babona abamarayika babiri bambaye imyambaro yera, bafite mu maso harabagirana kandi hashashagirana. Ibyo biremwa byo mu ijuru byasobanukiwe neza icyagenzaga abo bagore maze bahita bababwira ko Yesu ntawe urimo; yari yazutse. Ariko abo bagore bashoboraga kubona aho yari aryanye. Abo bamarayika babasabye kujya kubwira abigishwa ko azababanziriza kujya i Galileya. Mu bwoba n'umunezero mwinshi, abo bagore bihuriye gusanga abigishwa bari bashavuye maze babatekerereza ibyo babonye n'ibyo bumvise. [IZ 152.1](#)

Abigishwa ntibashoboraga kwemera ko Kristo yazutse, ahubwo basubiranayo na ba bagore babazaniye iyo nkuru, barihuse bajya ku gituro. Basanze Yesu ntawe urimo, babona imyenda myiza bari bamushyizemo, ariko ntibizera iyo nkuru nziza ko yazutse. Basubira iwabo batangajwe n'ibyo babonye ndetse n'ibyo abagore bababwiye. Ariko Mariya we yahisemo gukomeza kugendagenda iruhande rw'igituro, atekereza ku byo yabonye kandi ahangayikishijwe n'uko ashobora kuba yashutswe. Yumvise ko hari ibigeragezo bishya bimutegereje. Yongeye kugira intimba, maze araturika ararira. Yongeye kunama areba mu gituro, maze abona abamarayika babiri bambaye imyambaro yera. Umwe yari yicaye aho umutwe wa Yesu wari uri, undi ari aho ibirenge bye byari biri. Bamubwiranye ineza maze bamubaza ikimuteye kurira. Yarabasubije ati: "Batwawe Umwami wanjye none sinzi aho bamushyize." [IZ 152.2](#)

Agisohoka mu gituro, yabonye Yesu ahagaze hafi aho, ariko ntiyamenya uwo ari we. Yesu yamubwiranye ineza, amubaza ikimuteye gushavura ndetse n'uwo ari gushaka. Mariya yatekereje ko ari umukozi wo mu busitani, maze amusaba ko niba ari we watwawe Umwami we yamubwira aho yamushyize kugira ngo ajye kuhamukura. Yesu yavugishije Mariya akoresheje ijwi rye mvajuru agira ati: "Mariya!" Mariya yari asanzwe azi iryo jwi ryiza, maze nawe ahita amusubiza ati: "Databuja!" Kubera ibyishimo byinshi yendaga kumuhobera ariko Yesu aramubwira ati: "Ntunkoreho kuko ntarazamuka ngo nje kwa Data, ahubwo jya kubwira bene Data yuko nzamutse ngiye kwa Data ari we So, kandi ku Mana yanjye ari yo Mana yanyu." N'ibyishimo byinshi, Mariya yihutiye kujya kubwira abigishwa iyo nkuru nziza. Yesu yahise azamuka ajya mu ijuru kwa Se kugira ngo yumve uko Se amubwira ko yemeye igitambo cye ndetse ahabwe ubutware bwose mu ijuru no ku isi. [IZ 152.3](#)

Abamarayika bameze nk'igicu bagose Umwana w'Imana maze basaba amarembo y'iteka gukinguka kugira ngo Umwami w'ikuzo yinjire. Nabonye ko ubwo Yesu yari kumwe n'izo ngabo zo mu ijuru zirabagirana, ari imbere y'Imana kandi agoswe n'ikuzo ryayo, ntiyibagiwe abigishwa be bari basigaye ku isi, ahubwo yahawe ubutware na Se kugira ngo agaruke ku isi abubaheho nabo. Uwo munsu yaragarutse yiyereka abigishwa be. Noneho yabemereye kumukoraho kuko yari avuye kwa Se kandi yahawe ubutware. [IZ 153.1](#)

Icyo gihe Tomasi ntiyari ahari. Ntiyashoboraga gupfa kwemera ibyo abandi bigishwa bamubwiye, ahubwo yemeje akomeje kandi yihagazeho ko adashobra kubyizera ubwe atikoreye mu nkovu z'imisumari ndetse no mu rubavu aho Yesu yatewe icumu. Ubwo

yavugaga atyo, yerekanye ko atiringiraga bagenzi be. Iyo bose bajya gusaba bene iki kimenyetso, nta n'umwe wari kwakira Yesu kandi nta n'uwari kwizera izuka rye. Ariko byari ubushake bw'Imana ko iyo nkuru y'abigishwa yakirwa n'abatarashoboraga kwibonera ubwabo ndetse bakiyumvira Umukiza wazutse. Imana ntiyishimiye ukutizera kwa Tomasi. Ubwo Yesu yongeraga guhura n'abigishwa, Tomasi yari kumwe nabo, maze abonye Yesu arizera. Ariko yari yavuze ko atari bunyurwe atabonye igihamya cyo kumwikoreraho cyiyongera ku kumubona, maze Yesu amuha icyo gihamya amwemerera ibyo yifuje. Tomasi yaratatse cyane ati: "Mana yanjye! Kandi Mwami wanjye!" Ariko Yesu amucyahirira kutizera kwe agira ati: "Wijejwe n'uko umbonye, hahirwa abizera batambonye." [IZ 153.2](#)

Mu buryo nk'ubwo, abantu batigeze bamenya ubutumwa bwa marayika wa mbere n'uwa kabiri bagombaga kubwakira babugejweho n'abandi babumenye kandi bakabukurikirana bimbitse. Neretswe ko nk'uko Yesu yanzwe, n'ubwo butumwa ni ko bwanzwe. Kandi nk'uko abigishwa bahamyaga ko nta rindi zina muni y'ijuru agakiza kabonerwamo, uko ni ko abagaragu b'Imana bakwiriye gukora bakiranutse kandi badatinye, bakaburira abemera umugabane umwe w'ubutumwa bufitanye isano n'ubutumwa bwa marayika wa gatatu, kugira ngo bakirane umunezero ubutumwa bwose nk'uko Imana yabutanze, cyangwa se babuhakane uko bwakabaye. [IZ 153.3](#)

Igihe ba bagore bera bajyanaga inkuru y'uko Yesu yazutse, abasirikari b'Abaroma bo bakwizaga ikinyoma batekerewe n'abatambyi bakuru n'abatware b'Abayuda, bavuga ko byageze mu gicuku ubwo bari basinziriye maze abigishwa ba Yesu bakaza bakiba umurambo we. Satani yari yashyize iki kinyoma mu mitima n'iminwa by'abatambyi bakuru, kandi abantu bari biteguye kwakira icyo kinyoma. Nyamara Imana yari yatumye iyo nkuru iba impamo, maze ituma icyo gikorwa cy'ingenzi agakiza kacu gashingiyeho kidashobora gushidikanywaho, kandi ntibyaba bigishoboka ko abatambyi bakuru n'abatware babizinzika. Abahamya barazuwe kugira ngo bahamye ko Kristo yazutse. [IZ 153.4](#)

Yesu amaze kuzuka yamaranye n'abigishwa be iminsi mirongo ine, bituma bishima kandi imitima yabo irushaho kunezerwa ubwo yarushagaho kuberurira akabasobanurira ukuri k'ubwami bw'Imana. Yabahaye umurimo wo gutanga ubuhamya bw'ibyo babonye n'ibyo bumvise byerekeye imibabaro ye, urupfu rwe, n'umuzuko we, bagahamya ko yabaye igitambo cy'icyaha, kandi ko abashaka bose bakwiriye kumusanga bakabona ubugingo. Yababwiranye ubugwaneza aberurira ko bazatotezwa kandi bakabuzwa amahoro; ariko ko bazagarurwamo imbaraga no kwibuka ibyo banyuzemo ndetse bakibuka n'amagambo yababwiye. Yababwiye ko yatsinze ibishuko byose bya Satani kandi ko yageze ku ntsinzi anyuze mu bigeragezo n'umubabaro. Satani ntiyari kuzamugiraho ububasha ukundi, ahubwo ibishuko bye yari kuzabiteza abo bigishwa ndetse n'abandi bantu bose bazamwizera. Nyamara bari kuzanesha nk'uko nawe yatsinze. Yesu yahaye abigishwa be ububasha bwo gukora ibitangaza, kandi anababwira ko n'ubwo bazatotezwa n'abagome, igihe cyose azajya aboherereza abamarayika be kugira ngo babatabare. Ntibajyaga kuzicwa batarangije umurimo wabo, kandi bajyaga gusabwa guhamisha amaraso yabo ubuhamya batangaga. [IZ 154.1](#)

Abo bayobokeye be bari bafite amatsiko bateze amatwi ibyo yigishaga, bakanezewwaga cyane n'ijambo ryose ryavaga mu kanwa ke kazira inenge. Noneho bamenye badashidikanya ko ari Umukiza w'isi. Amagambo ye yacengeraga mu mitima yabo, maze bashavuzwaga n'uko bidatinze bagomba gutandukanywaga n'Umwigisha wabo waturutse mu ijuru kandi ko batazongera kumva amagambo meza abakomeza yaturukaga mu kanwa ke. Ariko nanone imitima yabo yongeye gususurutswa n'urukundo n'ibyishimo birenze urugero ubwo Yesu yababwiraga ko agiye kubategurira amazu kandi ko azagaruka kubajyana, ngo aho ari na bo bazabaneyo. Yabasezeraniye nanone kuzaboherereza Umuhumuriza, ari we Mwuka Muziranenge, wo kuzabayobora mu kuri kose. Maze "arambura amaboko hejuru, abaha umugisha." (Luka 24:50). [IZ 154.2](#)

Kristo ajya mu ijuru

Ijuru ryose ryari ritegereje isaha y'intsinzi ubwo Yesu Kristo yagombaga kuzamuka akajya kwa Se. Abamarayika baje gusanganira Umwami wuje ikuzo no kumushagara yinjirana intsinzi mu ijuru. Ubwo Yesu yari amaze guha abigishwaga be umugisha, yatandukanye nabo hanyuma arazamurwaga. Ubwo yafataga inzira azamuka, imbaga nini y'abari baragizwe imbohe bazutse ubwo nawe yavukaga baramukurikiye. Ingabo nyinshi z'abamarayika zari zihari mu gihe mu ijuru ho abamarayika batabarika bari bategereje kumusanganira. Ubwo bazamukaga bageze ku Murwa Wera, abamarayika bari bashagaye Yesu bararanguruye bati: "Nimukingure amarembo muyarangaze, inzugi zabayeho kuva kera muzikingure, Umwami nyir'ikuzo abone uko

yinjira." [66](#) Abamarayika bari imbere mu murwa baranguruye babaza bati: "Mbese uwo Mwami nyir'ikuzo ni nde?" Abamarayika bamushagaye barasubije bati: "Ni Uhoraho nyir'imbaraga n'ubutwari, ni Uhoraho intwari itsinda ku rugamba. Nimukingure amarembo muyarangaze, inzugi zabayeho kuva kera muzikingure, Umwami nyir'ikuzo abone uko yinjira." Abamarayika bari bategereje bongeye kubaza bati: "Ariko se uwo Mwami nyir'ikuzo ni nde?" maze abamarayika bamushagaye basubiza mu njyana inogeye amatwi bati: "Uwo Mwami nyir'ikuzo ni Uhoraho Nyiringabo." Nuko Yesu n'abamushagaye binjira mu murwa w'Imana. Noneho ingabo zose zo mu ijuru zikikiza Umugaba wazo ukomeye, zipfukama imbere ye ziramuramya kandi zirambika amakamba yazo arabagirana ku birenge bya. Hanyuma bafata inanga zabo z'izahabu, maze mu murya unogeye amatwi, ijuru ryose barisakazamo amajwi meza n'indirimo basingiza Umwana w'Intama watambwe ariko noneho akaba aganje mu gukomera n'ikuzo. [IZ 155.1](#)

Ubwo abigishwaga bari bababaye bararamye kugira ngo barebe ubuheruka Umwami wabo wari uzamutse, abamarayika babiri bambaye imyenda yera bahagaze iruhande rwabo maze barababwiraga bati: "Yemwe bagabo b'i Galilaya, ni iki gitumye muhagaze mureba mu ijuru? Yesu ubakuwemo akazamurwaga mu ijuru, azaza atyo nk'uko mumubonye ajya mu ijuru." Abigishwaga na nyina wa Yesu bari kumwe bari bibonye uko Umwana w'Imana azamutse, bakesheje ijoro ryakurikiyeho baganira ku bikorwa bya bitangaje ndetse n'ibintu bidasanze kandi bihimbajwe byari bimaze kuba mu kanya gato. [IZ 155.2](#)

Satani yongeye kujya inama n'abamarayika be, maze mu rwango rukomeye afitiye ingoma y'Imana, ababwira ko igihe cyose agifite ububasha n'ubutegetsu ku isi, umuhati wabo bagomba kuwukuba incuro cumi bakibasira abayoboke ba Kristo. Ntacyo bari babashije kugera aho barwanya Kristo, ariko noneho bagombaga kurimbura abayoboke be biramutse bishobotse. Uko ibisekuru bigenda bikurikirana, bagombaga gushaka uko bagusha mu mutego abizera Yesu. Satani yabwiye abamarayika be ko Yesu yahaye abigishwa be ububasha bwo kubacyaha no kubirukana, ndetse no gukiza abo bari kwibasira. Nuko abamarayika ba Satani bagenda batontoma nk'intare, bashaka kurimbura abayoboke ba Yesu.

Abigishwa ba Kristo

Mu mbaraga zikomeye, abigishwa babwirije iby'Umukiza wabambwe kandi akazuka. Bakoraga ibimenyetso n'ibitangaza mu izina rya Yesu; bagakiza abarwayi; kandi n'umugabo wari waravutse aremaye baramukijije aba muzima maze yinjirana na Petero na Yohana mu rusengeru, agenda neza, yitera hejuru kandi asingiza Imana abantu bose bamureba. Inkuru yaramamaye, maze abantu batangira kuza gushungera abigishwa. Abenshi birukankiraga rimwe, batangajwe cyane no gukizwa k'uwo mugabo kwabayeho. [IZ 156.1](#)

Igihe Yesu yapfaga, abatambyi batekereje ko nta bitangaza bizongera gukorwa, kandi ko ugukanguka gukomeye kwari kwabayeho kugiyeye gukendera maze rubanda rukongera gusubira ku mihango n'imigenzo by'abantu. Ariko si ko byagenze! Aho hagati y'abatambyi ni ho abigishwa bari bakoreraga ibitangaza, kandi abantu barabitangariraga cyane. Yesu bari baramubambye, maze bakibaza aho abayoboke be bakuye ubwo bubasha. Batekerezagako igihe yari akiri muzima ari we wahaga ububasha abigishwa be, ariko noneho apfuye bibwira ko ibyo bitangaza bizahagarara gukorwa. Petero yasobanukiye n'impungenge zabo maze arababwira ati: "Yemwe bagabo ba Isirayeli, ni iki gitumye mutangarira ibi? Mudutumbirira iki nk'aho ari imbaraga zacu cyangwa kubaha Imana kwacu, biduhaye kumugendesha? Imana ya Aburahamu na Isaka na Yakobo, ari yo Mana ya ba sogokuruza, yashimishije umugaragu wayo Yesu, uwo mwatanze mukamwihakana imbere ya Pilato, amaze guca urubanza rwo kumurekura. Ariko mwihakana Uwera kandi Umukiranutsi, musaba ko bababohorera umwicanyi, nuko wa Mukuru w'ubugingo muramwica, ariko Imana iramuzura. Natwe turi abagabo bo guhamya ibyo. Kandi uyu, uwo mureba kandi muzi, kuko yizeye izina ry'Uwo ni ryo rimuhaye imbaraga, kandi kwizera ahawe n'Uwo ni ko kumukijije rwose imbere yanyu mwese." (Ibyakozwe n'intumwa 3:12-16). [IZ 156.2](#)

Abatambyi bakuru n'abatware ntibashoboye kwihanganira ayo magambo, maze bategeka ko Petero na Yohana bafatwa bagashyirwa muri gereza. Nyamara kubwo kumva ikibwirizwa kimwe gusa cy'intumwa, abantu ibihumbi byinshi bari bamaze guhinduka kandi bizeye ko Kristo yazutse akazamurwa mu ijuru. Abatambyi bakuru n'abatware bahagaritse imitima. Bari bishe Yesu kugira ngo abantu babagarukire, ariko noneho ibintu byari bibaye bibi kuruta mbere hose. Abigishwa babashinje ku mugaragarako ko ari bo bishe Umwana w'Imana, kandi ntibashoboraga kumenya aho ibyo

bizagarukira ndetse n'uko abantu bazabafata. Bajyaga gushimishwa no kwica Petero na Yohana ariko ntibabitinyuka kuko batinyaga rubanda. [IZ 156.3](#)

Ku munsu wakurikiyeho, intumwa zajyanywe mu rukiko. Ba bantu bari barasheze basaba ko Umukiranutsi apfa nabo bari bahari. Bari barumvise Petero yihakana Umwami we yivuma kandi arahira igihe bamushinjaga ko ari umwe mu bigishwa be, maze biringira ko bari bwongere kumutera ubwoba. Nyamara Petero yari yarahindutse, noneho aba abonye amahirwe yo gukuraho icyasha cyari cyamugiyeho ubwo yamwihakanaga afite ubwoba bwinshi, abona n'andi mahirwe yo kwereza rya zina yari yarakojeje isoni. Ashize amanga, yuzuye ubutungane kandi yambaye imbaraga ya Mwuka, Petero yabahamirije adatinya agira ati: "Ariko mumenye mwese n'abantu bose bo mu Bisirayeli, yuko ari izina rya Yesu Kristo w'i Nazareti, uwo mwabambye, Imana ikamuzura, ari ryo ritumye uyu muntu ahagarara imbere yanyu ari muzima. Yesu ni we buye ryahinyuwe namwe abubatsi, kandi ryahindutse irikomeza imfuruka. Kandi nta wundi agakiza kabonerwamo, kuko ari nta rindi zina munsu y'ijuru ryahawe abantu, dukwiriye gukirizwamo." Ibyakozwe n'Intumwa 4:10-12. [IZ 157.1](#)

Abantu batangajwe n'ubushizi bw'amanga bwa Petero na Yohana, maze bamenya ko babanye na Yesu; kuko imyitwarire yabo iboneye n'ubushizi bw'amanga byabarangaga byari bimeze nk'ibya Yesu igihe yari imbere y'ababisha be. Incuro imwe gusa, Yesu yarebanye Petero impuhwe n'agahinda amucyaha igihe yamwihakanaga, ariko noneho ubwo yahamye Umwami we ashize amanga, Petero yari yaremewe kandi yarahawe umugisha. Nk'ikimenyetso cy'uko Yesu yamwemeye, Petero yari yuzuwe na Mwuka Muziranenge. [IZ 157.2](#)

Abatambi ntibatinyutse kugaragaza urwango bafitiye abigishwa. Babategetse gusohoka mu rukiko, maze noneho basigara bajya inama hagati yabo babazanya bati: "Aba bantu tubagire dute ko bimenyekanye mu batuye i Yerusalemu bese yuko bakoze ikimenyetso cyogeye, natwe tutabasha kubihakana." Batinyaga ko iyo nkuru y'icyo gikorwa cyiza yasakara muri rubanda. Iyo imenyekana hose, abatambyi bumvaga ko barabura ubutware bwabo ndetse ko barafatwa ko ari bo bishe Yesu. Noneho icyo bakoze cyabaye gukangisha intumwa no kuzitegeka kutongera kuvuga mu izina rya Yesu, bitaba ibyo zikicwa. Ariko Petero abahamiriza yeruye ko nta kindi bashobora gukora uretse kuvuga ibyo babonye n'ibyo bumvise. [IZ 157.3](#)

Kubw'ububasha bwa Yesu, abigishwa bakomeje gukiza abababaye kandi bagakiza abarwayi bazaga babagana. Buri munsu abantu amagana menshi bayobokaga Umukiza wabambye, akazuka kandi akazamurwa mu ijuru. Abatambyi n'abatware ndetse n'abandi bari bafatanyije nabo barabimenye. Bongeye gushyira Petero na Yohana mu nzu y'imbohe biringira ko uko gukanguka kuracwekera. Satani n'abamarayika be baranezerewe cyane; ariko abamarayika b'Imana bakinguye inzugi za gereza maze baha Petero na Yohana itegeko rihabanye n'iry'abatambyi bakuru n'abakuru b'ubwoko bati: "Nimugende muhagarare mu rusengero, mubwire abantu amagambo yose y'ubu bugingo." [IZ 157.4](#)

Inama yarateranye maze ihamagaza abo yari yashyize mu nzu y'imbohe. Abatware b'abasirikare bakinguye inzugi za gereza; ariko basanga abo bashakaga batarimo. Bagarutse ku batambyi n'abakuru maze barababwira bati: "Inzu y'imbohe dusanze ikinze neza, n'abarinzi bahagaze inyuma y'inzugi, maze dukinguye ntitwagira umuntu dusangamo." "Ariko haza umuntu arababwira ati "Dore ba bantu mwashyize mu nzu imbohe bahagaze mu rusengeru barigisha abantu." Maze uwo mutware n'abasirikare baragenda babazana ku neza, kuko batinyaga rubanda ngo batabatera amabuye. Bamaze kubashyira imbere y'abanyarukiko, umutambyi mukuru arababaza ati: "Ntitwabihanangirije cyane kutigisha muri rya zina? None dore mwujije i Yerusalemu ibyo mwigisha, murashaka kudushyiraho amaraso ya wa muntu!" Ibyakozwe n'intumwa 5:25-29. [IZ 158.1](#)

Abo bayobozi b'Abayuda bari indyarya, bakundaga gushimwa n'abantu cyane kuruta uko bakundaga Imana. Imitima yabo yari yarinangiye kugeza ubwo barakajwe cyane n'imirimo itangaza izo ntumwa zakoraga. Bari bazi ko intumwa nizikomeza kwigisha ibya Yesu, kubambwa, kuzuka no kuzamurwa mu ijuru kwe, biratuma barushaho guhamwa n'icyaha ko ari bo bamwishe. Ntibifuzaga kugibwaho n'amaraso ya Yesu nk'igihe bateraga hejuru bavuga bati: "Amaraso ye azatubarweho twebwe n'abana bacu." [IZ 158.2](#)

Intumwa zavuze zishize amanga ko zikwiriye kumvira Imana kuruta abantu. Petero yaravuze ati: "Imana ya sogokuruzaza yazuye Yesu, uwo mwishe mumubambye ku giti. Imana yaramuzamuye imushyira iburyo bwayo ngo abe Ukomeye n'Umukiza, aheshe Abisiraheli kwihana no kubabarirwa ibyaha. Natwe turi abagabo bo guhamya ibyo hamwe n'Umwuka Wera, uwo Imana yahaye abayumvira" (Ibyakozwe n'intumwa 5:30-32). Kubera ayo magambo yarimo ubushizi bw'amanga, abo bicanyi bazabiranyijwe n'uburakari maze biyemeza kongera kwanduza amaboko yabo bamena amaraso y'intumwa. Ubwo bateguraga umugambi w'uburyo bazabikora, marayika utumwe n'Imana yagendereye umutima wa Gamaliyeli kugira ngo agire inama abatambyi n'abakuru agira ati: "Muzibukire aba bantu mubarekure, kuko iyi nama n'ibyo bakora, nibiba bivuye ku bantu bizatsindwa, ariko nibiba bivuye ku Mana ntimuzabasha kubatsinda. Mwirinde mutazaboneka ko murwanya Imana." Abadayimoni bazereraga mu mitima y'abatambyi n'abatware kugira ngo bice Petero na Yohana; ariko Imana yohereje marayika wayo kugira ngo aburizemo uwo mugambi ikoresheje guhagurutsa bamwe mu bayobozi b'Abayuda ubwabo ngo babe ijwi rirengera abagaragu bayo. Umurimo w'izo ntumwa ntiwari urangiye. Bagombaga kujyanwa imbere y'abami kugira ngo bahamye izina rya Yesu kandi bahamye ibyo babonye n'ibyo bumvise. [IZ 158.3](#)

Bamaze kubakubita no kubihanangiriza kutongera kuvuga mu izina rya Yesu ukundi, abatambyi barekuye izo mfungwa ariko batabashakaga. "Ziva imbere y'abanyarukiko zinejeje n'uko zemerewe gukorwa n'isoni bazihora iryo zina. Nuko ntizasiba kwigisha no kuvuga ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo iminsi yose mu rusengeru n'iwabo." (Ibyak. 5:41,42). Uko ni ko ijamba ry'Imana ryarushijeho kwamamara no kugwira. Abigishwa bahamyaga ibyo babonye n'ibyo bumvise bashize amanga, kandi bagakora ibitangaza bikomeye mu izina rya Yesu. Bashiritse ubwoba bashinja amaraso ya Yesu

abari barashatse ko abagerekwaho igihe bemererwaga guhangara Umwana w'Imana. [IZ 158.4](#)

Neretswe ko abamarayika b'Imana bahawe umurimo wo kuza kurinda ukuri kw'ingenzi kandi kuzira amakemwa kwagombaga kubera abigishwa ba Kristo urufatiro rukomeye uko ibihe bigenda bisimburana. By'umwihariko, Mwuka Muziranenge yari ku ntumwa zahamyaga kubambwa, kuzuka no kuzamurwa mu ijuru k'Umwami wacu; kuko uko ari ko kuri kw'ingenzi kwagombaga kuba ibyiringiro by'Abisirayeli. Bose bagombaga guhanga amaso Umukiza w'isi we byiringiro byabo rukumbi, kandi bakagendera mu nzira yabaharuriye binyuze mu gutanga ubugingo bwe, kandi bakubahiriza amategeko y'Imana kugira ngo babeho. Nabonye ubwenge n'ubugiraneza bwa Yesu igihe yahaga abigishwa ububasha bwo gukomeza umurimo watumye Abayuda ubwe bamwanga ndetse bakanamwica. Mu izina rye, bari bafite ububasha bwo gusenya imirimo ya Satani. Umucyo n'ikuzo byari bigose igihe Yesu yapfaga n'igihe yazukaga, bituma ukuri kwera k'uko Yesu ari Umukiza w'isi yose kutazigera kwibagirana. [IZ 159.1](#)

Urupfu rwa Sitefano

Abigishwa bariyongeye cyane muri Yerusalemu, kandi benshi mu batambyi nabo barizera. Sitefano wari wuzuye ukwizera yakoraga imirimo n'ibitangaza bikomeye mu bantu. Abatware b'Abayuda barushijeho kuzabiranywa n'uburakari bukaze ubwo babonaga abatambyi bareka imigenzo yabo, bakareka ibitambo n'amaturu maze bakemera Yesu we gitambo gikomeye. Mu mbaraga mvajuru, Sitefano yacyashye abatambyi n'abatware b'ubwoko bw'Abisirayeli bari baranze kwizera maze yerereza Yesu imbere yabo. Ntabwo bashoboraga gutsinda ubwenge n'imbaraga yavuganaga, maze babonye ko ntacyo ubwabo bashobora kumutwara, baguririra abagabo b'ibigoryi kugira ngo bamushinje ibinyoma ko bumvise avuga amagambo yo gutuka Mose n'Imana. Bahuruje abantu baraza, basumira Sitefano, maze bamushinja ibinyoma ko arwanyaga urusengero n'amategeko y'Imana. Bahamiye ko bumvise avuga ko Yesu w'i Nazareti yakuraho imigenzo bahawe na Mose. [IZ 159.2](#)

Ubwo Sitefano yahagararaga imbere y'abamuciraga urubanza, umucyo w'ikuzo ry'Imana waje mu maso he. "Abicaye mu rukiko bese bamutumbiriye, babona mu maso ha Sitefano hasa n'aha marayika." Ubwo yasabwaga kwiregura ku byo bamuregaga, yatangiye kuri Mose n'abahanuzi, maze asubiramo amateka y'Abisirayeli n'iby'Imana yagiye ibakorera kandi yerekana uko Kristo yari yaravuzwe mbere hose mu buhanuzi. Yifashishije iby'amateka y'urusengero maze avuga ko Imana itaba mu nsengero zubatswe n'amaboko y'abantu. Abayuda baramyaga urusengero (ingoro y'i Yerusalemu) kandi bumvaga basuzuguwe cyane iyo bumvaga umuntu uvuga nabi urwo rusengero kuruta uko yavugaga Imana nabi. Igihe Sitefano yavugaga ibya Kristo kandi agakomoza no ku rusengero, yabonye ko abantu batari kwita ku magambo ye; maze abacyaha ashize amanga agira ati: "Yemwe abatagonda ijosi, mwe abatakebwe mu mitima no mu matwi, iteka murwanyaga Umwuka Wera!" (Ibyak. 7:51). Nubwo bakurikizaga imihango igaragara inyuma y'idini yabo, imitima yabo yari yarangiritse kandi yuzuye ibibi bikabije. Yavuze ku bugome bw'abakurambere babo batoteje

abahanuzi, kandi anahamya ko abo ari kubwira bo bakoze icyaha gikabije ubwo bangaga kandi bakabamba Kristo. Yarababwiye ati: “Ni nde mu bahanuzi ba sekuruza banyu batarenganyije? Bishe abavuze ibyo kuza kwa wa Mukiranutsi bitari byaba, none namwe mwaramugambaniye muramwica.” [IZ 159.3](#)

Ubwo uko kuri kumvikana kandi kwahuranyije kwavugwaga, abatambyi n’abatware bazabiranyijwe n’uburakari maze basumira Sitefano, bahekenya amenyo. “Ariko Sitefano yuzuye Umwuka Wera, arararama, atumbira mu ijuru abona ubwiza bw’Imana na Yesu,” maze aravuga ati: “Dore mbonye ijuru rikingutse, n’Umwana w’umuntu ahagaze iburyo bw’Imana.” Abantu ntibashakaga kumwumva. “Barasakuza cyane biziba amatwi, bamugwirira icyarimwe, baramukurubana bamuvana mu murwa, bamwicisha amabuye.” Maze arapfukama arangurura n’ijwi rirenga ati: “Mwami, ntubabareho iki cyaha.” [IZ 160.1](#)

Nabonye ko Sitefano yari umuntu w’Imana ukomeye, ariko by’umwihariko, yahagurukijwe kugira ngo abe mu mwanya w’ingenzi mu itorerero. Satani yanejejwe cyane n’urupfu rwa Sitefano, kuko yari azi neza ko abigishwa bazababazwa cyane n’urupfu rwe. Nyamara intsinzi ya Satani yari iy’akanya gato; kuko muri iyo mbaga yarebaga urupfu rwa Stefano, harimo umwe Yesu Kristo yagombaga kwihishurira. Sawuli ntiyigeze agira uruhare mu gutera Sitefano amabuye, ariko yemeye ko yicwa. Yari afite ishyaka mu gutoteza abagize itorerero ry’Imana, akabahiga, akajya kubakura mu nzu zabo maze akabashyikiriza abagomba kubica. Sawuli yari umuntu ufite ubushobozi kandi wize amashuri menshi; umuhati we no kuba yarize byatumaga Abayuda bamwubaha cyane, nyamara kandi benshi mu bigishwa ba Kristo bakamutinya. Impano ze zakorehwaga neza na Satani mu gukomeza kwigomeka ku Mwana w’Imana ndetse no ku bamwizera bose. Ariko Imana ishobora kumenagura imbaraga z’umwanzi gica maze ikabohora abo Satani yagize imbohe. Kristo yari yarahisemo Sawuli kugira ngo abe “igikoresho cyatoranyirijwe” kubwiriza izina rye, gukomeza abigishwa be mu murimo wabo, ndetse no gukora ibirenze kuba mu mwanya wa Sitefano. [IZ 160.2](#)

Ihinduka rya Sawuli

Ubwo Sawuli yerekezaga i Damasiko, afite inzandiko zimuhesha uburenganzira bwo gufata abagabo cyangwa abagore babwirizaga ibya Yesu kugira ngo abazane i Yerusalemu ari imbohe, abadayimoni bari bamushagaye bishimye cyane. Ariko mu buryo butunguranye, umucyo uturutse mu ijuru waramugose utuma ba bamarayika babi bahunga maze nawe yikubita hasi ako kanya. Yumvise ijwi rivuga riti: “Sawuli, Sawuli, undeganyiriza iki?” Sawuli yarabajije ati: “Uri nde Mwami?” Nyagasani yaramusubije ati: “Ndi Yesu, uwo urenganya. Biragukomereye gutera imigeri ku mihunda.” Maze Sawuli ahinda umushyitsi yumiwe arabaza ati: “Ngire nte Mwami?” Umwami aravuga ati: “Ariko haguruka ujye mu mudugudu, uzabwirwa ibyo ukwiriye gukora.” [IZ 161.1](#)

Abantu bari kumwe nawe bahagarara bamanjiriwe, bumva ijwi ariko ntibabone uvuga. Uwo mucyo utamurutse, Sawuli yarahagurutse maze arambuye amaso asanga yahindutse impumyi. Ikuzo ry’umucyo uturutse mu ijuru ryari ryamuhumye.

Baramurandata, bamugeza i Damasiko, amara iminsi itatu atabona, atarya kandi atanywa. Noneho Uhoraho yohereza umumarayika kuri umwe mu bantu Sawuli yiringiraga ko azafata maze amuhishurira mu iyerekwa ko agomba kujya mu nzira bita Igororotse, 'agashakira mu nzu ya Yuda umuntu bita Sawuli w'i Taruso, kuko ariho asenga. Kandi na we abonye mu iyerekwa umuntu witwa Ananiya yinjira, amurambikaho ibiganza kugira ngo ahumuke." [IZ 161.2](#)

Ananiya yatinye ko ibyo bishobora kuba birimo kwibeshya, maze atangira gutekerereza Umwami ibyo yumvise kuri Sawuli. Ariko Umwami abwira Ananiya ati: "Genda kuko uwo muntu ari igikorehwa nitoranyirije, ngo yogeze izina ryanjye imbere y'abanyamahanga n'abami n'Abisirayeli, nanjye nzamwereka ibyo azababazwa na we uburyo ari byinshi, bamuhora izina ryanjye." Ananiya akurikiza amabwiriza Umwami amuhaye maze yinjira muri ya nzu, amurambikaho ibiganza, aramubwira ati: "Sawuli mwene Data, Umwami Yesu yakubonekereye mu nzira waturutsemo, arantumye ngo uhumuke wuzuzwe Umwuka Wera." [IZ 161.3](#)

Ako kanya Sawuli yahise ahumuka arahaguruka maze arabatizwa. Hanyuma yigisha mu masinagogi ko nta gushidikanya Yesu ari Umwana w'Imana. Abamwumvise bose baratagaraga kandi bakabazanya bati: "Uyu si we warimburiraga i Yerusalemu abambaza iryo zina? Kandi icyamuzanye n'ino si ukugira ngo ababohe, abashyire abatambyi bakuru?" Ariko Sawuli akomeza kugwiza imbaraga, kandi atera Abayuda urujijo aranabatangaza. Bari bongeye gukuka umutima. Bose bari basanzwe bazi uko Pawulo arwanyaga Yesu, ndetse akagira n'umuhati wo guhiga no gutanga abizera iryo zina kugira ngo bicwe. Kubw'ibyo uko guhinduka kwe mu buryo bw'igitangaza kwatumye benshi bemera ko Yesu ari Umwana w'Imana. Sawuli ayobowe n'imbaraga ya Mwuka Muziranenge, yabatekereje ibyamubayeho. Yatotezaga abantu kugeza aho abica, akababoha kandi agashyira mu nzu y'imbohe abagore n'abagabo kugeza ubwo yerekezaga i Damasiko, umucyo mwinshi uturutse mu ijuru ukamugota, maze Yesu aramwihishurira kandi amwigisha ko ari Umwana w'Imana. [IZ 161.4](#)

Ubwo Sawuli yabwirizaga ibya Yesu ashize amanga atyo, yakoraga ku mitima mu buryo bukomeye. Yari azi Ibyanditswe Byera, kandi amaze guhinduka, umucyo mvajuru wamurikiye ubuhanuzi buvuga ibya Yesu maze ibyo bimushoboza kuvuga ukuri no gukosora ukugorekwa kose kw'Ibyanditswe Byera ashize amanga no mu buryo bwumvikana. Kubwa Mwuka w'Imana wari kuri we, yashoboraga kubwira abamwumva ubuhanuzi akabageza ku buhanuzi bw'igihe Kristo yazaga ubwa mbere, kandi akabereka ko ibyanditswe byerekezaga ku mibabaro ya Yesu, urupfu rwe n'umuzuko we byagiye bisohora. [IZ 162.1](#)

Abayuda biyemeza kwica Pawulo

Ubwo abatambyi bakuru n'abatware babonaga umusaruro uva mu buryo Pawulo yavugaga ibyamubayeho, bamugiriye urwango rukabije. Babonye ko abwiriza ibya Yesu ashize amanga kandi agakora ibitangaza mu izina rye ku buryo abantu benshi bamutegaga amatwi ndetse bakareka imigenzo yabo kandi bakabona ko abatware b'Abayuda ari bo bishe Umwana w'Imana. Uburakari bwabo bwarushijeho gukara,

maze bateranira kujya inama y'ikintu cyiza bagomba gukora kugira ngo bacubye uko gukanguka kwari kwabyeho. Bemeranyije ko ikintu kimwe rukumbi bakora ari ukwica Pawulo. Ariko Imana imenya umugambi wabo maze yohereza abamarayika bo kumurinda kugira ngo abeho asohoze inshingano ye. [IZ 162.2](#)

Abayuda batizeraga Yesu barinze amarembo y'i Damasiko ijoro n'amanya bayobowe na Satani kugira ngo Pawulo nahanyura asohoka bahite bamwica. Nyamara Pawulo yari yabwiwe ko Abayuda bahiga ubugingo bwe, maze ijoro riguye abigishwa bamushyira mu gitebo bamumanurira inyuma y'igikuta cy'umudugudu. Imigambi yabo ipfubye, Abayuda bakozwe n'isoni kandi babura uko bifata maze umugambi wa Satani uba uburijwemo. [IZ 162.3](#)

Hanyuma y'ibyo, Pawulo yagiye i Yerusalemu asangayo abandi bigishwa; ariko bose baramutinye. Ntibashoboraga kwizera ko na we ari umwigishwa. Abayuda bahigaga ubugingo bwe ubwo yari i Damasiko, kandi noneho n'abavandimwe be mu kwizera ntibashoboraga kumwakira. Ariko Barinaba aramufata amujyanira izindi ntumwa, maze abahamiriza uko yari yaraboneye Umwami mu nzira n'uburyo yabwirije mu izina rya Yesu Kristo ashize amanga ari i Damasiko. [IZ 162.4](#)

Nyamara Satani yari ari gukoresha Abayuda kugira ngo barimbure Pawulo, maze Yesu amusaba kuva i Yerusalemu. Pawulo aherekejwe na Barinaba, yagiye mu yindi mijyi, abwirizayo ibya Yesu, akora ibitangaza kandi abantu benshi barahinduka. Igihe umuntu wari umaze imyaka yo kubaho kwe kose aremaye yakiraga, abantu basengaga ibigirwamana bari bagiye gutambira abigishwa ibitambo. Pawulo yagize agahinda, maze ababwira ko we na bagenzi be ari abantu buntu kandi ko Imana yaremye ijuru n'isi, n'inyanja n'ibiyirimo byose ari yo igomba kuramywa yonyine. Uko ni ko Pawulo yahesheje Imana ikuzo imbere y'abantu, ariko ntiyashoboraga kubabuza ibyo bagamije. Imyumvire ya mbere yo kwizera Imana nyakuri ndetse n'iyoye kuyiramyana no kuyiha icyubahiro kiyikwiriye yari iri kwirema mu ntekerezo zabo. Ubwo bari bateze Pawulo amatwi, Satani yakoresheje Abayuda bo mu yindi mijyi batizeraga kugira ngo bakurikirane Pawulo, bityo basenye umurimo mwiza yakoze. Abayuda bakoresheje gushinja Pawulo ibinyoma, babyukije intekerezo z'abo basengaga ibigirwamana. Noneho gutangarirwa no gushimagizwa na rubanda byahindutse urwango, maze ba bandi mu kanya gato kari gashize bari biteguye kuramyana Pawulo na Barinaba, batera Pawulo amabuye, bamukurururira inyuma y'umurwa bibwira ko yapfuye. Ariko ubwo abigishwa bari bazengurutse Pawulo bamuririra, bashimishijwe no kubona ahagurutse ajyana nabo mu murwa. [IZ 162.5](#)

Nanone igihe Pawulo na Silasi babwirizaga ibya Yesu, umukobwa wari ufite umwuka w'ubupfumu yabakurikiye asakuza agira ati: "Aba bantu ni abagaragu b'Imana lumbabyose, kandi barabawira inzira y'agakiza." Uko ni ko uwo mugore yakurikiraga abo bigishwa avuga iminsi myinshi. Ariko ibyo bibabaza Pawulo kuko urwo rusaku rwatumaga intekerezo z'abantu zitashuka ku kuri. Umugambi Satani yari afite amutera gukora ibyo wari ukugira ngo abantu bazinukwe kandi asenye impinduka abigishwa batezaga. Umwuka wa Pawulo umurwaniramo maze arahindukira abwira umwuka wari

muri uwo mugore ati: “Ndagutegetse mu izina rya Yesu Kristo, muvemo!” Nuko uwo mwuka mubi arawucyaha uva muri uwo mukobwa uragenda. [IZ 163.1](#)

Ba shebuja bashimishwaga n’uko yasakurizaga abigishwa, ariko igihe umwuka mubi wamuvagamo, agasigara atuje ari umuyoboke wa Kristo, bararakaye cyane. Bari bararundanyije amafaranga menshi bakuraga mu bucunnyi bwe, ariko noneho ibyiringiro byo kugira icyo baronka byarayoyotse. Umugambi wa Satani wari utsinzwe; ariko abakozi be basumira Pawulo na Silasi, babakurubana mu kibuga cyo mu muji rwagati, imbere y’abategetsi n’abacamanza bavuga bati: “Aba Bayuda bahagarika imitima cyane y’abo mu mudugudu wacu, kandi bigisha imigenzo tuzira kwemera cyangwa kuyikora kuko turi Abaroma.” Maze imbaga y’abantu ihagurukira icyarimwe kubarwanya, maze abacamanza babataburiraho imyambaro bategeka ko babakubita. Bamaze kubakubita inkoni nyinshi, babajugunya mu nzu y’imbohe, bategeka umurinzi kutagira icyo abatwara, maze amaze gutegekwa atyo abajugunya mu nzu yo hagati abohera amaguru yabo mu mbago. Nyamara abamarayika b’Imana bajyanye na bo aho mu nzu y’imbohe, batuma gufungwa kwabo kwamamaza ikuzo ry’Imana, kandi byereka abantu ko Imana yari muri uwo murimo ndetse ko iri kumwe n’abagaragu bayo yitoranyirije. [IZ 163.2](#)

Mu gicuku, Pawulo na Silasi barasenze, baririmba indirimbo zo gusingiza Imana, maze ako kanya habaho igishyitsi gikomeye ku buryo imfatiro za gereza zanyeganyeze. Nabonye ko ako kanya marayika w’Imana abohoye ingoyi zari zibaboshye. Umurinzi wa gereza akangutse, asanga inzugi zikinguye maze agira ubwoba bwinshi. Yatekereje ko imfungwa zacitse kandi ko arahanihwa urupfu. Ariko agiye kwiyahura, Pawulo atera hejuru n’ijwi rirenge agira ati: “Wikwigirira nabi twese turi hano.” [IZ 164.1](#)

Imbaraga y’Imana yemeje umutima w’uwo murinzi. Atumiza itara, arinjira agenda yiruka yikubita imbere ya Pawulo na Silasi ahinda umushyitsi. Nyuma arabasohokana arababaza ati: “Batware, nkwiye gukora nte ngo nkire?” Maze baramusubiza bati: “Izere Umwami Yesu Kristo, urakira ubwawe n’abo mu rugo rwawe.” Nuko umurinzi wa gereza ateranya abo mu rugo rwe bese, maze Pawulo ababwiriza ibya Yesu. Nuko umutima w’umurinzi wa gereza uba umwe n’uw’abavandimwe be mu kwizera, aboza inguma z’aho bakubiswe maze we ubwe n’abo mu rugo rwe iryo joro barabatizwa. A bazanira ibyokurya barasangira, barishimana, we n’abo mu rugo rwe bese bizera Imana. [IZ 164.2](#)

Inkuru itangaje yo kwigaragaza kw’imbaraga z’Imana mu gukingura inzugi za gereza no guhinduka k’umurinzi wa gereza hamwe n’abo mu nzu ye, yamamaye hose. Abatware bumvise iyo nkuru bashya ubwoba, maze batuma ku murinzi wa gereza bamusaba ngo arekure Pawulo na Silasi bagende. Ariko Pawulo ntiyemera kuva muri gereza rwihihwa. Ntiyashakaga ko ukwigaragaza kw’imbaraga z’Imana kwazinzi. Yarababwiye ati: “Badukubitiye imbere y’abantu nta rubanza rwadutsinze kandi turi Abaroma, badushyira mu nzu y’imbohe. None barashaka kudukuramo rwihihwa? Reka da! Ahubwo abe ari bo baza ubwabo badusohore.” Ayo magambo ageze ku bacamanza, bimenyekana ko izo ntumwa ari abenegihugu b’Abaroma, maze abatware barakangarana batinya ko Pawulo na Silasi bazaregera umwami w’abami bamubwira

ibyho bakorewe binyuranyije n'amategeko. Nuko baraza babasaba imbabazi, barabasohora babasaba kuva muri uwo muji. [IZ 164.3](#)

Pawulo asura i Yerusalemu **67**

Pawulo amaze guhinduka, yasuye Yerusalemu kandi ahabwiriza ibya Yesu n'ibitangaza by'ubuntu bwe. Yatekerereje abantu ibyo guhinduka kwe gutangaje maze ibyo birakaza abatambyi n'abatware cyane ku buryo bashatse kumwica. Ariko kugira ngo akire, Yesu yongeye kumubonekera mu nzuzi ari gusenga, maze aramubwira ati: "Ihute uve i Yerusalemu vuba, kuko batazemera ibyo umpanya." Pawulo aramusubiza ati: "Mwami, nabo ubwabo bazi yuko nashyiraga abakwizeye mu nzu y'imbohe, nkabakubitira mu masinagogi yose. Kandi ubwo bavushaga amaraso ya Sitefano wahamya ibyawe, nanjye nari mpari mbyishimiye, ndinda imyenda y'abamwicaga." Pawulo yibwiraga ko Abayuda b'i Yerusalemu badashobora kwanga ubuhamya bwe, ko ahubwo barabona ko guhinduka gukomeye kwamubayeho gushobora gukorwa gusa n'imbaraga y'Imana. Nyamara igisubizo yahawe cyari gishimikiriye kuruta mbere, kuko yabwiye ngo: "Genda kuko nzagutuma kure mu banyamahanga." [IZ 164.4](#)

Igihe Pawulo atari i Yerusalemu, yanditse inzandiko nyinshi azandikira abantu b'ahantu hatandukanye, abatekerereza ibyamubayeho kandi akababwiriza n'ubuhamya bukomeye. Nyamara abantu bamwe baharaniraga gusenya impinduka yaterwaga n'izo nzandiko. Abantu bahatirwaga kwemera ko izo nzandiko ari iz'agaciro kandi zifite imbaraga, ariko bakavugaga ko ubwo bamwiboneraga ubwe yiyiziye nta gukomera kwamurangwagaho ndetse ko n'amagambo ye yari asuzuguritse. [IZ 165.1](#)

Ukuri kwari uko Pawulo yari umuntu wize cyane, kandi ubwenge bwe n'imigenzereze ye bikaba byarakururaga ababaga bamuteze amatwi. Abantu b'intiti bashimishwaga n'ubumenyi bwe kandi benshi muri bo bizeye Yesu. Iyo yabaga ari imbere y'abami n'imbaga nini y'abantu, yavuganaga ubuho ku buryo bose bamutangariraga. Ibyo byarakaje abatambyi n'abakuru cyane. Pawulo yashoboraga kwimbika mu ntekerezo, akazagura, akajyana n'abamwumva bakazamura intekerezo ku rugero rwo hejuru cyane, bagasobanukirwa ubutunzi buhebuje bw'ubuntu bw'Imana, kandi akabagaragariza urukundo rwa Kristo rutangaje. Noneho yashoboraga guca bugufi mu mvugo yoroheje, akagera ku myumvire ya rubanda rwa giseseka maze mu buryo bufite imbaraga akabarondorera ibyo yanyuzemo maze bikabatera inyota yo guhinduka abigishwa ba Kristo. [IZ 165.2](#)

Umwami Yesu yongeye kubonekera Pawulo amuhishurira ko agomba gusubira i Yerusalemu, kugira ngo azahabohereye kandi ahababarizwe kubw'izina rye. Nubwo Pawulo yafunzwe igihe kirekire, Uhoraho yaramukoresheje maze ateza imbere umurimo We udasanze. Kubohwa kwe kwagombaga kuba uburyo bwo kumenyekanisha Kristo kandi kubw'ibyo bigahesha Imana ikuzo. Ubwo yavanwaga mu muji ayanwaga mu wundi kugira ngo acirwe urubanza, ubuhamya bwerekeye Yesu yatangaga ndetse n'ibintu bitangaje byabayeho mu ihinduka rye, yabivugiraga imbere y'abami n'abatware, kugira ngo batazagira urwitwazo na ruto ku bijyanye n'ibya Yesu. Abantu ibihumbi byinshi

bizeye Yesu kandi bashimishwa n'izina rye. Neretswe ko umugambi udasanzwe w'Imana wasohorejwe mu rugendo Pawulo yarimo mu bwato. Imana yateguye ko abasare babona ububasha bwayo binyuze muri Pawulo, kandi ko n'abapagani bumva izina rya Yesu, ndetse benshi bagahindurwa no kwigisha kwa Pawulo no kwibonera ibitangaza akora. Abami n'abatware batwarwaga n'ibyo yababwiraga, kandi kubw'imbaraga n'umuhati ahawe na Mwuka Muziranenge, yababwirije ibya Yesu kandi ababwira n'ibyo yanyuzemo bitangaje, bahita bemera ko Kristo ari Umwana w'Imana. Ubwo bamwe bumvaga Pawulo bagatangara, umwe muri bo yaravuze ati: "Ubuze gato ukanyemeza kuba Umukristo." Ariko kandi, abenshi mu bamwumvise batekereje ko ibyo bumvise bazabiha agaciro mu gihe kizaza. Satani yaherewe urwaho muri uko gukererwa, maze ubwo birengagizaga amahirwe babonye igihe imitima yabo yari icyiyoroheje, ayo mahirwe yabacitse by'iteka ryose. Imitima yabo yarinangiye. [IZ 165.3](#)

Neretswe umurimo wa Satani ubwo yabanzaga guhuma amaso y'Abayuda kugira ngo batakira Yesu nk'Umukiza wabo maze agakurikizaho kubatera kwifuza kurimbura ubugingo bwe biciye mu kumugirira ishyari kubera imirimo ye ikomeye. Satani yinjije mu mutima w'umwe mu bayoboke ba Kristo, amutera kumugambanira amutanga mu maboko y'abanzi nzi be kugira ngo babambe Umwami w'ubugingo n'ikuzo. [IZ 166.1](#)

Yesu amaze kuzuka, Abayuda bagiye bongera icyaha ku kindi bashaka guhisha ko Yesu yazutse bakoresheje kuguririra umurinzi w'Umuroma kugira ngo ahamye ibinyoma. Nyamara kuzuka kwa Yesu kwarushijeho gushimangirwa n'imbaga y'abantu bazutse baba abahamya bawo. Yesu amaze kuzuka yabonekeye abigishwa be, abonekera n'abandi barenga magana atanu icyarimwe mu gihe abazukanye na we nabo babonekeye abantu benshi, bahamya ko Yesu yazutse. [IZ 166.2](#)

Satani yari yarateye Abayuda kwigomeka ku Mana banga kwakira Umwana wayo, kandi banduza n'amaboko yabo bavusha amaraso ye y'igiciro cyinshi. Uko ibihamya by'uko Yesu ari Umwana w'Imana n'Umucunguzi w'isi byari bikomeye kose, bari baramwishe, kandi ntibashakaga kwemera igihamya icyo ari cyo cyose gishyigikira Yesu. Ibyiringiro byabo rukumbi no kwirema agatima, byari bisigariye mu kugerageza kurwanya Umwana w'Imana nk'uko Satani yiremaga agatima amaze gucumura. Kubw'ibyo, kubwo gutoteza no kwica abigishwa ba Kristo, bakomeje ubwigomeke bwabo. Nta kintu cyabaryaga mu matwi nko kumva izina rya Yesu Kristo bari barabambye; kandi bari bariyemeje kutagira icyo bumva na kimwe kivuga Yesu neza. Nk'igihe Mwuka Muziranenge yakoreraga muri Sitefano, agatanga ibihamya bikomeye by'uko Yesu ari Umwana w'Imana, bizibye amatwi kugira ngo batemera ibivuzwe. Satani yari yifitiye mu biganza bye abishe Yesu. Binyuze mu bikorwa bibi by'ubugome, bari baritanze baba ibikoreho bye, akabakorera kugira ngo abuze amahoro abizera Kristo. Satani yakoreye mu Bayuda kugira ngo bahagurutse abanyamahanga barwanye Yesu n'abamuyobotse. Ariko Imana yohereje abamarayika bayo kugira ngo bakomeze intumwa n'abigishwa mu murimo wabo, bityo bashobore guhamya ibyo babonye n'ibyo bumvise, ndetse kubwo gushikama kwabo, amaherezo bazahamisha umurimo wabo kumena amaraso yabo. [IZ 166.3](#)

Satani yanejejwe n’uko Abayuda bafashwe n’umutego we. Bakomeje imihango yabo itagira umumaro, ibitambo byabo n’amategeko yabo. Ubwo Yesu yari abambwe ku musaraba maze akarangurura ati: ‘Birangiye,’ umwenda wari ukingiriye ahera cyane ho mu buturo watabutsemo kabiri, uhereye hejuru ukageza hasi. Ibyo byari bisobanuye ko Imana itazongera guhurira n’abatambyi mu ngoro yayo ngo yemere ibitambo n’amategeko byabo, kandi byari ukwerekana ko urusika rwatandukanyaga Abayuda n’Abanyamahanga rwari rukuweho. Yesu yari yitanzeho igitambo kubw’Abayuda n’Abanyamahanga, kandi niba bose bari babonewe agakiza, bagomba kumwizera ko ari we gitambo cyonyine cy’icyaha, akaba n’Umukiza w’isi yose. [IZ 166.4](#)

Igihe umusirikari yateraga Yesu icumu mu rubavu ari ku musaraba, havuyemo amasoko y’uburyo bubiri: isoko y’amaraso n’indi y’amazi. Amaraso yari ayo koza ibyaha by’abazamwizera, naho amazi yashushanyaga ya mazi y’ubugingo atangwa na Yesu kugira ngo aheshe ubugingo umwizera.

Ubuhakanyi bukomeye

Neretswe igihe abapagani basengaga ibigirwamana kandi bagatoteza Abakristo bikomeye ndetse bakanabica. Imivu y’amaraso yatembaga nk’imigezi. Abakomeye, intiti na rubanda bose bicwaga kimwe nta kubabarirwa. Imiryango yabaga ikize cyane yahindurwaga abakene bitewe n’uko batashoboraga kureka imyizerere yabo. Nubwo abo Bakristo bahuye n’itotezwa n’imibabaro, ntibashoboraga kudohora urugero bagenderagaho. Bakomeye ku myizerere yabo itunganye. Nabonye ko Satani yanezezwa kandi akishimira intsinzi kubw’imibabaro yabo. Ariko ubwo Imana yitegerezaga abo bana bayo b’indahemuka bapfaga bazize kuyizera, yagaragaje ko ibemera rwose. Imana yakundaga cyane Abakristo babayeho muri icyo gihe giteye ubwoba, kuko bari bafite ubushake bwo kubabazwa ari Yo bazira. Imibabaro yose bihanganiye yongeraga ingororano bazahabwa mu ijuru. [IZ 167.2](#)

Nubwo Satani yashimishwaga n’imibabaro y’abera, yari atarashirwa. Yashakaga kwigarurira intekerezo n’imibiri yabo. Nta kindi imibabaro bihanganiye yakoze uretse kurushaho kubegereza Imana, ituma bakundana, kandi ibatera kurushaho gutinya kuyikoza isoni. Satani yashakaga kubatera kubabaza Imana maze ibyo byagerwaho bakabura imbaraga, ubutwari no gushikama. Nubwo ibihumbi byinshi byishwe, nyamara abandi benshi barushagaho guhaguruka bagasimbura abamaze kwicwa. Satani yabonye ko ari gutakaza abayoboke be; kuko nubwo batotezwaga kandi bakicwa, bari bahishwe muri Yesu Kristo, ari abaragwa b’ubwami bwe. Kubw’ibyo Satani yacuze imigambi ye yo kurwanya ubutegetsu bw’Imana yivuye inyuma no gusenya itorerero. Satani yateye abapagani basengaga ibigirwamana kwemera umugabane umwe w’imyizerere ya Gikristo. Bahamije ko bizera kubambwa n’umuzuko bya Kristo, maze bagaragaza ko bifatanyije n’abayoboke ba Kristo ariko batigeze bahinduka mu mitima. Mbega akaga gakomeye itorerero ryari rigezemo! Cyari igihe giteye agahinda. Abantu bamwe bibwiraga ko nibaramuka bacye bugufi bakifatanya n’abo basengaga ibigirwamana bari bemeye umugabane umwe w’ukwizera kwa Gikristo, bwari kuba uburyo bwo gutuma abo bapagani bahinduka rwose. Satani yashakaga uko yakwangiza inyigisho za Bibiliya. [IZ 167.3](#)

Naje kubona ko amaherezo urugero ngenderwaho rwa Gikristo rwacishijwe bugufi, ndetse ko abapagani bifatanyaga n'Abakristo. Nubwo abo bantu basengaga ibigirwamana bahamyaga ko bahindutse, bazanye n'ibigirwamana byabo mu itorero, maze ibyo basengaga babihindura amashusho y'abatagatifu, ndetse n'ishusho ya Yesu na nyina Mariya. Uko abayoboke ba Kristo bagendaga bifatanyaga nabo buhoro buhoro, idini ya Gikristo yarangiritse maze itorero ritakaza ugutungana kwaryo n'imbaraga ryari rifite. Bamwe banze kwifatanyaga n'abapagani basengaga ibigirwamana; maze bene abo bagumana ubutungane no kubonera kwabo kandi bakaramya Imana yonyine. Ntibashoboraga gupfukamira ishusho y'ikintu icyo ari cyo cyose cyo mu kirere cyangwa icyo hasi ku isi. [IZ 168.1](#)

Satani yanejejwe cyane no gucumura kwa benshi maze noneho akoresha ab'itorero ryaguye kugira ngo bahatire abakomeye ku butungane bw'imyizerere yabo ngo bayoboke imihango yabo kandi basenge ibishushanyo, bitaba ibyo bakicwa. Imiriro yo gutoteza yongeye gukongerewe itorero nyakuri rya Kristo, maze abantu miliyoni zitabarika bicwa nta mbabazi. [IZ 168.2](#)

Ibyo nabyeretswe muri ubu buryo: Imbaga y'abapagani basengaga ibigirwamana bari batwaye ibendera ry'umukara ryari rishushanyijeho izuba, ukwezi n'inyenyeri. Iri tsinda ryasaga n'irifite uburakari bukomeye n'umujinya mwinshi. Nyuma neretswe irindi tsinda ritwaye ibendera ryera de, kandi kuri ryo hari handitsweho ngo: "Kubonera n'ubutungane ni iby'Uhoraho." Mu maso habo hagaragaraga gushikama no kuba bemewe n'ijuru. Nabonye abapagani basengaga ibigirwamana babegera maze babica umusubizo. Abakristo batentebukiye imbere yabo; ariko itsinda ry'Abakristo ryarushagaho kwegerana, rikomeza kugundira rya bendera. Uko benshi bicwaga bakagwa hasi, ni ko abandi bazaga gukikiza rya bendera bagasimbura abishwe. [IZ 168.3](#)

Nabonye iteraniro ry'abasenga ibigirwamana rijya inama. Babonye ko badashoboye gucogoza Abakristo, bumvikanye ku wundi mugambi. Nabonye bamanura ibendera ryabo ho gato maze begera rya tsinda rishikamye ry'Abakristo bityo bagira ibyo babasaba. Ku ikubitiro, ibyo basabye barabyangiwe burundu. Noneho nabonye itsinda ry'Abakristo rijya inama. Bamwe bavuze ko bakwiriye kumanura ibendera ryabo ho gato, bakemera ibyo basabwa kugira ngo bakize ubugingo bwabo, maze amaherezo bakazabona imbaraga zo kuzamura ibendera ryabo mu bapagani. Ibiramambu, bake cyane banze kwemera uwo mugambi, ahubwo bahitamo bamaramaje ko bapfa bakigundiye ibendera ryabo aho kurimanura ho gato. Noneho nabonye abantu benshi bamanura ibendera ryabo bifatanyaga n'abapagani; ariko abari bashikamye badakebakeba bararifata maze bararizamura. Nabonye ko abantu bakomezaga kuva mu itsinda ry'abari batwaye ibendera ryera maze bakifatanyaga n'abasenga ibigirwamana bari muni y'ibendera ry'umukara, kugira ngo batoteze abatwaye ibendera ryera. Benshi barishwe, ariko ibendera ryera rikomeza gushyirwa hejuru, kandi abizera barahagurukaga bakaza kurikikiza. [IZ 168.4](#)

Abayuda babanje guhagurutsa abapagani ngo barwanye Yesu ntibagombaga gusigara badahanwe. Mu rukiko, igihe Pilato yashidikanyaga gucira Yesu urubanza, Abayuda bari bazabiranyijwe n'uburakari bateye hejuru bati: "Amaraso ye azatubarweho twe n'uburyaro rwacu." Gusohora k'uwo muvumo uteye ubwoba Abayuda bihamagariye byarabaye nta kabuza. Abapagani ndetse n'abo bitwaga Abakristo bari barabaye abanzi babo. Kubw'ishyaka bari bafitiye Kristo, uwo Abayuda babambye, abo biyitaga Abakristo batekereje ko uko bazarushaho kugirira nabi Abayuda ariko bizanezeza Imana. Kubw'ibyo benshi mu Bayuda batizera barishwe, abandi birukanwa aho bari bakajya ahandi kandi bahanwa mu buryo bunyuranye. [IZ 169.1](#)

Amaraso ya Kristo n'ay'abigishwa be bari barishe yari ari ku mitwe yabo, kandi bagezweho n'urubanza rukomeye. Umuvumo w'Imana warabakurikiranye, maze bahinduka ibimenyanabose n'ibishungero ku bapagani no ku ngirwa-Bakristo. Bateshejwe agaciro, baracibwa, kandi bangwa nk'aho ikimenyetso cy'umuvumo wa Kayini cyari kuri bo. Nyamara nongeye kubona ko Imana yarinze ubu bwoko mu buryo butangaje kandi ibutatanyirizwa hirya no hino mu isi kugira ngo abababona bamenye ko bagezweho n'umuvumo w'Imana mu buryo budasanzwe. Nabonye ko Imana yahanye ishyanga ry'Abayuda; ariko ko bamwe muri bo bazihana bagahinduka kandi bakabashishwa gushishimura igishura gikingirije imitima yabo ndetse bakabona ko ubuhanuzi buberekeye kwasohoye. Bazakira Yesu Kristo Umukiza w'abari ku isi yose, kandi bazabona icyaha gikomeye ishyanga ryabo ryakoze ubwo ryamwangaga kandi rikamubamba. [IZ 169.2](#)

Amayobera y'ubugome

Uhereye kera kose umugambi wa Satani wari uwo gutuma abantu bakura intekerezo zabo kuri Yesu bakazerekeza ku muntu, ndetse no kurimbura umutima wo kuzirikana inshingano umuntu yahawe azabazwa. Uwo mugambi wa Satani wapfubye igihe yageragezaga Umwana w'Imana; ariko wagezweho neza ubwo yageraga ku muntu wacumuye. Ubukristo bwarangirijwe. Abapapa n'abapadiri bihaye umwanya w'isumbwe, kandi bigisha abantu kubarangamira ngo bahabwe imbabazi z'ibyaha byabo aho kugira ngo abantu ubwabo barangamire Yesu Kristo. [IZ 169.3](#)

Abantu barashutswe rwose. Bigishijwe ko abapapa n'abapadiri bahagarariye Kristo, nyamara mu by'ukuri bahagarariye Satani, kandi ababapfukamira baba baramya Satani. Abantu bifuzaga Bibiliya, ariko abapadiri babonye ko kubareka ngo bayitunge bayisomere ubwabo ari ingorane zikomeye. Batinye ko bamurikirwa maze bagashyira ahagaragara ibyaha by'abayobozi babo. Abantu bigishijwe kwakira ijambo ryose riturutse kuri abo bashukanyi nk'irivuye mu kanwa k'Imana. Bafite ubwo bubasha ku ntekerezo z'abantu kandi Imana yonyine ari yo ikwiriye kubugira. Haramutse hagize abantu bahangara gukurikiza ibyo imitima yabo ibemeza, bakwangwa urwango nk'urwo Satani n'Abayuda banze Yesu, kandi abari mu myanya y'ubuyobozi bashaka kumena amaraso y'abo bantu. [IZ 169.4](#)

Neretswe igihe Satani yatsinze mu buryo budasanze. Abakristo batabarika bishwe urw'agashinyaguro bazira ko bemeye gushikama ku butungane bw'idini yabo. Bibiliya yanzwe ndetse hakoreshwa imbaraga zose kugira ngo itsembwe ku isi. Abantu babujijwe kuyisoma, uyiomye akicwa; kandi Bibiliya zose zashoboraga kuboneka zaratwikwaga. Ariko neretswe ko Imana yitaye ku ljambo ryayo mu buryo budasanze. Yararirize. Mu bihe binyuranye, hagiye hasigara ibitabo za Bibiliya nke cyane, ariko Imana ntiyari kwemera ko ljambo ryayo rizima burundu, kuko mu bihe bya nyuma hagombaga gucapwa kopi nyinshi za Bibiliya ku buryo umuryango wose uyigira. Nabonye ko igihe Bibiliya zari nkeya cyane, Bibiliya yari ifite agaciro gakomeye kandi igahumuriza abayoboke ba Yesu batotezwaga. Yasomwaga rwihishwa, kandi abagiraga amahirwe akomeye yo kumva amagambo yayo bumvaga bavuganye n'Imana n'Umwana wayo Yesu, ndetse n'intumwa zayo. Nyamara ayo mahirwe yuje imigisha yatumye benshi batakaza ubuzima bwabo. Iyo bafatwaga, babajyanaga aho bacirirwa imitwe, bakabajyana aho batwikirwa cyangwa bakabashyira muri kasho kugira ngo bicirweyo n'inzara. [IZ 170.1](#)

Satani ntiyashoboraga gukoma mu nkokora inama y'agakiza. Yesu yarabambwe maze ku muni wa gatatu arazuka. Ariko Satani yabwiye abamarayika be ko azatuma kubambwa no kuzuka bikoreshwa kubw'inyungu ze. Yashakaga ko abizera Yesu bakwizera ko amategeko yerekeye ibitambo n'amaturu by'Abayuda byarangiye igihe Kristo yapfaga, bityo yabishobora agatuma bajya kure cyane maze akabatera kwizera ko n'amategeko icumi yapfanye na Kristo. [IZ 170.2](#)

Neretswe ko benshi bahise bemera ubwo bushukanyi bwa Satani. Ubwo abo mu ijuru bose babonaga amategeko yera y'Imana aribatiwe muni y'ibirenge, baguye mu kayubi. Yesu n'ingabo zo mu ijuru zose bari basanzwe bazi uko amategeko y'Imana ateye; bari bazi ko Imana idashobora kuyahindura cyangwa ngo iyakureho. Ubwihebe umuntu yarimo nyuma yo gucumura bwateje umubabaro ukomeye mu ijuru, maze utera Yesu kwemera gupfira abishe amategeko yera y'Imana. Ariko iyo ayo mategeko ashobora kuba yakurwaho, umuntu yari gukizwa Yesu atarinze gupfa. Kubw'ibyho rero, urupfu rwe ntiwakuyeho amategeko ya Se, ahubwo rwarayerereje, rurayubahisha kandi rushimangira ko yose agomba kumvirwa. [IZ 170.3](#)

Iyo itorero rikomeza gutungana kandi rigashikama, Satani ntiyari gushobora gushuka abarigize kandi ngo abatere gusiribanga amategeko y'Imana. Muri uyu mugambi ukomeye, Satani yibasiye urufatiro rw'ubutegetsu bw'Imana mu ijuru no ku isi. Kwigomeka kwe kwatumye yirukanwa mu ijuru. Kugira ngo akize ubugingo bwe nyuma yo kwigomeka kwe, yifuje ko Imana yahindura amategeko yayo, ariko yabwiriwe imbere y'ingabo zo mu ijuru zose ko amategeko y'Imana adahinduka. Satani azi neza ko aramutse ateye abandi kwica amategeko y'Imana, yaba abigaruriye; kuko uwica amategeko wese agomba gupfa. [IZ 170.4](#)

Satani yiyemeje gukomeza umugambi we ukagera kure. Yabwiye abamarayika be ko hari bamwe bazakomeza gufuhira amategeko y'Imana bakayanambaho ku buryo badashobora kugwa mu mutego we. [IZ 171.1](#)

Amategeko cumi arasobanutse neza ku buryo benshi bazizera ko agikomeje kubagenga, bityo Satani agomba gushaka uko yakwangiza rimwe gusa ryo muri ayo mategeko. Kubw'ibyo yateye abamuhagarariye kugerageza guhindura itegeko rya kane, cyangwa Isabato, bityo ahindura itegeko rimwe rukumbi ryo mu mategeko cumi ryerekana Imana nyakuri, Umuremyi w'ijuru n'isi. Satani yaberetse izuka rya Yesu ryuje ikuzo maze ababwira ko kuba Yesu yarazutse ku munsi wa mbere w'icyumweru yahinduye Isabato ayikura ku munsi wa karindwi ayishyira ku munsi wa mbere w'icyumweru. [IZ 171.2](#)

Uko ni ko Satani yakoresheje umuzuko kugira ngo asohoze umugambi we. We n'abamarayika be bashimishijwe n'uko ibinyoma bateguye byakiriwe neza n'abavuga ko ari incuti za Kristo. icyo bamwe babonaga ko ari akaga mu idini, abandi baracyakiraga. Uko ni ko amakosa atandukanye yakiriwe kandi agashyigikiranwa umwete mwinshi. Ubushake bw'Imana bwahishuriwe neza mu Ijambo ryayo bwatwikirijwe amafuti n'imigenzo byigishijwe nk'aho ari amategeko y'Imana. Nubwo ubwo bushukanyi bwo guhangara ijuru buzakomeza kwemererwa gukorwa kugeza igihe Yesu azaba agarutse, Imana ntizabura kugira abayihama muri iki gihe cy'ubuyobe n'ubushukanyi. Mu gihe cy'umwijima n'itotezwa itorero ryanyuzemo iteka ryose hagiye habaho abanyakuri n'indahemuka bakurikizaga amategeko yose y'Imana. [IZ 171.3](#)

Neretswe ingabo z'abamarayika zumiwe cyane ubwo zitegerezaga imibabaro n'urupfu by'Umwami wuje ikuzo. Ariko nabonye ko nta cyari gitangaje kuri bo kuba Umwami utanga ubugingo kandi w'icyubahiro (uwujuje ijuru ryose ibyishimo n'ubwiza) yacagagura ingoyi z'urupfu, maze agasohoka mu gituro atsinze burundu. Niyo mpamvu niba hari kimwe muri ibyo cyakwizihizwa hafashwe umunsi w'ikiruhuko, cyakabaye ukubambwa kwe. Nyamara nabonye ko nta na kimwe muri ibyo cyabereyeho kugira ngo gihindure cyangwa ngo gikureho amategeko y'Imana, ahubwo ibyo byose bitanga igihama gikomeye cyane cy'uko amategeko adahinduka. [IZ 171.4](#)

Urupfu rwa Yesu no kuzuka kwe bifite gahunda zibitwibutsa. Mu gihe dusangira ifunguro ry'Umwami, tukamanyura umugati kandi tukanywa divayi, tuba tugaragaza urupfu rw'Umwami kugeza igihe azagarukira. Ibyo kubabazwa kwe n'urupfu rwe byongeraga kugaruka mu ntekerezo zacu. Twibuka tunizihiza umuzuko wa Kristo igihe duhambanwa nawe mu mubatizo, kandi nk'uko nawe yazutse, tukava muri icyo gituro cy'amazi kugira ngo tubeho imibereho mishya. [IZ 171.5](#)

Neretswe ko amategeko y'Imana azahoraho iteka ryose, kandi ko no mu isi nshya azabayo ibihe byose. Mu gihe cy'irema, ubwo imfatiro z'isi zashingwaga, abana b'Imana bitegereje umurimo w'Umuremyi maze baratangara, kandi ingabo zose zo mu ijuru zitera hejuru kubw'ibyishimo. icyo gihe ni ho urufatiro rw'Isabato rwashinzwe. Ku iherezo ry'iminsi itandatu y'irema, ku munsi wa karindwi Imana yaruhutse imirimo yayo yose yakoze; iha umugisha umunsi wa karindwi kandi iraweza, kuko ari wo yaruhutseho imirimo yose yakoze. Isabato yashyizweho muri Edeni mbere yo gucumura k'umuntu, kandi Adamu na Eva ndetse n'ingabo zo mu ijuru zose barayiruhukaga. Imana yaruhutse ku munsi wa karindwi, iraweza kandi irawiyegurira. Nabonye ko Isabato

itazigera ikurwaho, ko ahubwo abera bacunguwe ndetse n'ingabo zose z'abamarayika bazayubariza ibihe byose kugira ngo bahe icyubahiro Umuremyi. [IZ 172.1](#)

Urufu si ukubaho by'iteka ryose mu mubabaro ukomeye

Satani yatangiye ubushukanyi bwe muri Edeni. Yabwiye Eva ati: “Gupfa ntimuzapfa.” icyo cyabaye icyigisho cya mbere cya Satani yigishije cyerekeye ukudapfa kw'ubugingo, kandi kuva icyo gihe yakomeje ubwo bushukanyi kugeza magingo aya, kandi azabukomeza kugeza igihe abana b'Imana bazaba babohowe ingoyi ya Satani burundu. Neretswe igihe Adamu na Eva bari bari muri Edeni. Bariye ku giti cyabuzanyijwe, maze inkota yaka umuriro ishyirwa ahakikije igiti cy'ubugingo, kandi birukanwa muri Edeni kugira ngo batarya ku giti cy'ubugingo maze bakabaho by'iteka ryose ari abanyabyaha badapfa. Imbutu z'iki giti cy'ubugingo zari izo gutuma umuntu abaho ubudapfa. Numvise umumarayika abaza ati: “Ni nde wo mu muryango wa Adamu wanyuze kuri iyo nkota maze akarya ku giti cy'ubugingo?” Numvise undi mumarayika asubiza ati: “Nta n'umwe wo mu muryango wa Adamu warenze kuri iyo nkota yaka umuriro ngo arye kuri icyo giti; ni yo mpamvu nta munyabyaha udapfa.” Ubugingo bukora icyaha buzapfa urufu rw'iteka ryose; urufu rutarimo ibyiringiro byo kuzazuka, bityo umujinya w'Imana ugahosha. [IZ 172.2](#)

Natangajwe cyane n'uko Satani yabashije kugera ku ntego ye neza atuma abantu bizera ko amagambo Imana yavuze ngo: “ubugingo bukora icyaha buzapfa,” asobanuye ko ubugingo bukora icyaha butazapfa, ko ahubwo buzabaho by'iteka ryose mu mubabaro ukomeye. Marayika yaravuze ati: “Ubugingo ni ubugingo, bwaba buri mu mubabaro cyangwa mu munezero. Upfuye ntababara, ntiyishima, kandi ntagira urwango.” [IZ 172.3](#)

Satani yabwiye abamarayika be gukoresha umuhati udasanzwe kugira ngo bakwize ikinyoma yabwiye Eva bwa mbere muri Edeni ati: “Gupfa ntimuzapfa.” Kandi ubwo abantu bemeraga icyo kinyoma, bikagera aho bizera ko umuntu adapfa, Satani yanabateye kwizera ko umunyabyaha azabaho mu mubabaro w'iteka ryose. Ubwo ni bwo Satani yari ateguriwe uburyo bwo gukorera mu bamuhagarariye no kugaragariza abantu Imana ko ari inyagitugu kandi ihora —ko ari Imana iroha mu irimbukiro abantu bose batayishimishije, maze bakagerwaho n'uburakari bwayo bukaze; kandi ko igihe bababazwa bitavugwa, baborogera mu muriro utazima, ngo Imana ibareba iri mu ijuru maze bikayinezeza. Satani yari azi neza ko iki kinyoma nicyemerwa, abantu benshi bazanga Imana, aho kuyikunda no kuyiramyana. Yari azi kandi ko abantu benshi bazizera ko ibikangisho Ijambo ry'Imana rivuga bitazasohora nk'uko bivugwa, ngo kuko byaba binyuranyije n'imico yayo y'ubugwaneza n'urukundo igihe yaroha ibiremwa yiremeye mu muriro w'amazuku uhora ugurumana. [IZ 172.4](#)

Urundi ruhande rukabije kuba rubi Satani yatumye abantu bajyamo ni urwo kwirengagiza burundu ubutabera bw'Imana n'imiburo iboneka mu Ijambo ryayo, ndetse no kugaragaza ko Imana ari inyebambe ku buryo nta muntu n'umwe uzarimbuka, ko ahubwo baba abanyabyaha n'intungane bose amaherezo bazakirizwa mu bwami. [IZ 173.1](#)

Ingaruka z'ibyo binyoma byabaye gikwira by'uko ubugingo budapfa kandi hakabaho umubabaro utazangira iherezo, ziba iz'uko Satani yuririraho akigarura irindi tsinda ry'abantu maze akaritera gufata Bibiliya nk'aho atari igitabo cyahumetswe. Bibwira ko yigisha ibintu byiza byinshi; ariko ntibashobora kuyishingikirizaho no kuyikunda bitewe n'uko bigishijwe ko ivuga inyigisho z'umubabaro w'iteka ryose. [IZ 173.2](#)

Irindi tsinda ryo Satani arariyobya akarigira impabe kugeza n'aho rihakana ko Imana ibaho. Ntibashobora kubona ikintu cyumvikana kigaragara mu mico y'Imana ivugwa na Bibiliya niba hari umugabane umwe w'abantu izahana ibica urw'agashinyaguro by'iteka ryose. Kubw'ibyo, bahakana Bibiliya n'Uwayandikishije kandi bagafata ko urupfu ari ibitotsi by'iteka ryose. [IZ 173.3](#)

Nyamara kandi hari irindi tsinda ry'abanyabwoba kandi batinya ntibigirire icyizere. Abo Satani aboshya gukora icyaha, maze bamara gukora icyaha akabereka ko ibihembo by'ibyaha atari urupfu, ko ahubwo ari ubugingo bwuzuyemo imibabaro ikomeye idashira umuntu agomba kubamo iteka ryose. Iyo Satani atuburira iyo mibabaro y'iteka ryose imbere y'intekerezo zabo zifite intege nke, arazigarurira maze bakabura ubwenge ntibatekereze neza. Noneho Satani n'abamarayika be barishima cyane, kandi abatizera n'abahakanyi bafatanyiriza hamwe gukwena no guhinyura Ubukristo. Bavuga ko ibyo bibi byose ari ingaruka zo kwizera Bibiliya na Nyirayo, mu gihe mu by'ukuri ari ingaruka zo kwemera ubuyobe bwabaye gikwira. [IZ 173.4](#)

Nabonye ko ingabo zo mu ijuru zakozwe n'ikimwaro kubera umurimo wa Satani wo guhangara. Nabajije impamvu ubwo buyobe bwose bwemerewe kugira ingaruka ku ntekerezo z'abantu kandi abamarayika b'Imana bafite imbaraga, kandi iyo batumwa bakaba barashoboraga gucagagura imbaraga z'umwanzi mu buryo buboroheye. Naje kwerekwa ko Imana izi ko Satani azagerageza amayeri yose kugira ngo arimbure umuntu; ni yo mpamvu Imana yemeye ko Ijambo ryayo ryandikwa kandi ikaba yarashyize ahagaragara imigambi ifitiye inyokomuntu ku buryo umunyantege nke hanyuma y'abandi atayoba. Imana imaze guha umuntu Ijambo ryayo, yaririnzwe mu buryo bukomeye kugira ngo Satani cyangwa abamarayika be bataririmbura, cyangwa se uwo ari we wese mu bikoreho bye ndetse n'abamuhagarariye. Nubwo ibindi bitabo byose byashoboraga gutsembwa, Ijambo ryayo ryo ryajyaga kubaho iteka. Ariko hafi y'irangira ry'ibihe, ubwo ubushukanyi bwa Satani buziyongera, ni ho Ijambo ry'Imana rizarushaho kugwira kugira ngo uryifuza wese aribone, kandi niba bishoboka, abantu babashe kwikingira ibishuko n'uburiganya bwa Satani. [IZ 173.5](#)

Nabonye ko Imana yarinze Bibiliya mu buryo budasanze, nyamara igihe Bibiliya zari nke, abantu b'intiti rimwe na rimwe bagiye bahindura amagambo, bibwira ko ari ho bari kuyumvikanisha neza, nyamara mu by'ukuri bahinduraga ubwiru ibyari bisanzwe byumvikana, maze batuma Bibiliya ishingira ku myumvire yabo basanganwe kandi nayo ishingiyeye ku migenzo. Ariko nabonye ko Ijambo ry'Imana uko ryakabaye rimeze nk'umurunga utunganye udatandukanywa kuko igice kimwe cyomatanye n'ikindi kandi kikagisobanura. Abashaka ukuri bataryarya ntibayoba; kuko Ijambo ry'Imana ritahuranyije kandi ngo ribe ryoroshye mu kwerekana inzira y'ubugingo gusa, ahubwo

na Mwuka Wera yatangiwe kugira ngo ayobore abantu basobanukirwe n'inzira y'ubugingo yahishuriwe muri ryo. [IZ 174.1](#)

Nabonye ko abamarayika b'Imana batigera bagenga ubushake bwacu. Imana ishyira imbere y'umuntu ubugingo n'urupfu. Umuntu ashobora kwihitiramo. Abantu benshi bifuzaga ubugingo nyamara bagakomeza kugendera mu nzira ngari. Bahitamo kwigomeka ku butegetsi bw'Imana batitaye ku mbabazi n'impuhwe zayo zirenze urugero yabagiriye ibaha Umwana wayo kugira ngo abapfire. Abadashyamba kwakira agakiza babonewe bagomba guhanwa. Ariko nabonye ko Imana itazabakingiranira mu irimbukiro kugira ngo bahore mu mubabaro udashira. Nta n'ubwo izabajyana mu ijuru, kuko kubajyanayo ngo babe hamwe n'abaziranenge n'intungane, byarushaho kubababaza birenze urugero. Ahubwo Imana izabarimbura burundu bimere nk'aho batigeze kubaho. Ubwo ni bwo ubutabera bwayo buzaba bunyuzwe. Imana yaremye umuntu mu mukungugu, kandi abatwira n'abadatunganye bazakongorwa n'umuriro, bityo bongere kuba umukungugu. Nabonye ko ubugiraneza n'impuhwe by'Imana muri iki gikorwa bikwiriye gutuma abantu bose bashimishwa n'imico yayo kandi bakayirama. Abanyabyaha nibamara gutsembwa ku isi, ingabo zose zo mu ijuru zizavugaga ziti: "Amen!" [IZ 174.2](#)

Iyo Satani yitegereje uko abavugaga ko ari abayoboke ba Kristo nyamara bakemera cyane ibinyoma we ubwe yahimbye, yumva anyuzwe cyane. Umurimo we uracyari uwo guhimba ibinyoma bishya, kandi imbaraga ze n'ubucakura bwe bikomeje kwiyongera. Yateye abapapa n'abapadiri bari bamuhagarariye kugira ngo bihe ikuzo kandi batere abantu gutoteza by'indengakamere no kurimbura abatarashakaga kwemera ibinyoma n'ubushukanyi bwe. Mbega imibabaro n'agahinda gasaze abayoboke ba Kristo bagombaga guhura nabyo! Nta na kimwe abamarayika basize batanditse. Satani n'abadayimoni be bishongoye ku bamarayika boherejwe kwita ku ntungane zababazwaga ko bose bagomba kwicwa, ku buryo nta Mukristo nyakuri n'umwe uzasigara ku isi. Nabonye ko itorererwa ry'Imana icyo gihe ritarangwagaho ikizinga. Nta ngorane z'abantu bafite imitima yangiritse baryinjiragamo; kuko Umukristo nyakuri watinyutse kwatura ukwizera kwe yari mu kaga ko kwicwa abohewe ku mbago, cyangwa agatwira ku mambo, ndetse n'ubundi buryo bwose bwo kwicwa ur'agashinyaguro Satani n'abadayimoni bashoboraga guhimba cyangwa bagatera mu ntekerezo z'umuntu. [IZ 174.3](#)

Ivugurura

Nubwo intungane zatotejwe, hirya no hino hajyaga hahaguruka abahamya bazima bahamya ukuri kw'Imana. Abamarayika b'Imana bakoraga umurimo bahawe. Bashakishaga ahantu h'umwijima w'icuraburindi maze muri uwo mwijima bagatoramyamo abantu bari bafite imitima iboneye. Abo bose bari baramaze gusaya mu binyoma, nyamara nk'uko byagenze kuri Sawuli, Imana yarabahamagaye kugira ngo babe ibikoresho yitoranyirije ngo bamamaze ukuri kwayo kandi bazamure amajwi yabo bamagane ibyaha by'abavugaga ko ari ubwoko bw'Imana. Abamarayika b'Imana bagendereye umutima wa Maritini Luteri, uwa Melankitoni, n'abandi bari ahantu hatandukanye maze babatera kugira inyota yo kumenya ibihamya bizima byo mu Ijambo ry'Imana. Umwanzi yari yaraje ameze nk'umwuzure, bityo amahame y'ukuri

yagombaga gushyirwa ahagaragara kugira bamurwanye. Luteri ni we watoranyijwe kugira ngo asakirane n'umuraba, ahangane n'umujinya ukaze w'itorero ryari ryaraguye, kandi akomeze abantu bake bari basigaye bashikanye mu kwizera kwabo gutunganye. Luteri yatinyaga gucumura ku Mana. Abinyujije mu mirimo yakoraga, yageragezaga uko ashoboye kose ngo agirirwe ubuntu n'Imana, ariko ntiyigeze anyurwa kugeza ubwo umucyo uvuye mu ijuru watamuruye umwijima wari mu ntekerezo ze ukamutera kutiringira imirimo, ahubwo yiringira ibyo amaraso ya Yesu Kristo yakoze. Noneho yashoboraga kwiyegerera Imana ubwe, atarinze kunyura kuri papa cyangwa abapadiri, ahubwo akanyura kuri Yesu Kristo wenyine. [IZ 175.1](#)

Mbega uburyo byari iby'agaciro gakomeye kuri Luteri ubwo uyu mucyo mushya kandi w'agahebuzo watamururaga umwijima wari mu myumvire ye maze ukirukana ibyo yizeraga bidafite ishingiro! Yawuhaye agaciro awurutisha ubutunzi bukomeye bwo ku isi. Ijambo ry'Imana ryari rishya kuri we. Ibintu byose byari byahindutse. Igitabo atatinyukaga bitewe n'uko atashoboraga kugira icyiza akibonamo, noneho cyari ubugingo, ndetse ubugingo buhoraho kuri we. Cyamubereye umunezero, umuhumuriza n'umwigisha wuje imigisha. Nta kintu cyari kumubuza kwiga Bibiliya. Yari asanzwe atinya urupfu, ariko uko yasomaga Ijambo ry'Imana ni ko ubwoba bwe bwayoyokaga, maze anezezwa na kamere y'Imana kandi arayikunda. Yacukumbuye muri Bibiliya maze yihaza ku butunzi bwinshi buyirimo; hanyuma arayicukumbura ngo yungure itorero. Yatewe ishozi n'ibyaha by'abo yiringiraga ko ari bo agakiza kabonerwaho, kandi ubwo yabonaga abandi bantu benshi baragoswe n'umwijima nk'uwo nawe yahozemo, yashakanaga umwete uburyo bwo kubereka Ntama w'Imana we wenyine ukuraho ibyaha by'abari mu isi. [IZ 175.2](#)

Ubwo yazamuriraga ijwi rye kwamagana ibyaha n'amakosa itorero riyobowe na papa ryakoraga, yihatiraga gucagagura ingoyi y'umwijima yari iboshye abantu ibihumbi byinshi ikabatera kwiringira ko agakiza kabonerwa mu mirimo. Yahoraga yifuza guhabwa ubushobozi bwo kubereka ubutunzi nyakuri bw'ubuntu bw'Imana n'agakiza katagereranywa kabonerwa muri Yesu Kristo. Yuzuwe imbaraga za Mwuka Muziranenge, yamaganye ibyaha byariho byakorwaga n'abayobozi b'itorero; kandi ubwo yahuraga n'umugaru w'abatambyi bamurwanyaga, ubutwari bwe ntibwigeze bucogora kuko yishingikirizaga ku kuboko gukomeye kw'Imana kandi akiringira adashidikanya ko izamubashisha gutsinda. Uko yarushagaho gusatira urugamba, uburakari bukaze bw'abatambyi bwarushagaho kumukongerezwa bugurumana. Ntibifuzaga kuvugururwa. Bifuzaga kwigumira mu buzima buboroheye, mu binezeza by'irari no mu bugome; kandi bakifuza ko itorero naryo ryahera mu mwijima. [IZ 176.1](#)

Nabonye ko mu kwamagana icyaha no guharanira ukuri Luteri yagiraga ishyaka n'umwete, ntiyagiraga icyo atinya kandi yabaga ashize amanga. Ntiyatinyaga na busa abantu b'abagome cyangwa abadayimoni. Yari azi neza ko hari Umwe gusa urusha abo bose imbaraga. Luteri yari afite ishyaka, umuhati n'ubushizi bw'amanga, kandi incuro nyinshi yageraga mu kaga ko gukabya. Ariko Imana yahagurukije Melankitoni wari ufite imico itandukanye n'iya Luteri kugira ngo amufashe mu murimo w'ubugorizi. Melankitoni yari umuntu utuje, ugira ubwoba, ugira ubushishozi kandi wihangana. Yakundaga Imana cyane nayo ikamukunda. Yari azi Ibyanditswe Byera ku rwego

ruhanitse, kandi gushyira mu gaciro kwe n'ubwenge bwe byari bihambaye. Urukundo yari afitiye umurimo w'Imana rwari nk'urwa Luteri. Imana yahurije hamwe imitima y'abo bagabo, bari incuti zidatana. Luteri yari umufasha ukomeye kuri Melankitoni ubwo uyu yabaga ageze mu kaga ko gutinya no kugenda biguru ntege, kandi na Melankitoni nawe yari umufasha ukomeye wa Luteri ubwo yabaga ari mu kaga ko guhubuka. Incuro nyinshi ubushishozi bwo kureba kure kwa Melankitoni bwakumiraga akaga kajyaga kuba ku murimo w'Imana iyo uza kuba ukorwa na Luteri wenyine. Incuro nyinshi kandi, umurimo ntuba warateye imbere iyo uza kuba ukorwa na Melankitoni wenyine. Neretswe ubwenge bw'Imana mu guhitamo aba bagabo bombi kugira ngo bakore umurimo w'ubugorizi. [IZ 176.2](#)

Nongeye kwerekwa ibyo mu gihe cy'intumwa maze mbona uburyo Imana yatoranyije umuntu uhubuka kandi ugira ishyaka nka Petero ngo agendane na Yohana wacishaga make kandi akihangana. Rimwe na rimwe Petero yarahubukaga maze incuro nyinshi ubwo ibyo byabaga bibaye, wa mwigishwa wakundwaga yaramwururaga. Nyamara kandi ibi ntibyigeze bigorora Petero. Ariko ubwo yari amaze kwihakana Umwami we, akihana kandi agahinduka, nta bindi yari akeneye kugira ngo byurure ubuhubutsi bwe n'ishyaka uretse ubushishozi burimo kwiyoroshya byarangaga Yohana. Umurimo wa Kristo wari guhura n'ingorane iyo uza kurekerwa Yohana wenyine. Umuhati n'ishyaka bya Petero byari bikenewe. Gutinyuka n'imbaraga bye kenshi byagiye bibagobotora mu ngorane ndetse bigacecekesha abanzi babo. icyo gihe Yohana yageraga ku ntsinzi. Kubwo kwihangana kwe no kwitanga amaramaje, yagaruriye Kristo benshi. [IZ 176.3](#)

Imana yahagurukirije abagabo bo kwamagana ibyaha by'itorero riyobowe na papa, no guteza imbere umurimo w'ubugorizi. Satani yashatse kurimbura abo bahamya bazima, ariko Uwiteka arabakingira. Kubw'ikuzo ry'Imana, bamwe bemerewe gushimangirisha ubuhamya bwabo amaraso yabo; ariko kandi hari abandi bagabo bakomeye, nka Luteri na Melankitoni, bashoboye guhesha Imana ikuzo ari bazima kandi bagashyira ahagaragara ibyaha by'abapadiri, abapapa n'abami. Abapadiri, abapapa n'abami bahindiraga umushyitsi imbere y'ijwi rya Luteri n'abari bafatanyije nawe mu murimo. Binyuze muri abo bagabo bari baratoranyijwe, imirasire y'umucyo yatangiye kweyura umwijima, kandi abantu benshi cyane bakira uwo mucyo ndetse banawugenderamo. Kandi iyo umuhamya umwe yicwaga, hahagurukaga abandi babiri cyangwa benshi bo kumusimbura. [IZ 177.1](#)

Ariko Satani ntiyanyuzwe. Yashoboraga kugira ububasha ku mubiri gusa. Ntiyashoboraga gutuma abizera batatira ukwizera n'ibyiringiro byabo. Ndetse no mu rupfu rwabo, bari bafite insinzi y'ibyiringiro byo kuzahabwa kudapfa ubwo abakiranutsi bazaba bazutse. Bari bafite imbaraga zirenze iz'abantu bapfa. Ntibatinyukaga kugoheka n'akanya na gato, ahubwo bahoraga bakenyeye intwari za Gikristo biteguye urugamba batarwanaga n'abanzi b'iby'umwuka gusa ahubwo banarwanaga na Satani wazaga mu ishusho y'abantu bahoraga bababwira bati: "Nimureke ukwizera kwanyu cyangwa se muhitemo gupfa." Abo Bakristo bari mbarwa bari banambye ku Mana, kandi bari ab'igiciro cyinshi mu maso yayo kuruta kimwe cya kabiri cy'abari ku isi bitirirwa Kristo, nyamara bakaba ari ibigwari mu murimo we. Ubwo itorero ryatotezwaga, abari baririmo bari bashyize hamwe kandi bakundana. Bari banambye ku Mana. Ntabwo abanyabyaha

bemerewe kwifatanya n'itorero. Abari bafite ubushake bwo kureka byose kubwa Kristo bose nibo bashoboraga kuba abigishwa be. Bene abo bakundaga kuba abakene, aboroheje kandi bakamera nka Kristo.

Itorero ryunga ubumwe n'isi

Hanyuma y'ibi nabonye Satani ajya inama n'abamarayika be maze bagenzura ibyo bagezeho. Mu by'ukuri, kubera gutinya gupfa, bari barabujije abantu bamwe b'abanyabwoba kwakira ukuri. Ariko kandi abandi benshi muri abo bari barakiriye ukuri maze kuva ubwo ubwoba bwabo no kwanga kwigaragaza bibavamo. Ubwo aba biboneraga uburyo abavandimwe babo mu kwizera bapfaga kandi bakitegereza gushikama no kwihangana bafite, bamenyaga ko Imana n'abamarayika bayo ari bo babafasha kwihanganira iyo mibabaro, maze nabo baratinyuka kandi bashira ubwoba. Kandi ubwo bahamagarirwaga gutanga ubugingo bwabo, bakomezaga kugira ukwizera kwabo bafite ukwihangana kandi bashikamye ku buryo ibyo byahindishaga umushyitsi ababicaga. Satani n'abamarayika be bagambiriye ko hari ubundi buryo bwaba bwiza kurushaho bwakoreshwa mu kurimbura abantu, kandi amaherezo ubwo buryo bukaba buzagera ku ntego. Nubwo Abakristo bababajwe, gushikama kwabo n'ibyiringiro byabateraga ubutwari, byatumaga abafite intege nke bakomera kandi bikababashisha kwegera imambo baboherwaho ndetse n'ibirimi by'umuriro badafite ubwoba. Biganaga ukwihangana kwa Kristo igihe yari imbere y'abishi be, kandi kubwo kudatezuka kwabo n'ikuzo ry'Imana ryabaga kuri bo, bemezaga imitima y'abandi bantu benshi kwakira ukuri. [IZ 178.1](#)

Kubera ibyo, noneho Satani yagambiriye kuza afite ishusho yo kwiyoroshya. Yari yaramaze guhindanya amahame ya Bibiliya, kandi imigenzo yagombaga kuzarimbura miliyoni nyinshi z'abantu ni yo yarushagaho gushinga imizi. Yabayeye acubije urwango rwe maze yiyemeza kudakomeza gutoteza abo yibasiye, ahubwo atera itorero gushyigikira no kwemera imigenzo inyuranye, aho gukomera ku kwizera abera bahawe. Ubwo yemezaga itorero kurangamira icyubahiro no kugirirwa neza n'ab'isi ryiteze kubukuramo inyungu, ahubwo itorero ryatangiyeye kwitandukanya n'ineza y'Imana. Kubwo kwanga kuvuga ukuri kudakebakeba gukumira abakunda ibinezeza n'incuti z'isi, itorero ryagiye ritakaza imbaraga zaryo buhoro buhoro. [IZ 178.2](#)

Muri iki gihe, itorero ntirikiri abantu bihariye badasanzwe nk'uko ryari rimeze mu gihe imiriro y'itoteza yari irikongerejwe. Mbega ngo izahabu irahinduka inkamba! Mbega uburyo izahabu yari nziza cyane yahindutse! Neretswe ko iyo itorero rigumana imico yaryo yihariye kandi itunganye, ya mbaraga ya Mwuka Wera yahawe abigishwa yari kuba ikiri muri ryo. Abarwayi bari gukizwa, abadayimoni bagacyahwa bakirukanwa, kandi itorero ryari kuba irinyambaraga ndetse abanzi baryo bakaritinya. [IZ 178.3](#)

Nabonye inteko nini y'abantu bavugaga ko bitirirwa Kristo, nyamara Imana ntiyari ibazi nk'abayo. Ntiyari ibishimiye. Satani yasaga n'uwafashe imico yo kubaha Imana kandi yashakaga cyane ko abantu bibwira ko ari Abakristo. Yari ashishikajwe kandi n'uko bakwizera Yesu, bakizera ibyo kubambwa kwe no kuzuka kwe. Ibi byose Satani n'abadayimoni be nabo barabyizera ndetse bagahinda umushyitsi. Ariko niba uko

kwizera kutabyara imirimo myiza kandi ngo gutere abagufite kwigana imibereho ya Kristo irangwa no kwiyinga, ibyo ntacyo bihungabanyaho Satani; kuko ari Abakristo ku izina gusa mu gihe imitima yabo ikiri iya kamere, kandi Satani ashobora kubakoresha neza mu murimo we kuruta uko baba batarigeze bitwa Abakristo. Batwikiriza kutabonera kwabo izina ry'Ubukristo, bakagendana kamere zabo zitahinduwe, kandi kwifuzwa kwabo kubi ntikwigeze gucecekesha. Ibi biha abatizera urwaho rwo kugaya Kristo kubera kudatungana kw'abo bantu, kandi bigatera abafite imyizerere itunganye kandi itarangirijwe kuba bavugwa nabi bagasuzugurwa. [IZ 178.4](#)

Abagabura babwiriza ibintu byoroheje kugira ngo binezeze abavuga ko bizera ariko bagengwa na kamere. Ntabwo bahangara kubwiriza ibya Yesu n'ukuri gutyaye kwa Bibiliya. Bagenje batyo, abo bavuga ko bizera nyamara bagengwa na kamere ntibaguma mu itorero. Ariko kubera ko benshi muri bo bafite ubutunzi bwinshi, bagomba kwitabwaho ngo batagenda nubwo badakwiriye kuguma mu itorero kurusha uko biri kuri Satani n'abadayimoni. Uko niko Satani ashaka ko bimera. Bitera idini ya Yesu kuba ikimenyabose no kubahwa mu maso y'abatuye isi. Abantu babwirwa ko abavuga ko ari abanyadini bazarushaho kubahwa n'ab'isi. Bene izo nyigisho zihabanye cyane n'inyigisho za Kristo. Inyigisho za Kristo ntizishobora kubana amahoro n'isi. Abamuyobotse bagomba kuzinukwa isi. Ibyo binezeza bikomoka kuri Satani n'abadayimoni be. Bacuze umugambi, maze abiyitirira ukwizera ku izina bawushyira mu bikorwa. Imigani y'ibihimbano ishimishije yarigishijwe kandi yakiranwa ubwuzu, kandi indyarya n'abanyabyaha ruharwa biyunga n'itorero. Iyaba ukuri kwarabwirijwe mu butungane bwako, ako gatsiko kaba karahise gakingiranirwa hanze. Nyamara nta tandukaniro ryabaye hagati y'ab'isi n'abavugaga ko ari abayoboke ba Kristo. Nabonye ko iyo igitwikirizo cy'ikinyoma gikurwa ku bagize amatorero, ibicumuro, ingeso mbi no kwangirika byajyaga gushyirwa ahagaragara ku buryo umwana w'Imana wese ugira amakenga atajyaga gushidikanya kwita abo biyita abayoboke ba Kristo izina ryabo nyakuri ko bakomoka kuri se ari we Satani; kuko bakora imirimo ye. [IZ 179.1](#)

Yesu n'ingabo zose zo mu ijuru barebanaga ibyo ishozi; nyamara kandi Imana yari ifitiye itorero ubutumwa bwihariye kandi bw'ingenzi. Iyo ubwo butumwa bwakirwa, bwari kuzana ivugurura rikomeye mu itorero, bukabyutsa ubuhamya buzima bwajyaga gushyira hanze indyarya n'abanyabyaha, kandi bugatuma itorero ryongera kunga ubumwe n'Imana. [IZ 179.2](#)

Wiliyamu Mileri



Imana yohereje umumarayika kugira ngo agenderere umutima w'umuhinzi utarizeraga Bibiliya kugira ngo amutere gusesengura ubuhanuzi. Incuro nyinshi abamarayika b'Imana basuraga uwo muntu wari watoranyijwe kugira ngo bayobore intekerezo ze kandi bamusobanurire ubuhanuzi butari bwarigeze busobanukira ubwoko bw'Imana. Yahawe itangiriro ry'umurunga w'uruhererekane rw'ukuri, maze bimutera gushaka amapfundo yako uko akurikirana, kugeza ubwo yarebye Ijambo ry'Imana agatangara. Mu Ijambo ry'Imana yabonyemo uruhererekane rudasobanya rw'ukuri. Noneho rya Jambo yari yarafashe ko ritarahumetswe n'Imana, ryamuhishukiye ryuje

ubwiza n'ikuzo. Yasanze ko umugabane umwe w'Ibyanditswe Byera usobanura undi, kandi igihe atasobanukirwaga n'isomo rimwe, yabonaga undi mugabane w'Ijambo ry'Imana urisobanura. Yabonaga Ijambo riziranenge ry'Imana rinejeje kandi yararyubahaga cyane ntarifate uko yiboneye. [IZ 180.1](#)

Ubwo yacukumburaga ubuhanuzi, yabonye ko abatuye iyi si bari mu gihe gisheruka amateka y'iyi si, nyamara batabizi. Yarebye amatorero maze abona ko yari yaragwabiye. Amatorero yari yarakuye urukundo ryayo kuri Yesu maze arushyira ku by'isi. Amatorero yishakiraga icyubahiro cy'isi, aho gushaka icyubahiro kiva mu ijuru. Yirundanyagaho ubutunzi bw'isi, aho kwibikira ubutunzi mu ijuru. Wiliyamu Mileri yashoboraga kubona uburyarya, umwijima n'urupfu ahantu hose. Yakutse umutima. Imana yamuhamagariye kuva mu buhinzi bwe nk'uko yahamagaye Elisa ngo asige ibimasa bye n'umurima yahingaga maze akurikire Eliya. Wiliyamu Mileri yatangiye kubwira abantu ubwiru bw'Ubwami bw'Imana ahinda umushyitsi, akajyana ababaga bamuteze amatwi mu buhanuzi akageza ku kugaruka kwa Kristo. Yakoranaga umwete uko ashoboye kose akagira imbaraga. Nk'uko Yohana Umubatiza yateguriye kuza kwa Yesu kwa mbere kandi akamutegurira inzira, ni ko na Wiliyamu Mileri n'abari bafatanyije nawe bamamaje kugaruka k'Umwana w'Imana. [IZ 180.2](#)

Neretswe ibyo mu bihe by'intumwa, maze nerekwaga ko Imana yari ifitiye Yohana wakundwaga umurimo udasanzwe yagombaga gusohozwa. Satani yagambiriye kugwabiza uyu murimo, maze atera abakozi be kwica Yohana. Ariko Imana yohereje marayika wayo maze amurinda mu buryo bw'igitangaza. Abantu bose babonaga imbaraga ikomeye y'Imana yigaragariye mu gutabarwa kwa Yohana baratangaye, kandi benshi bemeye ko Imana iri kumwe nawe, kandi ko ubuhamya atanga bwerekeye Yesu ari ukuri. Abashakaga kumwica batinye kongera kugerageza kumuhitana, ariko yagombaga kubabazwa azira Yesu. Abanzi be bamushinje ibinyoma maze bamucira ku kirwa aho yabaye wenyine igihe gito. Aho ni ho Imana yamwoherereje marayika wayo kugira ngo amuhishurire ibyagombaga kuba ku isi ndetse n'uko itorerero rizamera kugeza ku iherezo: gusubira inyuma kwaryo n'umwanya ryajyaga kubamo mu gihe ryari kunezeza Imana ndetse n'uko amaherezo ryari kuzaneshwa. [IZ 181.1](#)

Marayika uvuye mu ijuru yasanze Yohana afite ubutware bukomeye, mu maso he harabagiranaga ikuzo ry'Imana rihebuje. Marayika uwo yahishuriye Yohana ibintu bikomeye kandi bitangaje bizaba mu mateka y'itorero ry'Imana kandi anamwerekana intambara zikomeye abayoboke ba Yesu bagombaga kuzanyuramo. Yohana yabonye abayoboke ba Yesu banyura mu bigeragezo bikomeye, bezwa kandi bashungurwa, maze ku iherezo bagahinduka abaneshi, bagakirizwa mu bwami bw'Imana buzuye ikuzo. Ubwo uwo mumarayika yerekaga Yohana intsinzi iheruka itorerero ry'Imana rizagira, mu maso he harushagaho kurabagiranishwa n'ibyishimo n'ikuzo ritagira akagero. Ubwo intumwa Yohana yitegerezaga gucungurwa guheruka kw'itorero, yumvise atwawe n'ikuzo ry'ibyo yerekwaga maze bituma yicisha bugufi arapfukama kugira ngo aramye uwo mumarayika. Iyo ntumwa yari ivuye mu ijuru yahise imuhagurutsa maze imucyahana umutima mwiza imubwira iti: "Reka da! Ndi imbata mugenzi wawe, kandi ndi mugenzi wa bene So bafite guhamya kwa Yesu: Imana abe ari yo usenga. Kuko guhamya kwa Yesu ari umwuka w'ubuhanuzi." Hanyuma marayika

yereka Yohana umurwa wo mu ijuru n’ubwiza bwawo n’ikuzo ryawo rirabagirana. Yohana yaratwawe aratangara, maze yibagirwa uko marayika yari yamucyashye bityo yongera kwikubita hasi ngo amuramyeye. Yongeye kubwirwa ngo: “Reka da! Ndi imbata mugenzi wawe, kandi ndi mugenzi wa bene So bafite guhamya kwa Yesu: Imana abe ari yo usenga.” Ibyahishuwe 19:10. [IZ 181.2](#)

Ababwiriza na rubanda barebaga igitabo cy’Ibyahishuwe nk’amayobera ndetse ko gifite agaciro gake ugeraranyije n’ibindi bitabo byo mu Byanditswe Byera. Ariko nabonye ko mu by’ukuri iki gitabo ari ihishurwa ryatangiwe kugira ngo kizagirire umumaro udasanze abazaba bariho mu gihe giheruka, kugira ngo kibayobore mu gushikama mu ruhanda nyakuri barimo ndetse no mu nshingano yabo. Imana yerekeje intekerezo za Wiliyamu Mileri ku buhanuzi maze imuha umucyo utangaje ku gitabo cy’Ibyahishuwe. [IZ 181.3](#)

Iyo ibyo Daniyeli yeretswe biba byarumvikanye, abantu baba barasobanukiye neza n’ibyo Yohana yeretswe. Ariko mu gihe gikwiriye, Imana yagendereye umugaragu wayo yitoranyirije, maze mu buryo buzira urujijo no mu mbaraga za Mwuka Muziranenge, abumbura ubuhanuzi kandi yerekana ko ibyo Daniyeli na Yohana beretswe ndetse n’ibindi bice byo muri Bibiliya bitavuguruzanya. Yagejeje ku mitima y’abantu imiburo yera kandi iteye ubwoba iri mu Ijambo ry’Imana kugira ngo bitegure kugaruka k’Umwana w’umuntu. Imitima y’abantu benshi bumvise iyo miburo yaratsinzwe iremera, maze abashumba n’abo bayoboye, abanyabyaha n’abatizera bagarukira Imana kandi baharanira kwitegura kuzahagarara mu rubanza. [IZ 182.1](#)

Abamarayika b’Imana bajyanaga na Wiliyamu Mileri mu murimo we. Yari ashikamyeye kandi atajegajega, akamamaza ubutumwa yashinzwe adatinya. Isi yari yarasaye mu bugome n’ubukonje ndetse n’itorero ryari ryarihuje n’isi, byari bihagije kugira ngo bitume akoresha imbaraga ze zose kandi bimutere kwihanganira imiruhoro, ubukene n’imibabaro atinuba. Nubwo yarwanyijwe n’Abakristo gito ndetse n’isi, kandi Satani n’abamarayika be nabo bakamuhutaza, ntiyigeze areka kubwiriza ubutumwa bwiza bw’iteka ryose imbaga y’abantu aho yabaga yararitswe hose, akarangururira hafi na kure agira ati: “Nimwubahe Imana muyihimbaze kuko igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye.” [IZ 182.2](#)

Ubutumwa bwa marayika wa mbere 69

Nabonye ko Imana yari iri mu gikorwa cyo kwamamaza ubutumwa cyabayeho mu mwaka wa 1843. Wari umugambi wayo kugira ngo ihagurutse abantu maze ibageze aho bashungurirwa, aho bagombaga gufata umwanzuro bakemera ukuri cyangwa se bakaguhakana. Abagabura bemeye rwose badashidikanya ko ibyavugwaga ku bihe by’ubuhanuzi ari ukuri, maze bamwe bareka ubwibone bwabo, kandi basiga imishahara yabo n’amatorero yabo, bajya kubwiriza ubutumwa hirya no hino. Ariko ubwo ubutumwa bukomotse mu ijuru bwabonaga icyicaro mu mitima ya bamwe mu bagabura gito b’ibya Kristo, umurimo waje guhabwa abantu benshi batari ababwiriza. Bamwe basize imirima yabo bajya kuvuga ubutumwa, mu gihe abandi bo bahamagawe basiga amaduka yabo

n'ibicuruzwa byabo. Ndetse n'abakozi b'abanyamwuga bamwe byabaye ngombwa ko bareka imyuga yabo birundurira mu murimo batari bamenyereye wo kwamamaza ubutumwa bwa marayika wa mbere. [IZ 182.3](#)

Abagabura bashyize ku ruhande ibitekerezo by'amatsinda yari abatandukanyije n'ibyo bibwiraga maze bashyira hamwe mu kwamamaza ubutumwa bwo kugaruka kwa Yesu. Aho ubutumwa bwavugwaga hose, bwakoraga ku mitima y'abantu. Abanyabyaha barihanye, baraboroga, kandi basaba kubabarirwa, kandi abari bafite imibereho yagiye irangwa n'ubuhemu bagize ishyaka ryinshi ryo kuyireka. Ababyeyi bahangayikiye cyane abana babo. Abakiriye ubutumwa babugezaga ku ncuti zabo no kuri bene wabo, kandi kuko imitima yabo yari iremerewe n'ubutumwa bukomeye bari batwaye, barababuriraga kandi bakabingingira kwitegura kugaruka k'Umwana w'umuntu. Ibyo bintu byari bikomeye cyane ku buryo nta wari kutemera ibyo bihamya bikomeye yagezwagaho n'imiburo yakoraga ku mutima. Uwo murimo w'iyezamitima watumye abantu bazinukwa iby'isi, biyegurira Imana mu buryo butigeze bubaho. [IZ 183.1](#)

Abantu ibihumbi byinshi bakiriye ukuri kwabwirizwaga na Wiliyamu Mileri, kandi abagaragu b'Imana bahagurukanye umwuka n' imbaraga nk'ibya Eliya bamamaza ubwo butumwa. Nk'uko byari bimeze kuri Yohana wateguriye Yesu, ababwirizaga ubwo butumwa bukomeye bumvaga bahatirwa kugera intorero ku mizi y'igiti, kandi bagahamararira abantu kwera imbuto zikwiriye abihannye. Ubuhamya bwabo kwagombaga gukangura amatorero kandi bukayateramo impinduka zikomeye bityo bugashira ahagaragara imico yayo nyakuri. Kandi ubwo umuburo ukomeye wahamagariraga abantu guhunga umujinya wenda gutera watangwaga, abantu benshi bari bomatanye n'amatorero bakiriye ubutumwa bukiza. Babonye uburyo basubiye inyuma, maze n'amarira menshi yo kwihana n'umutima ushenjaguwe, bikubita imbere y'Imana. Ubwo Mwuka w'Imana yabazagaho, bafatanyije n'abandi kuvuga ijwi riranga bagira bati: "Nimwubahe Imana muyihimbaze, kuko igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye." [IZ 183.2](#)

Kubwiriza iby'igihe ntakuka byarwanyijwe n'inzego zose, uhereye ku bagabura babwirizaga ku ruhumbi ukageza ku bantu boroheje, ndetse n'abanyabyaha bahangara ijuru ubwabo. Ababwiriza b'indyarya ndetse n'abakobanyi baravugaga bati: "Nta muntu n'umwe uzi umunsi cyangwa isaha." Ntibashoboraga kwemera kwigishwa no gukosorwa n'abavugaga umwaka bizera ko ibihe by'ubuhanuzi bizarangirira, kandi bakerekana ibimenyetso byagaragazaga ko Kristo ari hafi, ndetse ageze ku rugi. Benshi mu bashumba b'umukumbi bahamyaga ko bakunda Yesu, bavugaga ko batarwanya ibibwirizwa bivuga ukugaruka kwa Kristo, ariko bahakanaga iby'igihe ntakuka. Ijisho ry'Imana rireba byose ryarebaga imitima yabo. Ntibumvaga bakunze ko Yesu aza vuba. Bari bazi neza ko imibereho yabo itarangwamo Ubukristo idashobora gutsinda ikigeragezo, kuko batagenderaga mu nzira yo kwiyoroshya Kristo yaharuye. Izo ngirwa bashumba zabaye intaza mu nzira y'umurimo w'Imana. Ukuri kwabwirizwaga mu mbaraga yako yemeza imitima kwakanguye abantu, maze bamera nka wa murinzi wa gereza, barabaza bati: "Mbese nakora iki kugira ngo nkizwe?" Nyamara aba bashumba babaye intaza bitambika hagati y'ukuri n'abantu, bakababwiriza ibintu byoroheje biryoheye amatwi kugira ngo babateshure ku kuri. Bifatanyije na Satani n'abadayimoni,

bakarangurura bavuga bati: “Ni amahoro, ni amahoro,” nyamara nta mahoro ariho namba. Abikundira ibibanezeza kandi bakaba bari bashimishijwe no kuba kure y’Imana, ntibabashaga gukangurwa ngo bave mu mahoro y’umubiri barimo. Nabonye ko abamarayika b’Imana banditse ibyo byose; imyambaro y’abo bashumba batejewe yari yuzuye amaraso y’abantu. [IZ 183.3](#)

Abashumba cyangwa abagabura batemeye kwakira ubu butumwa bukiza babereye intaza abajyaga kubwakira. Aba bashumba bariho urubanza rw’amaraso y’abantu. Ababwiriza na rubanda bafatanyije kurwanya ubu butumwa buturutse mu ijuru no gutoteza Wiliyamu Mileri ndetse n’abifatanyije nawe mu murimo. Hakwirakwijwe ibinyoma kugira ngo baharabike Mileri; kandi mu bihe binyuranye ubwo yabaga amaze gutangaza umugambi w’Imana, akageza ukuri kudakebakeba ku mitima y’ababaga bamuteze amatwi, uburakari bugurumana bwaramukongerezwaga maze ubwo yabaga akiva aho bateraranye, abantu bamwe bamutegaga igico kugira ngo bamuhitane. Nyamara abamarayika b’Imana bohorejwe kumurinda, maze baramuyobora bamukura muri icyo gico ntacyo abaye. Umurimo we wari utararangira. [IZ 184.1](#)

Abantu bari bamaramaje bakiranye ubwuzu ubwo butumwa. Bamenye ko buturutse ku Mana kandi buziye igihe gikwiriye. Abamarayika bari bategerejanyije amatsiko umusaruro uzaturuka muri ubwo butumwa mvajuru, maze igihe amatorero yabuteraga umugongo kandi akabwanga, bagiye kugisha inama Yesu bafite agahinda. Yesu yakuye amaso ye ku matorero maze asaba abamarayika be kurinda bakiranutse abantu b’igicro batigeze banga ubwo buhamya kuko hari undi mucyo wajyaga kuzabarasira. [IZ 184.2](#)

Nabonye ko iyo abavugaga ko ari Abakristo baba barakunze ko Yesu agaruka, iyo imitima yabo iba ari we yari irangamiye, kandi bakaba bariyumvishaga ko nta wundi ku isi wagereranywa nawe, baba barakiranye umunezero ubutumwa buvuga ibyo kugaruka kwe. Ariko urwango bagaragaje ubwo bumvaga ko Umwami wabo agiye kugaruka, rwari igihamba kidashidikanywaho cyerekanaga ko batamukundaga. Satani n’abamarayika be bari batsinze, maze bajya imbere ya Kristo n’abamarayika be kumubwira ko abavugaga ko ari ubwoko bwe batamukunda by’ukuri kuko batifuzaga ko yagaruka. [IZ 184.3](#)

Nabonye ubwoko bw’Imana butegerejanyije umunezero kugaruka k’Umwami wabwo. Nyamara Imana yashatse kubagenzura. Ukuboko kwayo kwakingirije ikosa ku bigendanye n’ibihe by’ubuhanuzi. Abari bategereje Umwami wabo ntibigeze batahura iryo kosa, kandi n’abari barize cyane barwanyaga iby’igihe nabo ntibabashije kuribona. Imana yateguye ko ubwoko bwayo bwahura no kubura ibyo bwari bwiteze. Igihe cyarahise, maze abari bategerejanyije umunezero kugaruka k’Umukiza wabo barababara kandi bahagarika imitima, naho abatari barakunze ko yagaruka nyamara bakaba barakiriye ubutumwa babitewe n’ubwoba, banezejwe n’uko atajye igihe bari biteze. Ukwemera kwabo ntikwari kwarigeze guhindura imitima haba no kweza ubugingo bwabo. Guhita kw’igihe bari biteze kwabereyeho kugira ngo guhishure imitima nk’iyo. [IZ 184.4](#)

Babaye aba mbere mu guhindukirana no gukwena abari bashavuye ndetse bihebye kandi barakundaga mu by'ukuri ko Umukiza wabo yagaruka. Nabonye ubwenge bw'Imana mu gushungura ubwoko bwayo no kubaha ikigeragezo gikomeye kugira ngo haboneke abacogora kandi bagasubira inyuma mu isaha yo kugeragerazwamo. [IZ 185.1](#)

Yesu n'ingabo zose zo mu ijuru barebanaga impuhwe n'urukundo abari bategerezanyije ibyishimo kumubona ari nawe imitima yabo yakundaga. Abamarayika bagendagendaga hafi yabo kugira ngo babakomeze muri ibyo bihe byo kugeragezwa barimo. Abari barirengagije kwakira ubutumwa buturutse mu ijuru basigaye mu mwijima, kandi uburakari bw'Imana bwarabakongerejwe kuko batakiriye umucyo yari yaraboherereje uturutse mu ijuru. Ab'indahemuka bo, ba bandi bari bacitse intege batashoboraga gusobanukirwa impamvu Umwami wabo ataje, ntibasigaye mu mwijima. Bongeye kuyoborwa muri Bibiliya kugira ngo basesengure neza ibihe by'ubuhanuzi. Ikiganza cy'Imana cyakuwe ku mibare, maze ikosa bari bagize rirasobanuka. Basanze ko ibihe by'ubuhanuzi byageraga mu mwaka wa 1844, kandi ko igihama bagiye batanga berekana ko ibihe by'ubuhanuzi birangirana n'umwaka wa 1843 noneho birangira mu mwaka wa 1844. Umucyo uturutse mu Ijambo ry'Imana warabamurikiye, maze batahura ko hari igihe cyo gutinda — “Ariko nubwo byatinda (ibyo weretswe), ubitegereze.” Kubera uko bakundaga ko Kristo agaruka vuba, ntibari baritaye ku gutinda kw'ibyerekanwe kwari kwarabereyeho kugira ngo kwerekane abategereje by'ukuri. Bongeye kugira igitekerezo cyerekeye igihe. Nyamara nabonye ko benshi muri bo batashoboraga kubyuka ngo bave mu gucika intege gukomeye bari barimo ngo bongere bagire ishyaka n'imbaraga byari byararanze ukwizera kwabo mu mwaka wa 1843. [IZ 185.2](#)

Satani n'abamarayika be bari babigaruririye, kandi abari baranze kwakira ubwo butumwa bishimiraga ko barebye kure kandi bakagira ubushishozi ntibabe barakiriye inyigisho ziyobya (ni ko bazitaga). Ntibigeze basobanukirwa ko bari kurwanya inama y'Imana ndetse ko bari gukorana na Satani n'abamarayika be kugira ngo bahungabanye ubwoko bw'Imana bwagenderaga ku byo ubutumwa mvajuru bubasaba. [IZ 185.3](#)

Abizeraga ubwo butumwa bakandamijwe n'amatorero. Hari igihe abatarakiriye ubwo butumwa babuzwaga n'ubwoba kugaragaza ibiri mu mitima yabo; ariko guhita kw'igihe kwagaragaje ibibarimo mu by'ukuri. Bifuzaga gucecekesha ubuhamya abari bategereje bumvaga bahatirwa gutanga, ari bwo bwagugaga ko ibihe by'ubuhanuzi bigeza mu mwaka wa 1844. Abizeraga ubwo butumwa basobanuye mu buryo bwumvikana neza ikosa bagize kandi batanga n'impamvu zabateye kwitega kubona Umwami wabo agarutse mu mwaka wa 1844. Ababarwanyaga ntibashoboraga gutanga ibitekerezo bivuguruza impamvu zikomeye zabaga zitanzwe. Nyamara kandi amatorero yararakaye cyane; yiyemeza kutongera gutega amatwi ubuhamya bwabo no kudatuma ubuhamya butangirwa mu matorero kugira ngo hatagira abandi bantu babwumva. Abatinyutse kudahisha abandi umucyo bahawe n'Imana baciwe mu matorero; nyamara Yesu yari kumwe nabo, kandi banezewwaga n'umucyo wo mu maso he. Bari biteguye kwakira ubutumwa bwa marayika wa kabiri.

Ubutumwa bwa marayika wa kabiri

Ubwo amatorero yangaga kwakira ubutumwa bwa marayika wa mbere, yanze umucyo uturutse mu ijuru maze aragwa ava mu buntu bw’Imana. Biringiraga imbaraga zabo ubwabo, kandi kubwo kurwanya ubutumwa bwa marayika wa mbere, bari bishyize aho batashoboraga kubona umucyo w’ubutumwa bwa marayika wa kabiri. Ariko abatoni b’Imana bakandamizwaga bemeye ubutumwa buvuga ngo: “Iraguye Babuloni” maze basohoka muri ayo matorero. [IZ 186.1](#)

Ubutumwa bwa marayika wa kabiri buri hafi kugera ku musozo, 70 nabonye umucyo mwinshi uturutse mu ijuru warasiraga ku bwoko bw’Imana. Imirasire y’uwo mucyo yarabagiranaga nk’izuba. Nuko numva amajwi y’abamarayika barangurura bagira bati: “Dore Umukwe araje, nimusohoke mumusanganire!” [IZ 186.2](#)

Urwo rwari urusaku rwa mu gicuku rwagombaga guha imbaraga ubutumwa bwa marayika wa kabiri. Abamarayika boherejwe bavuye mu ijuru ngo bajye gukangura abera bari bacitse intege no kubategurira gukora umurimo ukomeye wari ubategereje. Abantu bari bafite impano zikomeye si bo babaye aba mbere kwakira ubu butumwa. Abamarayika boherejwe ku bicishije bugufi, bari bitanze, maze babategeka kurangurura bavuga bati: “Dore Umukwe araje, nimusohoke mumusanganire!” Abari bahawe inshingano yo kuvuga ijwi riranga bagiye bwangu, bavuga ubwo butumwa mu mbaraga za Mwuka Muziranenge, maze bakangura abavandimwe babo bari bacitse intege. Uyu murimo ntiwahagaze mu bwenge n’ubuhanga by’abantu, ahubwo wahagaze mu mbaraga z’Imana, kandi abera bayo bumvise iryo rarika ntibashoboraga kutabwumvira. Abari baragize ibya mwuka nyambere mu mibereho yabo nibo babaye aba mbere mu kwakira ubu butumwa, kandi abari barabanje mu murimo ni bo babwakiriye nyuma maze bafasha abandi kurangurura bati: “Dore Umukwe araje, nimusohoke mumusanganire!” [IZ 186.3](#)

Mu bice byose by’igihugu hagejejwe umucyo w’ubutumwa bwa marayika wa kabiri, maze iryo rangurura rikora ku mitima y’abantu ibihumbi byinshi. Uwo mucyo wavaga mu mujyi ukajya mu wundi, ukava mu mudugudu ukagera mu wundi kugeza igihe ubwoko bw’Imana bwari butegereje bwakanguriwe burundu. Mu matorero menshi ubu butumwa ntibwemerewe kuhatangirwa, bituma imbaga y’abari bafite ubuhamya buzima basohoka muri ayo matorero yaguye. Urusaku rwa mu gicuku rwasohoje umurimo ukomeye cyane. Ubwo butumwa bwakoraga ku mutima, bugatera abizera kwishakira ubuhamya buzima bwabo ubwabo. Bari bazi ko ntawe ushobora kwishikingiriza ku wundi. [IZ 187.1](#)

Abera bari bategerezanyije amatsiko Umwami wabo biyiriza ubusa, bari maso kandi bakomeza gusenga ubudasiba. Ndetse n’abanyabyaha bamwe bari bategereje icyo gihe bafite ubwoba; ariko umubare munini w’abantu wagaragaje umwuka wa Satani ubwo barwanyaga ubwo butumwa. Ahantu hose barakobanaga kandi bagakwena basubiramo bati: “Nta muntu uzi umunsi cyangwa isaha.” Abadayimoni babateye kwintangira imitima no kwanga umucyo wose uturutse mu ijuru kugira ngo bakomeze kuboherwa mu mutego wa Satani. Abantu benshi mu bavugaga ko bategereje kugaruka

kwa Kristo nta ruhare bagize mu murimo wo kwamamaza ubwo butumwa. Ikuzo ry’Imana bari barabonye, ukwicisha bugufi no kwitanga byarangaga abategereje, ndetse n’uburemere butangaje bw’iby biboneye byabateye kuvuga ko bemeye ukuri; nyamara ntibari bigeze bahinduka. Ntabwo bari biteguye kugaruka k’Umwami wabo. [IZ 187.2](#)

Umwuka wo gusenga bamaramaje kandi bivuye ku mutima ni wo warangaga abera aho bari bari hose. Barangwagaho ubutungane. Abamarayika bitegerezanyaga amatsiko ngo barebe inkurikizi z’ubwo butumwa, kandi bazahuraga ababwakiriye, babakura mu by’isi kugira ngo baronke byinshi biva mu iriba ry’agakiza. icyo gihe Imana yemeraga ubwoko bwayo. Yesu yabarebanye umunezero, kuko ishusho ye yabagaragaragamo. Bari baritanze burundu, kandi by’ukuri, bategereje guhindurwa ngo bahabwe kudapfa. Ariko kandi bagombaga kongera kubura ibyo bari biteze mu buryo bubabaje cyane. Igihe bari bategereje, biteze gucungurwa, cyarahise. Bari bakiri ku isi kandi byasaga n’aho ingaruka z’umuvumo zitakigaragara. Umutima wabo wari urangamiye ijuru, kandi kubwo kubitegereza banezerwe, bari bamaze gusogongera ku gucungurwa batandukanye n’urupfu; nyamara ibyiringiro byabo ntibyasohoye. [IZ 187.3](#)

Ubwoba abantu benshi bari baragize ntibwahereyeko bushira. Ntabwo bahise bishima hejuru y’abari babuze ibyo bari biteze. Ariko kuko nta bimenyetso by’umujinya w’Imana byagaragaye, bashize ubwoba bari bafite maze batangira gukoba no gukwena. Ubwoko bw’Imana bwongeye gushungurwa no kugeragezwa. Ab’isi barabasetse, barabakwena kandi barabagaya; maze abari barizeye badashidikanya ko Yesu yagombye kuba yaraje kuzura abapfuye, agahindura abera bakiri bazima ndetse akima ingoma ibihe bidashira, babaye nk’uko byagendekeye abigishwa ubwo bari bageze ku gituro cya Kristo bati: “Bakuyemo Umwami wanjye, none sinzi aho bamushyize!” [IZ 187.4](#)

Itsinda ry’abategereje ryerekanwa

Nabonye amatsinda menshi cyane yasaga n’afatanyishijwe imigozi. Benshi bo muri ayo matsinda bari bari mu mwijima w’icuraburindi. Amaso yabo yari arangamiye ibyo mu isi, kandi basaga nk’aho nta kibahuje na Yesu. Ariko muri ayo matsinda atandukanye hari hatatanyemo abantu bari bafite mu maso hakenkemuye, kandi amaso yabo bari bayahanze mu ijuru. Bahawe imirase y’umucyo ituruka kuri Yesu imeze nk’iy’izuba. Marayika yantegetse kwitegerezanya ubushishozi, maze mbona umumarayika urinze umuntu wese wo muri ba bandi bafite umucyo, naho abadayimoni bari bagose abari bari mu mwijima. Numvise ijwi rya marayika arangurura ati: “Nimwubahe Imana muyihimbaze, kuko igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye.” [IZ 188.1](#)

Noneho umucyo urabagirana waje kuri ayo matsinda kugira ngo umurikire abantu bose babasha kuwakira. Bamwe mu bari bari mu mwijima bakiriye umucyo maze baranezerwa. Abandi bo banze umucyo mvajuru, bavuga ko wohererejwe kubayobya. Umucyo wabahiseho maze basigara mu mwijima. Abari barakiriye umucyo uturuka kuri Yesu barishimye banezezwa no kwiyongera k’umucyo w’agatangaza wabaviraga. Mu

maso habo harabagiranaga ibyishimo bitagajuka, ari nako batumbiriye mu ijuru amaso yabo bayahanze Yesu bafite amatsiko menshi, kandi amajwi yabo yungikanyaga n'irya marayika bagira bati: "Nimwubahe Imana muyihimbaze, kuko igihe cyo gucira abantu rubanza gisohoye." Ubwo barangururaga batyo, nabonye abari mu mwijima babasunikira ku ruhande kandi babatera sentiri. Nuko abantu benshi bakundaga umucyo mvajuru baca ya mirunga yari ibaboshye maze bitandukanya n'ayo matsinda. Ubwo bakoraga batyo, abantu bari bari mu matsinda atandukanye kandi yubahaga banyuranyemo, bamwe bavuga amagambo meza, abandi babarebana umujinya kandi bagakora ibimenyetso byo kubakangisha, maze barushaho gukaza ya migozi yari yatangiye kunyushuka. Abo bantu bakomezaga kuvuga bati: "Imana iri kumwe natwe. Duhagaze mu mucyo. Dufite ukuri." Nasobanuje abo bantu abo ari bo, hanyuma mbwirwa ko ari abagabura (abashumba) n'abayobozi bari baranze umucyo babyihitiyemo, kandi bakaba batarashakaga ko n'abandi bawakira. [IZ 188.2](#)

Nabonye abakunze umucyo batumbiriye mu ijuru bafite ubwuzu bwinshi, bategereje ko Yesu aza akabajyana iwe. Bidatinze agacu kabanyura hejuru maze mu maso habo hagaragaza umubabaro. Nabajije impamvu y'ako gacu maze nerekwaga ko ari ukubura icyo bari biteze kwabo. Igihe bari bitezemo ko Umukiza aza cyarahise, maze Yesu ntiyaza. Ubwo abari bategereje bacikaga intege, ba bagabura (abashumba) n'abayobozi nari nabonye mbere, barishimye, kandi abari baranze umucyo bose bageze ku ntsinzi ikomeye, naho Satani n'abadayimoni be nabo biteraga hejuru. [IZ 188.3](#)

Hanyuma numva ijwi rya marayika wundi avuga ati: "Iraguye, iraguye, Babuloni!" Umucyo warasiye ba bandi bari bihebye, maze kubwo ubwuzu bwinshi bwo kumubona bari bafite, bongera guhanga amaso yabo Yesu. Nabonye abamarayika benshi bavuganaga n'uwaranguruye ati: "Iraguye, iraguye Babuloni," maze aba bamarayika bafatanyaga nawe bararangurura bati: "Dore Umukwe araje tujye kumusanganira." Urusobe rw'amajwi y'indirimo z'abamarayika rwasaga n'urwumvikana ahantu hose. Umucyo mwinshi cyane kandi urabagirana wamuritse ahakikije abari barakunze umucyo bari barahawe. Mu maso habo harabagirana ubwiza buhebuje, maze bafatanyaga na ba bamarayika kurangurura bavuga bati: "Dore Umukwe araje." Ubwo bungikanyaga amajwi barangurura babwira amatsinda anyuranye, ba bandi banze umucyo barabakumiriye maze babarebana umujinya, barabasuzugura kandi barabakwena. Ariko abamarayika b'Imana babundikiza amababa yabo abatotezwaga, naho Satani n'abadayimoni bo bakoraga uko bashoboye kose kugira ngo babagoteshe umwijima, babatere kwanga mucyo mvajuru. [IZ 189.1](#)

Hanyuma numva ijwi ribwira ba bandi basunitswe kandi bagasuzugurwa ngo: "Nimuve hagati muri bo, kandi ntimukore ku kintu cyose gihumanye." Kubwo kumvira iryo jwi, umubare munini w'abantu baciye imigozi yari ibaboshye, maze bava mu matsinda yari mu mwijima, basanga abari baramaze kubona umudendezo, nuko bafatanyaga nabo kurangurura banezerewe. Numvise amajwi y'abasenga bamaramaje kandi baniha yaturukaga muri bake cyane bari basigaye mu matsinda yari mu mwijima. Abagabura n'abayobozi bagendagenda muri ayo matsinda anyuranye, bakarushaho gukaza imigozi iyaboshye, nyamara nakomeje kumva iri jwi ryo gusenga kuvuye ku

mutima. Hanyuma mbona ba bandi basengaga bazamura amaboko yabo batabaza rya tsinda ry'abunze ubumwe bafite umudendezo kandi bishimiye mu Mana. Ubwo batumbiraga mu ijuru, bakahatunga ikiganza, igisubizo babahaye cyabaye iki ngo: "Nimuve hagati muri bo, mwitandukanye nabo." Nabonye abantu benshi barwanira kugira umudendezo, maze amaherezo baca imirunga yari ibaboshye. Biganzuye imbaraga zari zakoreshejwe mu gukaza imigozi yo kubaboha kandi banga kumvira ibyo bahamirizwaga bisubirwamo ngo: "Imana iri kumwe natwe." "Ukuri kuri muri twe." [IZ 189.2](#)

Abantu bakomezaga kuva mu matsinda yari mu mwijima bakifatanya n'itsinda riri mu mudendezo, ryasaga n'iriri ahantu hagaragara hitaruye isi. Amaso yabo bari bayahanze mu ijuru, ikuzo ry'Imana ryari kuri bo, kandi basingizaga Imana banezerewe. Bari bashyize hamwe rwose kandi basaga n'abafatanyijwe n'umucyo w'ijuru. Ahakikije iryo tsinda hari abaje bakuruwe n'uwo mucyo nyamara ntibari bafatanyije n'iryo tsinda koko. Abakunze uwo mucyo wabarasiye bose batumbiraga mu ijuru bafite amatsiko menshi, kandi Yesu yabarebanaga impuhwe nyinshi kandi yerekana ko abemera. Bari bategereje ko aza kandi bifuzaga cyane ko aboneka aje. Ntibigeraga bakebuka na gato ngo barebe ku isi. Nanone agacu kongera kugota ba bandi bari bategereje, maze mbona amaso yabo aremerewe bayerekeje ku isi. Nabajije impamvu y'iryo mpinduka. Marayika twari kumwe yarambwiye ati: "Bongeye kubura ibyo bari biteze. Ntabwo Yesu aragera igihe cyo kuza ku isi. Bagomba guhura n'ibigeragezo bikomeye ku bwe. Bagomba kureka amakosa n'imigenzo bakiriye bikomotse ku bantu maze bagahindukirira Imana n'Ijambo ryayo burundu. Bagomba gutunganywa, bakezwa kandi bakanyuzwa mu ruganda. Abazihanganira ibyo bigeragezo bikomeye ni bo bazagera ku ntsinzi ihoraho." [IZ 189.3](#)

Yesu ntiyaje ku isi nk'uko itsinda ry'abari bamutegereje bishimye bari babyiteze ko aza kweza ubuturo akoresheje kwejesha isi umuriro. Nabonye ko bari bafite ukuri mu buryo babaraga ibihe by'ubuhanuzi. Igihe ubuhanuzi bwavugaga cyasoje mu mwaka wa 1844, kandi ku iherezo ry'iryo minsi Yesu yinjiye ahera cyane agiye kweza ubuturo bwera. Ikosa bagize ryari iryo kudasobanukirwa icyo ubuturo bwera ari cyo n'imiterere yo kwezwa kwabwo. Ubwo nongeraga kureba rya tsinda ry'abategereje kandi babuze icyo bari biteze, nabonye bababaye. Bongeye kugenzura neza ibihamya by'ukwizera kwabo, bahera hasi bacukumbura ibihe by'ubuhanuzi, ariko ntibashobora gutahura ikosa na rimwe. Igihe cyari cyasohoye, ariko se Umucunguzi wabo yari he? Bari bamubuze! [IZ 190.1](#)

Neretswe ugucika intege kw'abigishwa ubwo bageraga ku gituro bakabura umurambo wa Yesu. Mariya yaravuze ati: "Batwaye Umwami wanjye, none sinzi aho bamushyize." Abamarayika babwiye abo bigishwa bari bababaye ko Umwami wabo yazutse, kandi ko azababanziriza kujya i Galilaya. [IZ 190.2](#)

Mu buryo bumeze nk'ubwo, nabonye Yesu yitegerezanya impuhwe nyinshi abari bacitse intege bari baramutegereje; maze yohereza abamarayika ngo bajye kuyobora intekerezo zabo kugira ngo zimukurikire aho ari. Yaberetse ko iyi si atari bwo buturo, ko ahubwo agomba kwinjira ahera cyane h'ubuturo bwo mu ijuru kugira ngo ahongerere

ubwoko bwe kandi ahabwe ubwami na Se, ndetse ko nyuma y'ibyo azagaruka ku isi akabajyana kubana nawe ubuziraherezo. Ukugwa mu kayubi kw'intumwa za mbere gushushanya ukw'abari biteze gusanganira Umwami wabo mu mwaka wa 1844. [IZ 190.3](#)

Nongeye kwerekwa iby'igihe Yesu yagenderaga ku ndogobe akinjira muri Yerusalemu. Abigishwa bari bishimye, bizeraga ko agiye kwima ingoma akaba igikomangoma cy'ubwami bushira. Bakurikiye Umwami wabo bafite ibyiringiro byo ku rwego rwo hejuru. Batemye amashami meza y'imikindo, bakuramo imyitero yabo, maze n'ubwuzu bwinshi babisasa mu nzira. Bamwe bagiyeye imbere, abandi bamukurikira barangurura bati: [IZ 190.4](#)

“Hoziyana mwene Dawidi, hahirwa uje mu izina ry'Uwiteka! Hoziyana ahasumba hose.” Ibyo byishimo byabujije Abafarisayo amahwemo maze basaba Yesu gucyaha abigishwa be. Ariko yarabasubije ati: “Ndababwira yuko aba bahoze, amabuye yarangurura.” (Luka 19:40). Ubuhanuzi bwo muri Zekariya 9:9 bwagombaga gusohora; nyamara abigishwa bagombaga kugwa mu kayubi bikomeye. Nyuma y'iminsi mike, abigishwa bakurikiye Yesu bagera i Kaluvari kandi bamwibonera ava amaraso kandi amanitswe ku musaraba w'urukozasoni. Biboneye urupfu rwe kandi bamushyira mu mva. Imitima yabo yashenguwe n'intimba; ibyo bari biteze byaburiyemo mu kanya gato, kandi ibyiringiro byabo bipfana na Yesu. Ariko ubwo yazukaga maze akabonekera abigishwa be bari bababaye, ibyiringiro byabo byarahembutse. Bari bongeye kumubona. [IZ 191.1](#)

Nabonye ko gucika intege kw'abari bizeye ko Umukiza azagaruka mu mwaka wa 1844 kudahwanye n'ukw'abigishwa ba mbere. Ubuhanuzi kwasohoye igihe cy'ubutumwa bwa marayika wa mbere n'ubw'uwa kabiri. Ubwo butumwa bwatanzwe mu gihe gikwiriye kandi kwasohoye umurimo Imana yari yarabugeneye gusohoza.

Ukundi kwerekanwa

Neretswe uburyo ijuru ryose ryari ryitaye ku murimo wakorerwaga ku isi. Yesu yohereje umumarayika ukomeye ngo amanuke aje kuburira abatuye isi kugira ngo bitegure kugaruka kwe. Ubwo uwo mumarayika yavaga imbere ya Yesu mu ijuru, umucyo w'agatangaza kandi urabagirana cyane wamugiyeye imbere. Nabwiwe ko umurimo we wari uwo kumurikishiriza isi ubwiza bwe no kuburira abantu iby'umujinya w'Imana ugiye gutera. Abantu batabarika bakiriye uwo mucyo. Bamwe muri abo bantu basaga n'abatishimye mu gihe abandi bari banezerewe kandi bafite mu maso hakenkemuye. Abantu bose bakiriye umucyo bubuye amaso yabo bareba mu ijuru maze basingiza Imana. Nubwo umucyo wari waviriye bese, bamwe bapfuye kuza bakuruwe nawo, nyamara ntibigera bawakira babikuye ku mutima. Benshi bari buzuwe n'umujinya ukomeye. Abagabura n'abo bayoboye bifatanyije n'ababi maze barwanya umucyo wazanywe na marayika ukomeye bivuye inyuma. Nyamara abawakiriye bese bitandukanyije n'ab'isi maze bishyira hamwe. [IZ 191.3](#)

Satani n'abadayimoni bari bahugiye mu gushaka uburyo bakurura intekerezo z'abantu benshi bakaziteshura kuri uwo mucyo. Itsinda ryanze umucyo ryasigaye mu mwijima. Nabonye marayika w'Imana yitegereza cyane ubwoko buvuga ko bwizera Imana kugira ngo yandike imico ubwo bwoko bukuza mu gihe bubwirwa ubutumwa buturutse mu ijuru. Kandi igihe benshi mu bavugaga ko bakunda Yesu bateraga umugongo ubutumwa buturutse mu ijuru, bakabuhinyura, babunnyega, kandi bakabwanga urunuka, marayika wari ufite wino mu ntoki ze yanditse ibyo bintu biteye isoni. Ijuru ryose ryaramanjiriwe kuko ryabonaga uko Yesu ashobora gusuzuguzwa n'abavuga ko ari abayoboke be. [IZ 191.4](#)

Nabonye ugucika intege kw'abari bafite ibyiringiro ubwo batabonaga Umwami wabo aziye igihe bari bamwiteze. Byari umugambi w'Imana guhisha iby'ahazaza no kugeza ubwoko bwayo aho bugomba gufata umwanzuro. Iyo hatabaho kubwiriza iby'igihe ntakuka cyo kugaruka kwa Kristo, umurimo Imana yari yaragennye ntiwari kurangira. Satani yateraga abantu benshi kurangamira ibikomeme bizaba mu gihe kizaza bijyanye n'urubanza n'irangira ry'igihe cy'imbabazi. Byari ngombwa ko abantu baterwa umwete wo kwitegura babikuye ku mutima. [IZ 192.1](#)

Ubwo igihe cyahitaga, abatarakiriye umucyo wa marayika by'ukuri bifatanyije n'abari barasuzuguye ubutumwa, maze bahindukirana ba bandi bari babuze ibyo bari biteze babahindura urw'amenyo. Abamarayika banditse uko abavugaga ko ari abayoboke ba Kristo bari bameze. Guhita kw'igihe ntakuka bari bavuze kwari kwabagerageje kandi kurabashungura, kandi benshi bashyizwe ku munzani maze basangwa badashyitse. Bavugaga baranguruye ko ari Abakristo nyamara bananiwe gukurikira Kristo no mu tuntu duto hafi ya twose. Satani yanejewe cyane n'imibereho y'abavugaga ko ari abayoboke ba Kristo. [IZ 192.2](#)

Satani yari abifatiye mu mutego we. Yari yarateye benshi kuva mu nzira igorotse, kandi bageragezaga kuzamuka ngo bajye mu ijuru banyuze indi nzira. Abamarayika babonye muri Siyoni [yo ku isi] intungane n'abaziranenge bavanze n'abanyabyaha kandi bavanze n'indyarya zikunda iby'isi. Abamarayika bari baritaye ku bigishwa nyakuri ba Yesu; nyamara abanduye babangamiraga intunganye. Abari bafite imitima igurumanamo ubwuzu bwo kureba Yesu babuzwaga kuvuga ibyo kugaruka kwe na bene wabo bavugaga ko bahuje ukwizera. Abamarayika bitegereje ibyo maze bababarana n'abasigaye bakundaga ko Umwami wabo yaza. [IZ 192.3](#)

Undi mumarayika ukomeye yaroherejwe ngo amanuke ajye ku isi. Yesu yamuhereje inyandiko mu kuboko kwe, maze ubwo yageraga ku isi ararangurura ati: "Iraguye, iraguye, Babuloni!" Nuko nongera kubona ba bandi bari bacistse intege bubura amaso bareba mu ijuru, barebana ukwizera n'ibyiringiro ko Umwami wabo aza. Nyamara benshi basaga n'abakiri mu bupfapfa, bameze nk'abasinziye; ariko kandi nashoboraga kubona mu maso hagaragara umubabaro ukomeye. Ba bandi bacistse intege babonye mu Byanditswe ko bari mu gihe cyo gutinda [k'Umukwe], kandi ko bagomba gutegereza bihanganye ko ibyo beretswe bisohora. Igihamba bishingikirijeho kikabatera gutegereza Umwami wabo mu mwaka wa 1843 ni nacyo cyabateye kwitega ko azaza mu 1844. Nyamara nabonye ko abenshi muri bo batari bafite imbaraga zaranze ukwizera kwabo

mu mwaka wa 1843. Kubura ibyo bari biteze mu 1843 byari byaragwabije ukwizera kwabo. [IZ 192.4](#)

Ubwo ubwoko bw’Imana bwashyiraga hamwe mu iyamamazwa ry’ubutumwa bwa marayika wa kabiri, ingabo zo mu ijuru zitaye cyane ku kureba impinduka ubwo butumwa buzateza. Zabonye benshi biyitaga Abakristo bahindukirana abari babuze icyo bari biteze maze barabakwena kandi barabasuzugura. Ubwo amagambo yasohokaga mu kanwa kabo babakina ku mubyimba bagira bati: “Na n’ubu ntimuragenda!” marayika yarayandikaga. Marayika yaravuze ati: “Bakwena Imana.” Nongeye kwerekwa icyaha nk’icyo cyigeze gukorwa mu gihe cya kera. Eliya yari yarajyanywe mu ijuru, kandi umwitero we wari warasigaranywe na Elisa. Abasore b’inkozi z’ibibi bari barigishijwe n’ababyeyi babo gusuzugura umuntu w’Imana bakurikiye Elisa, bamuvugiriza induru bavuga bati: “Zamuka ruhara, zamuka ruhara!” Muri uko gutuka umugaragu w’Imana, Imana ni yo batukaga maze ihita ibahanira aho. Mu buryo nk’ubwo, abagira urw’amenyo kandi bagakwena igitekerezo cyo kujya mu ijuru kw’abera, bazagerwaho n’uburakari bw’Imana, kandi bazumva ko gukinisha Umuremyi wabo atari ikintu cyoroheje. [IZ 192.5](#)

Yesu yohereje abandi bamarayika ngo baguruke bihuta bajye guhembura no gukomeza ukwizera k’ubwoko bwe kwacogoraga no kubutegurira gusobanukirwa ubutumwa bwa marayika wa kabiri na gahunda ikomeye yari igiye gukorwa mu ijuru bidatinze. Nabonye abo bamarayika bahabwa ububasha bukomeye n’umucyo bituruka kuri Yesu, maze baguruka bwangu berekeza ku isi bagiye gusohoza inshingano bahawe yo gufasha marayika wa kabiri mu murimo we. Ubwo abamarayika barangururaga bati: “Umukwe araje, nimusohoke, mumusanganire,” umucyo ukomeye wamurikiye ubwoko bw’Imana. Nuko mbona ba bandi bari bacitse intege bahaguruka, maze bungikanya na marayika wa kabiri kurangurura bati: “Umukwe araje, nimusohoke, mumusanganire!” Umucyo uturutse kuri ba bamarayika wahuranyije mu mwijima aho wari uri hose. Satani n’abamarayika be bashatse gukumira uwo mucyo ngo udasakara hose ukagera ku cyo ugendereye. Bateye amagambo abamarayika bavuye mu ijuru bababwira ko Imana yashutse abantu, kandi ko bakoresheje umucyo wabo wose n’ubushobozi bafite badashobora kwemeza abatuye isi ko Kristo agiye kugaruka. Nyamara nubwo Satani yakomeje kurwana kugira ngo abambire inzira kandi abuze intekerezo z’abantu kwakira umucyo, abamarayika b’Imana bakomeje umurimo wabo. [IZ 193.1](#)

Abakiriye umucyo bari banezerewe cyane. Bari bahagaze bashikamye batumbiriye mu ijuru kandi bategerezanyije ubwuzu kuza kwa Yesu. Bamwe barariraga kandi bagasengana umubabaro mwinshi. Basaga n’abahanze amaso kuri bo ubwabo, maze ntibatinyuke kureba hejuru. Umucyo uvuye mu ijuru watamuruye umwijima wari ubagose, maze ya maso yabo bari bihanzeho ubwabo bari mu bwihebe barayubura bareba hejuru. Ishimwe n’ibyishimo bizira ikizinga byagaragaye kuri buri wese. Yesu n’ingabo z’abamarayika zose bagaragarije izo ndahemuka zari zitegereje ko zemewe. [IZ 193.2](#)

Abanze kandi bakarwanya umucyo w’ubutumwa bwa marayika wa mbere, ntibashoboye kugerwaho n’umucyo w’ubutumwa bwa marayika wa kabiri, kandi

ntibashoboraga kugira icyo bungurwa n'imbaraga n'ikuzo byajyanaga n'ubwo butumwa buvuga : 'Dore, Umukwe araje.' Yesu yarahindukiye maze abatera umugongo afite umubabaro kuko bari baramukerensheje kandi baramwanga. Abakiriye ubwo butumwa bari bagotewe mu gicu cy'ikuzo. Batinyaga cyane gucumura ku Mana, kandi barategerezaga, bakaba maso ndetse bagasengera kugira ngo bamenye ubushake bwayo. Nabonye Satani n'abamarayika be bashaka gupfukirana uyu mucyo mvajuru kugira ngo utagera ku bwoko bw'Imana. Ariko igihe cyose abari bategereje bari bakunze uwo mucyo kandi amaso yabo bakayahanga kuri Yesu aho kuyahanga ku isi, Satani ntiyashoboraga kugira ububasha bwo kubabuza kugerwaho n'imirasire y'uwo mucyo w'agatangaza. Ubwo butumwa bwatanzwe n'ijuru bwarakaje Satani n'abamarayika be cyane. Bateye abavugaga ko bakunda Yesu (nyamara basuzugura ibyo kuza kwe) gukwena no gusuzugura izo ndahemuka kandi zifite kwiringira. Ariko marayika yanditse igitutsi cyose, gukerensa ndetse n'ikibi cyose cyagirirwaga abana b'Imana babikorera n'abavugaga ko ari abavandimwe babo mu kwizera. [IZ 193.3](#)

Abantu benshi barangururiye amajwi yabo kuvuga bati: "Dore Umukwe araje!" kandi batandukana n'abavandimwe babo batashakaga ko Yesu agaruka, kandi bakaba batarabemereraga guhoza imitima yabo ku kugaruka kwe. Nabonye Yesu akura amaso ye ku banze kandi bagasuzugura ibyo kugaruka kwe, maze noneho asaba abamarayika kuyobora ubwoko bwe bakabukura hagati y'abantu banduye kugira ngo batabanduza. Abumviye ubutumwa barahagurutse bitandukanya n'abanduye maze baba isanga n'ingoyi. Umucyo wera warabamurikiye. Bazinutswe isi, bazibukira inyungu zayo z'iby'isi, bareka ubutunzi bwabo bwo mu isi maze batumbira mu ijuru, bategereje kubona Umucunguzi wabo bakunda. Umucyo wera warasiye mu maso habo, ugaragaza amahoro n'ibyishimo byari muri bo. Yesu yategetse abamarayika be ngo bajye kubakomeza, kuko isaha yo kugeragezwa kwabo yari yegereje. Nabonye ko abo bari bategereje batari bigeze bageragezwa nk'uko byagombaga kuba. Bari bataratandukanywa n'amakosa. Noneho nabonye ubuntu bw'Imana no kugira neza kwayo ubwo yohererezaga umuburo abatuye isi, kandi ikaboherereza ubutumwa bwagiye busubirwamo ngo bubatere kwigenzura mu mitima bamaramaje kandi bige lbyanditswe Byera, kugira ngo bo ubwabo bitandukanye n'amakosa yakomeje kujya ahererekanywa aturutse ku bapagani n'abapapa. Biturutse kuri ubwo butumwa, Imana yagiye igeza ubwoko bwayo aho ishobora kugira icyo ibukorera mu bushobozi butangaje, ndetse n'aho bushobora gukurikiza amategeko yayo yose.

Ubuturo bwera

Neretswe ugucika intege kubabaje k'ubwoko bw'Imana kwatewe n'uko butabonye Yesu igihe bwari bwiteze kumubona. Ntibari bazi impamvu Umukiza wabo ataje; kuko nta gihanyu bashoboraga kubona cyerekana ko igihe cy'ubuhanuzi kitarangiye. Marayika yaravuze ati: "Mbese Ijambo ry'Imana ryaribeshye? Mbese Imana yananiwe gusohoza amasezerano yayo? Oya. Ibyo yasezeranye byose yarabisohoye. Yesu yarahagurutse akinga urugi rw'ahera ho mu buturo bwo mu ijuru, maze akingura urugi rw'ahera cyane, nuko yinjiramo kugira ngo yeze ubuturo. Abategereje bihanganye bazasobanukirwa n'ubwo bwiruhira. Umuntu yarahabye, nyamara Imana yo ntiyigeze yibeshya. Ibyo Imana yasezeranye byose byarashohoye; ariko umuntu mu kwibeshya

yizeye ko isi ari bwo buturo bugomba kwezwa ku iherezo ry'ibihe by'ubuhanuzi. Ibyo umuntu yari yiteze ni byo bitasohoye; ntabwo isezerano ry'Imana ari ryo ritasohoye." IZ 194.2

Yesu yohereje abamarayika be kugira ngo bayobore intekerezo z'abari bacitse intege, bazerekeze ahera cyane, aho yari yagiye kweza ubuturo no guhongerera ishyanga rya Isirayeli mu buryo bw'umwihariko. Yesu yabwiye abamarayika ko abamubonye bose bazasobanukirwa n'umurimo yagombaga gukora. Nabonye ko igihe Yesu yari ahera cyane yagombaga kwegurirwa Yerusalemu Nshya; kandi ubwo umurimo akorera ahera cyane uzaba urangiye, azamanuka aze ku isi afite ububasha bwa cyami maze ajyane iwe ab'igiciro cyinshi bategereje kugaruka kwe bihanganye. IZ 195.1

Neretswe ibyabereye mu ijuru ku iherezo ry'ibihe by'ubuhanuzi mu mwaka wa 1844. Ubwo Yesu yari arangije umurimo yakoreraga ahera maze agakinga urugi rw'icyo cyumba, umwijima w'icuraburindi wabuditse ku bari barumvise kandi bakirengagiza ubutumwa bwo kugaruka kwe, maze ntibongera kumubona. Yesu yahise yiyambika imyenda y'igiciro cyinshi. Ku musozo wo hasi w'ikanzu ye hariho inzogera n'umukufi w'amakomamanga. Igishura kibohanwe ubuhanga mu budodo bwiza cyane cyatenderaga ku ntugu ze. Ubwo yatambukaga, iki gishura cyarabagiranye nka diyama, maze inyuguti zimeze nk'amazina yanditswe kuri cyo zirarabagirana cyane. Ku mutwe we hariho ikintu gisa n'ikamba. Igihe yari amaze kwambara, yakikijwe n'abamarayika maze asohoka ari mu igare ryaka umuriro. IZ 195.2

Hanyuma nabwiye kwitegereza neza bya byumba bibiri by'ubuturo bwo mu ijuru. Umwenda ubitandukanya (cyangwa se urugi) wari ukinguye, maze nemererwa kwinjira. Mu cyumba cya mbere nahabonye igitereko cy'amatabaza kiriho amatara arindwi. Harimo n'ameza y'imitsima yo kumurikwa, igicaniro cyo koserezaho imibavu, n'icyotezo. Ibikoreho byose byari muri icyo cyumba byasaga na zahabu itunganye rwose kandi byerekanaga ishusho y'uwinjijeyo. Umwenda watandukanyaga ibyo byumba bibiri wari ufite amabara anyuranye kandi udozwe mu bikoreho bitandukanye, ukagira umusozo w'agahebuzo kandi muri wo hari amashusho y'abamarayika ashushanyishijwe izahabu. Wa mwenda wigijweyo maze ndeba mu cyumba cya kabiri. Muri cyo nahabonye isanduku yasaga n'iyakozwe mu izahabu nziza cyane. Ku muguno wayo wo hejuru, hariho umutako mwiza cyane umeze nk'amakamba. Muri icyo sanduku harimo ibisate by'amabuye byanditsweho amategeko cumi. IZ 195.3

Abakerubi beza babiri bari bahagaze barambuye amababa yabo hejuru yayo, umwe yari agahagaze ku ruhande rumwe undi ku rundi, kandi bakozanyagaho amababa yabo hejuru ya Yesu ubwo yari ahagaze imbere y'intebe y'imbabazi. Abo bakerubi bararebanaga, kandi bari bubitse amaso bareba isanduku, ibyo bikaba bishushanya uburyo ingabo zose z'abamarayika zitegereza amategeko y'Imana ziyitayeho cyane. Hagati y'abo bakerubi hari icyotero gikozwe mu izahabu, kandi igihe amasengesho y'abera basenganaga ukwizera yazamukaga akagera kuri Yesu, nawe akayageza kuri Se, igicu cy'umubavu cyaturukaga muri ya mibavu kimeze nk'umwotsi ufite amabara meza cyane. Hejuru y'aho Yesu yari ahagaze, imbere y'isanduku y'isezerano, hari ikuzo

rirabagirana cyane ku buryo ntashoboraga kurireba kuko ryasaga n'intebe y'Imana. Ubwo umubavu wazamukaga ugana ku Mana, rya kuzo rihebuje ryavuye ku ntebe ya cyami rijya kuri Yesu, maze naryo rikamuturukaho rigasakazwa kuri ba bantu basengaga amasengesho akazamuka ameze nk'umubavu uhumura neza. Umucyo mwinshi waje kuri Yesu ubudika ahari intebe y'imbabazi, maze ikuzo ryuzura urusengero. Sinashoboye gukomeza kwitegereza uwo mucyo mwinshi cyane. Nta rurimi rwabasha kuwusobanura. Naratangaye cyane maze mva imbere y'igitinyiro n'ikuzo byari aho. [IZ 196.1](#)

Neretswe kandi ubuturo bwo ku isi nabwo bufite ibyumba bibiri. Bwasaga na bwa bundu bwo mu ijuru, maze mbwirwa ko ubwo ku isi ari igishushanyo cy'ubwo mu ijuru. Ibikoresho byari mu cyumba cya mbere cy'ubuturo bwo mu isi byari bimeze nk'ibyho mu cyumba cya mbere cy'ubwo mu ijuru. Umwenda wakingirizaga wakuweho maze ndeba ahera cyane, kandi mbona ko ibikoresho byaho bisa n'iby'ahera cyane ho mu buturo bwo mu ijuru. Umutambyi yakoreraga muri ibyo byumba byombi by'ubuturo bwo ku isi. Yinjiraga ahera buri munsu, ariko ahera cyane akajyayo rimwe mu mwaka gusa agiye kuhezamo ibyaha byabaga byarajyanyweyo. Nabonye ko Yesu akorera umurimo we muri bya byumba byombi by'ubuturo bwo mu ijuru. Abatambyi binjiranaga mu buturo bwo ku isi amaraso y'itungo akaba igitambo cy'icyaha. Yesu we yinjiye mu buturo bwo mu ijuru apanye igitambo cy'amaraso ye ubwe. Abatambyi bo ku isi bakurwagaho n'urupfu, kubw'ibyho ntibashoboraga kubaho igihe kirekire; ariko Yesu we yari umutambyi iteka ryose. Binyuze mu maturo n'ibitambo byazanwaga mu buturo bwo ku isi, Abisirayeli bagombaga kwishingikiriza kubyo Umukiza wajyaga kuzaza yari kuzabakorera. Kandi kubw'ubwenge bw'Imana butarondoreka, hari bimwe muri uyu murimo twahawe kugira ngo nitubitegereza, tuzabashe gusobanukirwa umurimo Yesu akora mu buturo bwo mu ijuru. [IZ 196.2](#)

Igihe Yesu yapfiraga i Kaluvari, yavuze n'ijwi rirenga ati: "Birarangiyeye," maze umwenda wari ukingirije ahera cyane ho mu rusengero utabukamo kabiri, uhereye hejuru ugera hasi. Ibyo byerekanaga ko imirimo yakorerwaga mu buturo bwo ku isi yari irangiye burundu, kandi ko Imana itazongera guhurira n'abatambyi mu buturo bwo ku isi kugira ngo yemere ibitambo bazanyeye. icyo gihe amaraso ya Yesu yari asheshwe, kandi ni yo ubwe yagombaga gutanga mu buturo bwo mu ijuru. Nk'uko umutambyi yinjiraga ahera cyane rimwe mu mwaka agiye kweza ubuturo bwo ku isi, ni nako mu mwaka wa 1844, ku iherezo ry'iminsi 2300 yavuzwe muri Daniyeli 8, Yesu yinjiye ahera cyane ho mu ijuru kugira ngo ahongerere ubuheruka abantu bose bashobora kungukira mu murimo we w'ubuhuza, bityo yeze n'ubuturo bwera.

Ubutumwa bwa marayika wa gatatu

Ubwo Yesu yari arangije umurimo yakoreraga ahera, akinjira ahera cyane [ho mu ijuru] maze agahagarara imbere y'isanduku irimo amategeko y'Imana, yohereje undi mumarayika ukomeye amuha ubutumwa bwa gatatu agomba gushyira abatuye isi. Uwo mumarayika yaherejwe umuzingo, maze ubwo yamanukaga yerekeje ku isi afite ububasha n'ubutware byinshi, avuga umuburo uteye ubwoba cyane umuntu atigeze yumva. Ubwo butumwa bwari bugendereye kuburira abana b'Imana kugira ngo birinde,

bubereka ko isaha y'umubabaro no kugeragezwa ibategereje. Marayika yaravuze ati: "Bazasakiranira ku rugamba n'inyamaswa n'igishushanyo cyayo. Ibyiringiro byabo rukumbi byo kubona ubugingo buhoraho bishingiye ku gukomeza gushikama. Nubwo ubugingo bwabo buri mu kaga, bagomba kugundira ukuri." Marayika wa gatatu yasoje ubutumwa bwe agira ati: "Aho ni ho kwihangana kw'abera kuri, bitondera amategeko y'Imana bakagira kwizera nk'ukwa Yesu." Ubwo yasubiragamo aya magambo, yatunze urutoki ku buturo bwo mu ijuru. Intekerezo z'abantu bose bakiriye ubu butumwa zerekeje ahera cyane, aho Yesu ahagaze imbere y'isanduku y'isezerano asabira ubuheruka abakirarikwa n'imbabazi ze ndetse n'abishe amategeko y'Imana batabizi. Uku guhongerera gukorerwa abapfuye bakiranuka ndetse n'abakiranutsi bakiriho. Kureba abantu bose bapfuye biringira Kristo, nyamara kubwo kuba batari barabonye umucyo werekeye amategeko y'Imana, bari bakayishe batabizi maze baracumura. [IZ 197.1](#)

Yesu amaze gukingura urugi rw'ahera cyane, umucyo w'Isabato waragaragaye maze nk'uko mu bihe bya kera Abisirayeli basuzumwe, ubwoko bw'Imana burasuzumwa kugira ngo harebwe niba bukurikiza amategeko y'Imana. Nabonye marayika atunga urutoki hejuru, yereka ba bandi bari bacitse intege inzira igana ahera cyane ho mu buturo bwo mu ijuru. Igihe binjiraga ahera cyane kubwo kwizera, basanzemo Yesu maze ibyiringiro n'ibyishimo byongera guhembuka bushya. Nabonye basubiza amaso inyuma, basuzuma ibyo mu gihe cyahise, bahera igihe hamamazwaga ubutumwa bwo kugaruka kwa Yesu, bareba ibyo banyuzemo kugeza ku irangira ry'igihe mu mwaka wa 1844. Basobanukiwe impamvu yo kubura ibyo bari biteze maze ibyishimo no kudashidikanya byongera kubasaba. Marayika wa gatatu yari yamurikiye igihe cyabo cyashize, icyo bari barimo ndetse n'ikizaza, maze bamenya ko Imana yabayoboresheje imbabazi zayo mu buryo butangaje. [IZ 197.2](#)

Neretswe abasigaye bakurikiye Yesu mu cyumba cy'ahera cyane maze bitegereza isanduku y'isezerano n'intebe y'ubuntu, noneho ibitekerezo byabo bitwarwa n'ikuzo ryabyo. Hanyuma Yesu yegura umupfundikizo wa ya sanduku, maze habonekamo ibisate by'amabuye byanditsweho amategeko cumi y'Imana! Barayitegereje yose, ariko igihe babonaga itegeko rya kane ryo mu mategeko cumi yera rirabagirana kurusha andi cyenda asigaye, kandi rizengurutse n'ikuzo impande zose, basubiye inyuma bahinda umushyitsi. Nta kintu na kimwe bigeze bahabona kibamenyesha ko Isabato yakuweho, cyangwa ngo ihindurirwe ku munsu wa mbere w'icyumweru. Iryo tegeko ryari rikimeze nk'uko ryari riri igihe Imana yarivugishaga akanwa kayo mu ijwi riranguruye kandi riteye ubwoba ku musozi, ubwo imirabyo yarabyaga n'inkuba zigakubita. Ryari rikiri nk'igihe ryandikishwaga urutoki rw'Imana ubwayo ku bisabe by'amabuye muri aya magambo ngo: "Mu minsi itandatu ujye ukora, abe ari yo ukoramo imirimo yawe yose, ariko uwa karindwi ni wo sabato y'Uwiteka Imana yawe." Ubwo babonaga uburyo amategeko cumi y'Imana yitaweho bidasanzwe baratangaye cyane. Babonye uburyo ari iruhande rwa Yehova, atwikirijwe kandi arinzwe n'ikuzo rye. Babonye ko bagiye bakandagiraga itegeko rya kane ryo mu mategeko cumi y'Imana maze bakubahiriza umunsu washyizweho n'abapagani n'abapapa, mu cyimbo cy'umunsu wejejwe n'Uhoraho. Bicishije bugufi imbere y'Imana maze barizwa n'ibicumuro byabo byo mu gihe cyahise. [IZ 198.1](#)

Ubwo Yesu yashyiraga Se kwicuza kwabo n'amasengesho yabo, nabonye umubavu wari mu mwotsi wavaga ku cyotero cy'imibavu. Igihe uwo mwotsi wazamukaga, umucyo utangaje waje kuri Yesu no ku ntebe y'imbabazi. Ba bantu bari bamaramaje basenga, kandi bakaba bari bakuwe umutima n'uko basanze barishe amategeko y'Imana, bahawe umugisha, maze mu maso habo harabagirana ibyiringiro n'umunezero. Binjiye mu murimo wa marayika wa gatatu maze barangurura amajwi yabo bamamaza uwo muburo ukomeye. Ku ikubitiro, abantu bake gusa ni bo bawakiriye, nyamara za ndahemuka zikomeza kwamamaza ubwo butumwa zifite imbaraga nyinshi. Hanyuma mbona abantu benshi bakiriye ubutumwa bwa marayika wa gatatu maze bunga amajwi yabo ku babanje gutanga umuburo, kandi bubaha Imana bubahiriza umunsi w'ikiruhuko yejeje. [IZ 198.2](#)

Benshi mu bakiriye ubutumwa bwa marayika wa gatatu ntibari barigeze bamenya ubutumwa bubiri bwabanje. Ibi Satani yari abisobanukiwe; kandi ijisho rye ry'ubugome ryahoraga kuri bo rigambiriye kubagusha; nyamara marayika wa gatatu we yaberekaga ahera cyane, kandi ba bandi bari baramenye ubutumwa bwa marayika wa mbere n'ubw'uwa kabiri nabo baberekaga inzira igana ku buturo bwo mu ijuru. Mu butumwa bw'abamarayika batatu benshi babonyemo uruhererekane ruzira amakemwa rw'ukuri, maze babwakira banezerewe uko bukurikirana, kandi kubwo kwizera bakurikira Yesu mu buturo bwo mu ijuru. Neretswe ko ubu butumwa ari igitsika umutima ku bwoko bw'Imana. Ababusobanukirwa kandi bakabwakira ntibazatembanwa n'ubushukanyi bunyuranye bwa Satani. [IZ 198.3](#)

Nyuma yo gucika intege gukomeye kwabayeho mu mwaka wa 1844, Satani n'abamarayika be bahibikaniye gutega imitego kugira ngo bahungabanye ukwizera kw'iryo tsinda. Yihanze mu ntekerezo za bamwe bari baragezweho n'ubwo butumwa kandi basaga n'abiyoroshya. Bamwe bavugaga ko gusohora k'ubutumwa bwa marayika wa mbere n'uwa kabiri bizabaho mu gihe kizaza naho abandi bakavuga ko ubwo butumwa kwasohoye kera mu gihe cyahise. Bene aba bigaruriraga intekerezo z'abatarigeze bamenya ubutumwa bwa marayika wa mbere n'ubw'uwa kabiri ndetse bahungabanyaga ukwizera kwabo. Bamwe basomeraga Bibiliya kugira ngo bubake ukwizera kwabo ku giti cyabo, batitaye ku itsinda (itorero) babarizwamo. Satani yishimishijwe cyane n'ibyo byose; kuko yari azi neza ko abazatandukana n'igitsika kibakomeje (ari cyo butumwa bw'abamarayika batatu) azabateshura akoresheje ubuyobe butandukanye kandi bagatwarwa n'imiyaga inyuranye y'inyigisho. Benshi mu bari baragiye ku ruhembe ry'imbere mu iyamamazwa ry'ubutumwa bwa marayika wa mbere n'uwa kabiri noneho barabuhakanye, maze mu itorero habaho gucikamo ibice n'urujijo. [IZ 199.1](#)

Noneho amaso yanjye yerekejwe kuri Wiliyamu Mileri. Yari amanjiriwe kandi yiyunamiye kubwo guhagarika umutima n'agahinda yari afitiye ubwoko bwe. Noneho rya tsinda ryari ryaromatanye kandi rikundana mu 1844, urukundo rwari ruri kurivamo, baravuguruzanya kandi bahinduka ubutita, ndetse barasubira inyuma. Ubwo Wiliyamu Mileri yitegerezaga ibyo, yacitse intege kubera n'intimba. Nabonye abantu bari abayobozi bamwitegereza, bafite ubwoba bw'uko ashobora kwakira ubutumwa bwa

marayika wa gatatu n'amategeko y'Imana. Kandi ubwo yishingikirizaga ku mucyo uturutse mu ijuru, abo bantu bacuze imigambi yo kuyobya intekerezo ze. Hakoreshejwe imbaraga za kimuntu kugira ngo intekerezo ze zigumishwe mu mwijima kandi ngo impinduka zamukomokaho ze kugera ku barwanyaga ukuri. Amaherezo Wiliyamu Mileri yazamuye ijwi rye maze yamagana umucyo uturutse mu ijuru. Yananiwe kwakira ubutumwa bwajyaga kumusobanurira birambuye ibyo kubura ibyo yari yiteze kwe ndetse yirukana umucyo n'ikuzo byari byaramuhishuriwe mu bihe byashize kandi ari byo byajyaga guhembura intege ze zari zicogoye, bikamurikira ibyiringiro bye, maze bigatuma asingiza Imana. Yishingikirije ku bwenge bwa kimuntu aho kwishingikiriza ku bwenge mvajuru. Ariko kubwo gucogozwa n'umurimo uvunanye yakoreye Shebuja ndetse n'ikigero yari agezemo, ntiyari afite ibyo yabazwa bihwanye n'iby'abo bamubujije kumenya ukuri. Bazabibazwa; icyo cyaha kibari ku mutwe. [IZ 199.2](#)

Iyo Wiliyamu Mileri aza kubona umucyo w'ubutumwa bwa marayika wa gatatu, ibintu byinshi byagaragaraga nk'umwiji n'ubwiru kuri we byajyaga gusobanuka. Ariko abo bari basangiye kwizera bamwerekaga ko bamufitiye urukundo rwimbitse kandi bamwitayeho cyane ku buryo yatekereje ko adashobora kwitandukanya na bo. Umutima we wajyaga kuyoboka ukuri, hanyuma yareba abo basangiye kwizera agasanga bakurwanya. Mbese yari gushobora kwitandukanya n'abamubaye iruhande mu kwamamaza ubutumwa bwo kugaruka kwa Kristo? Yatekereje ko batahangara kumuyobya. [IZ 199.3](#)

Imana yemeye ko agwa mu butware bwa Satani, urupfu ruramutwara, maze imuhisha mu gituro abahoraga bamuteshura ku kuri. Mose yateshutse igihe yari bugufi kwinjira mu Gihugu cy'Isezera. Mu buryo nk'ubwo, nabonye ko Wiliyamu Mileri na we yateshutse ari hafi kwinjira muri Kanani yo mu ijuru, ubwo yemereraga ubwenge n'imbaraga ze gutandukira ukuri. Abandi ni bo babimuteye; kandi ni bo bazabibazwa. Ariko abamarayika barinze umukunguru w'igicro cyinshi w'umugaragu w'Imana, kandi azazuka ubwo impanda ya nyuma izaba ivuze. [IZ 200.1](#)

Urufatiro rutajegajega

Nabonye itsinda ry'abantu bahagaze birinze kandi bashikamye, batitaye na busa ku bashoboraga guhungabanya ukwizera guhamye kw'iryo tsinda. Imana yabarebanaga ijisho ryerekana ko ibemera. Neretswe intambwe eshatu ari zo: ubutumwa bwa marayika wa mbere, ubw'uwa kabiri n'ubw'uwa gatatu. Marayika twari kumwe yaravuze ati: "Hazabona ishyano uzagira akantu na gato akura cyangwa yongera kuri ubu butumwa. Gusobanukirwa by'ukuri n'ubu butumwa ni ingenzi cyane. Iherezo ry'abantu rishingiye ku buryo babwakira." Nongeye kwerekwa iby'ubu butumwa, maze mbona uburyo ubwoko bw'Imana bwahuye n'ingorane zikomeye kugira ngo bubwakire. Bari barageze kuri ubu butumwa binyuze mu mibabaro myinshi n'intambara zikaze. Imana yari yarabayoboye intambwe ku ntambwe, kugeza ubwo ibagejeje ku rufatiro rukomeye kandi rutanyeganyezwa. Nabonye abantu begera urwo rufatiro kugira ngo barusuzume barebe ko rukomeye. Bamwe bahise barwurira barujyaho bishimye. Abandi batangira kurunenga. Bifuzaga ko rwagira ibyo rukosorwaho maze rukabona kuba rutunganye kurutaho bityo abantu bakarushaho kwishima. Bamwe bateye intambwe bava kuri rwa

rufatiro kugira ngo barusuzume neza maze bavuga ko rushinzwe nabi. Ariko nabonye ko abantu hafi ya bose bari bagihagaze kuri urwo rufatiro bashikamye maze binginga abari baruvuyeho ngo bareke kwinuba kwabo kuko Imana ari yo Mwubatsi Mukuru, bityo bakaba ari yo barwanyaga. Bongeye kwibukiranya umurimo utangaje Imana yakoze ari wo wari warabagejeje kuri urwo rufatiro rutajegajega, maze batumbirira mu ijuru icyarimwe kandi bararangurura basingiza Imana. Ibyo byakoze ku mitima ya bamwe bari baragize kwinuba bakava ku rufatiro, noneho bongera kurugarukaho biyoroheje. [IZ 200.2](#)

Nongeye kwerekwa igihe ubutumwa bwo kuza kwa Yesu bwa mbere bwabwirizwaga. Yohana yoherejwe afite umwuka n'imbaraga nk'ibyo Eliya yari afite kugira ngo ategure inzira ya Yesu. Abanze ibyo Yohana yahamyaga ntibigeze bagira icyo bungurwa n'inyigisho za Yesu. Uko barwanyije ubutumwa bwateguzaga ukuza kwe byabagejeje aho batashoboraga kwakirana ubwuzu igihamya kiruta ibindi cyerekanaga ko ari we Mesiya. Satani yateye abanze ubutumwa bwa Yohana kugenda maze bagera kure cyane, kugeza aho banga Kristo ndetse baranamubamba. Igihe bakoraga ibyo, bishyize aho badashobora kwakira umugisha wo ku munsu wa Pentekote, ari wo wari kubigisha inzira ijya mu buturo bwo mu ijuru. Gutabuka k'umwenda wo mu buturo bwera byerekanaga ko ibitambo by'Abayuda n'imihango yakorwaga bitazongera kwakirwa ukundi. Igitambo gihebuje ibindi cyari cyatanzwe kandi cyamaze kwemerwa, kandi Mwuka Muziranenge wamanutse ku munsu wa Pentekote yatumye intumwa zikura intekerezo zazo ku buturo bwo mu isi zizerekeza mu buturo bwo mu ijuru aho Yesu yari yarinijwe n'amaraso ye ubwe kugira ngo asuke ku bigishwa be ibyiza biva mu murimo we w'ihongerera. Nyamara Abayuda bari basigaye mu mwijima w'icuraburindi. Bari babuze umucyo wose werekeye inama y'agakiza bagombaga kuba barakiriye, kandi bari bacyiringiye ibitambo n'amaturu byabo bitagira umumaro. Ubuturo bwera bwo mu ijuru bwari kwasimbuye ubwo ku isi, ariko bo ntibamenye izo mpinduka. Kubw'ibyo rero, ntibashoboraga kugira icyo bungurwa n'umurimo w'ubuhuza Yesu akorera ahera cyane. [IZ 200.3](#)

Abantu benshi barebana ubwoba bwinshi cyane uburyo Abayuda banze Kristo kandi bakamubamba; maze basoma amateka y'uburyo yasuzuguwe bikojeje isoni bagatekereza ko bo bamukunda, ndetse ko batari kumwihakana nk'uko Petero yabigenje, cyangwa ngo bamubambe nk'uko Abayuda babigize. Ariko Imana isoma mu mitima y'abantu bose yagerageje urwo rukundo bavugaga ko bakunda Yesu. Ijuru ryose ryitegerezanyije amatsiko uburyo ubutumwa bwa marayika wa mbere bwakiriwe. Ariko abantu benshi bavugaga ko bakunda Yesu, kandi basesaga amarira igihe basomaga igitekerezo cy'umusaraba, bahinyuye inkuru nziza yo kugaruka kwe. Aho kwakira ubutumwa babwishimiye, bahamije ko ari ubuyobe. Banze urunuka abakunda kugaruka kwe ndetse babaca mu matorero. Abanze kwakira ubutumwa bwa marayika wa mbere ntibashoboraga kugira icyo bungukira ku butumwa bwa marayika wa kabiri, ndetse n'urusaku rwa mu gicuku ntacyo rwari kubamarira, kandi, ku bwo kwizera, rwari rugamije kubategurira kwinjirana na Yesu ahera cyane ho mu buturo bwo mu ijuru. Ndetse kubwo kwanga ubutumwa bubiri bubanza, bijimishije intekerezo zabo ku buryo batashoboraga kubona umucyo mu butumwa bwa marayika wa gatatu ari nawo werekana inzira igana ahera cyane. Nabonye ko nk'uko Abayuda babambye Yesu, ni ko

amatorero yiyitiriraga Kristo yabambye ubwo butumwa bw'abamarayika batatu, kandi kubw'ibyo, ayo matorero (abayarimo) ntazi inzira igana ahera cyane ndetse ntashobora kugira icyo yungurwa n'umurimo wo gusabira abantu Yesu ahakorera. Kimwe n'Abayuda batambaga ibitambo byabo by'imburamumaro, basenga amasengesho yabo y'imburamumaro bayerekeza mu cyumba Yesu yamaze kuvamo. Satani unezewa n'ubwo buhendanyi, yiyambika imico y'iby'idini, bityo akikururiraho intekerezo z'abo biyita Abakristo bakorana n'imbaraga ze, bagakora ibimenyetso n'ibitangaza bye by'uburiganya kugira ngo abakomereze mu mutego we. Bamwe abayobya mu buryo bumwe abandi nabo akabayobya mu bundi. Afite ubuyobe bunyuranye yateguriye kuyobya abantu batandukanye. Abantu bamwe barebana ubwoba bw'inshi ubushukanyi bw'ubwoko bumwe ariko kandi bakakirana ubundi ubwuzu bw'inshi. Bamwe abayobesha kwizera imyuka y'abapfuye. Aza kandi ameze nka marayika w'umucyo maze agakwirakwiza ubushukanyi bwe ahantu hose akoresheje ubugorizi bupfuye. Amatorero aranezerwa cyane maze akizera ko Imana iri kuyakorera ibitangaza nyamara ari umurimo ukozwe n'undi mwuka. Wa munezero uzagera aho uyoyoka uve mu isi itorero risigare riri ahabi kurusha mbere hose. [IZ 201.1](#)

Nabonye ko Imana ifite abana bayo b'indahemuka mu itorero ry'Abadiventisiti ndetse no mu matorero yaguye, kandi mbere y'uko ibyago by'imperuka bisukwa, abagabura (ababwiriza) na rubanda bazahamagarirwa kuva muri ayo matorero yaguye maze bakire ukuri bishimye. Ibi Satani abizi neza; kandi mbere y'uko ijwi rirenga rya marayika wa gatatu rivuga, Satani azahagurutsa ugukanguka no gukangarana muri ayo matorero kugira ngo abanze ukuri bibwire ko Imana iri kumwe na bo. Yiringira ko azayobya n'ab'indahemuka kandi abatere gutekereza ko Imana igikomeje gukorera muri ayo matorero. Ariko umucyo uzamurika, kandi abantu bose b'abanyakuri bazasohoka mu matorero yayobye maze bifatanye n'abasigaye bakurikiza amategeko y'Imana.

Kwizera imyuka y'abapfuye

Neretswe ubuyobe butwara intekerezo z'abantu maze mbona ko Satani afite ubushobozi bwo kuzana imbere yacu amasura y'abantu basa n'abo mu miryango yacu cyangwa incuti zacu basinziririyeye muri Yesu. Bizagaragazwa nk'aho izo ncuti ziri imbere yacu mu by'ukuri, maze ayo mashusho avuge amagambo twari tumenyereye bavugaga bakiriho, kandi hazumvikana n'ijwi nk'iryo bari bafite bakiri bazima. Ibi byose azabikorera kuyobya abatuye isi no kubagusha mu mutego kugira ngo bizere ubwo buyobe. [IZ 202.2](#)

Nabonye ko abera bakwiriye gusobanukirwa neza n'ukuri kw'iki gihe bagomba gushikamaho bagukuye mu Byanditswe Byera. Bagomba gusobanukirwa n'uko abapfuye bamera, kuko n'imyuka y'abadayimoni izababonekera ivuga ko ari abo mu miryango yabo cyangwa incuti zabo bakundaga. Izabahamiriza inyigisho zihabanye n'izo lbyanditswe byigisha. Abadayimoni bazakora uko bashoboye kose kugira ngo bikururireho abantu kandi bazakorera ibitangaza imbere yabo kugira ngo bishimangire ibyo bavuga. Ubwoko bw'Imana bugomba kwitegura guhangana n'iyi mwuka bwifashishije ukuri kwa Bibiliya kuvuga ko abapfuye ntacyo bamenya, kandi ko abababonekera batyo ari imyuka y'abadayimoni. [IZ 202.3](#)

Tugomba kugenzura neza aho ibyiringiro byacu bishingiye kuko dukwiriye kuzatanga impamvu y'ibyo byiringiro tuyikuye mu Byanditswe. Ubu bushukanyi buzaba gikwira kandi bizaba ngombwa ko duhangana nabwo imbona nkubone; kandi nituba tutabyiteguye, tuzafatwa n'imatego kandi dutsindwe. Ariko nidukora ibyo dushoboye ku ruhande rwacu, tukitegura intambara ituri imbere, Imana izakora uruhare rwayo, kandi ukuboko kwayo gufite ubushobozi bwose kuzaturinda. Bidatinze Imana izohereza abamarayika bose bavuye mu ijuru kugira ngo batabare abantu b'indahemuka, babagoteshe uruzitiro bityo be gushukwa kandi ngo bayobywe n'ibitangaza by'ubushukanyi bwa Satani. [IZ 203.1](#)

Nabonye uburyo ubu bushukanyi bwari buri gukwirakwira ku muvuduko munini. Neretswe igare ry'umwotsi rirerire cyane ryagendaga ku muvuduko nk'uw'umurabyo. Marayika yansabye kwitegereza nitonze. Nahanze amaso iryo gare. Byasaga n'aho isi yose yari muri iryo gare ku buryo nta muntu n'umwe wari wasigaye. Marayika yaravuze ati: "Bahambiriwe mu miba igiye gutwikwa." Maze marayika anyereka uwari utwaye iryo gare wasaga n'umuntu mwiza w'igikundiye, kandi abagenzi bose bari mu igare bari bamuhanze amaso ndetse bakanamwubaha. Nahagaritse umutima maze mbaza umumarayika wanyoboraga uwo wari utwaye uwo ari we. Yaransubije ati: "Ni Satani. Satani ni we utwaye igare, yigize nka marayika w'umucyo. Yigaruriye abatuye isi. Birunduriye mu bushukanyi bukomeye kugira ngo bizere ikinyoma bityo barimbuke. Uyu mukozi umukurikiye mu cyubahiro ni umuhanga ushinze kwita kuri iri gare, naho abandi bakozi bakurikiyeho bakoresha imirimo itandukanye nk'uko agenda abakenere, kandi bose bagenda ku muvuduko nk'uw'umurabyo bagana mu irimbukiro." [IZ 203.2](#)

Nabajije marayika niba nta muntu n'umwe usigaye. Yansabye kureba ku rundi ruhande maze mbona itsinda rito ry'abantu bagendaga mu nzira ifunganye. Bose bagaragaraga nk'abantu bashyize hamwe rwose, bomatanyijwe n'ukuri, bakoze amatsinda. Marayika yaravuze ati: "Marayika wa gatatu ari kubateranyiriza hamwe kandi akabashyiraho ikimenyetso, maze bagakora imiba izajya mu kigega cyo mu ijuru." Iri tsinda rito ryagaragaragaho ibimenyetso by'imiruhoro, risa n'aho ryanyuze mu bigeragezo bikomeye ndetse n'intambara. Byagaragaraga nk'aho izuba ryarasiye inyuma y'igicu maze rimurika mu maso habo, bituma bagaragara nk'abaneshi, ndetse nk'aho intsinzi yabo iri hafi kugerwaho. [IZ 203.3](#)

Nabonye ko Uwitaka yahaye isi amahirwe yo kuvumbura uwo mutego. Niba nta kindi, iki kintu kimwe ni cyo gihamya gihagije ku Mukristu. icyo gihamya ni uko nta tandukaniro ryashyizwe hagati y'igifite agaciro n'ikibi. Tomasi Paine wapfuye ubu umubiri we ukaba warashengutse uba umukungugu, kandi akaba agomba kuzazurwa ku iherezo ry'imyaka igihumbi mu muzuko wa kabiri kugira ngo ahabwe ingororano ye kandi apfe urupfu rwa kabiri, Satani amugaragaza nk'aho ari mu ijuru ndetse akaba ahaherewe icyubahiro. Satani yamukoresheje ku isi uko yari ashoboye kose, kandi n'ubu akomeje uwo murimo abinyujije mu gushukana agaragaza ko Tomasi Paine ahawe ikuzo cyane kandi yubashywe mu ijuru. Nk'uko Tomasi Paine yigishije hano ku isi, Satani ashaka kugaragaza ko n'ubu ari kwigishiriza no mu ijuru. Ubwo yari akiriho, hari abantu bamwe bitegerezanyije ubwoba iby'ubuzima bwe n'urupfu rwe ndetse

n'inyigisho ze z'ibinyoma, ariko ubu bakaba bemera kwigishwa nawe kandi ari umwe mu bantu babi cyane ndetse bataye umurongo. Ni umuntu wasuzuguraga Imana n'amategeko yayo. [IZ 203.4](#)

Se w'ibinyoma ahuma abatuye isi kandi akabayobya akoresheje kohereza abamarayika be ngo bavuge nk'intumwa, kandi bagaragaze ko bavuguruza ibyo banditse babibwirijwe n'Umwuka Wera igihe bari bakiri ku isi. Abo bamarayika b'abanyabinyoma batuma bigaragaza nk'intumwa zangiza zikagoreka inyigisho zazo ubwazo kandi zikavuga ko izo nyigisho zavangiwe zitakiri umwimerere. Mu gukora batyo, Satani ashimishwa no kuroha abiyitaga Abakristo n'isi yose mu gushidikanya ku Ijambo ry'Imana. Kuba igitabo kizira inenge (Bibiliya) kirwanya inzira za Satani kandi kikagwabiza imigambi ye; bituma Satani atera gushidikanya ko Bibiliya ikomoka ku Mana. Ni cyo gituma ahagurutse Tomasi Paine utarubahaga Imana, akamugaragaza nk'aho igihe yapfaga yajyanywe mu ijuru, none ubu akaba yifatanyije n'intumwa zizira inenge yangaga urunuka akiri ku isi, bakaba bafatanyije umurimo wo kwigisha abari ku isi. [IZ 204.1](#)

Satani aha buri wese mu bamarayika be umurimo agomba gukora. Bose abategeka kuba incakura n'indyarya. Yahaye bamwe muri abo bamarayika amabwiriza yo gukora nk'intumwa no kuvuga mu cyimbo cyazo, naho abandi bakajya mu mwanya w'abatizera Imana n'abagome bapfuye batuka Imana, ariko ubu bakaba bagaragara nk'abubahamana. Nta tandukaniro rishyirwa hagati y'intumwa zizira inenge na ba ruharwa batizera. Bose bigishaga ibintu bimwe. Kuri Satani, uwo yavugisha uwo ari we wese ntacyo bimutwaye igihe gusa umugambi we ugerwaho. Thomas Paine akiriho yari isanga n'ingoyi na Satani, akamufasha mu murimo we, kandi ubu byoroheye Satani cyane kumenya amagambo n'inyandiko y'umuntu wamukoreye abikuye ku mutima kandi agasohozza imigambi ye neza. Byinshi mu byo Paine yandikaga byakomokaga kuri Satani, kandi ubu biramworoheye cyane gukoresha abamarayika be maze agatera abantu amarangamutima kandi agatuma bigaragara ko biturutse kuri Tomasi Paine. Uwo ni wo mugambi wa Satani usumba indi yose. Inyigisho zigaragara nk'iziturutse ku ntumwa, abera (itungane) ndetse n'ab'inkozi z'ibibi bapfuye, zose zikomoka ku bubasha bwa Satani bukomeye. [IZ 204.2](#)

Kuba Satani avuga ko uwo yakundaga byimazeyo, kandi akaba yarangaga Imana bitavugwa, ubu ari kumwe n'intumwa zera z'Imana n'abamarayika bayo mu ikuzo, ibyo byagombye kuba bihagije ngo bikureho icyari gikingirije intekerezo z'abantu maze batahure imirimo y'umwijima kandi y'amayobera Satani akora. Satani abwira abatuye isi n'abatizera yeruye ati: "Ntacyo bitwaye uko waba inkozi y'ibibi kose, waba wizera Imana cyangwa ntuyizere cyangwa se waba wizera Bibiliya cyangwa ntuyizere, ibereho uko ushaka, kuko ijuru ari iryawe; kuko niba abantu bose bazi ko Tomasi Paine ari mu ijuru, kandi akaba afite icyubahiro, nabo bazajyayo ntakabuza." Ibi bigaragarira cyane buri wese ushaka kubibona. Satani akoresheje abantu bameze nka Tomasi Paine, ubu ari gukora ibyo yagiye agerageza gukora kuva yacumura. Binyuze mu mbaraga ze n'ibitangaza bye biyobwa, ari gusenya urufatiro rw'ibyiringiro bya Gikristo kandi akigizayo umucyo ugomba kumurika mu nzira ifunganye igana mu ijuru. Atera abatuye isi kwizera ko Bibiliya itahumetswe n'Imana, ko ntacyo irusha ibitabo by'amateka,

nyamara kandi afite ikindi kintu kigomba kuyisimbura ari cyo: kwigaragaza kw'imyuka. [IZ 204.3](#)

Uyu ni umuyoboro Satani yigaruriye kandi yitegekera ndetse ashobora gutera abatuye isi kwizera ibyo ashaka. Igitabo cyari kumucira urubanza we n'abayoboke be agihisha mu mwijima, aho ashaka ko kiba. Atuma Umucunguzi w'isi afatwa nk'umuntu usanzwe; kandi nk'uko abasirikari b'Ababaroma bari barinze igituro cya Yesu bakwije inkuru z'ibinyoma bari batekerewe n'abatambyi bakuru n'abatware, ni ko n'abatindi bayobejwe b'abayoboke b'iyo myuka iyobya basubiramo kandi bakagerageza kwerekana ko nta gitangaje kiri mu ivuka ry'Umukiza, urupfu rwe ndetse n'izuka rye. Iyo bamaze guherereza Yesu inyuma, bireherezaho intekerezo z'abatuye isi, bakazerekeza no ku bitanganza n'imirimo byabo biyobya bavuga ko birenze kure by'ihabya imirimo ya Kristo. Uko ni ko abatuye isi yose bagwa mu mutego kandi bakibwira ko bari mu mutekano, ntibabashe gutahura uko uko bashutswe bikomeye kugeza igihe ibyago birindwi by'imperuka bizasukirwa. Iyo Satani abona umugambi we ugerwaho neza kandi isi yose igafatwa mu mutego, araseka cyane. [IZ 205.1](#)

Gukunda no kurarikira ubutunzi

Nabonye ko Satani yategetse abamarayika gutega imitego yabo cyane cyane abari bategereje kugaruka kwa Kristo kandi bagakurikiza amategeko yose y'Imana. Satani yabwiye abamarayika be ko amatorero asinziriye. Satani yajyaga gukaza umurego, akongera n'ibitangaza by'ibinyoma bye bityo bigatuma abasha kubaherana. Yaravuze ati: "Ariko agatsiko k'abubahiriza Isabato twanga; kuko bakora ubudatuza baturwanya, ndetse bakadutwara abayoboke bacu kugira ngo bakurikize amategeko y'Imana kandi tuyanga. Nimugende mutere abatunze amasambu n'amafaranga gusindishwa no guhangayika. Nimushobora kubatera gushyira urukundo rwabo kuri ibyo bintu, tuzaba tubifitiye. Bazashobora guhamya ibibanezeza. Nimutume gusa bita cyane ku mafaranga kuruta ku kwita ku kogera kw'ingoma ya Kristo cyangwa kwamamara k'ukuri twanga. Mushyire imbere yabo iby'isi mu buryo bubashyira cyane, kugira ngo babikunde kandi babiranye nk'ibigirwamana. Tugomba gukomereza mu ruhande rwacu ubutunzi bwose dushobora kwitegekera. Uko abayoboke ba Kristo bazegurira ubutunzi buruseho mu murimo we, ni ko bazanarushaho gusenya ubwami bwacu badutwara abayoboke bacu. Uko bategura amateranimo ahantu hanyuranye, ni ko badushyira mu kaga. Ni yo mpamvu mukwiriye kuba maso. Niba bishoboka, muteze umuvurungano n'urujijo. Musenye urukundo bakundana hagati muri bo. Muce intege kandi mukure imitima abagabura babo kuko tubanga. Mushyire inzitwazo zumvikana zose imbere y'abafite ubutunzi kugira ngo babugundire. Nimubishobora, mutegeke ikijyanye n'amafaranga cyose maze bitume abagabura babo bagira kurarikira no guhangayika. Ibi bizaca intege umurava n'ishyaka byabo. Murwane uko mushoboye kose. Mutume kwifuzza no gukunda ubutunzi bw'isi biba ari byo biyobora imico yabo. Igihe cyose bazaba bayoborwa n'iyi mico, agakiza n'ubuntu bizagwabira. Mubagoteshe ibireshya amaso by'ubwoko bwose, nta kabuza bazaba abacu. Ntibazaba abacu gusa, ahubwo na bwa buryo twanga urunuka bari kuzakoresha bakayobora abandi mu ijuru buzaburiramo. Nihagira abagerageza gutanga, muzabateze ubugugu kugira ngo batange baguna." [IZ 205.2](#)

Nabonye Satani asohoza imigambi ye neza. Igihe abagaragu b’Imana bateguraga amateraniro, Satani n’abamarayika be babaga bahari kugira ngo babere inkomyi uwo murimo. Akomeza gushyira ibitekerezo bitandukanye mu ntekerezo z’ubwoko bw’Imana. Yerekeza bamwe mu nzira imwe naho abandi akaberekeza mu yindi, agahora yuririra ku mico mibi yose irangwa mu bizera, agakangura kandi agahagurutsa irari n’iruba rya kamere yabo. Iyo Satani abonye imitima yabo irimo kwikanyiza no kurarikira, arabasanga akabajya iruhande, maze agakoresha imbaraga ze zose kugira ngo abarohe mu gushayisha mu byaha bikunda kubibasira. Ubuntu bw’Imana n’umucyo w’ukuri bishobora gukuraho kurarikira no kwikanyiza byabo by’akanya gato, ariko iyo batanesheje burundu, iyo batari munsi y’imbaraga ikiza, Satani arabinjirana maze agasigingiza ihame ryose ryiza n’ubugwaneza, bityo bagatekereza ko basabwa ibintu byinshi cyane. Bacogora gukora neza kandi bakibagirwa igitambo gikomeye Yesu yatanze kugira ngo abacungure bave mu butware bwa Satani no mu buhanya bwo kubura ibyiringiro. [IZ 206.1](#)

Satani yuririye ku kurarikira no kwikanyiza bya Yuda maze amutera kwinuba ubwo Mariya yasukaga amavuta y’igicro cyinshi ku birenge bya Yesu. Yuda yabonye ibyo ari ukwaya gukabije maze avuga ko ayo mavuta yagombaga kugurishwa maze ibiguzi byayo bigafashishwa abakene. Ntiyari yitaye ku bakene, ahubwo yafashe ko iryo turo rivuye ku mutima rituwe Yesu ari ukwaya. Agaciro Yuda yahaye Umwami we kabaye ako kumugurisha ibice bike cyane by’ifeza. Kandi nabonye ko mu bavuga ko bategereje kugaruka k’Umwami wabo harimo bamwe bameze nka Yuda. Satani yigaruriye imibereho yabo, nyamara ntibabizi. Imana ntishobora kwemera na gato kurarikira kose cyangwa ukwikunda, ndetse yanga amasengesho no kwinginga kw’abakomeza kugundira izo ngeso mibi. Kuko Satani abona ko igihe cye ari kigufi, atera abantu kurushaho kwikunda no kurarikira, maze noneho agashimishwa no kubabona bihugiyeho, bagira ubwiko, ari ababagito kandi bikunda. Iyaba amaso y’abameze batyo yahumukaga, bajyaga kubona Satani abyina intsinzi y’irimbukiro, abishima hejuru kandi aseka ubupfapfa bw’abemera ibyongorero bye maze bakagwa mu mitego ye. [IZ 206.2](#)

Satani n’abamarayika be bandika ibikorwa byose by’ubugugu no kwikunda kose by’abo bantu maze akabyereka Yesu n’abamarayika be bera, bityo akavuga abannyega ati: “Ngaba abayobohe ba Kristo! Bari kwitegura kuzajyanwa mu ijuru!” Satani agereranya imyitwarire yabo n’amagambo yo mu Byanditswe Byera acyaha iyo myitwarire mu buryo bweruye maze akannyega abamarayika b’Imana avuga ati: “Aba bakurikiye Kristo n’Ijambo rye! Aba ni imbuto z’igitambo cya Kristo n’incungu ye!” Abamarayika bava aho bazinutswe. Imana ishaka ko ubwoko bwayo bukomeza gukora budacogora; kandi igihe bucogoye gukora neza, Imana nayo iraburambirwa. Nabonye ko Imana ibabazwa cyane no kwigaragaza guto cyane ko kwikunda kw’abavuga ko ari ubwoko bwayo, kandi ari bo Kristo atigeze yanga gutangira ubugingo bwe bw’igicro cyinshi. Umuntu wese wikanyiza kandi urarikira azagwa asigare ku nzira. Nk’uko Yuda wagurishije Umwami we yabigenje, amahame meza n’ubutungane n’ubugwaneza bazabigurana indamu nke y’iby’isi. Abameze batyo bese bazashungurwa bave mu bwoko bw’Imana. Abashaka ijuru bese bagomba kuba bashyigikira amahame y’ijuru bakoresheje imbaraga zose bafite. Aho kugira ngo bacogozwe no kwikunda no

kwikanyiza, imitima yabo ikwiriye gusabwa n'ubugwaneza. Akanya kose kabonetse gakwiriye gukoreshwa mu kugirirana neza maze muri ubwo buryo bakaba bimakaza amahame y'ijuru. Neretswe ko Yesu ari we cyitegererezo gitunganye. Imibereho ye ntiyarangwagamo kwishakira inyungu ze bwite, ahubwo yarangwaga n'ubugwaneza kuri bose.

Ishungura

Nabonye bamwe bafite ukwizera gushikanye kandi bataka baniha, binginga Imana. Mu maso habo hasaga n'ahatentebutse kandi hagaragaza agahinda gakomeye katurukaga ku ntambara bari bafite mu mutima. Mu maso habo harangwaga gushikama no kumaramaza; kandi ibitonyanga binini by'ibyuya byatembaga biva mu ruhanga rwabo. Noneho, mu maso habo harabagiranaga ibimenyetso byerekana ko bemewe n'Imana, maze noneho ya ndoro irimo kumaramaza no gushikama ikongera kubagaragaraho. [IZ 207.2](#)

Abadayimoni barabazengurutse, babagotesha umwijima kugira ngo bababuze kureba Yesu, maze amaso bayahange umwijima wari ubagose, bityo bitume bareka kwiringira Imana kandi bayivovotere. Umutekano wabo rukumbi wari ushingiyeye ku gukomeza gutumbira mu ijuru. Abamarayika b'Imana bahawe inshingano zo kwita ku bwoko bwayo, kandi ubwo umwuka uhumanya uturutse ku badayimoni watumurirwaga kuri abo bari batumbiye mu ijuru, abamarayika b'Imana nabo bakomezaga kuzunguriza amababa yabo hejuru y'abo bantu kugira ngo birukane wa mwijima w'icuraburindi. [IZ 207.3](#)

Ubwo ba bandi basengaga bakomezaga gutakamba babikuye ku mutima, incuro nyinshi imirasire y'umucyo uturutse kuri Yesu warabamurikiraga, kugira ngo ukomeze imitima yabo kandi umurikire mu maso habo. Nabonye ko hari bamwe batigeze bagira uruhare muri uyu murimo wo kurira no gutakamba. Bari bigize ba ntibindeba kandi ntacyo bitayeho. Ntibakumiraga umwijima wari ubagose, maze noneho ubabudikaho umeze nk'igicu cya rukokoma. Abamarayika b'Imana bavuye aho abo bari bari maze bajya gufasha abari bamaramaje basenga. Nabonye abamarayika b'Imana bihutira kujya gufasha abarwanishaga imbaraga zabo zose bakirana n'abadayimoni kandi bagerageza kwirwanaho batabaza Imana bafite kwihangana. Ariko abamarayika b'Imana basize abataragize icyo bakora na gito ngo birwaneho, maze sinongera kubabona. [IZ 208.1](#)

Nabajije ubusobanuro bw'ishungura nari nabonye maze nereka ko ryatewe n'ubuhamya budakebakeba buturuka ku nama Umuhamya Nyakuri yahaye Abanyalawodokiya. Ubu buhamya buzagira icyo buhindura ku mutima w'uzabwakira, kandi buzamutera kwerezeza ukuri no kugushyira ku mugaragaro. Bamwe ntibazatanga ubu buhamya bwahuranyije. Bazahagurukira kuburwanya, kandi iki ni cyo kizatera ishungura mu bwoko bw'Imana. [IZ 208.2](#)

Nabonye ko ubuhamya bw'Umuhamya Nyakuri bwumviwe igice. Ubuhamya bukomeye cyane amaherezo y'itorero ashingiyeho bwahawe agaciro gake, niba

butarirengagijwe bwose uko bwakabaye. Ubu buhamya bugomba gutera kwihana kwimbitse. Abazabwakira bwose bataryarya bazabwumvira kandi buzabatunganya. [IZ 208.3](#)

Marayika yaravuze ati: “Tega amatwi!” Bidatinze numvise ijwi rimeze nk’iry’ibyuma bya muzika byose byarangururaga mu njyana itunganye kandi inogeye amatwi. Iyo njyana yarutaga kure izo nigeze kumva zose, yasaga n’iyuzuye imbabazi n’impuhwe, ndetse n’ibyishimo bizahura kandi bizira amakemwa. Iyo njyana yansabye umubiri wose. Marayika yarambwiye ati: “Reba!” Noneho amaso yanjye yerekeye ku itsinda nigeze kubona ry’abantu bari bashunguwe bikomeye. Neretswe ba bandi nari nabonye mbere bariraga kandi basenganaga intimba mu mutima. Itsinda ry’abamarayika barinzi babakikije ryari ryikubye kabiri, kandi bari bambaye intwaro kuva ku mutwe kugeza ku birenge. Bagendaga kuri gahunda itunganye nk’umutwe w’abasirikari. Mu maso habo hagaragaraga intambara ikomeye bihanganiye ndetse n’urugamba rukaze banyuzemo. Ariko kandi mu maso habo hari hasanzwe hagaragara intimba ikomeye iri mu mitima yabo noneho harabagiranaga umucyo n’ikuzo ry’ijuru. Bari babonye intsinzi maze ibatera gushima babikuye ku mutima kandi bafite ibyishimo bizira amakemwa. [IZ 208.4](#)

Umubare w’abari bagize iri tsinda wari wagabanutse. Bamwe bari bagosowe maze basigara ku nzira. Abari ba ntibindeba kandi bataragiraga icyo bitaho, ba bandi batigeze bifatanyaga n’ababonaga ko intsinzi n’agakiza ari iby’igiciro cyinshi bagakomeza kwinginga kandi batakamba kubwa byo, bene abo ntibigeze babibona, ahubwo basigaye mu mwijima maze imyanya yabo ihita igibwamo n’abandi bakiriye ukuri bakaza mu itsinda. Abadayimoni bakomeje kubibasira nyamara ntibabashaga kubatsinda. [IZ 208.5](#)

Numvise ba bandi bari bambaye intwaro bavugana ukuri imbaraga ikomeye. Uko kuri kwagize ingaruka zitangaje. Benshi bari baragizwe imbohe; abagore bamwe bari baraboshywe n’abagabo babo; abana bamwe ari imbohe z’ababyeyi babo. Indahemuka zari zarabujijwe kumva ukuri noneho zakwakiranye ubwuzu bw’winshi. Gutinya abo mu miryango yabo kose kwari kwashize, ahubwo ukuri konyine ni ko barutishaga byose. Bari baramaze igihe kirekire bafite inzara n’inyota byo kumenya ukuri; kandi baragukundaga cyane ndetse kukanababera ukw’igiciro cyinshi kuruta ubugingo bwabo. Nabajije icyateye izo mpinduka zikomeye. Marayika yaransubije ati: “Ni imvura y’itumba, ihembura riturutse ku Mana, ijwi rirenga rya marayika wa gatatu.” [IZ 209.1](#)

Aba batoranyijwe bari bafite imbaraga ikomeye. Marayika yarambwiye ati: “Uburu amaso urebe!” Amaso yanjye yerekeye ku nkozi z’ibibi cyangwa abatizera. Bose bakubitaga hirya no hino. Umurava n’imbaraga ubwoko bw’Imana bwari bufite byabateye guhaguruka kandi birabarakaza cyane. Urujijo rwari rukwiriyeye ahantu hose. Nabonye hafatwa ingamba zo kurwanya itsinda ry’abari bafite umucyo n’imbaraga by’Imana. Umwijima w’icuraburindi warabagose; ariko bakomeje gushikama, bemewe n’Imana kandi bayiringiye. Nabonye bamanjiriwe; hanyuma numva batakambira Imana bakomeje. Batakaga ku manywa na n’ijoro bagira bati: “Ubushake bwawe bube ari bwo buba Mana! Niba bihesha ikuzo izina ryawe, cira icyanzu ubwoko bwawe! Turokore udukize abapagani batugose. Bagambiriye kutwica, ariko ukuboko kwawe kubasha

kudukiza.” Ayo ni yo magambo nshobora kwibuka. Bose basaga nk’aho bagaragaza ko badakwiriye kandi bagaragaje ko biyeguriye rwose ubushake bw’Imana. Nyamara nk’uko Yakobo yabigenje, buri wese muri bo, nta tandukaniro, yaratakambaga kandi agakirana ashaka kurokorwa. [IZ 209.2](#)

Nyuma gato y’uko batangiye gutakamba, abamarayika bagize impuhwe maze bashaka kujya kubatabara, ariko umumarayika muremure cyane wabayoboraga arababuza. Yarababwiye ati: “Ubushake bw’Imana ntiburashohora. Bagomba kunywa ku gikombe. Bagomba kubatizwa umubatizo.” [IZ 209.3](#)

Bidatinze numva ijwi ry’Imana, maze ritigisa isi n’ijuru. Habaho umutingito ukomeye cyane. Inyubako hirya no hino zirariduka. Hanyuma numva urusaku rw’abaririmba intsinzi, rurangira kandi rumeze nk’indirimo inogeye amatwi. Nitegereje rya tsinda ry’abantu bahoze bafite umubabaro ukomeye kandi ari imbohe. Ububata barimo bwari bwakuweho. Umucyo urabagirana wabamurikagaho. Mbega ubwiza bari bafite noneho! Ibimenyetso byose byo guhagarika umutima no kuremererwa byari byashize, kandi ubuzima buzira umuze n’igikundiho ni byo byagaragaraga mu maso ha buri wese. Ababisha babo, ari bo bapagani bari babakikije, bari barambaraye hasi nk’intumbi; ntibashoboraga kwihanganira umucyo warasiraga abera bacunguwe. Uyu mucyo n’ikuzo byabagumyeho kugeza igihe Yesu yatungukiye ku bicu byo mu ijuru, maze ba bandi b’indahemuka banyuze mu bigeragezo baherako bahindurwa mu kanya gato, mbese mu kanya nk’ako guhumbya, ubwiza n’ikuzo bigenda birushaho kwiyongera kuri bo. Maze ibituro birakingurwa, abera bari babirimo babivamo bambitswe kudapfa, barangurura bavuga bati: “Urupfu n’ikuzimu biratsinzwe”; maze hamwe n’abera bari bakiriho bazamurirwa gusanganira Umwami wabo mu kirere, ari nako abambaye kudapfa bese baririmbaga indirimbo nziza z’ikuzo no gutsinda.

Ibyaha bya Babuloni

Nabonye ko uhereye igihe marayika wa kabiri yamamazaga ubutumwa bwo kugwa kw’amatorero, ni ho ayo matorero yakomeje kurushaho kwangirika. Ayo matorero afite izina ry’uko ari abayobohe ba Kristo, nyamara ntibishoboka ko wayatandukanya n’isi. Abashumba bayo (abagabura) bakura ibyo bigisha mu Ijambo ry’Imana, ariko bakabwiriza ibiryohye amatwi. Ibi rero umutima wa kamere ntubirwanya. Umwuka n’imbaraga by’ukuri ndetse n’agakiza ka Kristo ni byo byonyine umutima wa kamere wanga urunuka. Muri ivugabutumwa ryabaye gikwira, nta kintu na kimwe kirimo cyabyutsa umujinya wa Satani, ngo gitere umunyabyaha guhinda umushyitsi, cyangwa ngo gitere umutimanama kuzirikana ukuri guteye ubwoba k’urubanza rwenda kubaho. Muri rusange abantu b’inkozi z’ibibi bashimishwa no kugaragaza ko ari intungane nyamara badafite kubaha Imana nyakuri, ni yo mpamvu bazafasha kandi bagashyigikira idini nk’iryo. [IZ 210.1](#)

Marayika yaravuze ati: “Uretse intwari zose zo gukiranuka, nta kindi cyashoboza umuntu kuneshya ubutware bw’umwijima kandi ngo kimubashishe gukomeza kubutsinda. Satani yigaruriye rwose amatorero uko yakabaye. Amagambo n’ibikorwa by’abantu ni byo bitindwaho mu cyimbo cy’ukuri kumvikana kandi kwahuranyije ko mu

Ijambo ry’Imana. Umwuka n’ubucuti by’isi ni umwanzi w’Imana. Ukuri nk’uko kuri muri Yesu, mu koroha kwako n’imbaraga zako, iyo kuvuzwe ngo kurwanye umwuka w’isi, muri ako kanya kubyutsa umwuka w’akarengane. Abantu benshi cyane mu bavuga ko ari Abakristo ntibaramenya Imana. Umutima wa kamere ntiwigeze uhinduka, kandi intekerezo za kamere zikomeza kuba umwanzi w’Imana. Nubwo bitirirwa irindi zina, ni abakozi ba Satani b’indahemuka.” [IZ 210.2](#)

Nabonye ko uhereye igihe Yesu yavaga ahera ho mu buturo bwo mu ijuru akinjira ahera cyane, amatorero yagiye yuzuramo ibizira by’amoko yose kandi byangwa. Nabonye igicumuro gikomeye n’ikibi mu matorero; nyamara abayarimo bakavuga ko ari Abakristo. Imyizerere yabo, amasengesho yabo, ndetse no kwinginga kwabo ni ikizira mu maso y’Imana. Marayika yaravuze ati: “Imana ntizigera yegera aho bateranira. Kwikanyiza, ubujura n’uburiganya bikorwa nabo nta mutima ubahana. Kandi hejuru y’ibyo bibi byose, barenzaho umwambaro w’iby’idini.” Neretswe ubwibone bw’amatorero. Imana ntiri mu ntekerezo zabo, intekerezo zabo za kamere ni bo zihugiraho; barimbisha imitindi y’imibiri yabo ipfa maze barangiza bakireba, bakumva banyuzwe kandi banezerewe. Iyo Yesu n’abamarayika babarebye bararakara. Marayika yaravuze ati: “Ibyaha byabo n’ubwibone bwabo byageze mu ijuru. Umugabane wabo urateguwe. Ubutabera n’urubanza byasinziye igihe kirekire, ariko bidatinze bigiye guhaguruka. Uwiteka aravuga ati: ‘Guhora ni ukwanjye, nzabitura ibihwanye n’ibyo bakoze.’” Gukangaranya guteye ubwoba kwa marayika wa gatatu kugomba gusohora, kandi inkozi z’ibibi zose zikanywa ku gacuma k’umujinya w’Imana. Ingabo z’abamarayika babi batabarika zakwirakwijwe ku isi yose kandi zizimagiza amatorero. Abo bakozi ba Satani bareba amadini n’amatorero bakishima cyane kuko umwenda w’idini utwikiriye ubugome n’ibicumuro bikomeye. [IZ 210.3](#)

Ijuru ryose ryitegerezanya abantu ipfunwe. Umuntu: ‘ikiremwa cy’Imana,’ yateshejwe agaciro na bagenzi be bamugeza ku rwego rwo hasi cyane maze bamushyira ku rwego rw’inyamaswa. Abavuga ko ari abayobokeye b’Umukiza wuje urukundo, wa wundi wabonaga akaga umuntu arimo maze akamugirira impuhwe, birundurira n’umutima wose muri iki cyaha gikomeye cyane kandi kibabaje, maze bagacuruza inkoreragahato (abacakara) n’ubugingo bw’abantu. Abantu bakurwa ahantu hamwe baniha bakajyanwa ahandi, bakagurwa kandi bakagurishwa. Ibyo byose abamarayika b’Imana barabyandika, kandi byanditswe mu gitabo. Amarira y’abagore n’abagabo, ababyeyi n’abana, abahungu n’abakobwa b’intungane bose bahinduwe imbohe, yose akusanyirizwa mu ijuru. Imana izaba iretse kurekura uburakari bwayo ariko by’igihe gito. Uburakari bwayo bukongerejwe igihugu, ariko cyane cyane bukongerejwe amadini n’amatorero yashyigikiye ubwo bucuruzi bubi bikabije ndetse ubwayo akaba yaranabugizemo uruhare. Uko kurenganya, iryo kandamiza, n’iyo mibabaro birebanwa kutabyitaho nta n’impuhwe na benshi bavuga ko ari abayobokeye ba Yesu wiyoroshya kandi w’umugwaneza. Kandi benshi muri bo bashobora ubwabo gutera umuntu iyi miniho yose itavugwa bakumva banyuzwe, nyamara kandi bagahangara kuramya Imana. Uko ni ugukobana bihandagaje. Satani ashimishwa na byo cyane maze akabigereka kuri Yesu n’abamarayika be yishongora ko atsinze ati: “Ngabo abayobokeye ba Kristo da!” [IZ 211.1](#)

Abo bavuga ko ari Abakristo basomye iby'imibabaro y'abishwe bazira ukwizera Imana kwabo, maze amarira agatamba ku matama yabo. Bibazaga niba abantu barashoboraga kwinangira batyo bakageza aho bakorera ubugome nk'ubwo abantu bagenzi babo. Nyamara abatekereza kandi bakavuga batyo nabo bagira abantu inkoreragahato zabo. Si ibyo gusa; bica amategeko agenga ibyaremwe maze bagakandamiza bagenzi babo mu buryo bwuzuye ubugome bukabije. Bashobora kwica urubozo ikiremwamuntu bakoreheje ubugome bukabije nk'ubwo ubupapa n'abapagani bagiriye abayoboke ba Kristo. Marayika yaravuze ati: "Ku muni w'irangizarubanza rw'Imana, ibyo ubupapa n'abapagani bakoze bizaba ari ibyo byakwihanganirwa kuruta iby'abo bantu." Gutaka kw'abakandamizwa kwageze mu ijuru, kandi abamarayika bahagarara bumiwe kubwo kureba imibabaro itavugwa kandi ibabaje umuntu waremwe mu ishusho y'Imana ateza mugenzi we. Marayika yaravuze ati: "Amazina y'abakandamiza abandi yandikishijwe amaraso, ashushanyijwemo imibyimba, kandi arengewe n'amarira menshi atewe n'imibabaro itavugwa. Uburakari bw'Imana ntibuzahagarara itaranyweshya iki gihugu ku gikombe cy'umujinya wayo, kugera ubwo kigikonoje, ari cyo gihe Babuloni iziturwa ibikubye kabiri ibyo yakoze. 'Muwiture ibihwanye n'ibyo wabagiriye, kandi muwusagirizeho kabiri ibikwiriye ibyo wakoze. Mu gikombe wafunguragamo, muwufunguriremo kabiri.'" Ibyahishuwe 18:6. [IZ 211.2](#)

Nabonye ko uwari utunze inkoreragahato 71 atazagira icyo asubiza kubw'ubugingo bw'inkoreragahato yakomeje guheza mu bujiji; kandi ibyaha by'inkoreragahato bizagerekwa ku mutwe wa shebuja. Imana ntishobora kujyana mu ijuru inkoreragahato yahejewe mu bujiji no guheneberezwa, kandi itagize icyo izi cyerekeye Imana cyangwa Bibiliya ibitewe gusa no gutinya gukubitwa na shebuja ndetse no kuba mu rwego rwo hasi cyane kurusha inyamaswa. Ahubwo Imana ikorera iyo nkoreragahato ikintu gihebuje ibindi Imana yuje ibambe ishobora gukora. Yemera gufata iyo nkoreragahato nk'itarigeze ibaho, naho shebuja we agomba kubabazwa n'ibyago birindwi biheruka maze akazazuka mu muzuko wa kabiri kandi akazababazwa n'urupfu rwa kabiri ruteye ubwoba cyane. Ubwo ni bwo ubutabera bw'Imana buzaba bwubahirijwe. [IZ 212.1](#)

Ijwi rirenga

Nabonye abamarayika bakubita hirya no hino mu ijuru, bakamanuka baza ku isi maze bakongera bakazamuka basubira mu ijuru, bitegura ikintu gikomeye cyari kigiye kuba. Nuko mbona undi mumarayika ukomeye cyane wari woherejwe ngo amanuke aje ku isi kugira ngo yunge ijwi rye mu rya marayika wa gatatu, kandi ahe ububasha n'imbaraga ubutumwa bwe. Uwo mumarayika yahawe ububasha bukomeye n'ikuzo ryinshi, kandi igihe yamanukaga, isi yamurikiwe n'ikuzo rye. Igihe uyu mumarayika yavugaga n'ijwi rirenga ati: "Iraguye! Iraguye, Babuloni ikomeye! Ihindutse icumbi ry'abadayimoni, aharindirwa imyuka mibi yose n'ibisiga byose bihumanye kandi byangwa," umucyo wari umugose wasakaye ahantu hose. Ubutumwa bwo kugwa kwa Babuloni, nk'uko bwavuzwe na marayika wa kabiri, bwasubiwemo kandi hiyongeraho kuvugwa kw'ibibi byagiye byinjira mu matorero guhera mu mwaka wa 1884. Umurimo w'uyu mumarayika uza mu gihe gikwiriye uje kunganira umurimo ukomeye kandi uheruka w'ubutumwa bwa marayika wa gatatu ubwo kwamamazwa kwabo guhinduka

ijwi rirenga. Muri ubwo buryo, ubwoko bw’Imana bwiteguye guhagarara bushikamyeye mu gihe cy’igeragezwa bwari bugiye guhura nacyo bidatinze. Nabonye umucyo ukomeye uza ku bwoko bw’Imana maze bushyira hamwe kugira ngo bwamamaze ubutumwa bwa marayika wa gatatu nta bwoba bufite. [IZ 212.2](#)

Abamarayika boherejwe n’ijuru ngo bajye gufasha wa mumarayika ukomeye, maze numva amajwi yasaga n’ayumvikanira ahantu hose avuga ati: “Bwoko bwanjye, nimuwusohokemo, kugira ngo mwe gufatanya n’ibyaha byawo, mwe guhabwa no ku byago byawo. Kuko ibyaha byawo byarundanyijwe bikagera mu ijuru, kandi Imana yibutse gukiranirwa kwawo.” (Ibyahishuwe 18:5). Ubu butumwa bwabaye inyongera ishizwe ku butumwa bwa marayika wa gatatu, bubwiyungaho ari urusaku rwa mu gicuku rwari rufatanye n’ubutumwa bwa marayika wa kabiri mu mwaka wa 1844. Ikuzo ry’Imana ryari riri ku bihanganye, ari bo bera bari bategereje, maze batanga umuburo uheruka ukomeye bashize amanga, bamamaza ubutumwa bwo kugwa kwa Babuloni kandi bahamagarira ubwoko bw’Imana gusohoka muri Babuloni kugira ngo bubashe kurokoka akaga gateye ubwoba izagira. [IZ 213.1](#)

Umucyo warasiye abo bari bategereje winjiye ahantu hose, maze abantu bari bari mu matorero badafite umucyo na mba, ndetse bakaba batarigeze bumva cyangwa ngo bange ubutumwa bw’abamarayika batatu, bumviye iryo ririka maze bava muri ayo matorero yaguye. Abantu benshi bari barageze igihe cyo kuba babazwa icyo bakoze uhereye igihe ubwo butumwa bwari bwavugiywe, umucyo warabamurikiraga, ndetse bari bafite amahirwe yo kwihitiramo ubugingo cyangwa urupfu. Bamwe bahisemo ubugingo maze bemera guhagararana n’abari bategereje Umwami wabo kandi bakurikiza amategeko ye yose. [IZ 213.2](#)

Ubutumwa bwa gatatu bwagombaga gukora umurimo wabwo; kandi abantu bose bagombaga kubugeragereshwa, kandi ab’agaciro kenshi bagombaga guhamagarirwa gusohoka mu matorero. Uko imbaraga ikomeye yakoresheye indahemuka, ni ko nako ukwigaragaza kw’imbaraga y’Imana kwateraga ubwoba kandi kugakumira abo mu miryango yabo n’incuti zabo batizeraga kugira ngo badahangara cyangwa ngo bagire ubushobozi bwo kubangamira abumvaga Mwuka w’Imana akorera muri bo. Irarika riheruka ryagejewe no ku nkoreragahato z’insuzugurwa, kandi ab’intungane muri zo bateye hejuru baririmba indirimbo z’ibyishimo bitavugwa bitewe n’uko bari barangamiye kubaturwa. Ba shebuja ntibashoboraga kubacekesha kuko ubwoba no gutangara byatumye bamanjirwa. Ibitangaza bikomeye byarakozwe, abarwayi barakizwa, kandi ibimenyetso n’ibitangaza bigakurikira abizera. Imana yari mu murimo, kandi abera bese bakurikizaga ibyo umutimanama wabo ubemeza badatinya ingaruka z’ibyababaho, ndetse bakifatanya n’abakurikizaga amategeko y’Imana yose. Bamamaje hose ubutumwa bwa marayika wa gatatu bafite imbaraga. Nabonye ko ubu butumwa buzasozanywa ububasha n’imbaraga biruta kure urusaku rwa mu gicuku. [IZ 213.3](#)

Abagaragu b’Imana, bari bambitswe imbaraga iturutse mu ijuru, bafite mu maso harabagirana ukwera, bagiye kwamamaza ubutumwa buturutse mu ijuru. Abantu benshi bari batataniye mu madini n’amatorero atandukanye bitabye iryo ririka, kandi abera

bakuwe mu matorero yari agiye kurimbuka nk'uko Loti yasohowe i Sodomu mbere y'uko irimbuka. [IZ 214.1](#)

Ubwoko bw'Imana bwari bukomejwe n'ikuzo ritangaje ryaburangwagaho ari ryinshi cyane, bwateguriwe kwihanganira isaha yo kugeragezwa. Impande zose nahumvise amajwi atabarika y'abavugaga bati: "Aho ni ho kwihangana kw'abera kuri, bitondera amategeko y'Imana bakagira kwizera nk'ukwa Yesu."

Ubutumwa bwa marayika wa gatatu busozwa

Neretswe iby'igihe ubutumwa bwa marayika wa gatatu bwasozwaga. Imbaraga y'Imana yari yaragumye ku bwoko bwayo; bwari bwarasoje umurimo wabwo kandi bwari bwiteguye igihe cyo kugeragezwa cyari kiri imbere yabwo. Bari barakiriye imvura y'itumba, cyangwa ihembura riturutse ku Uwituka, bityo ubuhamya bwabo buzima burahembuka. Umuburo wa nyuma ukomeye wari warumvikanye ahantu hose, kandi wari warakangaranyije ndetse urakaza abatarashatse kwakira ubutumwa. [IZ 214.3](#)

Nabonye abamarayika bakora hirya no hino mu ijuru. Umumarayika wari ufite ihembe ririmo wino ku itako rye yagarutse mu ijuru avuye ku isi, maze amenyesha Yesu ko yarangiye umurimo we, abera babazwe kandi bashyizweho ikimenyetso. Nuko mbona Yesu wakoreraga imbere y'isanduku irimo amategeko cumi, ajugunya urwabya rw'imibavu hasi. Azamura amaboko ye, maze avuga n'ijwi riranga ati: "Birangiye." Maze ubwo Yesu yatangazaga ati: "Ukiranirwa agumye akiranirwe, uwanduye mu mutima agumye yandure, umukiranutsi agumye akiranuke, uwera agumye yezwe," abamarayika bose bakuramo amakamba yabo. [IZ 214.4](#)

Urubanza rwose rwari rwaramaze gufatirwa umwanzuro waba uw'urupfu cyangwa ubugingo. Ubwo Yesu yakoreraga umurimo we mu buturo bwera, urubanza rw'abakiranutsi bapfuye rwarakomezaga maze rugera no bakiranutsi bakiriho. Kristo yari yaramaze guhabwa ubwami bwe, yaramaze guhongerera ubwoko bwe kandi yarahanaguye ibyaha byabo. Abazaragwa ubwami bari bamaze kuboneka. Ubukwe bw'Umwana w'intama bwamaze gutaha. Kandi ubwami, no gukomera k'ubwami bwose bwo muni y'ijuru, bwari bwamaze kwegurirwa Yesu n'abaragwa b'agakiza, kandi Yesu yagombaga kwima akaba Umwami w'abami n'Umutware utwara abatware. [IZ 214.5](#)

Igihe Yesu yari asohotse ahera cyane numvise kujegera kw'inzogera zari ku ikanzu ye, maze ubwo yari agiye, igicu kinini cy'umwijima kibudikira abatuye isi. icyo gihe nta muhuza wari usigaye hagati y'umunyabyaha n'Imana yacumuyeho. Igihe Yesu yari ahagaze hagati y'Imana y'umunyabyaha, hari icyari gikingiye ubwoko bw'Imana; ariko igihe yari avuye hagati y'Imana n'umuntu, cya gikingirizo cyavuyeho maze Satani asigara yitegekera abanze kwihana. Ntabyari gushoboka ko ibyago by'imperuka bisukwa kandi Yesu agikorera mu buturo bwera; ariko ubwo umurimo yahakorera wari urangiye, n'umurimo wo gusabira abantu usojwe, nta cyari kubuza umujinya w'Imana gusukwa maze ucuncumurwa ku mitwe y'abanyabyaha batari bafite aho kwikinga, bari barakerenseje agakiza kandi bakanga gucyahwa. Muri icyo gihe giteye ubwoba, Yesu amaze gusoza umurimo we w'ubuhuza, abera bari imbere y'Imana

badafite umuvugizi. Urubanza rwa buri wese rwari rwamaze gukatwa, uw'agaciro wese yabazwe. Yesu yatinze gato mu rugo rw'ubuturo bwera bwo mu ijuru, maze ibyaha byose byari byaricujijwe igihe Yesu yari akiri ahera cyane bishyirwa kuri Satani, we nkomoko y'icyaha, akaba yaragombaga kugerwaho n'igihano cyabyo. [IZ 215.1](#)

Nabonye Yesu akuramo imyambaro ye y'ubutambyi maze yambara imyambaro ye ikomeye cyane ya cyami. Ku mutwe we hari amakamba menshi agerekeranye. Yavuye mu ijuru azengurutse n'ingabo z'abamarayika benshi. Muri icyo gihe ibyago by'imperuka byagwaga ku batuye isi. Bamwe bivovoteraga Imana kandi bayituka. Abandi bihuriye gusanga ubwoko bw'Imana barabwiringa ngo bubigishe uko barokoka imanza zayo. Ariko abera nta kintu bashoboraga kubamarira. Amarira ya nyuma yo kuririra abanyabyaha yari yarasutswe, kubasabirana umubabaro mwinshi ubuheruka byari byarakozwe, umutwaro wa nyuma warikorewe, kandi umuburo uheruka waratanze. Ijwi ryiza ry'imbabazi ntiriyari ricyongera kubararika. Igihe abera n'abo mu ijuru bose bari bashishikajwe n'agakiza kabo, bo ntibari babitayeho. Urupfu n'ubugingo byari byarashyizwe imbere yabo ngo bahitemo. Benshi bifuje ubugingo, ariko ntibagira umwete wo kubwakira. Ntabwo bahisemo ubugingo, none ubu nta maraso yo kubahongerera ngo yeze icyaha cyabo, nta Mukiza w'umunyampuhwe bari bagifite ngo abingiringire agira ati: "Ihanganire umunyabyaha akandi kanya gato." Abo mu ijuru bose bari bakikije Yesu maze bumva amagambo ateye ubwoba agira ati: "Birarangiyeye!" Inama y'agakiza yari yarasohojwe ariko abantu bake ni bo bari barahisemo kuyemera. Kandi ubwo ijwi ryiza ry'imbabazi ryacecekaga, ubwoba bwinshi cyane bwafashe inkozi z'ibibi. Mu ijwi riteye ubwoba, bumvise amagambo ngo: "Mwaratinze cyane! Mwaratinze cyane!" [IZ 215.2](#)

Abatari barahaye agaciro Ijambo ry'Imana bakubitaga hirya no hino, bava ku nyanja bajya ku yindi, bava mu majyaruguru bajya iburasirazuba, bashakisha Ijambo ry'Imana. Marayika yaravuze ati: "Ntibazaribona. Ku isi hari inzara, ntabwo ari inzara y'ibyokurya, cyangwa inyota yo gushaka amazi, ahubwo ni iyo kumva amagambo y'Uwiteka. Ni iki batajyaga gutanga ngo bumve ijamba rimwe ribabwira ko Imana ibemera! Nyamara ntacyo bari bagitanze, ahubwo bagombaga gukomeza kugira inzara n'inyota. Bagiye bakerensa agakiza uko bukeye n'uko bwije, bagaha agaciro ubutunzi bw'isi n'ibinezeza byayo bakabirutisha ubutunzi bwose n'ingororano byo mu ijuru. Banze Yesu kandi ntibaha agaciro abera be. Uwanduye agomba gukomeza kwandura iteka ryose. [IZ 216.1](#)

Ubwo abanyabyaha bababazwaga n'ibyago b'imperuka, benshi bararakaye cyane. Byari bibabaje cyane biteye ubwoba. Ababyeyi bitakanaga abana babo babarakariye cyane, abana nabo bikaba bityo ku babyeyi bayo, abahungu bitakana bashiki babo ndetse n'abakobwa na basaza babo biba uko. Urusaku rw'imiborogo rwumvikanaga ahantu hose abantu babwirana bati: "Ni wowe wambujije kwakira ukuri kuba kunkijije iki gihe giteye ubwoba." Abantu bahindukiranye abashumba (ababwiriza) babo babarakariye cyane kandi babitakana bavuga bati: "Ntabwo mwatuburiye. Mwatubwiye ko abatuye isi bose bazahinduka, kandi mwateraga hejuru muvuga muti: 'Ni amahoro, ni amahoro!' kugira ngo mutumare ubwoba bwose twagiraga. Ntacyo mwigeze mutubwira cyerekeye iyi saha, kandi n'abatuburiye ibyayo mwavuze ko ari abaka

n’abantu babi, bashobora kuturimbura.” Nabonye ko abagabura batigeze barokoka umujinya w’Imana. Ububabare bwabo bwari bukubye incuro cumi ubw’abo bayoboraga. [IZ 216.2](#)

Igihe cy’akaga

Nabonye abera bava mu mijyi no mu midugudu, bishyira hamwe mu matsinda, maze baragenda bajya kuba ahantu habo bonyine. Abamarayika babazaniye amazi n’ibyokurya mu gihe abanyabyaha bo babaga bari kwicwa n’inzara n’inyota. Hanyuma nabonye abayobozi b’isi bajya inama, kandi Satani n’abamarayika be bari babazengurutse bakora ubudacogora. Nabonye urwandiko, urwo rwandiko rwucapwamo izindi nyinshi maze zikwirakwizwa mu bice bitandukanye by’isi. Rwatangaga amabwiriza avuga ko abera nibatareka imyizerere yabo y’umwihariko, ngo bareke Isabato kandi bubahirize umunsi wa mbere w’icyumweru, nyuma y’igihe runaka abantu bazaba bafite uburenganzira bwo kubica. Ariko muri iki gihe cyo kugeragezwa, abera bari batuje, biringiye Imana kandi bishingikirije ku isezerano ryayo ryavugaga ko bazacirirwa icyanzu cyo gukiriramo. Mbere y’uko iryo tegeko rishyirwa mu bikorwa, mu turere tumwe abanyabyaha bihuriye aho abera bari bashaka kubica, ariko abamarayika bameze nk’ingabo zambariye urugamba barabarwanirira. Satani yifuzaga gutsemba abera b’Isumbabyose ariko Yesu ategeka abamarayika be kubarinda. Imana yashakaga kwihesha ikuzo mu maso y’abanyabyaha bari babagose ibinyujije mu kugirana isezerano n’abari barakurikije amategeko yayo; kandi Yesu nawe yifuzaga kwihesha ikuzo kubwo kwimurira indahemuka mu ijuru, zitigeze zisogongera urupfu, ari bo bantu bategereje kandi bamaze igihe kirekire bamutereje. [IZ 216.3](#)

Bidatinze nabonye abera bafite agahinda kenshi. Basaga n’abakikijwe n’abanyabyaha bose bo ku isi. Bose basaga n’abahagurukiye kubarwanya. Bamwe batangiyeye kugira ubwoba ko Imana yaba yabaretse ngo bagwe mu maboko y’abanyabyaha, ariko iyo amaso yabo ahumuka, baba barabonye ko bakikijwe n’abamarayika b’Imana. Hanyuma yaho haje imbaga y’inkozi z’ibibi zifite umujinya mwinshi, hakurikiraho abamarayika benshi ba Satani basunikaga abanyabyaha ngo bajye kwica abera. Ariko mbere yuko begera ubwoko bw’Imana, aba banyabyaha bagombaga kubanza kunyura kuri rya tsinda rinini ry’abamarayika bera b’Imana kandi bafite imbaraga nyinshi. Nyamara ibyo ntibyajyaga gushoboka. Abamarayika b’Imana batumaga abo banyabyaha basubira inyuma kandi na ba bamarayika ba Satani babasunikaga bakagwa hasi. [IZ 217.1](#)

Yari isaha y’umubabaro uteye ubwoba kandi ukomeye ku bera b’Imana. Amanywa na nijoro batakiraga Imana kugira ngo ibarokore. Ku byagaragariraga amaso, nta makiririro bari bafite. Abanyabyaha bari batangiyeye kubyina intsinzi batera hejuru bati: “Kuki Imana yanyu itabakuye mu maboko yacu? Kuki mutajya mu ijuru ngo mukize amagara yanyu?” Nyamara abera ntibitaye kubyo bababwiraga. Bakiranaga n’Imana nk’uko byagendekeye Yakobo. Abamarayika bifuzaga kubatabara, ariko bagombaga gutegereza akanya gato kuko ubwoko bw’Imana bwagombaga kunywa kuri icyo gikombe kandi bukabatizwa uwo mubatizo. Abamarayika badatezuka ku nshingano yabo bakomeje kubitaho. Ntabwo Imana yari kwemera ko izina ryayo ritukwa mu

bapagani. Igihe cyari kigiye kugera ubwo Imana yari igiye kugaragaza ubushobozi bwayo bukomeye maze ikarokora abera bayo mu buryo bunejeje cyane. Kubw'ikuzo ry'izina ryayo, Imana yari igiye gurokora abantu bose bari barayitegereje bihanganye kandi amazina yabo akaba yari yanditswe mu gitabo cy'ubugingo. [IZ 217.2](#)

Neretswe Nowa wari umukiranutsi. Igihe imvura yagwaga maze umwuzure ukaza, Nowa n'umuryango we bari bamaze kwinjira mu nkuge kandi Imana yari yamaze gukinga. Nowa yari yaraburiye abari batuye isi mbere y'umwuzure akiranutse nubwo bamukwenaga kandi bakamuseka. Igihe imvura yisukaga ku isi maze abantu bakajya barengerwa n'amazi inkurikirane, abantu bitegerezaga ya nkuge bari baragize urw'amenyo, bakabona ireremba hejuru y'amazi ikingiye umukiranutsi Nowa n'umuryango we. Nabonye ko ubwoko bw'Imana bwaburiye abatuye isi bukiranutse bukabamenyeshya iby'umujinya wayo ugiye kuza nabwo buzakorwa mu buryo nk'ubwo. Ntabwo Imana yari kwemera ko inkazi z'ibibi zirimbura abantu bari bategereje guhindurwa bakimurirwa mu ijuru kandi batashoboraga kumvira itegeko ry'inyamaswa cyangwa ngo bashyirweho ikimenyetso cyayo. Nabonye ko iyo abagome bemererwa kwica abera b'Imana, Satani n'abamarayika be ndetse n'abandi bose banga Imana bari kwishima cyane. Mbega uburyo yari kuba intsinzi ikomeye ya Satani iyo mu isaha iheruka y'urugamba Satani anesha abari barategereje kubona Umucunguzi bakundaga! Abantu bagiye baseka igitekerezo cy'uko abera bazazamurwa bazibonera uko Imana yita ku bera bayo kandi bitegereze gucungurwa kwabo guhebuje. [IZ 217.3](#)

Igihe abera bavaga mu mijyi no mu midugudu, bakurikiwe n'inkazi z'ibibi zashakaga kubica. Ariko inkota zari zikuriwe kwica ubwoko bw'Imana zaravunitse maze zigwa hasi nk'ibikenyeri. Abamarayika b'Imana bakingiye abera. Igihe batabazaga ijoro n'amanywa ngo batabarwe, gutaka kwabo kwageze imbere y'Uwiteka.

Gutabarwa kw'abera

Imana yahisemo kurokora ubwoko bwayo igihe igicuku cyari kinishye. Ubwo abagome bariho babakwena babazengurutse, izuba ryarashe mu buryo butunguranye, riracana cyane maze ukwezi kurahagarara. Abanyabyaha bitegereje ibyo bumiwe, naho abera bo bitegereza ibimenyetso byo gucungurwa kwabo bafite ibyishimo bitavugwa. Ibimenyetso n'ibitangaza byakurikiranye byihuta. Ibintu byose byasaga n'ibyavuye kuri gahunda yabyo isanzwe. Imigezi yarekeye aho gutemba. Ibicu bya rukokoma byarazamutse maze birasekurana. Ariko hari hari umwanya umwe urimo ikuzo, ari naho humvikaniye ijwi ry'Imana rivuga nk'amazi menshi asuma, rinyeganyeza ijuru n'isi. Habayeho umutingito w'isi ukomeye cyane. Ibituro birakinguka maze abari barapfuye bose bizeye kubw'ubutumwa bwa marayika wa gatatu, bakaba barubahirizaga Isabato, bava mu bituro byabo bambaye ubwiza kugira ngo bumve isezerano ry'amahoro Imana yari igiye kugirana n'abari barakurikije amategeko yayo. [IZ 218.2](#)

Ijuru rirakinguka rirongera ririkinga kandi hariho kuvurungana kwinshi. Imisozi yanyeganyeze nk'uko urubingo ruhungabanywa n'umuyaga maze ikajugunya ibitare binini ahayizengurutse hose. Inyanja ibira nk'inkono maze ikajugunya amabuye imusozi. Igihe Imana yavugaga umunsi n'isaha byo kugaruka kwa Yesu kandi igaha ubwoko

bwayo isezerano rihoraho, yavuze interuro imwe maze iraceceka ari nabwo amagambo yirangiraga mu isi yose. Ubwoko bw’Imana bwari buhagaze butumbiriye ku ijuru, buteze amatwi ayo magambo igihe yasohokaga mu kanwa ka Yehova maze akirangira mu isi yose nko guhinda kw’inkuba gukomeye. Byari bintu biteye ubwoba cyane. Uko interuro imwe yabaga irangiye, abera bateraga hejuru bati: “Ikuzo ni iryawe! Haleluya!” Mu maso habo hamurikiwe ikuzo ry’Imana maze barabagirana ikuzo nk’uko byagenze ku maso ha Mose igihe yamanukaga ku musozi wa Sinayi. Kubera iryo kuzo, abanyabyaha ntibashoboraga kubareba. Igihe abubashye Imana bubahiriza Isabato yayo yera bahabwaga umugisha utazagira iherezo, habayeho urusaku rukomeye cyane rw’insinzi banesheje inyamaswa n’igishushanyo cyayo. [IZ 218.3](#)

Nuko umunsi mukuru uratangira, ari nabwo igihugu cyagombaga kubona ikiruhuko. Nabonye umuntu wari imbata ikiranuka ahagurukana intsinzi kandi anesheje, maze aca iminyururu yari imuboshye, ari nabwo shebuja wari inkozi y’ibibi yari yaguye mu majune yayobewe icyo yakora; kuko inkozi z’ibibi zitashoboraga kumva amagambo y’ijwi ry’Imana. [IZ 219.1](#)

Bidatinze haza igicu kinini cy’umweru, Umwana w’umuntu acyicayeho. Ubwo icyo gicu cyagaragaraga bwa mbere kiri kure, cyagaragaraga ko ari gito cyane. Marayika yavuze ko ari ikimenyetso cy’Umwana w’umuntu. Uko cyarushagaho kwegera isi, twashoboraga kwitegereza ikuzo rihebuje n’igitinyiro bya Yesu uko yazaga yigira imbere aje kunesha. Itsinda ry’abamarayika bera, bambaye amakamba meza arabagirana ku mitwe yabo bari bashagaye Yesu mu nzira yacagamo. Nta rurimi na rumwe rwashobora gusobanura ubwiza bw’iby byabaga. Igicu cyagaragazaga igitinyiro ndetse n’ikuzo ritagereranywa cyakomezaga kuza kitwegera, maze tubasha kwitegereza neza Yesu mwiza. Ntabwo yari yambaye ikamba ry’amahwa ahubwo ikamba ry’ikuzo no kunesha ni ryo ryari riri mu ruhanga rwe ruzira inenge. Ku myenda ye no ku bibero bye hari izina ryanditsweho ngo: “Umwami w’abami, n’Umutware utwara abatware.” Mu maso he harabagirana nk’izuba ryo ku manywa y’ihangu, amaso ye yasaga n’ibirimi by’umuriro, kandi ibirenge bye byasaga n’umuringa utunganyijwe mu ruganda. Ijwi rye ryumvikanaga nk’uruvange rw’ibyuma byinshi bicurangwa. Isi yahindiye umushyitsi imbere ye, ijuru ryizinga nk’uko bazinga umuzingo w’igitabo, kandi imisozi yose n’ibirwa bikurwa ahabyo. “Abami bo mu isi n’abatware bakomeye n’abatware b’ingabo, n’abatunzi n’ab’ububasha n’imbata zose n’ab’umudendeze bose bihisha mu mavumo no mu bitare byo ku misozi, babwira imisozi n’ibitare bati: “Nimutugweho, muduhishe amaso y’lyicaye kuri iriya ntebe n’umujinya w’Umwana w’Intama, kuko umunsi ukomeye w’umujinya wabo usohoye kandi ni nde ubasha guhagarara adatsinzwe?” Ba bandi mu gihe gito cyari gishize bashakaga kurimbura abana b’Imana b’indahemuka bakabakura ku isi, noneho babonye ikuzo ry’Imana ryari ribariho. Hagati mu bwoba bukomeye bari bafite, bumvise amajwi b’abera baririmbana ibyishimo bati: “Iyi ni yo Mana yacu twagerezaga, ni yo izadukiza.” [IZ 219.2](#)

Igihe Umwana w’Imana yahamagaraga abera basinziriye mu bituro, isi yahinze umushyitsi ukomeye. Abera bitabye iryo hamagara maze basohoka mu bituro bambaye kudapfa, barangurura bavuga bati: “Urupfu rumizwe no kunesha! Wa rupfu we, kunesha kwawe kuri he? Wa rupfu we, urubori rwawe ruri he?” Nuko abera bari bakiri bazima

hamwe n’abo bazutse batera hejuru bavuga amajwi ahanitse yo kunesha. Ya mibiri yari yaragiye mu gituro iriho ibimenyetso by’indwara n’urupfu noneho yavuyemo ifite ubugingo n’imbaraga byahawe kudapfa. Abera bari bakiri bazima bahindurwa mu kanya gato, ndetse mu kanya nk’ako guhumbya maze bazamuranwa n’abazutse, bajyana gusanganira Umwami mu kirere. Mbega ukuntu uko guhura kwari guhebuje! Incuti zari zaratandukanyijwe n’urupfu zongera guhura ubutazatandukana ukundi. [IZ 219.3](#)

Kuri buri ruhande rwose rw’igare ry’igicu hari amababa kandi muni yacyo hari inziga. Uko iryo gare ryikaragaga rizamuka, izo nziga zarangururaga zivuga ziti: “Urera,” maze amababa nayo uko aguruka akarangurura ati: “Urera,” kandi na ya mbaga y’abamarayika bakikije cya gicu bagishagaye nabo bakarangurura bati: “Urera, urera, urera, Mwami Imana Ishoborabyose!” Maze n’abera bari muri cya gicu nabo bakikiriza bati: “Habwa ikuzo! Haleluya!” Nuko rya gare rikomeza kuzamuka rigana mu Rurembo Rwera. Mbere yuko binjira muri urwo rurembo, abera bagiye ku mirongo igororotse ikoze mpande enye zingana, Yesu ari hagati yabo. Yari muremure ahagaze umutwe n’intugu bye bisumba abera ndetse n’abamarayika. Igihagararo cye gitinyitse no mu maso he h’igikundi byabashaga kubonwa n’abari kuri iyo mirongo bose. [IZ 220.1](#)

Ingororano y’abera

Nuko mbona umubare munini w’abamarayika bakuye amakamba arabagirana muri urwo rurembo — uwera wese yagenewe ikamba rye ryanditsweho izina rye. Igihe Yesu yahamagazaga ya makamaba, abamarayika barayamuzaniye, maze Yesu mwiza akoresha ukuboko kwe kw’iburyo atangira kwambika abera ya makamba. Nuko abamarayika bazana inanga nk’uko bazanye ya makamba maze Yesu aziha abera bose. Umumarayika wari uyoboye atangira gucuranga maze amajwi yose bayahanika basingizanya umunezero kandi bashima, kandi buri wese yacuranganaga imirya y’inanga ubuhanga, maze humvikana urusobe rw’amajwi aryoheye amatwi kandi atunganye rwose. [IZ 220.2](#)

Maze mbona Yesu ayoboye abacunguwe aberekeza ku marembo y’umurwa. Yesu yakoze ku rugi maze rukinguka rwikaraga ku mapata yarwo arabagirana, nuko asaba ishyanga ryakurikije ukuri kwinjira. Muri uwo murwa hari harimo ibintu byose binyuze amaso. Ahantu hose bahabonaga ikuzo ritangaje. Nuko Yesu yitegereza abera yacunguwe; mu maso habo harabagirana ikuzo; maze ubwo yakomeza kubitegereza, avuga n’ijwi ryiza rigororotse ati: “Ndabona umurimo w’ubugingo bwanjye, none ndanyuzwe. Iri kuzo rihebuje ni iryanyu ngo muryishimire iteka ryose. Imibabaro yanyu irarangiyeye. Urupfu ntiruzabaho ukundi, nta gahinda, nta gutaka cyangwa kuribwa bizongera kubaho.” Nabonye abacunguwe bose bunama barambika amakamba yabo arabagirana ku birenge bya Yesu. Ubwo ikiganza cye cyuje urukundo cyongeraga kubahangurutsa, bafashe inanga zabo z’izahabu maze ijuru ryose barwuzuzwa umuziki wabo mwiza n’indirimo zo gusingiza Umwana w’Intama. [IZ 220.3](#)

Nuko nyuma yaho mbona Yesu ajyanye ubwoko bwe ku giti cy’ubugingo, maze twongera kumva ijwi rye ryiza cyane riruta indirimo zose zigeze kumvwa n’abantu bapfa, aravuga ati: “Ibibabi by’iki giti ni ibyo gukiza amahanga. Mwese nimuryeho.” Ku

giti cy'ubugingo hariho imbuto nziza bihebuje, kandi abera bashoboraga kuziryaho uko bashaka. Muri uwo murwa harimo intebe nziza cyane ya cyami kandi muri yo haturukaga uruzi rw'urubogobogo rw'amazi y'ubugingo, rubengerana nk'isarabwayi. Ku nkombe zose z'urwo ruzi hari igiti cy'ubugingo, kandi ku nkunka z'urwo ruzi hari ibindi biti byiza cyane biribwa. [IZ 220.4](#)

Nta rurimi rwabasha gusobanura uko mu ijuru hameze. Iyo ntekereje kuri ibi byose, ndatangara. Kubera gutwarwa n'ubwo bwiza buhebuje n'ikuzo ritavugwa, ndambika ikaramu hasi maze nkarangurura ijwi ngira nti: "Mbega urukundo! Mbega urukundo rutangaje!" Ururimi ruhebuje izindi ntirwashobora gusobanura ikuzo ry'ijuru cyangwa uburebure butagereranywa bw'urukundo rw'Umukiza.

Isi ihinduka umusaka

Ibitekerezo byanjye byongeye kwerekera ku isi. Abanyabyaha bose bari bamaze kurimburwa, kandi intumbi zabo zari zirambaraye ku butaka. Uburakari bw'Imana bwagaragaye mu gusukwa kw'ibyago birindwi by'imperuka. Uburakari bw'Imana bwari bwaragaragariye mu byago birindwi by'imperuka bwari bwarageze ku batuye isi, bituma bahekenya indimi zabo bitewe n'uburibwe kandi bavuma Imana. Uburakari bw'Imana bwari bwibasiye cyane abashumba b'abanyabinyoma. Amaso yabo yashiririye mu bihenehene byayo, kandi indimi zabo nazo zishira mu kanwa kabo bagihagaze. Ubwo abera bari bamaze kurokorwa n'ijwi ry'Imana, ya mbaga y'abanyabibi yarahindukiranye maze buri wese yibasira mugenzi we. Isi yasaga n'iyarengewe n'imivu y'amaraso, kandi intumbi zari zinyanyagiye ku isi uvuye ku mpera yayo ukagera ku yindi. [IZ 221.2](#)

Isi yari imeze nk'ubutayu. Imijyi n'imidugudu yari yarituwe n'umutingito, yari yararitswe hasi yabaye ibirundo. Imisozi yari yakuwe ahayo, maze ihasiga ubuvumo bunini. Ibitare binini byajugunywe n'inyanja, cyangwa se ibyajugunywe n'isi ubwayo, byari binyanyagiye ku butaka hose. Ibiti by'inganzamarumbo nabyo byari byarandutse binyanyagiye hirya no hino. Ahantu hameze hatyo ni ho Satani n'abamarayika be bagombaga gutura mu gihe cy'imyaka ibihumbi. Aho ni ho azaba abohewe, azerera hirya no hino ku isi yabaye igiharabuge, kandi yitegereza ingaruka zo kugomera amategeko y'Imana kwe. Mu gihe cy'imyaka igihumbi, Satani azasarura imbuto z'umuvumo yateje isi. Kubera ko azaba abohewe ku isi wenyine, nta burenganzira azagira bwo kugera ku yindi mibumbe kugira ngo ajye gushuka no kubuza amahoro abatarigeze bacumura. Muri icyo gihe cy'imyaka igihumbi, Satani azababazwa bikomeye. Kuva yacumura ntiyigeze ahagarika kwangiza. Nyamara icyo gihe azaba yambuwe ububasha bwe, asigare yibaza ku byo yakoze kuva yacumura, kandi ahinde umushyitsi, afite n'ubwoba ategereje ahazaza he hazaba hashishana, ubwo azaba agomba kubabazwa kubera ibibi byose yakoze kandi agahanirwa ibyaha byose byakozwe kubera we. [IZ 221.3](#)

Numva abamarayika n'abera bacunguwe baririmba intsinzi, kandi amajwi yabo yavugaga nk'ay'ibyuma bicurangwa bigera ku bihumbi cumi, kuko batari kuzongera kubuzwa amahoro no gushukwa na Satani, kandi byari binatewe n'uko abatuye ku yindi mibumbe bari bamukize kandi bakize n'ibishuko bye. [IZ 222.1](#)

Hanyuma mbona intebe z'ubwami, kandi Yesu n'abera bacunguwe bazicayeho; maze abera barima baba abami n'abatambyi b'Imana. Kristo afatanya n'ubwoko bwe maze bacira imanza abanyabyaha bapfuye, bagereranya ibikorwa byabo n'ibyangitswe mu gitabo, kandi bagafata umwanzuro kuri buri wese hakurikijwe ibyo yakoze akiri muzima. Umunyabyaha wese yagenerwaga igihano agomba kuzahanishwa hakurikijwe ibyo yakoze; maze kikandikwa imbere y'izina rye mu gitabo cy'urupfu. Satani n'abamarayika be nabo baciriwe urubanza na Yesu hamwe n'abera. Igihano cya Satani cyagombaga kuba gikomeye cyane kurenza icy'abo yari yarayobeje. Umubabaro we wagombaga gusumba kure uwabo mu buryo butagereranywa. Abo yari yarayobeje bose bamaze kurimbuka, Satani yagombaga gukomeza kubaho ababazwa igihe kirekire. [IZ 222.2](#)

Ku iherezo ry'imyaka igihumbi, Imanza z'abanyabyaha bapfuye zirangiye, Yesu yavuye mu murwa, maze abera n'ingabo z'abamarayika batonze umurongo baramukurikira. Yesu amanukira ku musozi munini, maze akiwukozaho ibirenge urasatagurika nuko uhinduka ikibaya kinini. Hanyuma twubura amaso maze tubona umurwa munini kandi mwiza cyane, wari ufite imfatiro cumi n'ebiyiri n'amaremba cumi n'abiri, kuri buri ruhande hari amaremba atatu kandi kuri buri rembo hari umumarayika. Twararanguruye tuti: "Umurwa! umurwa ukomeye! Nguwo uramanutse uvuye mu ijuru ku Mana!" Umanuka mu bwiza bwawo bwose n'ikuzo ryawo rirabagirana maze uhagarara muri cya kibaya kinini Yesu yawuteguriye. [IZ 222.3](#)

Umuzuko wa kabiri

Hanyuma Yesu hamwe n'itsinda ry'abamarayika bera ndetse n'abera bose bacunguwe basohoka muri wa murwa. Abamarayika bakikiza Umugaba wabo bamushagara mu nzira yanyuragamo, maze imbaga y'abera bacunguwe nabo bakurikiraho. Hanyuma n'igitinyiro cyinshi, Yesu ahamagara abanyabyaha bose bapfuye; maze bazukana ya mibiri ifite intege nke kandi irwaragura bajyanye mu bituro. Mbega igitangaza! Mbega uko byari bimeze! Abazutse ku muzuko wa mbera bose bazutse bafite umubiri wambaye kudapfa; ariko abazutse ku muzuko wa kabiri bose bari bariho ibimenyetso by'umuvumo. Abami n'abatware bo ku isi, abakomeye n'aboroheje, abize n'abatarize, bose bahagurukiye icyarimwe. Bose bitegereza Umwana w'umuntu; kandi ba bantu bose bamusuzuguye bakamukwena, ba bandi batamirije ikamba ry'amahwa mu ruhanga rwe rwera ndetse bakamukubira urubingo, bamubonye afite igitinyiro cye cya cyami. Abamuciye amacandwe igihe yacirwaga urubanza noneho bahunze ijisho rye ryari rityaye bahunga n'ikuzo ryo mu maso he. Abamuteye imisumari mu biganza no mu birenge bye noneho bitegereje inkovu yatewe no kumubamba. Abamuteye icumu mu rubavu nabo bitegereje inkovu zaturutse ku bugome bukaze bagiriye umubiri we. Bamenya ko ari wa wundi babambye kandi bakamukwena igihe yasambaga. Nuko humvikana umuborogo utewe n'umubabaro ukomeye ubwo bahungaga ngo bajye kwihisha Umwami w'abami, n'Umutware utwara abatware. [IZ 222.4](#)

Bose bashakaga aho bihisha mu bitare kugira ngo bikingire ikuzo rihebuje ry'uwo basuzuguye. Nuko bahinduwe ubusa kandi bababajwe n'igitinyiro cye n'ikuzo rye rihebuje, baterera hejuru icyarimwe baravuga bati: "Hahirwa uje mu izina ry'Uhoraho!" [IZ 223.1](#)

Yesu n'abamarayika bera baherekejwe n'abera bose basubira mu murwa, maze amaganya n'imiborogo by'abanyabyaha bisakara ikirere. Nuko mbona Satani yongera gutangira umurimo we. Yazengurutse mu bambari be bose, maze aha imbaraga abanyantege nke kandi ababwira ko we n'abamarayika be bafite imbaraga nyinshi. Yerekana abantu miliyoni zitabarika bari bazutse. Muri bo harimo intwari zikomeye cyane n'abami bari bafite ubuhanga mu bijyanye n'urugamba kandi bari baranesheje ubwami bwinshi. Harimo ibihanda bikaze n'abarwanyo bakomeye cyane batigeze batsindwa na rimwe ku rugamba. Harimo Napolewo wishyiraga hejuru kandi wagiraga ingamba nyinshi, kandi imigambi ye igahindisha umushyitsi ingoma n'abami. Hari hahagaze abantu b'ibihanda bafite igihagararo gitinyitse bari baraguye ku rugamba bafite inyota yo gutsinda. Ubwo bavaga mu bituro byabo, basubukuriye ibitekerezo byabo aho byari byarahagarariye igihe bapfaga. Bari bafite inyota yo kunesha nk'iyi bari bafite igihe bapfaga. Satani ajya inama n'abamarayika be, maze akurikizaho ba bami n'abarwanyo bakomeye ndetse n'abanyambaraga. Yitegereza izo ngabo zitabarika, maze azibwira ko itsinda ry'abari muri wa murwa ari rito ndetse ridafite imbaraga, kandi ko bashobora kuzamuka bakawufata, bakavanamo abawutuye bose maze bakigarurira ubutunzi n'ubwiza bwawo. [IZ 223.2](#)

Nuko Satani agera ku mugambi we wo kubashuka, maze ako kanya bose batangira kwitegura urugamba. Muri izo ngabo zitabarika harimo abagabo benshi b'abahanga, maze batangira kubaka ibikoresho by'intambara by'amoko yose. Maze ya mbaga y'ingabo zirangajwe imbere na Satani zifata inzira. Abami n'abarwanyo bakomeye bakurikira Satani bamuri hafi, maze imbaga y'ingabo nyinshi zikoze amatsinda ikurikiraho. Buri tsinda ryari rifite umuyobozi waryo. Muri urwo rugendo banyura ku isi yabaye umusaka berekeje ku Murwa Wera, bagendaga kuri gahunda inoze. Yesu akinga amarembo y'uwo murwa maze izo ngabo zitabarika zirawugota, zishyira kuri gahunda kuko ziteguraga urugamba rukomeye cyane. Maze Yesu n'ingabo zose z'abamarayika hamwe n'abera bose bambaye amakamba arabagirana ku mitwe yabo barazamuka bajya hejuru ku nkuta z'uwo murwa. Yesu avugana icyubahiro gikomeye cyane ati: "Yemwe banyabyaha, nimwitegereze ingororano y'abakiranutsi! Namwe abo nacunguye, nimurebe ingororano y'abanyabyaha!" Za ngabo zitabarika zigose umurwa zitegereza imbaga irabagirana ikuzo y'abari ku nkuta z'umurwa. Ubwo bitegerezaga ubwiza buhebuje bw'amakamba yabo arabagirana ndetse no mu maso habo arabagirana ikuzo hakagaragara ishusho ya Yesu, kandi bakitegereza ikuzo ritagereranywa n'igitinyiro by'Umwami w'abami n'Umutware w'abatware, ubutwari bwabo bwarashize. Bahise batekereza ubutunzi n'ikuzo babuze maze babona ko ibihembo by'ibyaha ari urupfu. Nuko bitegereza itsinda rinezereye ry'abera bagiye basuzugura, babona bambaye ikuzo, icyubahiro, kudapfa ndetse n'ubugingo buhoraho, mu gihe bo bari inyuma y'umurwa bari kumwe n'ibizira byose kandi byangwa.

Urupfu rwa kabiri

Satani yihutira hagati y'abayoboke be maze agerageza gukangurira iyo mbaga kugira icyo ikora. Ariko umuriro uturutse mu ijuru ku Mana urabamanukira amaze abakomeye n'abanyambaraga, abanyacyubahiro, abakire n'abakene bose urabakongora. Nabonye ko bamwe bakongotse mu kanya gato cyane bagashira naho abandi bababazwa umwanya muremure. Bahanwe hakurikijwe ibyo bakoze bakiri bazima. Bamwe bamaze iminsi myinshi bakongoka, kandi uko habaga hakiriho igice gisigaye kitarashya ni ko bakomezaga kubabara. Marayika yaravuze ati: "Urunyo rw'ubugingo ntiruzapfa; umuriro wabo ntuzazimywa hakiriho n'agace gato cyane kagomba gukongoka." [IZ 224.1](#)

Satani n'abamarayika be bababajwe igihe kirekire. Ntabwo Satani yagezweho n'uburemere n'igihano cy'ibyaha bye gusa, ahubwo yashyizweho n'ibyaha by'abacunguwe bose; kandi agomba no kubabazwa kubera kurimbuka k'ubugingo yateje. Nabonye Satani hamwe n'abanyabyaha bose bakongoka, maze ubutabera bw'Imana buba burubahirijwe. Maze abamarayika bose n'abera bose bacunguwe bavuga n'ijwi riranga bati: "Amena!" [IZ 224.2](#)

Marayika yaravuze ati: "Satani ni umuzi, naho abana be ni amashami. Noneho umuzi n'amashami byose birakongotse. Bapfuye urupfu rw'iteka ryose. Ntibazigera bazuka, kandi Imana izagira isanzure ritunganye." Naritegereje maze mbona umuriro wari wakongoye abanyabyaha, wagurumanaga utwika imyanda yose kandi ukeza isi. Nongeye kwitegereza maze mbona isi yejejwe. Nta kimenyetso na kimwe cy'umuvumo cyayirangwagaho. Ibihanamanga byo ku isi noneho byari byahindutse ikibaya kigari kiringaniye. Isanzure ryose Imana yaremye ryari ryatunganyijwe, kandi intambara ikomeye yari irangiye burundu. Aho twitegerezagaga hose ndetse n'ikintu cyose twagezagaho amaso, cyari cyiza cyane kandi cyera. Maze abacunguwe bose; abakuru n'abato, abakomeye n'aboroheje, barambika amakamba yabo ku birenge by'Umucunguzi wabo, maze bicisha bugufi imbere ye bamuramya, kandi baramya Ihorahe iteka ryose. Isi nshya nziza cyane, n'ubwiza bwayo bwose, byari umurage w'abera iteka ryose. Maze ubwami n'ubutware no gukomera k'ubwami bwo muni y'ijuru bihabwa abera b'Isumbabyose, biba ibyabo iteka ryose.
